INAMA ZIGIRWA ITORERO

IGITABO CYA MBERE

Ellen G. White

SENTINEL PUBLISHING ASSOCIATION

Rosemead Avenue, Kenilworth, Cape Town

Counsels for the Church, Part 1 – Kinyarwanda

Reviewed in 1998
Rwanda Union Mission

IBIRIMO

Interuro

Kwitegura Gusanganira Kristo

Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi bose bategereje cyane n'ubwuzu bwinshi igihe Yesu azaza kubajyana iwabo heza aho yagiye kubategurira. Muri ayo mazu yo mu ijuru ntihazongera kuba icyaha, nta mibabaro, nta nzara. nta bukene, nta ndwara, kandi nta rupfu. Ubwo intumwa Yohana yitegerezaga amahirwe abizera bategereje ntiyabashije kubona uko yabivuga, ahubwo aravuga ati "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze rwatumye twitwa abana b'Imana... Ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Icyakora, icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa na we." 1 Yohana 3:1,2.

Gusa na Yesu mu ngeso ni yo migambi Imana ifitiye ubwoko bwayo. Uhereye mu itangiriro yari inama y'Imana ngo abakomoka ku muntu. yaremye ku ishusho yayo barusheho kugira ingeso z'Imana. Kugira ngo ibyo bisohore, ababyeyi bacu ba mbere ubwo bari mu Edeni bigishwaga na Kristo n'abamarayika bakavugana bahanganye amaso. Ariko umuntu amaze gukora icyaha ntiyongeye kuvugana n'abo mu ijuru barebana muri ubwo buryo.

Kugira ngo umuntu atabura umuyobora, Imana yatoranyije ubundi buryo bwo guhishurira ubwoko bwayo imigambi yayo... iyinyujije mu bahanuzi... Abagabo n'abagore bashyira abantu ubutumwa yabahaye kujyana. Imana yasobanuriye Abisirayeli iti "Niba muri mwe hazabamo umuhanuzi, mu iyerekwa ni ho Uwiteka nzamwimimenyeshereza, mu nzozi ni ho nzavuganira na we. "Kubara 12:6.

Imigambi y'Imana ni uko ubwoko bwayo bukwiriye kubwirwa no kumurikirwa ngo bekumenya no gusobanukirwa iby'ibihe bagezemo gusa, ahubwo bamenye n'ibigiye kuzazana byo," Ni ukuri, Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo," (Amosi 3:7).

Ibi bigaragaza itandukaniro ry'abantu b'Imana, ari bo bana b'umucyo", (1 Abatesalonike 5:5) n'abantu b'isi.

Umurimo w’umuhanuzi uvuga byinshi biruta iby’ubuhanuzi bw’igihe kizaza. Mose umuhanuzi w'Imana wanditse ibitabo bitandatu byo muri Bibliya yanditsemo bikeya cyane byerekeye igihe kizaza.

IBIBANZA

Umurimo we usobanurwa na Hoseya mu buryo burushijeho kumvikana. ati “Uwiteka yavanye Isirayeli mu Egiputa abitegetse umuhanuzi, kandi umuhanuzi ni we wamurindaga.” (Hoseya 132:13).

Umuhanuzi si umuntu utorwa na bagenzi be. cyangwa ngo yitore. Gutoranyiriza umuntu kuba umuhanuzi ni iby’Imana ubwayo, ni yo yonyine ibasha kureba no kumenya umutima w'umuntu. Dusanga ko hari impamvu ikomeye yatumye Imana itora abagabo igatora n'abagore ibihe bitari bimwe ngo bayivugire muri iyo myaka yose y’igitekerezo cy’ubwoko bwayo.

Abo bahanuzi. abo bagabo n’abo bagore batoranyijwe n'Imana kugira ngo babe umuyoboro wo kuvugiramo, baravuze kandi bandika iby’Imana yabahishuriye mu iyerekwa ryera. Ijambo ryiza ry'Imana ririmo ubutumwa bwabo. Muri abo bahanuzi ni ho umuryango w'abantu wabashishijwe kumenya iby'intambara ikomeza kwiyongera yo mu mitima y’abantu, ari yo ntambara iri hagati ya Kristo n'abamarayika be na Satani n’abamarayika be. Tumenyeshwa iby'iyi ntambara mu minsi y’imperuka y’isi, n’iby’uburyo bwaringanijwe n'Imana bwo kurinda umurimo wayo no gutunganya ingeso z’abazaba bari mu mutwe w’abagabo n'abagore bategereje gusanganira Umwami wabo.

Intumwa, ari zo banditsi baheruka ba Bibliya, zaduhaye ishusho igaragara neza y’ibizaba mu minsi y’imperuka. Pawulo yavuze iby’ibihe birushya,” na Petero aburira abantu iby'abakobanyi bakobana, bakurikiza irari ryabo, bavuga bati “Isezerano rye ryo kuza kwe riri he?” Itorero ryo muri iki gihe rikwiye kurwana intambara kuko Yohana yabonye Salani “ajya kurwanya abasigaye.”

Abo banditsi ba Bibliya babonye ko yari inama y’Imana yo gutanga umucyo unyujije iyawo nzira no gufasha ubwoko bwayo Kristo ataraza.

Pawulo avuga ko itorero ritegereje ryitegura kuza kwa Kristo... ari ryo Torero ry’Abadivantisiti-ntirizabura impano yose (l Abakorinto 1:7,8). Ribasha gufatanya, rigashyika, rigaheshwa umugisha n’ubuyobozi bwiza kandi n’impano y'Umwuka w’ubuhanuzi, kuko muri ryo habasha kuboneka intumwa, abahanuzi, ababwirizabutumwa, abungeri n’abigisha. (Abefeso 4:11).

Intumwa Yohana avuga ko abakristo bo mu itorero riheruka, “Itorero ryasigaye”, ari bo “bakomeza amategeko y’Imana” (Ibyahishuwe 12:17) bityo abita itorero rikomeza amategeko. Iryo torero ryasigaye rizagira kandi “guhamya kwa Yesu” ari ko “mwuka w'ubuhanuzi.” (Ibyahishuwe 19:10).

Birumvikana neza noneho ko mu nama y’Imana, itorero ry’Abadibantisiti b’Umunsi wa Karindwi, ari ryo torero ry’ubuhanuzi, ryajyaga kugira Umwuka w’ubuhanuzi mu gihe ritangiye kubaho. Ni ikintu gikwiriye rwose ko Imana ivugana n'ubwoko bwayo mu minsi y’imperuka, ubwo intambara yiyongera cyane, kandi ibihe bikaba biruhije, nk’uko yavuganaga n'ubwoko bwayo mu minsi y’imperuka, ubwo intambara yiyongera cyane. kandi ibihe bikaba biruhije, nk'uko yavuganaga n’ubwoko bwayo mu bihe by’akaga muri iyo myaka yakera amagana menshi ashize.

Kandi igihe iri torero ry’ubuhanuzi, ari ryo torero ry’Abadivantisiti b’Umunsi wa Karindwi, ryatangiraga kubaho mu gihe cyavuzwe n’ubuhanuzi mu myaka isaga ijana ho hato ishize, ijwi ryumvikanye muri twe rivuga riti “Imana yanyerekeye mu iyerekwa ryera.”

Ayo ntiyari amagambo yo kwirata, ahubwo yari amagabo y’umukobwa w’inkumi, wari ufite imyaka cumi nindwi y’ubukuru wari uhamagariwe gukorera Imana. Iryo jwi ryumvikanye muri twe rimara imyaka mirongo irindwi rikora umurimo wo gukiranuka, riyobora, rihana, ryigisha. Kandi iryo jwi riracyumvikana muri iki gihe rivugira mu mpapuro ibihumbi zatugezeho zituruka ku ikaramu itananirwa y'intumwa y'Imana yatoranijwe, ari yo Madame E.G. White.

Iyerekwa Ryerekeye Intambara Ikomeye Ya Kristo na Satani

Inzu ntoya y'ishuri yari mu mudugudu mu ruhande rw'iburasirazuba bw'Amerika yari yuzuyeme abagabo n'abagore ku gicamunsi cy'umunsi wambere. mu kwezi kwa gatatu kugeza hagati mu mwaka 1858, ubwo bari bateraniye kubwirizwa. Umukambwe James White yahambishaga umuhungu w'umusore, abwiriza ikibwizwa cyo guhamba. Igihe yari arangije kubwiriza, Madame E.G. White, yahatiwe kuvuga amagambo makeya abwira ababorogaga. Arahaguruka ahagararira kubirenge bye, avuga amagambo idakika imwe cyangwa ebyiri maze hanyuma amara akanya acecetse. Abantu baramutumbira bategereza kumva amagambo akurikiyeho amuva mu kanwa. Barikanga bumvise avuze cyane gatatu kandi arushaho kwagura ijwi ngo "Imana ihimbazwe!" Ubwo Madame White yari mu iyerekwa.

Umukambwe White abwira abantu i by'iyerekwa rindi Madame White yigeze kwerekwa. Abasobanurira iby'iyerekwa yabonye uhereye igihe yari akiri inkumi ifite imyaka cumi n'irindwi. Ababwira ko nubwo amaso ye yari akanuye, kandi asa naho yari atumbiriye ikintu kiri kure ho hato, yari atazi aho ari rwose kandi nta cyo yari azi cy'ibihakorwa byose. Avuga amagambo yanditswe mu Kubara 24.4,15 aho dusoma iby'umuntu "wumva amagambo y'Imana, akamenya ubwenge bw'Isumba byose, uwerekwa Ishobora byose, uwikubita hasi akagira amaso areba."

Yasobanuriye abo bantu ko adahumeka igihe ari mu iyerekwa maze abumbura muri Daniyeli 10:17 asoma ibyabaye kuri Daniyeli ari mu iyerekwa. Yaravuze ati "Kuko nta ntege ngifite, kandi ntagihumeka neza." Hanyuma Umukambwe White ahamagarira ababishaka kuza gusuzuma Madame White igihe yari mu iyerekwa. Yahoraga yemerera abashaka kumureba, kandi byari kumunezeza iyo hagira umuvuzi uboneka akamusuzuma ari mu iyerekwa.

Igihe abantu bari bamwegereye, babashije kubona Madame White adahumeka, nyamara umutima ugakomeza gutera neza kandi uruhu rwo ku matama ye rwari nk'uko yari asanzwe amaze. Bazanye indorerwamo bayifatira ku maso ye, ariko nta cyuya cyayijeho. Hanyuma bazana itabaza bararikongeza maze barifatira ku mazuru no ku munwa we. Ariko icyo kirimi cy'umuriro gihagarara neza, nticyanyeganyega. Abantu bamenya ko adahumeka. Agendagenda mu cyumba, akerekanisha

amaboko ye neza avuga atangarira ibyo yerekwa. Yabanje kubura intege nka Daniyeli, hanyuma ahabwa imbaraga z'indengakamere. Reba Daniyeli 10;7,8,18,19.

Madame White yamaze amasaha abiri mu iyerekwa. Yamaze amasaha abiri atararuhuka na rimwe. Nuko inzozi zirangiye, ahumeka umwuka mwinshi arorera nk’idakika imwe arongera arahumeka, bidatinze akomeza guhumeka uko bisanzwe. Muri icyo gihe atangira kumenya abari aho, agarura akenge, amenya ibyamubayeho.

Umuntu wahoraga abona Madame White ari mu iyerekwa ni Madame Marita Amadon, uvuga aya magambo akurikiyeho, ati: “Igihe yerekwaga amaso ye yararebaga. Ntiyahumekaga ariko yazamuraga intugu neza akanyeganyeza amaboko n’ibiganza afite ubwenge bumenya ibyo areba. Ntibyashobokeraga umuntu uwo ari we wese kumunyeganyereza amaboko cyangwa ibiganza. Kenshi yavugaga amagambo wenyine, ubundi akavuga amagambo abwira abamuzengutse yerekeye, ibyo yerekwa,ari ibyo mu ijuru cyangwa mu isi.

“Ijambo rya mbere yavugaga ari mu iyerekwa ryari ‘Ubwiza’ ukabanza kuryumvira hafi, maze; hanyuma agakomeza kuzika agenda asa n’urikure. Iryo jambo rimwe na rimwe yarisubiragamo....

Igihe yabaga agiye mu iyerekwa ababaga bari aho ntibikangaga; nta kintu cyateraga ubwoba. Ahubwo cyabaga ikintu cyo kurebwa cyubashywe gituje...

Igihe iyerekwa ryashiraga, maze akabura umucyo wo mu ijuru uko wari uri, akongera akagaruka ku isi rimwe, yatakaga cyane asuhuza umutima umwanya munini yahumeka bwa mbere uko bisanzwe ati “U-M-W-I-J-I-M-A”. Hanyuma agatentebuka kandi akabura intege.

Ariko dukwiriye gusubira ku gitekerezo cyacu cy’iyerekwa ryamaze amasaha abiri mu nzu y'ishuri. Hanyuma Madame White yanditse iby’iryo yerekwa ati:

“Byinshi cyane mu byo nari nareretswe mu myaka cumi byerekeye intambara ikomeye y'ingoma hagati ya Kristo na Satani, norigeye kubyerekwa, maze mbwirwa kubyandika.”

Mu iyerekwa byasaga kuri we n'aho yari umuhamya w'ibyo yamenyeshejwe. Bwa mbere yasaga n'uri mu ijuru, maze areba iby'icyaha no kugwa kwa Lusiferi. Hanyuma areba ibyo kuremwa kw'isi kandi abona ababyeyi bacu ba mbere bari mu rugo rwabo rwo muri Edeni. Yababonye bemera ibishuko inzoka yabashutse maze birukanwa mu murima wari urugo rwabo. Igitekerezo cya Bibiliya cyanyujijwe imbere ye gikurikirana vuba vuba.

Yabonye ibyabaye kubakurambere n'abahanuzi b'Abisirayeli. Nuko abona imibereho n'urupfu by' Umukiza wacu Yesu Kristo, no kujya mu ijuru kwe aho yakoze umurimo wo kutubera umutambyi Mukuru uhereye icyo gihe. Hanyuma y'ibyo abona abigishwa bajya kwamamaza ubutumwa babugeza ku mpera z'isi. Mbega uko ibyo byakurikiwe n'ubuhakanyi hanyuma hakabaho igihe cy'umwijima! Hanyuma abonera mu iyerekwa iby'ubugorozi. bw'abagabo n'abagore b'abanyangeso nziza babuze ubugingo bwabo barwanirira ukuri. Yeretswe iby'urubanza rwatangiye mu mwaka 1844 kugeza mu gihe cyacu, nuko hanyuma ajyanwa mu by'igihe kizaza, abona kuza kwa Kristo aziye mu bicu byo mu ijuru. Yabonye ibyimyaka igihumbi n'iby'isi yagizwe nshya.

Ibyo bintu by'ukuri Madame White yeretswe, amaze kugaruka iwe yatangiye kwandika ibyo yabonye n'ibyo yumviye mu iyerekwa. Hashize nk'amezi atandatu agatabo gato k'impapuro 219 kava mu icapiro kitwa ***The Great Controversy Between Christ and His Angels, and Satan and His angels.*** (Intambara Ikomeye ya Kristo n'abamarayika be na Satani n'abamarayika be.)

Ako gatabo gato kakiranywe ishyushyu kuko kasobanuraga mu kuri cyane ibintu bizaba biri imbere y'itorero kandi kagahishura inama za Satani n'uburyo azagerageza kuyobya itorero n'isi mu ntambara iheruka y'isi. Abadivantisiti barishimye cyane kuko Imana yavuganaga na bo muri iyi minsi y'mperuka mu Mwuka w'ubuhanuzi, nk'uko yari yarabisezeranye rwose ko izangenza ityo.

Amakuru y'intambara ikomeye yanditswe mu magambo ahiniye bugufi cyane muri aka gatabo gato ka Speritual Gifts (Impano z'Umwuka) yaje kwandikwa hayuma mu mugabane uheruka wa Early Writings (Inyandiko za Mbere za Madame White) kandi abasha kuhaboneka no muri iki gihe

Ariko uko itorero ryakuraga n'ibihe bigahita, Uwiteka yagaragaje igitekerezo cy'intambara ikomeye yerekana ikintu kimwe kimwe mu buryo burushijeho gukomera mu iyerekwa ryinshi ryiyungikanya, maze Madame White yongera kubyandika ubwa kabiri hagati y'umwaka 1870 n'uwa 1844 mu bitabo bine byitwa ***The Spirit of Prophecy*** (Umwuka w'Ubuhanuzi). Igitabo cya ***Story of Redemption*** (Igitekerezo cyo Gucungurwa), kigaragaza imigabane y'ingenzi iruseho y'igitekerezo cy'intambara ikomeye cyavanywe muri ibi bitabo. Ikigitabo cyanditswe mu ndimi nyinshi cyereka abantu benshi ibyerekanywe muri iryo yerekwa ry'intambara ikomeye. Hanyuma kandi Madame White yanditse iby'intambara ikomeye abiranduye avuga akantu kose mu bitabo bitanu by' "Intambara yabaye Uruhererekane guhera Isi ikiremwa kugeza mu isi nshya"...ari byo ***Patriarchs and Prophets*** (Abakurambcre n'abahanuzi), ***prophets and Kings*** (Abahanuzi n'bami), ***The desire of Ages*** (Uwifunzwa Ibihe byose), ***Acts of Apostles*** (Ibyakozwe n'Intumwa), and ***The Great Controversy*** n'(Intambara ikomeye).

Ibi bitabo birimo igitekerezo cya Bibiliya uhereye ku kuremwa ku isi ukageza mu gihe cy'ubukristo kandi bigakomeza icyo gitekerezo kugeza ku iherezo ry'igihe, bigaragaza umucyo ukomeye kandi bigatera ubutwari. Ibyo ni byo bitabo bifasha gutera Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi kuba "Abana b'Umucyo" n'Abana b'amanywa." Muri ibyo ni ho tubonera gusohozwa kw'ibyiringiro:

"Ni ukuri, Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo" Amosi 3:7

Madame White avuga uburyo umucyo yanditse muri ibi bitabo birimo igitekerezo cy'intambara ikomeye wamugezeho:

"Mu mucyo w'Umwuka Wera ni ho hagaragariye intambara y'urudaca y'ibyiza n'ibibi maze uhishurirwa umwanditsi w'izompapuro. Ibihe byinshi nemerewe kureba umurimo w'intambara ikomeye yo ku ngoma nyinshi zitari zimwe, intambara ya Kristo, Umwami w'ubugingo nyiri agakiza kacu. na Satani umwami w'ibibi, inkomoko y'icyaha, umugome wa mbere wagomeye amategeko yera v'Imana.

"Ubwo Umwuka w'Imana yakinguriraga ubwenge bwanjye ukuri gukomeye kw'ijambo ryayo n'ibintu byabaye n'ibyo mu gihe kizaza,

nategetswe kumenyesha abandi ibyo neretswe kwandika igitekerezo cy'intambara yabaye mu gihe cyashize, cyane cyane kubimenyekanishiriza gukwiza umucyo werekeye intambara yihutira kuza yo mu minsi izaza.

Uburyo Umucyo Waje Ku Muhanuzi

Igihe kimwe mu mibereho y'abana b'Isirayeli nkuko twamaze kubona, Uwiteka yabwiye abantu uburyo azajya avuganira na bo mu bahanuzi. Yaravuze ati "Niba muri mwe hazabamo umuhanuzi, mu iyerekwa ni ho Uwiteka nzamwimenyeshereza, mu nzozi ni ho nzavuganira na we." Kubara 12:6

Mu gice gishize wasomye iby'igitekerezo cy'iyerekwary'intambara ikomeye uko ryatanzwe mu buryo bw'ibitangaza byabayeho ku mugaragaro. Si ugushidikanya byari ibyo gukomeza ibyiringiro by'abantu no guhamiriza bose yuko Uwiteka yavuganaga n'umuhanuzi koko. Si kenshi Madame White yavugaga akantu kose kerekeye ku buryo yameraga iyo yerekwaga; ariko rimwe yaravuze ati "Ubu butumwa bwatanzwe butyo kugira ngo bukomeze kwizera kwa benshi bityo muri iyi minsi y'imperuka twiringire Umwuka w'ubuhanuzi."

Uko umurimo wa Madame White wateraga mbere, ni ko wageragereshwaga ingingo zo muri Bibiliya, nk'iyi ngo: "Muzabamenyera ku mbuto zabo." Ariko gukura kw' imbuto bitwara igihe, bityo mu itangiriro Uwiteka yatanze ibihamya byerekeye itangwa ry'iyerekwa byafashije abantu kwemera.

Ariko ibihe byose byo kwerekwa ntibyabaga mu ruhame, hanagaragazwa ibitangaza by'umubiri. Mu magambo yatangiye iki gice twabwiwe yuko Imana itimenyekanishiriza ku muhanuzi "mu iyerekwa" gusa, ahubwo ko ibasha no "kuvuganira na we mu nzozi". Izi ni zo nzozi z'umuhanuzi nk'uko Daniyeli abivuga ati "Mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Belushaza umwami w' i Babuloni, Daniyeli yarose inzozi; maze abona ibyo yeretswe, ari ku buriri bwe. Aherako yandika ibyo yarose, asobanuramo ingingo zabyo zikomeye." Daniyeli 7:1

Nkuko Daniyeli avuga ibyo yeretswe, avuga henshi ati "Neretswe nijoro.''Kenshi mu mibereho ya Madame White, yerekwaga igihe yabaga aruhutse mu masaha ya nijoro. Dusoma amagambo abanza mu iyerekwa rye ati "Mu iyerekwa rya nijoro, nagize ibintu nerekwa bigaragara neza", cyangwa kenshi Imana ikavuganira n'umuhanuzi mu nzozi. Hashobora kubazwa ibibazo byerekeye isano y'inzozi z'umuhanuzi n'iyerekwa rya nijoro, n'inzozi zisanzwe. Ibyo Madame White yanditse ibyabyo mu mwaka w' 1868, ati:

Hariho inzozi nyinshi ziza ku muntu ziturutse ku bintu bisanzwe byo mu mibereho, zidafitanye isano n'Umwuka w'Imana. Hariho kandi n'inzozi z'ibinyoma, nkuko habaho iyerekwa ry'ibinyoma, bituruka ku mwuka wa Satani. Ariko inzozi ziturukа ku Uwiteka zivugwa kimwe n'iyerekwa mu ijambo ry'Imana. Bene izo nzozi, urebye abazirose, n'uburyo bazirose, ziba zirimo ubuhamya bw'ukuri kwazo."

Igihe kimwe ubwo Madame White yari amaze gusaza, umuhungu we ari we Pasitoro W.C. White ashaka kugira ibyo amenya ngo na we abifashishe abari bakeneye kumenya, yabajije nyina ati "Mama, uhora uvuga ibintu weretswe nijoro. Uvuga iby'inzozi zakuziyemo umucyo. Twese turarota. Mbese wowe umenya ute yuko Imana ivuganira nawe mu nzozi uhora uvuga?"

Aramusubiza ati "Ni uko wa mu marayika utumwa ampagarara iruhande akanyigisha mu iyerekwa rya nijoro nkuko ampagarara iruhande anyigisha mu iyerekwa rya kumanywa." Uwo muntu wo mu ijuru uvugwa ubundi amwita "marayika," "umuyobozi wanjye," "umwigisha wanjye, n'andi mazina.

Nta midugararo yabaye mu bwenge bw'umuhanuzi, nta gushidikanya byerekeye ku byamuhishuriwe yagize mu masaha ya nijoro; ahubwo uko byari bimeze rwose byarasobanukaga yuko zari inyigisho ziturutse ku Mana.

Mu bindi bihe, ubwo Madame White yabaga asenga, avuga cyangwa yandika, yarerekwaga. Abababaga bari kumwe na we ntibamenye ko yerekwa, keretse iyo yacecekaga ho hato iyo yabaga avuga cyangwa asabira mu bantu benshi. Rimwe yanditse ibyo ati:

“Igihe nari ndiho nsengana umwete, nakuwe mu byari binzengurutse byose; icyumba cyuzuwemo n'umucyo, kandi numvise ubutumwa bwabwirwaga inteko nini imeze nkaho ari Inteko Nkuru Rusange.”

Mu iyerekwa ryinshi Madame White yeretswe mu kubaho kwe kurekure yakozemo imyaka 70 iyerekwa rirerire cyane ryamaze amasaha ane. Kandi irigufi cyane ryamaze akanya gato. Ibihe byinshi iyerekwa rye ryamaraga igice cy’isaha, cyangwa kurutaho gato. Ariko nta cy’avugwa cy'uburyo iyerekwa ryose ryagombaga kuba, ahubwo byari biri rwose nkuko Pawulo yanditse ati:

“Kera Imana yavuganiye na basogokuruza mu kanwa k’abahanuzi, mu bihe byinshi” Abaheburayo 1:1.

Umuhanuzi yaherwaga umucyo mu iyerekwa, ariko umuhanuzi ntiyandikaga ari mu iyerekwa. Umurimo we ntiwari umurimo nk’uw’imashini. Keretse ibihe bikeya gusa, naho ubundi Uwiteka ntiyamuhaga amagambo akwiriye kuvuga. Cyangwa marayika ntiyayoboraga ukuboko kw’umuhanuzi ngo avuge cyangwa yandike amagambo aya n’aya. Mu bitekerezo bye byababaga byahawe umucyo mu iyerekwa, umuhanuzi yavugaga cyangwa yandikaga amagambo yabashaga gutanga umucyo n’inyigisho ku basomaga ubwo butumwa cyangwa ku babwumvaga.

Twabasha kubaza uko ubwenge bw’umuhanuzi wabonekewe bwababaga bumeze. Mbese yahabwaga ate ubwenge n’inyigisho yagombaga kubwira abantu? Nkuko nta tegeko na rimwe ribasha gushyirwaho ryo gutanga iyerekwa, ni ko nta tegeko na rimwe ribasha gushyirwaho ryo gutegeka uburyo umuhanuzi ahabwa ubutumwa buturutse ku Mana. Icyakora buri gihe, umuhanuzi yerekwaga ibyo adashobora kwibagirwa. Kandi nkuko icyo tubona tukagikora ari cyo dutekereza cyane mu bwenge bwacu kuruta icyo tubona twumva gusa, ni ko n’ibyo abahanuzi berekwaga batabashaga kubyibagirwa.

Mu gice kibanjirije iki, kivuga iby’igitekerezo cy’iyerekwa ry’intambara ikomeye, twavuze amagambo y’uburyo amakuru yerekeye ibyabaye mu bitekerezo by’isi byageze kuri Madame White. Ikindi gihe ubwo yasobanuraga uburyo umucyo wamugezeho, yavuze uko mu

iyerekwa, “Nerekwa ibibaho mu isi. Ubundi njyanwa kure mu bizaza maze nkerekwa ibizabaho. Nuko hanyuma nkerekwa ibintu uko byagenze mu gihe cyashize.

Ibi biraduhamiriza yuko Elina White yabonye ibyo biba, bisa nkaho yari ahibereye. Yongeye kubihabwaho amabwirizwa mu iyerekwa rye, maze ntiyongera kubyibagirwa.

Mu bindi bihe, byasaga nkaho afite uruhari mu byo yerekwaga, kandi ko yumvaga, yarebaga, yari ateze amatwi, kandi yumvira amabwirizwa, nyamara mu by’ukuri, ibyo byose nta cyo yakoraga, ariko yabishy izwe mu bwenge mu buryo Atari gushobora kubyibagirwa. Iyerekwa rye rya mbere ryanditswe ku mpapuro 34 -37 ni ko ryari rimeze.

Mu bindi bihe, iyo Madame E.G. White yabaga mu iyerekwa yasaga n’uri mu nteko z’abantu cyangwa mu ngo cyangwa mu mazu yigishirizwamo ahantu hakure. Kubwo kwibwira yuko ayo materaniro ubwe yayabayemo rwose, Madame White yabashaga kwandika ibintu byose kimwe kimwe cy’ibyakozwe n’amagambo yavuzwe n’abantu batari bamwe. Rimwe igihe Madame White yari mu iyerekwa yiyumvisemo ko atambagira mu nzu imwe yacu y’ivuriro, areba uko ibyumba bimeze, areba ikintu cyose uko cyagendaga. Nuko ibyo abyandika. Avuga ati:

Ibiganiro by’amanjwe, ibitorero by’ubupfapfa, ibisetso bitagira cumi na kamwe, byanguye mu matwi ndababara... Natangajwe n’abagira ishyari, numva amagambo y’ishyari, n amagambo y ubushizi bw’amanga byakojeje isoni n’abamarayika b’Imana.”

Hanyuma yerekwa ibindi bintu birushijeho kunezeza muri iryo vuriro. Yajyanywe mu byumba “byaturukagamo amajwi yo gusenga. Mbega uburyo byari binejeje!” Ubutumwa bwo kwigisha bwanditswe bwerekeje kuri uko gusura iryo vuriro no ku magambo ya marayika wamuyoboraga mu migabane no mu byumba bitari bimwe byo muri iryo vuriro.

Ibihe byinshi Madame White yaherwaga umucyo mu byo yerekwaga by’ibishushanyo by’amanya-kuri rwose. Ibyo yeretswe by

asobanuriwe neza mu mabango ane yanditswe hepfo aha, yavanywe mu butumwa yari yohereje ku mukozi w’umuyobozi wabonywe ari mu kaga.

“Mu kindi gihe waranyeretswe uri umugaba w’ingabo wuriye ifarashi, kandi ufashe ibendera. Haza umuntu akwambura ibendera ryanditsweho aya magambo ngo: “Amategeko y’Imana no kwizera Yesu, maze rikandagirirwa mu mukungugu. Nakubonye uzengurutswe n’abantu bariho baguhambiranya n’isi.

“Hariho ibihe kandi ubwo Madame White yeretswe ibintu by’uburyo bubiri bunyuranye; kimwe cyerekanaga ibizabaho, ingamba, cyangwa amabwiriza runaka aramutse akurikijwe, maze mu kindi abona kuzuzwa kw’izindi ngamba cyangwa amabwiriza. Urugero rwiza cyane rw’ibyo ni urw’ikibanza cy’uruganda rwo gutunganya ibyokurya biha umuntu kugira umuze muke I Loma Linda mu burengerazuba bwa Amerika. Umukuru n’abamwungirije bari bafite umugambi wo kubaka inyubako nini hafi cyane y’inyubako nkuru y’ivuriro. Igihe bariho buzuza inama, rimwe Madame White, ari iwe kure, kilometero amagana menshi, yerekwa nijoro ibyo yabonye by’uburyo bubiri. Icya mbere muri ibyo akivugaho ati:

“Neretswe inzu nini ikorerwamo ibyokurya byinshi. Hafi y’aho imitsima yokerezwa hari andi mazu mato. Mpahagaze, numva urusaku rw’abajya impaka z’umurimo ukorwa. Mu bakozi hari habuzemo gufatanya, maze haba umuvurungano.

Hanyuma Madame White yabonye umukuru agerageza kujya inama n’abakozi kugira ngo bumvikane. Yabonye abarwayi bumva izo mpaka, “bavuga amagambo y’umubabaro, bavuga yuko inzu yo gukorerwamo ibyokurya idakwiriye kubakwa aho hantu heza cyane, hafi y’ivuriro ry’abarwayi. Hanyuma mu byo nerekwaga hazamo umuntu maze arambwira ati “Ibyo byose byanyujijwe imbere yawe ngo bikubere icyigisho, kugira ngo urebe amaherezo yo gukurikira inama zimwe.”

Nuko ibyo yerekwaga birahinduuka maze abona inzu yo gukorerwamwo ibyokurya “kure y’amazu arwarizwamo abarwayi, ku muhanda werekeza ku nzira y’igare ry'umwotsi.” Aho hakorerwaga umurimo mu buryo bwo kwicisha bugufi kandi bari bahuje n'umugambi w’Imana. Hashize amasaha make avuye mu iyerekwa, Madame White

yandikira abakozi b'i Loma Linda, maze urwo rwandiko rurangiza ikibazo cy'aho inzu yo gukorerwamo ibyokurya ikwiriye kubakwa. Iyo inama yabo ya mbere ikomezwa tuba twararuhijwe mu myaka yakurikiyeho no kugira inzu nini yo gucururizamo hafi cyane y'ivuriro rinini ry'abarwayi.

Bityo bigaragara ko mu buryo butari bumwe, intumwa y'Imana yamenyeshwaga ibitekerezo n'inyigisho mu iyerekwa rya ku manywa cyangwa nijoro. Umuhanuzi yavugaga cyangwa akandika ibyo yahaweho umucyo, ari ko amenyesha abantu ubutumwa bwo kubigisha no kubahugura. Mu gukora ibyo, Madame White yunganirwaga n'Umwuka w'Uwiteka, ariko ku giti cye ntiyabaga abigenzura. Yemererwaga guhitamo amagambo yatangamo ubwo butumwa. Mu myaka ibanza y'umurimo we yanditse mu kinyamakuru cyacu agira ati:

"Nubwo ntega gufashwa n'Umwuka w'Imana mu gihe nandika ibyo nshaka kwandika nkuko mutegaho ubufasha iyo nakira ubwo butumwa, amagambo nkoresha nsobanura ibyo neretswe ni ayanjye, keretse iyo hari ayo mba nabwiwe na marayika ni ho nyashyiraho utwugarizo."

Imibereho n 'umurimo Bya Madame

E.G. White Ellen G. Harmon na mwene nyina bavutse ari impanga ku munsi wa 26 w'ukwezi kw'Ugushyingo, mu mwaka w' 1827. bavukiye I Gorham, Maine, mu majyaruguru y'uburasirazuba, bwa Leta Zunze Umwe za Amerika. Igihe Ellen yari amaze imyaka cyenda y'ubukuru, yagize impanuka y'umwana utagira ubwenge biganaga wamuteye ibuye. Urwo ruguma rukomeye rwo mu maso rwari hafi kumwica maze rumusigira ubumuga butatumye ashobora gukomeza kwiga.

Igihe yari amaze imyaka cumi n'umwe y'ubukuru yeguriye Imana umutima we, hashize igihe gito abatirizwa mu nyanja umubatizo wo kwibizwa maze yakiririrwa kuba umukristo mu itorero ry'Abametodista.

Yagiye mu materaniro y'Abadivantisiti I Portland, Maine, ajyanye n'abandi bo mu rugo rw'iwabo, yemera burundu ibyo kuza kwa

kabiri kudatinze kwa Kristo, kwabwirizwaga na William Miller na bagenzi be, nuko ategereza yiringiye kugaruka kw'Umukiza.

Mugitondo kimwe cy'Ukuboza 1844, igihe yari ariho asengana n'abandi bagore bane, imbaraga y'Imana yamujeho. Bwambere yararabiranye apfa ku by'isi, hanyuma mu byo yahishuriwe by'umugani yabonye urugendo rw'Abadivantisiti bajya mu Rurembo rw'Imana, abona n'ingororano y'abakiramutsi. Uwo mukobwa w'imyaka cumi n'irindwi atekerereza abizera bagenzi be b'l Portland ibyo yeretswe n'ibyabikurikiye afite ubwoba kandi ahinda umushyitsi. Nuko ahabwa umwanya, atekerereza Abadivantisiti b'I Maine ibyo yeretswe, n'abo mu bihugu bya hafi.

Muri Kanama 1846 Elina Harumoni, yarongowe na James White umugabura, (umupasitoro) w'umusore w'Abadivantisiti. Mu myaka 35 yakurikiyeho, imibereho ya Madame White yomatanye n'iyumugabo we bakorana umwete umurimo wo kubwiriza ubutumwa kugeza ubwo yapfuye ku munsi wa 6 Kanama 1881. Bagenze henshi ho muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, babwiriza kandi bandika, batera imbuto kandi bubaka, bashyira ibintu kuri gahunda kandi bayobora.

Igihe n'igerageza byagaragaje uburyo urufatiro Pasitoro na Madame White na bagenzi babo bashyizeho rwari rugari kandi rukomeye, n'uburyo bubakanye ubwenge kandi neza. Ni bo bayoboye Abadivantisiti bakomeza Isabato mu byo gutangiza umurimo wo gucapa ibitabo mu mwaka w'1849 na 1850, no mu byo gushyira mbere urugaga rw'itorero bafite gahunda ishikamye y'amafaranga y'itorero mu myaka 1856-1859. Ibyo byasohojwe no guhangwa kw'Inteko Nkuru Rusange y'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi mu mwaka w' 1863. Hagati muri za mirongo itandatu ni ho umurimo wacu w'ubuvuzi watangiye, kandi umurimo ukomeye w'uburezi bw'idini watangiye mu itangira rya za mirongo irindwi. Inama yo kugira amateraniro makuru y'umwaka yagiwe mu w' 1868. Kandi mu w'1874 ni ho Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bohereje intumwa yabo ya mbere mu bihugu bya kure.

Ayo majyambere yose yayoborwaga n'inama nyinshi zatangwaga mu mvugo cyangwa mu nyandiko, Imana izigiriye ubxvoko bwayo ibinyujije kuri Madame E.G. White.

Ubutumwa bwinshi bwa kera bwanditswe mu buryo bw’urwandiko umuntu yandikira undi, cyangwa mu buryo ***bw’Inyandiko y’Ukuri kw’Ubu***, ari cyo kinyamakuru cyacu cya mbere. Byarinze bigeza mu mwaka w’1851 Madame White yohereza igitabo cye cy’impapuro zanditsweho 64, cyitwa ***A Sketch of Chritian Experience and Views of Ellen G. White*** (Imibereho ya Gikristo n’inama bya Elina G. White muri Make).

Guhera mu mwaka w’1855 hakomeje gucapwa udutabo duto twinshi, agatabo kose kitwa ***Testimony of the Churuch*** (Ibihamya by'Itorero). Utwo dutabo twarimo ubutumwa bwo kwigisha no guhana, Imana yahoraga itoranyiriza kohereza ubwoko bwayo, ngo bubaheshe umugisha, bubahane kandi bubayobore. Kugira ngo utwo dutabo twahoraga tubazwa tuboneke twigishe abantu, twongeye gucapwa mu mwaka w’1885 mu bitabo bine bifatanijwe, hamwe n’indi mizingo y’ibitabo yabonetse guhera mu mwaka w’1889-1990 byose biba imizingo cyenda ya ***Testimonies of the Church***, (Ibihamya by’Itorero).

Kwa White havutse abana bane. Umuhungu w’imfura Henry yabayeho ageza ku myaka y’ubukuru 16 agahungu k’agahererezi Herbert kapfuye kamaze amezi atatu kavutse. Abahungu babiri bo hagati Edson na William babayeho kugeza ubwo babaye abagabo, kandi buri wese yakoranye umwete umurimo w’Itorero ry’Abadivantisiti b’Umunsi wa Karindwi. Madame White yitabye guhamagara kw’Inteko Nkuru Rusange ajya I Bulayi ku mpeshyi y’umwaka w’1885. Yamazeyo imyaka ibiri akomeza umurimo mushya wari ugitangira kuri uwo mugabane w’isi. Yatuye I Basel mu busuwisi, azerera henshi ho mu Bulayi bw’iburengerazuba, n’ubwo hagati n’ubwo mu majyaruguru, ajya mu materaniro makuru y'itoreio kandi abonanira n’abizera mu materaniro yabo.

Nyuma y’imyaka ine Madame White asubiye muri Let Zunzu Ubumwe za Amerika. afite imyaka 63 y’ubukuru yitaba guhamagara kw’Inteko Nkuru Rusange, afata ubwato ajya muri Australia. Yabayeyo imyaka cyenda, afasha mu byo guhanga no gukomeza umurimo, cyane cyane mu by’uburezi n’ubuvuzi. Madame White yasubiye muri Leta Zunzu Ubumwe za Amerika gutura mu ruhande rw’iburengerazuba I Saint Helena, h'i Kalifornia, ni ho yabaye kugeza ubwo yapfuye mu mwaka w’1915.

Mu gihe kirekire cy'imyaka 60 Madame White yakozemo muri Amerika n'myaka 10 hakurya y'inyanja, ugereranije, yahawe ubutumwa mu iyerekwa inshuro 2.000, kandi kubera umuhati udacogora yagiraga agira inama abantu ku giti cyabo, amatorero, amateraniro mu ruhame. n'inama z'Inteko Nkuru Rusange, byagize uruhari runini cyane mu iterambere ry'uyu murimo ukomeye. Umurimo wo guha abantu bose ubutumwa Imana yamuhaye ntabwo wigeze urambikwa hasi.

Ibyo yanditse byose biteraniye hamwe bisaguka impapuro agahumbi (ibihumbi ijana). Ubutumwa yandikaga bwagezwaga ku bantu mu nzandiko yabandikiraga we ubwe, mu binyamakuru byandikwaga buri cyumweru by'idini yacu no mu bitabo bye byinshi. Ibyo yavugaga byabaga ari ibyerekeye ku mateka ya Bibiliya, imibereho y'Umukristo ya buri munsi. iby'ubuzima buzira umuze, iby'uburezi, iby'umurimo wo kubwiriza ubutumwa, n'izindi ngingo zikwiriye. Byinshi mu bitabo bye mirongo ine na bitandatu byacapwe mu ndimi zikomeye zo mu isi kandi ibitabo byabyo uduhumbagiza byamaze kugurwa.

Ubwo Madame White yari amaze imyaka 81 y'ubukuru yahuranije igihugu kinini cy'Amerika ubwa nyuma ajya mu iteraniro ry'Inteko Nkuru Rusange mu mwaka w' 1909. Imyaka 6 yari isigaye y'ukubaho kwe yayimaze asoza inyandiko ze. Ageze ku musozo w'ubuzima bwe, Madame White yanditse aya magambo, "Ubugingo bwanjye niburamuka bubayeho cyangwa butabayeho, ibitabo nanditse bizakomeza bivuge, kandi umurimo wabyo uzakomeza ujye mbere kugeza ku mperuka."

Madame White yaguye iwe ku munsi wa 16 Nyakanga, 1915, apfa afite ubutwari budacogora kandi yiringiye Umucunguzi we maze ashyingurwa iruhande rw'umugabo we n'abana be mu irimbi ry' ***I Oak Hill I Battle, Michigan***.

Madame White yashimwaga kandi akubahwa n'abakozi bagenzi be n'itorero, n'abo mu muryango we kuko yari umubyeyi witanze kandi yari umukozi w'umunyamwete, w'inyangamugayo, ukorera idini adacogora. Yerekanye ubwe yuko ari intumwa, ifite ubutumwa bw'Imana bwo kubwira ubwoko bwayo. Ntabwo yigeze abwira abandi ngo babe ari we bareba, cyangwa ngo agire ubwo akoresha impano ye kumubonera

amafaranga cyangwa kuyabonera abantu. Imibereho ye n'ibyo yari atite byose byeguriwe umurimo w'Imana.

Umwanditsi w'igazeti ya buri cyumweru ya rubanda rwose yitwa ***The Independent*** (Uwigenga) yanditse iby'urupfu rwe mu igazeti yo ku munsi wa 23 w'ukwezi kwa Kanama, 1915, yarangirishije ubusobanuro bwerekeye imibereho ye ikiranuka aya magambo ati "Yari umukiranutsi rwose mu byo yizeraga no mu byo yahishuriwe. Imibereho ye yari ibikwiriye. Ntiyerekanye ubwibone mu by'umwuka, kandi ntiyashakaga irari ribi. Yagize imibereho kandi akora imirimo ikwiriye umuhanuzikazi."

Mu myaka mike yabanjirije gupfa kwa Madame White, yaremye inama y'Abarinzi igizwe n'abagabo bayobora bo mu itorero, abasigira ibitabo 'yanditse, abategeka yuko babihaweho inshingano yo kubirinda no gukomeza kujya babicapa. Ni ibiro bydnteko Nkuru Rusange biri muri Washington, D.C. ya Leta Zunzu Ubumwe z'Amerika ariho abakuru b'itorero ry'Abadivantisiti b?Umunsi wa Karindwi baba, iyo nama ihagarikira ibyo gukomeza gucapa ibitabo bya E.G. White mu Cyongereza kandi igatuma byandikwa byose cyangwa mo bimwe mu zindi ndimi. Bamaze kwandika kandi ibyo bakubiye hamwe byinshi byari mu magazeti n'ibyandikishijwe intoke, byerekeye ku byo Madame White yigishaga. Iki gitabo na cyo cyahawe abantu bitegetswe n'iyo nama.

Uko Abandi Bazi Madame White

Abantu bamwe bamaze kumenya imibereho ya Madame White idahwanye n'iy'abandi y'uko ari intumwa y'Imana, barabajije bati "Mbese yari umukungu, cyangwa se yari umukene? Hari ubwo yigeze amwenyura?

Madame White yari umubyeyi w'umunyamutima. Yari umugore w'urugo witonda. Yari umunyebambe ukunda gucumbikira abashyitsi, kenshi yakiraga abantu bacu mu rugo rwe. Yari umuturanyi ukunda gufasha abandi. Yari umugore utuje, ufite ingeso zinezeza, umugwaneza mu migirire no ku ijwi. Nta hantu mu mibereho ye wamusanganye mu maso hije, yajingije, ababaye. Umuntu yageraga imbere ye akumva aguwe neza. Ahari uburyo bwiza cyane bwo kumenya Madame White

neza ni ukugera iwe mu mwaka w' 1859, ari wo mwaka wa mbere yahoraga abara ibyo akoresheje ku munsi, iminsi yose.

Tubona yuko kwa White babaga ku rugabano rwa Battle Greek, mu kazu gatoya kari ahantu hagari cyane ho guhinga imirima, hari ibiti bike by'amatunda, inka n'inkoko, kandi hari n'ahantu abahungu bakorera kandi bakahakinira. Icyo gihe Madame White yari amaze imyaka 31 y'ubukuru. Umukambwe White yari amaze 36. Ubwo bari bafite abana b'abahungu batatu mu rugo rwabo, bafite imyaka y'ubukuru umwe ine, undi icyenda n'undi afite cumi n'ibiri.

Twabasha kandi kubona mu rugo rwabo umukobwa w'umukirisitokazi mwiza wakoraga umurimo wo gufasha mu by'imirimo y'imuhira. kuko ibihe byinshi Madame White atabaga imuhira, Madame White akora imirimo y'imuhira, yo guteka, akoza ibintu kumesa no kudoda. Mu yindi minsi yajyaga ajya mu nzu y'icapiro aho yabonaga ahantu hari ituza ho kwandikira. Iyindi minsi tumusanga mu murima, atcra uburabyo n'imboga, ubundi kandi akagemura imbuto z'uburabyo agaha abaturanyi be. Yagambiriye kugira imuhira ahantu hanezeza ab'urugo rwe uko ashobora kose kugira ngo abana bajye bahora batekereza i wabo ko ari ahantu umuntu yakwifuza kuba kuruta ahandi hose.

Madame White yari umuntu uzi guhaha abyitondeye, abaturanyi be banezezwaga no kujyana na we kugura ibintu mu maduka. kuko yari azi ibiciro. Nyinayari umugore w'umunyabwenge cyane kandi yari yarigishije abakobwa be ibyigisho by'ingirakamaro byinshi. Yamenye yuko ibintu bikozwe mu gikene ari byo bimara iminsi kuruta ibintu by'ubwoko bwiza by'igiciro cyinshi.

Isabato yaberaga abana umunsi unezeza kuruta indi minsi yose y'icyumweru. Nta cyabuzaga ab'uwo muryango kujya mumateraniro yo kubwiriza, kandi iyo Bwana na Madame White babaga badafite inshingano yo kubwiriza, bicaranaga n'ab'urugo rwabo mu rusengero mu gihe cyo kubwiriza. Igihe cyo kurya ku manywa hababagaho amasahani atoranyijwe atakoreshwaga mu yindi minsi, kandi hanyuma iyo habaga habaye umunsi mwiza, Madame White yajyanaga n'abana mu ishyamba, cyangwa ku nkengero y'uruzi, maze bakitegereza ubwiza bw'ibyaremwe, kandi bakiga iby'Imana yaremye. Iyo habaga haramutse umuvumbi

cyangwa imbeho, yateranyirizaga abana hamwe bagakikiza umuriro mu nzu maze akabasomera kenshi ibintu yabaga yabonye hirya no hino ubwo yabaga yaragiye mu rugendo. Bimwe byo muri ibyo bitekerezo hanyuma byacapwaga mu bitabo kugira ngo abandi babyeyi babashe kubisomera abana babo.

Icyo gihe Madame White ntiyari ameze neza cyane, ibihe byinshi yajyaga arabirana ku manywa, ariko ibyo ntibyamubuzaga gukomeza imirimo ye y’urugo n’umurimo yakoreraga Uwiteka. Hashize imyaka mikeya, mu w’ 1863, yerekwa ibyerekeye kugira umuze muke no kurwaza abarwayi. Yeretswe mu iyerekwa imyenda ikwiriye yo kwambarwa, ibyokurya bikwiriye kuribwa, n’akamaro k’ibikino byiza no kuruhuka, n’akamaro ko kwiringira Imana kugira ngo tugire imbaraga n'umubiri ufite umuze muke.

Umucyo wavuye ku Mana werekeye ku byokurya, no konona umubiri kw’inyama, wakuyeho rwose igitekerezo cya Madame White ubwe yuko inyama, ari ibyokurya by’ingirakamaro ku magara y’umuntu no kumutera imbaraga. Uwo mucyo w’ibyo yeretswe warasiye mu bwenge bwe yigisha umukobwa wafashaga mu byo kuringaniza ibyokurya by’ab’urugo ko azajya ahereza ibyokurya bifite akamaro gusa, byoroheje biturutse ku mpeke, ku bubemba, ku mata, ku rukoko, no ku magi. Hari amatunda menshi.

Igihe ab’urugo bazaga ku meza, habonetse ibyokurya byinshi, bikwiriye umubiri ariko nta nyama. Madame White yararikiye inyama, ntiyashaka ibindi byokurya, nuko ahitamo kuva ku meza kugeza ubwo yagarutse ashaka kurya ibyokurya byoroheje. Ikindi gihe cyo kurya kigeze bigenda bityo na none, ariko ibyokurya byoroheje ntibyamushishikaje. Hanyuma bongera kuza ku mcza. Hari ibyokurya by’ubwoko bworoheje nk’uko yeretswe mu iyerekwa ko ari byo byiza birusha ibindi gutera umuze muke n’imbaraga no gukura. Ariko yari asonzeye inyama yari yaramenyereye. Ariko kandi ubwo yari azi ko inyama atari ibyokurya birushije ibindi kuba byiza. Atubwira ko yashyize ibiganza bye ku gifu, maze akibwira ay a magambo ati “Ushobora gutegereza kugeza ubwo ubasha kurya umutsima.”

Ntibyatinze, Elina White yishimira ibyokurya byoroheje, kandi ku mpamvu z’uko yahinduye ibyokurya bye, ubuzima bwe bwaguwe

neza muri ako kanya, kandi ugereranije, yagize ubuzima bwiza. Uko ni ko bigaragara yuko Madame White yari afite ibimurushya dufite twese. Yagombye gutsinda irari mu mibereho ye ubwe nkuko natwe dukwiriye kuritsinda. Ubugorozi bw'iby'umuze muke bwabereye ab'umuryango wa White umugisha ukomeye, nkuko bwawubereye imiryango ibihumbi byinshi y'Abadivantisiti mu isi yose.

Hashize igihe gito, hanyuma y'iyerekwa ryerekeye ubugorozi bw'iby'umuze muke, kandi mu rugo rwa White bamaze guhitamo uburyo bworoheje bwo kuvura abarwayi, Bwana na Madame White, bahoraga bahamagarwa n'abaturanyi babo ibihe byinshi mu gihe babaga barwaye ngo babafashe babavure, kandi Uwiteka yahaye umugisha cyane imirimo bakoraga. Ubundi abarwayi bazanwaga iwabo maze bakarwazwa neza kugeza ubwo bakira rwose.

Madame White yishimiraga ibihe byo kuruhuka no gukina, ari mu misozi, cyangwa ku kiyaga, cyangwa ahadendeje amazi. Igihe yari acagashije imyaka y'ubuzima bwe, atuye hafi ya pacific Press, inzu yacu yo gucapiramo yari mu ruhande rw'iburengerazuba bwa Amerika, agambirira kumara umunsi wose aruhuka kandi akina. Madame White hamwe n'urugo rwe n'aburugo rw'abamufashabarararitswe n'ab'umuryango w'inzu yo gucapa, nuko aherako yemera uko kurarikwa. Umugabo we yari iburasirazuba akora umurimo w'idini. Urwandiko Madame White yamwandikiye ni rwo tubonamo uko byagenze.

Bamaze kwishimira ibyokurya baririye ku nkengero, bose bajya mu bwato bugendagenda mu kigobe cya San Francisco. Umwerekeza w'ubwato yari umukristo wo mu itorero, kandi icyo gicamunsi cyari icy'umunezero. Hanyuma bagambirira kujya mu nyanja rwa gati. Elina White yanditse asobanura uko byagenze ati:

"Imiraba yari yasheze, maze duteraganwa mu buryo bitumereye neza cyane. Mu ntekerezo zanjye numvaga binejeje, ariko sinagize uwo ngira icyo mbwira. Byari byiza cyane! Ibijojoba by'amazi byatwirohagaho. Umuyaga wari ukase inyuma y'irembo ry'icyambu, kandi nta cyo nigeze kwishimira mu buryo nk'ubwo mu kubaho kwanjye."

Hanyuma yitegereza amaso y'umwerekeza agenzura, n'uburyo abari mu bwato bari biteguye kumvira amategeko ye, maze yitegereje abona:

"Imana ikomereje imiyaga mu biganza byayo. Itegeka amazi. Turi udutotsi gusa hejuru y'amazi magari, maremare y'inyanja ya Pasifika; ariko abamarayika bo mu ijuru boherejwe kurinda ubu bwato butoya bunyura mu miraba. Yoo, mbega imirimo itangaje y' Imana! Iri kure cyane y'ubwenge bwacu! Iyo irebye rimwe yitegereza amajuru asumba ayandi ikabona n'imuhengeri h'inyanja."

Madame White yari yaramaze guhitamo kujya ahora anezerewe. Igihe kimwe yaravuze ati "Mbese hari ubwo mwigeze kumbona nijimye, nihebye, nganya? Mfite kwizera kumbuza ibyo. Ni ukudasobanukirwa neza n'igitekerezo cy'ukuri cy'ingeso ya Gikristo n'umurimo wa Gikristo. biteragukoraibyo... Gukorerana Yesu ubushake, ubikuye ku mutim bitera idini y'umunezero. Abakurikiza Kristo cyane rwose ntibahinduka ubwire.

Hanyuma mu kindi gihe yaranditse ati "Mu bundi buryo batekereje yuko umunezero uhindagurwa n'ingeso za Gikristo ariko ibyo ni ifuti. Ijuru ni ryo munezero wose." Kandi yafinduye yuko iyo umwenyuye, kumwenyura kurakugarukira; iyo uvuze amagambo y'ubugwaneza, nawe uzavugwa amagambo y'ubugwaneza.

Nyamara hariho ibihe yababaraga cyane. Igihe kimwe nk'icyo cyamugezeho ariho akigera muri Australia yari agiye gufashayo mu murimo.

Yararwaye cyane byenda kumara umwaka, maze arababara cyane. Yabujijwe kuva ku buriri bwe igihe kinini kandi yasinziraga amasaha makeya gusa nijoro. Ibyo byamubayeho yabyandikiyeho incuti ye mu rwandiko ati:

Igihe nabonaga bwa mbere ndi umuntu utagira kivurira, narababaye cyane kuko nambutse inyanja ngari. Kuki ntari muri Amerika? Nagize igihe mpisha mu maso hanjye mu byahi byo ku buriri maze nkarira cyane. Ariko sinatinze muri ayo marira menshi. Naribwiye nti: Elina G. White we, Uravuga iki? mbese ntiwaje muri Australlia bitewe n?uko wiyumvisemo yuko ari inshingano yawe kujya aho Inteko

Nkuru ibonye ko ari byiza cyane kuri wowejujya ? Mbese si ko wajyaga ugenza? Ndavuga nti: “Ni koko.”

“None se kuki wiyumvamo ko waretswe maze ugacogora? Uwo si umurimo w’umwanzi se? Ndavuga nti: “Nizera ko ari uwe!” Nihanagura amarira vuba uko nshoboye kose, maze ndavuga nti: “Birahagije. “Sinzongera kureba ahijimye ukundi. Nakira cyangwa se ngapfa, ndagije ubugingo byanjye uwamfiriye.

“Nuko hanyuma nizera yuko azatunganya byose, kandi muri iki gihe cy'amezi munani yo kubura uko ngira sinigeze niheba cyangwa nshidikanya. Ubu, ibi mbibona ko ari umugabane w’inama ikomeye y’Uwiteka. kubwo kugirira neza ubwoko bwayo buri muri iki gihugu, n’abari muri Amerika, kandi no kungirira neza nanjye. Simbasha gusobanura impavu cyangwa uburyo bwabyo, ahubwo ndabyizera. Kandi nejejwe n’imibabaro yanjye. Nshobora kwiringira Data wa twese wo mu ijuru. Sinzashidikanya urukundo rwe.”

Ubwo Madame White yari iwe i Kalifornia mu myaka cumi n’itanu iheruka y’ukubaho kwe, yarushagaho kuba umukecuru. Ariko yanezezwaga no gukora umurimo mu isambu ntoya yahingwaga, no kugirira neza imiryango y’abamufashaga gukorera umurimo we. Umurimo we tuwubona mu byo yanditse, ibihe byinshi yatangiraga mu gicuku saa sita y’ijoro ariyo ikigera. kuko yaroreraga hakiri kare. Iyo haramukaga umunsi mwiza, yajyaga kuzembagira mu gihugu ho gato iyo atabaga afite imirimo myinshi, agahagarara akaganira n'umugore iyo hagiraga uwo abona mu murima cyangwa ku rubaraza rw'inzu anyuze iruhande. Rimwe na rimwe yabonaga abakennye ibyokurya n'imyambaro, maze akajya iwe akareba utuntu abaha. Hashize imyaka amaze gupfa akajya yibukwa n'abaturanyi be bo mu gikombe yari atuyemo yuko yari umugore ufite imvi wahoraga avuga iby'urukundo rwa Yesu.

Igihe yapfaga yari agifite bikeya bimaze umuntu ubukene ngo abone uko yifata. Ntiyabwiye abandi kuba ari we bafatiraho icyitegererezo, kuko yari Umudivantisiti w'Umunsi wa Karindwi umwe wo muri twe, wiringiraga ineza y'Umwami wazutse kandi akajya agerageza gukora umurimo Umwami yamushinze akiranutse. Uko ni ko yageze ku iherezo ry'ubugingo bwe adakenyutse, afite ibyiringiro mu mutima we, akiranuka mu mibereho ye ya Gikristo.

Ubutumwa Bwahinduye Imibereho

Umubwirizabutumwa yateranije amateraniro i Bushneli. muri Michigan, hanyuma y'umubatizo ntibyatinze asiga abizera atabakomeje neza mu butumwa. Abantu baracogora buhoro buhoro maze abandi bongera gutangira ingeso mbi zabo. Hanyuma itorero riba rito cyane bituma abakristo 10 cyangwa 12 bari basigaye bavuga yuko gukomeza nta cyo bikimaze. Bamaze gutadukana bava mu iteraniro ryabo bari bibwiye ko ari ryo riheruka. haza inzandiko muri zo harimo Review and Herald (Urwibutso n’Integuza). Mu mugabane wandikwamo ingendo hari itangazo rivuga yuko Umukambwe na Madame White bazaba bari i Bushneli bateranya amateraniro ku wa 20 w’ukwezi kwa Nyakanga. 1867. Ubwo hari hasigaye icyumweru kimwe gusa. Batuma abana guhamagara abantu bari bamaze gutaha. Bagambiriye yuko hakwiriye kuba umuntu uringaniza ahantu mu gashyamba kandi yuko bose bakwiriye kurarika abaturanyi babo, cyane cyane abakristo basubiye inyuma.

Ku Isabato mu gitondo, ku munsi wa 20 w’ukwezi kwa Nyakanga, Umukambwe na Madame White bagera mu gashyamba aho abantu mirongo itandatu bari bateraniye. Umukambwe White yabwirije mu gitondo. Ku manywa Madame White arahaguruka ngo abwirize, ariko amaze gusoma isomo, aramanjirwa. Abumba Bibiliya ye atagize andi magambo avuga, maze atangira kuvugana na bo umuntu umwe umwe.

“Ubwo mpagaze imbere yanyu kuri aya manywa, ndiho ndareba mu maso ha bamwe neretswe mu myaka ibiri ishize. Mbonye mu maso yanyu maze ibyo mukora bigaruka mu bwenge bwanjye neza, none mbafitiye ubutumwa buturutse k’Uwiteka.

“Hano hari mwene Data wicaye hafi y’igiti cy’umosonobari. Simbasha kuvuga izina ryawe kuko nta wakumbwiye, ariko mu maso hawe nsanzwe mpazi, kandi imiberho yawe ihagaze imbere yanjye igaragara neza. “Nuko abwira mwene Data uwo ibyerekeye gusubira inyuma kwe. Amutera umwete wo kugaruka ngo agendane n’bwoko bw’Imana.

Hanyuma ahindukirira umugore mu rundi ruhande rw’iteraniro, aravuga ati “Mushiki wacu uyu yicaye iruhande rwa mushiki wacu

Maynard wo mu itorero rya Greenvill, simbasha kuvuga izina ryawe, kuko ntabwiwe iryo ari ryo, ariko mu myaka ibiri ishize neretswe ibyawe, kandi ibyo ukora nsanzwe mbizi." Nuko Madame White akomeza uwo na we.

Arangiza iryo teraniro agera ku muntu wese, amubwira ibyo yeretswe mu myaka ibiri ishize. Madame White arangije ikibwirizwa cye, atavuga amagambo yo kubacyaha gusa, uhubwo avuga amagambo yo kubarema umutima na yo, aricara. Umwe wo mu bari muri iryo teraniro arahaguruka. Aravuga ati "Ndashaka kumenya yuko ibyo Mushiki wacu White yavuze kuri aya manywa ari ukuri. Umukambwe na Madame White ntibigeze kugera hano mbere; ntibatuzi haba na gato. Madame White ntazi amazina ya benshi muri twe, ariko nyamara aje hano kuri aya manywa atubwira yuko mu myaka ibiri ishize yeretswe maze ibyacu byose akabibona, maze hanyuma akomeza kubwira umuntu umwe umwe, amenyesha umuntu wese uri hano ingeso z'imibereho yacu n'intekerezo zo mu mitima yacu. Mbese ibi byose ni iby'ukuri mu buryo bwose? Cyangwa se mushiki wacu White yafuditse. Ndashaka kubimenya.

Abantu barahaguruka umwe umwe. Wa mugabo wari uri iruhande rw'igiti cy'umusonobari na we arahaguruka, maze avuga yuko Madame White yasobanuye ibye neza kuruta uko yari kubisobanura. Yicuza ingeso ze zo kuyobagira. Avuga yuko agambiriye kugaruka no kugendana n'ubwoko bw'Imana. Wa mugore wari wicaranye na mushiki wacu Maynard wo mu itorero ry'I Greenville na we arahamya. Avuga ko Madame yavuze ibye neza kuruta uko yari kubasha kubisobanura. Wa mugabo wari iruhande rw'igiti cyumusonobari uwo Madame White yari yabwiye amagambo yo gucyaha no kumukomeza avuga yuko Madame White yasobanuye ibye neza kuruta uko yari kubasha kubisobanura. Ibyaha biraturwa. Ibyaha birarekwa. Umwuka w'Imana abazamo, maze i Bushnell haba kuvugururwa.

Umukambwe na Madame White bagaruka ku Isabato yakurikiyeho, maze bahagirira umubatizo, kandi itorero ry'I Bushnell rirahangwa neza rirakomera. Uwiteka yakunze abantu be b'l Bushnell nkuko akunda abamureba bose. "Abo nkunda ndabacyaha, nkabahana ibihano; nuko rero, gira umwete wihane "(Ibyahishuwe 3:19), byageze mu bwenge bwa bamwe mu bari aho. Igihe abantu barebaga mu mitima yabo nkuko Uwiteka yayirebaga, basobanukiwe n'uko bari by'ukuri maze

bifuza guhinduka mu mibereho yabo. Uyu ni wo mugambi nyakuri w'ibyo Madame White yeretswe byinshi.

Umukambwe White amaze gupfa, ntibyatinze Madame White atura hafi y'ishuri rikuru rya Healdsburg. Abakobwa b'amakumi benshi babaga mu rugo rwe igihe bari bari mu ishuri. Wari umugenzo muri icyogihe kwambara agasegetera korohereye mu musatsi kugira ngo ube mwiza kandi usokoje neza uwo munsi wose. Umunsi umwe umukobwa anyura mu cyumba cya Madame White, abona agasegetera keza k'umusatsi yifuzaga. Atekereza yuko nta we uzakabaza, maze aragatwara agashyira mu isanduku ye. Hashize umwanya muto, igihe Madame White yariho yambara ashaka kugenda abura ka gaseketera k'umusatsi, nuko agenda atagateze. Nimugoroba igihe ab'urugo bari bateranye hamwe Madame White abaza iby'agasegetera ke k'umusatsi yabuze, ariko nta n'umwe wavuze ko azi aho kari.

Hanyuma y'umunsi umwe cyangwa ibiri Madame White anyura mu cyumba cy'uwo mukobwa, ijwi riramumbwira riti "Pfundura iriya sanduku," Ntiyashaka kuyipfundura, kuko iyo sanduku itari iye. Yongeye kubibwirwa ubwa kabiri amenya yuko iryo jwi ari irya marayika. Yubuye umupfundikizo, abona icyateye marayika kuvuga, kuko ariho agasegetera ke k'umusatsi kari kari. Igihe ab'urugo bari bongeye guteranira hamwe, Madame White arongera abaza iby'agasegetera k'umusatsi, avuga yuko Atari ko kijimije. Ntihagira ugira icyo avuga, nuko Madame White urabireka.

Hashize iminsi mike, ubwo Madame White yari aruhutse kuko yari ananijwe no kwandika ahabwa iyerekwa rigufi cyane. Yabonye ikiganza cy'umukobwa kimanurira agasegetera k'umusatsi mu itara rya Peteroli. Ka gasegetera k'umusatsi kegereye ikirimi cy'umuriro karashya. Iryo ni ryo herezo ry'ibyo yeretswe.

Igihe ab'urugo bongeye guteranira hamwe, Madame White yongera kuvuga ko agasegetera ke k'umusatsi kabuze, na none ntihagira ubyatura, kandi ntihagira uboneka uzi aho kaba. Hanyuma yaho ho hato Madame White ahamagara wa mukobwa bajya hirya, amubwira icyo rya jwi ryamubwiye, n'icyo yabonye mu isanduku, kandi amubwira n'ibya rya yerekwa rigufi cyane, yabonyemo agasegetera ke k'umusatsi gahira hejuru y'itara. Abimubwiye, wa mukobwa yaturayuko yakajyanye, n'uko

vagatwitse ngo hatazagira ukabona. Nuko yikiranura na Madame White n’Uwiteka.

Tubasha gutekereza yuko icyo gikorwa cyo kwiba agasegetera kitagize icyo kivuze cyane ngo Uwiteka abe yacyitaho. Ariko ibyo byari bikomeye cyane bifite agaciro karuta ak'ako kantu kibwe. Uwo mukobwa yari umukristo w’itorero ry’Abadivantisiti b’Umunsi wa Karindwi. Yiyumvagamo ko atunganiwe, ariko ntiyabonye amafuti aba mu ngeso ze. Ntiyabonye kwikunda kwe kwamuteye kwiba no gushukana. Noneho abonye uburyo utuntu dutoya ari ingezi; ko Imana yeretse intumwa yayo iyikorera mu isi iby’agasegetera k'umusatsi; wa mukobwa atangira kubireba mu mucyo wabyo w’ukuri. Ibyo byabereyeho kumugarura mu mibereho ye nuko agira imibereho myiza ishikamye ya Gikristo.

Iyo ni yo mpamvu Madame White yerekwaga. Nubwo ibihamya byinshi byanditswe na Madame White byari bifite icyo bikora byagenewe, birimo ibyigisho bihuye n'iby’itorero rikennye muri buri gihugu cyo mu isi. Madame White yasobanuye neza umugambi n’umurimo w’ibihamya muri aya magambo ati:

“Ibihamya byanditswe ntibizana umucyo mushya, ahubwo bigeza mu mutima rwose ukuri kwahishuwe. Ibyo umuntu akwiriye gukorera Imana n’ibyo akwiriye gukorera bagenzi be byavugiwe neza mu Ijambo ry’Imana; nyamara bakeya muri mwe ni bo bumvira umucyo watanzwe. Mu bihamya ntiharimo ukundi kuri: ariko ni ho Imana yasobanuriye iby’ukuri bikomeye yatanze... Ibihamya ntibyonona agaciro k’Ijambo ry'Imana, ahubwo birishyira hejuru. kandi birikururira abantu, kugira ngo ubusobanuro bwiza bw’ukuri bugere mu mitima ya bose.”

Mu mibereho yose ya Madame White yakomereje Ijambo ry’Imana imbere y’abantu. Igitabo cye cya mbere yakirangirishije iyi ngingo, Yaravuze ati:

“Musomyi nkunda, ngushinze Ijambo ry'Imana ngo ribe itegeko ryo kwizera kwawe n’ingeso zawe. Iryo Jambo ni ryo rizaducira urubanza. Imana yasezeraniye muri iryo Jambo ko mu minsi y’imperuka “abantu bazerekwa; si uko rizaba ari itegeko rishya ryo kwizera, ahubwo bizaberaho guhumuriza ubwoko bwayo, no guhana abakora ibyaha baretse ukuri kwa Bibiliya.”

Inzozi atashoboye kubwira abantu

Mu gihe cy'amateraniro y'urudaca yabaye i Salamanka, I New York, mu gushyingo, 1890, aho Madame White yabwiririzaga rubanda mu materaniro makuru, yagize intege nke kuko yafashwe n'ibicurane bikomeye ari mu rugendo ajya muri uwo mudugudu. Hanyuma y'iteraniro rimwe ryo muri ayo yarasohotse ajya mu cyumba cye acogoye kandi arwaye. Yatekerezaga ibyo kumaramaza mu mutima we imbere y'Imana no kuyisaba imbabazi n'amagara mazima n'imbaraga. Apfukama iruhande rw'intebe ye, avuga aya magambo, asobanura uko byabaye ati:

"Ubwo nabonaga icyumba cyose gisa n'icyuzuyemo imicyo inejeje isa n'ifeza, nta jambo nari navuga, maze uburibwe bwanjye bw'umababaro no kwiheba biratamuruka. Nuzuzwa ihumure n'ibyiringiro ari byo mahoro ya Kristo."

Nuko hanyuma arerekwa. Hanyuma yo kwerekwa ntiyashaka gusinzira. Ntiyifuza kuruhuka. Yari akize, yari aruhutse kubwa Yesu Kristo.

Mu gitondo byari ngombwa ko amasha icyo aribukore. Mbese yari akwiriye kujya aho amateraniro yajyaga kubera, cyangwa se yari akwiriye gusubira iwe I Battle Creek? Umukambwe H.T. Robinson wari umuyobozi w'umurimo waho, n'umukambwe William White, umuhungu we, bahamagarirwa kujya ku cyumba cye ngo bumve icyo abasubiza. Basanga yambaye kandi yakize. Yari yiteguye kugenda. Abatekerereza uko yakize. Ababwira ibyo yeretswe. Aravuga ati "Ndashaka kubabwira icyo naraye neretswe. Mu iyerekwa nasaga n'uri I Battle Creek, maze marayika utumwa arambwira ati "Nkurikira."

Nuko bigeze aho Madame White arashidikanya biramuguruka. Agerageza kabiri kuvuga ibyo yeretswe, ariko ntiyabasha kwibuka icyo yeretswe. Mu minsi yakurikiye yandika ibyo yeretswe. Byari ibyerekeye inama zitangwa z'igazeti y'umudendezo w'Itorero ryacu: ***The American Sentinel*** (Umurinzi w'Umunyamerika.)

"Mu gihe cya nijoro nari mu nama nyinshi. nuko mpumva amagambo yasubirwagamo n'abantu bakuru bavuga yuko igazeti ***The American Sentinel*** yareka amagambo "Seventh-day Adventist"

(Umudivantisiti w’Umunsi wa Karindwi) mu mpapuro zayo. ntigire icyo ivuga cyerekeye Isabato, abakomeye bo mu isi bayikunda; yakundwa n'abantu bose, kandi igakora umurimo urushijeho gukomera. Ibyo byasaga n'ibinejeje cyane.

“Mbona mu maso habo harakeye, maze batangira kujya inama zo gutuma Sentinel, iba iya rubanda rwose. Byose bitangizwa n'abantu bari bakennye ukuri mu bwenge no mu mutima”.

Biragaragara yuko yabonye umutwe w’abantu baganiraga inama z’umuyobozi wandika iyo gazeti. Inama y'Inteko Rusange ibaye muri werurwe, 1890, basaba Madame White kujya abwiriza abakozi buri gitondo saa cumi n'imwe n'igice no kubwiriza iteraniro ryose ry'abantu ibihumbi bine ku Isabato ku manywa. Umurongo yasomye ku Isabato ku manywa wari ngo: “Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.” Amagambo yose yari yerekeye ku Badivantisiti b Umunsi wa Karindwi bakomeza ingeso zigaragaza kwizera kwabo. Ibihe bitatu muri iryo teraniro yagerageje guterura ibyo yerekewe I Salamanka, ariko igihe cyose yatangiraga yarabuzwaga. Ni muri ubwo buryo gusa atashoboraga kwibuka ibyo yeretswe. Hanyuma aravuga ati “Nzagira ibindi mvuga kuri byo hanyuma.” Yakomeje kubwiriza ikibwiriza cye amara nk’isaha imwe, agisoza neza, maze iteraniro rirasezererwa. Bose bamenya ko atabashije kwibuka ibyo yeretswe.

Umukuru w'Inteko Rusange yaramusanze maze amusaba kuzabwiriza iteraniro rya mu gitondo. Madame White aramusubiza ati “Oya, ndananiwe; natanze ibihamya byanjye. Ukwiriye gukora indi gahunda y’iteraniro rya mu gitondo." Bakora izindi gahunda.

Madame White asubiye iwe, abwira ab’iwe ko atazajya mu iteraniro rya mu gitondo, Yari ananiwe, ashaka kuruhuka. Yashakaga kuryama ku wa mbere mu gitondo, nuko kubw’iyo mpamvu hakorwa indi gahunda.

Muri iryo joro, inama y'Inteko irangiye, umutwe muto w’abantu uteranira mu biro bimwe byo mu nzu ya ***Review and Herald*** (Urwibutso n Integuza). Muri iryo teraniro harimo intumwa z’icapiro ryacapaga American Sentinel; kandi hari n'intumwa z’urugaga rw’Umudendezo

w’Idini. Bateraniye kuganira no gutunganya iby'ikibazo kiruhanya ari cyo ngingo ziyobora z’umukuru w' igazeti ya ***American Sentinel*** (Umurinzi w’Umunyamerika). Nuko urugi rurakingwa, maze bose banoganya yuko urugi rudakingurwa kugeza ubwo icyo kibazo gitunganywa.

Mbere ya saa cyenda ho hato ku wa mbere mu gitondo, inama irangira icikiye, ariko abantu b’iby’Umudendezo w’Idini bemeje yuko Icapiro rya Pasifika niritemera ibyo bashaka ngo bakure ijambo “Umudivantisiti w'Umunsi wa Karindwi “n’Isabato” mu mpapuro z’iyo gazeti, batazongera kuyikoresha ngo ibe umugabane w’Urugaga rw’Umudendezo w idini. Ibyo byaba ari ukwica igazeti. Bakingura urugi, abantu bajya mu byumba byabo, bajya ku mariri. barasinzira.

Ariko Imana idahunikira ntisinzire yohereje marayika wayo mu cyumba Madame White yari arimo saa cyenda y’icyo gitondo (ni ukuvuga saa cyenda y'ijoro bujya gucya). Yakanguwe mu bitotsi maze abwirwa ko akwiriye kujya mu iteraniro ry’abakozi saa cumi n'mwe n'igice mu gitondo, akahavugira ibyo yerekewe I Salamanka. Arambara ajya mu biro bye, akuramo inyandiko yari yaranditse ivuga ibyo yerekewe I Salamanka. Ibyo yeretswe bimaze kugaragara neza mu bwenge bwe, yandika ibindi byongera ku byo yari yaranditse.

Abapasitori ni yo bari bakimara gusenga ubwo babonaga Madame White yinjira mu muryango, afite umukaba w’ibyo yanditse mu kwaha. Umukuru w'Inteko ni we wabwirizaga, aramubwira ati:

"Madame White, tunejejwe no kukubona. Mbese hari ubutumwa udufitiye?”

Na we aramusubiza ati “Ndabufite rwose,” nuko aza imbere avuga amagambo ahereye aho yari yaragereje ku munsi wabanje. Ababwira yuko saa cyenda mu gitondo bujya gucya yakanguwe maze akabwirwa kujya mu iteraniro ry'abakozi akahavugira ibyo yerekewe i Salamanka.

Aravuga ati “Igihe nerekwaga, nasaga n'uri I Battle Creek. Njyanwa mu biro bya Review and Herald (Urwibutso n’integuza), maze marayika utumwa arantegeka ati “Nkurikira!” Njyanwa mu cyumba aho umutwe w’abantu waganiraga ikintu. Bari bashishikaye, ariko bisa n’aho

batazi ibyo bakora." Ababwira uburyo bariho baganira iby'amagambo umwanditsi w'igazeti ya ***American Sentinel*** (Umurinzi w'Umunyamerika) azavuga, aravuga ati "Nabonye umuntu umwe wo muri ba bagabo afata iyo gazeti ya Sentinel. Ayifatira hejuru y'umutwe we maze aravuga ati "Amambo yerekeye Isabato no kuza kwa Kabiri kwa Yesu natavanwa muri iyi gazeti, ntituzongera kuyikoresha ngo igire umugabane w'Urugaga rw'Umudendezo w'Idini. "Elina White amara isaha avuga, asobanura ibyo inama yeretswe mu mezi yashize, kandi atanga inama ishingiye ku byo yahishuriwe. Maze aricara.

Umukuru w'Inteko Rusange ayoberwa icyo abitekerezaho. Ntabwo yari yabona iteraniro nk'iryo. Ariko ntibategereje ubusobanuro igihe kirekire cyane; kuko umugabo yahagurutse inyuma mu cyumba, maze agatangira kuvuga ati:

> "Nari ndi muri iyo nama nijoro."
> Madame White aravuga ati
> "Ni joro! "Nijoro! Nagize ngo iyo inama yabaye mu mezi yashize, ubwo nabyerekwaga."

Aravuga ati "narindi muri iryo teraniro nijoro, kandi ninjye wavuze ibyaya magambo akwiriye gukurwa mu igazeti, ubwo narinyifatiye hejuru y'umutwe wanjye. Mbababajwe no kuvuga ko narindi muruhande rubi; ariko mpagaritswe no kwishyira muruhande rutunganye." Aricara.

Undi mugabo arahaguruka ngo avuge. Yari umukuru w'urugaga rw'Umudendezo w'Idini. Nimwumve amagambo yavuze: "Nari ndi muri iyo nama. Nijoro ubwo inama y'Inteko yari irangiye, bamwe bo muri twe bateraniye mu cyumba cyanjye mu biro bya Review aho twifungiraniye maze tukahaganirira ibibazo n'ibyerekeye ibyo twabwiwe mu gitondo. Twagumye muri icyo cyumba tugeza saa cyenda bujya gucya. Ndamutse ntangiye gusobanura uko byagenze n'uko umuntu yari ameze mu bari muri icyo cyumba, sinabasha kubisobanura uko biri kandi neza nk'uko Madame White yabisobanuye. None ubu mbonye ko nafuditse kandi yuko igitekerezo nari mfite kitari gikwiriye. Kubwo umucyo nahawe muri iki gitondo menye ko nafuditse."

Uwo munsi havuga abandi. Umuntu wese wari muri iryo teraniro arahaguruka arahamya, avuga yuko Elina G.White yasobanuye neza inama n'umutima abari barimo bari bafite. Mbere yo kurangiza iryo teraniro ku wa mbere mu gitondo, umutwe w'ab'Umudendezo w'Idini baraterana, bakuraho ya nama bari banoganije mu masaha atanu gusa yari ashize.

Iyo Madame White atabuzwa akaba yaravuze ibyo yeretswe ku Isabato ku manywa ubutumwa bwe ntibuba bwarakoze icy'Imana yari yagambiriye ko bukora, kuko inama yar'itaraba.

Uko biri kose inama rusange yatanzwe ku Isabato ku manywa ntiyari ikwiriye abo bantu. Batekereje ko hari ibyo bazi biruseho. Ahari baribajije nk'uko bamwe bagenza muri iki gihe, bati "Yemwe ahari Madame White ntiyari asobanukiwe," cyangwa bati "Iriya nama yari ikwiriye mu myaka yashize, ariko ubu ntacyo ikimaze." Ibitekerezo Satani atwongerera muri iki gihe bihwanye n'ibyo yageragereshejе abo bantu mu mwaka w' 1891. Imana yabyumvikanishije neza, mu gihe cyayo no mu buryo bwayo yuko uwo wari umurimo wayo; Yarayoboraga; Yararindaga; yari umusare wabo. Elina White atubwirayuko Imana "Yahoragayemerera ibintu ko bizana akaga, kugira ngo uruhari rwayo rumenyekane. Ni bwo yamenyekanishije yuko muri Isirayeli hari Imana."

Ibihamya N'Umusomyi

Madame White yamaze imyaka 70 avuga kandi yandika ibintu Imana yamuhishuriye. Ibihe byinshi yahabwaga inama zo guhana abayoba baretse ukuri kwa Bibiliya. Ibihe byinshi izo nama zerekanaga ingeso Imana ishaka ko ubwoko bwayo bukurikira. Rimwe na rimwe Ibihamya byavugaga uburyo ubugingo bumeze hamwe n'urugo n'itorero. Abakristo bo mu itorero bakiriye ubwo butumwa bate?

Guhera mu itangira ry'umurimo, abayobozi bafite inshingano basuzumye imirimo ye kugira ngo bamenye neza yuko iyo mpano y'ubuhanuzi ari yo koko. Intumwa Pawulo arahugura ati "Ntimuhinyure ibihanurwa; ahubwo mugerageze byose mugundire iby iza." 1 Abatesalonike 5:20. Ibigerageza umuhanuzi bya Bibliya

byageragereshejwe imirimo ya Madame White. Kandi uku ni ko yakoraga kuko yanditse ati:

“Uyu murimo ni uw’Imana cyangwa si uwayo? Nta cyo Imana ihuriyeho na Satani. Umurimo nakoze mu myaka 30 ishize ufite ikimenyetso cy’Imana cyangwa ikimenyetso cy’umwanzi? Mu byo nakoze, nta murimo w’igice urimo. “Bibliya itanga imirongo ine yo kugeragerezaho umuhanuzi. Umurimo wa Madame White wabaye mahwi, n'umurongo wose wa Bibliya.

1. Ubutumwa bw’umuhanuzi nyakuri bukwiriye gufatanya n’amategeko y’Imana n’ubutumwa bw’abahanuzi (Yesaya 8: 20).

Ibitabo bya E.G. White bishyira hejuru amategeko y’Imana kandi bikayobora abagabo n’abagore kuri Bibliya no ku kuzura kwayo,

Avuga ko Bibliya ari yo itegeka kwizera n’ingeso kandi ari yo mucyo ukomeye naho ibitabo bye ari umucyo urushijeho kuba muto uyobora abasoma bose.

2. Ubuhanuzi bw'umuhanuzi nyakuri bukwiriye gusohora. (Yeremiya 28:9). Mu gihe umurimo wa Madame White wari umeze nk’uwa Mose mu byo kuyobora abantu yanditse ibintu byinshi bizabaho mu buryo bwo guhanura. Mu itangira ry’umurimo wacu wo gucapa mu mwaka w’1848, yavuze uburyo uzakura ukagotesha isi umucyo wawo. Muri iki gihe Abadivantisiti b’Umunsi wa Karindwi bacapa ibitabo mu ndimi 200 bigurwa amafaranga asaga 1.000.000.000 (Miliyaridi imwe) mu mwaka.

Mu mwaka w’1890, ubwo mu isi batangaje yuko nta yindi ntambara izabaho kandi imyaka igihumbi ikaba igiye gutangira, Elina White yaranditse ati “Inkubi y’umuyaga iraje, kandi dukwiriye kwitegura uburakari bukaze bwayo... Tuzareba akaga impande zose. Amato ibihumbi byinshi azarohama imuhengeri h’inyanja. Amato akomeye amagana y’amahanga azazika, kandi abantu uduhumbagiza bazabura ubugingo bwabo.” Ibi byasohoye mu gihe cy’intambara ikomeye yo mu isi ya mbere n’iya kabiri.

3. Umuhanuzi nyakuri yatura yuko Yesu Kristo yaje mu mubiri kandi yuko Imana yihinduye ikaba umuntu mu mubiri. 1 Yohana 4.2.

Igitabo cya ***Desire of Ages*** (Uwifuzwa Ibihe Byose) cyumvikanisha neza umurimo wa Elina G. White ugezwe kuri uyu murongo. Nimwite kuri aya magambo, ngo:

"Yesu yashoboraga kwigumira iruhande rwa Se. Aba yarigundiriye ubwiza bwo mu ijuru, n'icyubahiro cy'abamarayika. Ariko yahisemo gusubiza inkoni y'ubugabe mu ntoke za Se, no kuva ku ntebe y'ubwami bw' isi, kugira ngo abone uko azanira umucyo abatagira icyo bazi, n'ubugingo abarimbuka."

"Hafi y'imyaka ibihumbi bibiri ishize, ijwi rifite impamvu ihishwe ryumvikaniye mu ijuru rivuye ku ntebe y'ubwami y'Imana, rivuga riti "Dore, ndaje". Ibitambo n'amaturo ntiwabishatse, ahubwo wanyiteguriye umubiri... Dore ndaje, Mana, (mu muzingo w'igitabo ni ko byanditswe kuri jye) nzanywe no gukora ibyo, ushaka," Abaheburayo 10:5-7. Muri aya magambo havugwamo kuzura kw'umugambi wari warahishwe uhereye mu bihe bihoraho. Kristo yari agiye kuza mu isi yacu, akigira umuntu... Mu maso y'abantu bo mu isi ntiyari afite ubwiza bwatuma bamwifuza: nyamara yari Imana yigiz'umuntu, umucyo w'ijuru n'isi. Ubwiza bwe bwaratwikiriwe. Gukomera n'icyubahiro bye byarahishwe kugira ngo abone uko yegera abafite agahinda n'abageragezwa."

4. Ahari ikigerazo gikomeye kiruta ibindi byose cyo kugerageza umuhanuzi nyakuri kiboneka mu mibereho ye, mu mirimo ye, no mu bwenge bw'ibyo yigisha. Icyo kigeragezo Kristo yakivuze yeruye muri Matayo 7:15,16, ati "Muzabamenyera ku mbuto zabo"

Iyo dusuzumye imibereho ya Elina G. White tubasha kuvuga yuko yagiraga imibereho ikwiriye ya Gikristo ihwanye n'ibyo yigishaga, kandi akagira ibyo tubasha kwiringira ku muhanuzi. Iyo turebye imbuto uko zigaragara mu mibereho y'abakurikije inama y'umwuka w'Ubuhanuzi. tubona ari nziza. Ibihamya byeze imbuto nziza. Iyo turebye itorero, tukamenya yuko twayobowe n'izo nama mu migabane itari imwe y'umurimo, dukwiriye kumenya yuko umurimo wa Madame White ugereshwa icyo kigeragezo Ubumwe tubona mu nyigisho ze zanditswe mu gihe gisaga imyaka 70 na byo bihamya neza ko yari impano y'Umwuka y'ukuri.

Ibigeragezo Bikwiriye Umuhanuzi Nyakuri Ageragereshwa

Ibindi bigeretse kuri ibyo bigeragezo bine bikomeye bya Bibliya, ni uko Uwiteka yatanze ibyo guhamya byumvikanisha neza yuko uwo murimo aba ari We uwuyoboye. Bimwe muri ibyo ni ibi:

1. Igihe cy'ubwo butumwa. Ubwoko bw'Imana hari ibyo bukennye by'umwihariko, maze ubwo butumwa bukaza mu gihe bukenewe rwose, nk'uko byabaye mu iyerekwa rya mbere rya Madame White.

2. Kamere ikwiriye y'ubutumwa. Ibyo Madame White yahishuriwe mu iyerekwa byari iby'agaciro gakwiriye, bihura n'ubukene bubikwiriye. Nimurebe uburyo inama zibihamya zidufasha neza mu mibereho yacu ya buri munsi.

3. Ishusho ikwiriye y'ubutumwa bw'iby'umwuka. Ubwo butumwa ntibubamo amanjwe cyangwa amagambo asanzwe, ahubwo bugira umugambi ukomeye kandi w'icyubahiro. Ururimi buvugwamo ni urw'icyubahiro cyane.

4. Uburyo iyerekwa ryatangwaga. Iyerekwa ryinshi ryagendanaga n'ibimenyetso biba ku mubiri nk'uko byavuzwe mu bice bitangira by'iyi nteruro. Uko Madame White.yameraga igihe yerekwaga kumeze nk'uko abahanuzi ba Bibliya bameraga. Ibi. nubwo Atari ikigeragerersho, ni igihamya cyo mu bihamya bindi.

5. Iyerekwa ryari ibintu by'ukuri, bitari ugukekeranya. Mu iyerekwa Madame White yarabonaga, akumva. akagira ibyo akoraho. kandi akumva inyigisho zivuye ku bamarayika. Iyerekwa nta warisobanura ngo ryabaga mu ihubi cyangwa ngo ryari irikekeranijwe.

6. Madame White ntiyakururwaga n'abamuzengurutse. Yanditse ibyerekeye umwe, ati "Utekereza yuko abantu bagize icyo batwara ubwenge bwanjye. Niba mcze ntyo, sinkwiriye guhabwa umurimo w'Imana.''

7. Imirimo ye yamenyekaniraga ku byo yakoraga icyo gihe. Abari mu itorero babanaga kandi bagakorana na Madame White, n'abandi benshi babaga hanze y'itorero bari bazi, yuko Madame White

ari Intumwa y'Imana, by'ukuri. Ababaga hafi ye cyane bizeraga cyane guhamagarwa kwe n'umurimo we.

Ibyo bigeragezo bine ni byo bihamya byumvikana neza Uwiteka yabihaye ubwoko bwe kugira ngo biringire ubutumwa n'intumwa biduhamiriza yuko uwo murimo ari uw'Imana kandi ukwiriye kwiringirwa nta gushidikanya.

Ibitabo bya E.G. White byinshi byuzuyemo inama n'inyigisho bifitiye itorero agaciro gahoraho. Ibyo bihamya naho byababaga ari ibya bose cyangwa iby'umuntu yitumiye ubwe ku b'ingo no ku bantu umwe umwe bidufitiye umumaro muri iki gihe. Ibyerekeye iyo ngingo Madame White abivuga atya ati.

“Kuko imiburo n'inyigisho byatangiwe mu bihamya kubw'umuntu umwe nta kabuza byavugiwe na none abandi benshi. batari bavuzwe muri ubu buryo, nabonye mfite inshingano yo gucapa ibihamya by'umuntu umwe kugirango bigirire itorero ryose umumaro... Nta nzira nziza iruseho yo kugaragarizamo akaga n'ibibi muri rusange, n' inshingano abakunda Imana bose kandi bakomeza amategeko yayo bafite, iruta iyo gutanga ibi bihamya.”

Gusoma ibihamya kugira ngo ubone urwitwazo rwo guciraho bene Data iteka ni amafuti. Ibihamya nta bwo bikwiriye kuba ubuhiri ngo uhate mwene Data na mushiki wacu kureba ibintu nk'uko tubireba. Hariho Ibintu, umuntu akwiriye kwikiranura n'Imana ubwe.

Ibihamya bikwiriye kwigirwa gushaka ibyigisho by'urufatiro biboneka mu mibereho yacu muri iki gihe. Ubutumwa, bumwe bwatangiwe kuba imiburo cyangwa ubwo gucyaha bigenewe igihe runaka cyangwa ahantu runaka, nyamara ibyo byigisho bikwiriye abantu bose, mu gihe cyose babukwiriye. Imitima y'abantu ku isi ni kimwe; ibirushya umuntu umwe kenshi usanga ari byo birushya undi. Madame White yacyashye umuntu wakoze nabi, ati “Imana yagambiriye gukosora benshi."'

“Yeruye amafuti ya bamwe ngo abandi baburirwe.”

Madame White ubwo yari ageze hafi y'iherezo ry'ubugingo bwe yatanze iyi nama ati “Ijwi ry'Imana rivugira mu Mwuka wayo Wera

rihora rituzaho rikatuburira, kandi rikatwigisha... Igihe n'ikigeragezo ntibyagize ubusa ibyigisho byatanzwe. Ibyigisho byatanzwe mu minsi yambere y'ubutumwa bikwiriye kugundirwa kuko ari ibyo gukurikizwa mu minsi y'imperuka.

Inama zikurikiyeho zavanywe mu bitabo byinshi bya Madame White ariko cyane cyane mu bitabo bitatu bya Testimony Treasures (Ibihamya by'ubutunzi) ari byo bitabo by'isi bya Testimonies for the Church (Ibihamya by'itorero) kandi birimo ingingo zo gutekerezwa zifashije itorero cyane, ahantu bidashobokera abakristo bo mu itorero gucapa ibitabo byinshi by'urugero rukwiriye. Umurimo wo gutoranya no gutuganya izo nama wakozwe n'inama nini, ikorera munsi y'Inama y'Abarinzi b'lbitabo bya Elina G. White, bahawe inshingano yo kurinda no kwagura inama y'Umwuka w'ubuhanuzi. Ibyo byatoranyijwe kenshi biba bigufi kandi bikabamo amagambo akwiriye y'ibyigisho by'urufatiro, maze ibyigisho byinshi bigashyirwamo.

"Mwizere Uwiteka Imana yanyu, mubone gukomezwa; mwizere n'abahanuzi bayo. Mubone kugubwa neza. "2 Ngoma 20:20.

Abarinzi b'IBITABO BYA ELLEN G. WHITE.
Washington, D.C.
Ku wa 22 Nyakanga, 1957.

IGICE CYA 1

IYEREKWA RYEREKEYE INGORORANO Y'ABAKIRANUTSI
(Iyerekwa Ryanjye rya Mbere)

Igihe nasengeraga ku gicaniro cy'ab' urugo, Umwuka Wera yanjeho, nuko nsa n'uzamuka ndushaho kujya hejuru, hejuru hejuru kure y'isi y'umwijima. Mpindukirira kureba abantu bategereje kuza kwa Yesu (Abadivantisiti bari mu isi, sinababona, ijwi rirambwira riti. "Ongera urebe, kandi urebe hejuru biruseho hato." Nuko nubura amaso, mbona inzira igororotse kandi ifunganye, iri hejuru y'isi. Muri iyo nzira harimo Abadivantisiti bajyamu mudugudu, ari ku iherezo ry' iyo nzira. Inyumayabo ku itangiriro ry'iyo nzira hari umucyo urabagirana, uwo mucyo marayika yambwiye ko ari wo rusaku rwa mu gicuku. Umucyo warabagiranaga mu nzirayose kandi ukaboneshereza ibirenge byabo kugirango badasitara. Iyo batumbiraga Yesu wari uri imbere yabo abayobora ku mudugudu, babaga amahoro. Ariko bidatinze bamwe batangiye kunanirwa, maze bavuga yuko umudugudu uri kure cyane, bibwira yuko bari bakwiriye kuba bamaze kuwinjiramo. Hanyuma Yesu abakomeresha gushyira hejuru ukuboko kwe kw'ubwiza kw'iburyo, maze mu kuboko kwe havamo umucyo utambagira hejuru y'umutwe w'Abadivantisiti, maze bararangurura bati "Haleluya." Abandi bihakana vuba wa mucyo wari inyuma yabo maze bavuga yuko atari Imana yabagejeje aho. Umucyo wari inyuma yabo urazima, basigara bashyize ibirenge byabo mu mwijima w'icuraburindi, barasitara, babura icyapa cyo kubayobora kandi babura Yesu, bateshuka inzira bagwa mu mwijima no hasi mu isi mbi. Bidatinze twumva ijwi ry'Imana rimeze nk'amazi menshi, ritubwira umunsi n'isaha yo kuza kwa Yesu. Abera bari 144,000 bamenya kandi basobanukirwa n'iryo jwi, abanyabibi bo bibwiraga yuko ari uguhinda kw'inkuba n'igishitsi cy'isi. Ubwo Imana yavugaga igihe, yadusutseho Umwuka Wera, maze mu maso hacu hatangira kurabagiranishwa n'ubwiza bw'Imana, nkuko Mose yagenje ubwo yamanukaga umusozi wa Sinayi.

Ba bantu 144,000 bari bashyizweho ikimenyetso bose kandi bafatanijwe cyane. Ku ruhanga rwabo hari handitsweho, Imana, Yerusalemu Nshya, n'inyenyeri y'ubwiza ifite izina rishya rya Yesu. Igihe twari tunezerewe, turi mu mwanya wera ba banyabibi bararakara, batwisukaho ngo badufate batujugunye mu nzu y'imbohe, natwe

tumanitse tumanitse amaboko mu izina ry'Uwiteka bagwa ku butaka babura ubaramira. Ya sinagogi ya Satani (abakurikiza Satani) bamenya yuko Imana yadukunze twebwe ababashaga kozanya ibirenge tukaramukanyisha bene Data gusomana kwera, bikubita ku birenge byacu bararamya.

Bidatinze amaso yacu yerekezwa iburasirazuba, kuko hari hatungutse agacu gatoya kirabura, kangana n’igice cy’ikiganza, ako twese twari tuzi yuko ari ikimenyetso cy’Umwana w’umuntu. Twese dutumbira ako gacu dufite ituza cyane kuko uko karushagaho kwigira hafi ari na ko karushagaho kugira umucyo, gafite ubwiza, kandi kakarushaho kugira ubwiza kugeza ubwo kabaye igicu kinini cyera. Ku ruhande rwo hasi cyasaga n’umuriro; hejuru y’icyo gicu hari uinukororombya, naho impande hari abamarayika inzovu, baririmba indirimbo y’igikundiro cyane; kuri cyo hicaye Umwana w’umuntu. Umusatsi we wari umweru kandi uzingazinze utendera ku ntugu ze; kandi ku mutwe hariho amakamba menshi. Ibirenge bye byasaga n’umuriro; kandi mu kuboko kwe kw’iburyo yari afite umuhoro utyaye; mu kw’ibumoso afite impanda yacuzwe mu ifeza. Amaso ye yasaga n'ibirimi by’umuriro, areba mu bana be hose. Hanyuma amaso yose ahinduka umweru, na ba bandi banze Imana bahinduka ubwire. Nuko twese turarangurura tuti: “Ni nde ubasha guhagarara? Mbese umwambaro wanjye uraho utagira ikizinga? Hanyuma abamarayika bareka kuririmba, habaho umwanya wo guceceka guteye ubwoba, ubwo ni bwo Yesu yavuze ati “Abafite amaboko atanduye n’imitima iboneye ni bo bazabasha guhagarara; ubuntu bwanjye burabahagije.” Ibyo bituma mu maso hacu harabagirana. maze umunezero wuzura muri buri mutima. Maze abamarayika bongera guhanika indirimbo cyane, ubwo igicu cyarushagaho kwegera isi.

Nuko yampanda ya Yesu yacuzwe mu ifeza iravuzwa, ubwo yamanukaga mu gicu, ari mu birimi by’umuriro. Areba ibituro by’abera basinziriye, nuko yubura amaso n’amaboko ayatunga ku ijuru, ararangurura ati “Nimukanguka! Nimukanguke! Yemwe abasinziririye. Ibituro birakinguka abapfuye bavamo bambaye kudapfa. Ba bantu 144.000 batera hejuru bati “Haleluya”, kuko babonye incuti zabo bari baratandukanijwe n’urupfu, maze muri uwo mwanya turahindurwa tujyananwa na bo gusanganirira Umwami mu kirere.

Twese tujyanwa mu gicu, tumara iminsi irindwi tuzamuka twerekeje iyo ku nyanja y'ibirahuri, Yesu azana amakamba, ayadushyirisha ku mitwe yacu ukuboko kwe kw'iburyo. Aduha inanga z'izahabu n'imikindo yo kunesha. Kuri iyo nyanja y'ibirahuri ba bantu 144.000 bari bafite amakamba arabagirana, abandi bafite atarabagirana cyane. Amakamba amwe yagaragaraga ko aremerejwe n'inyenyeri, ayandi afite nkeyagusa. Bose bari banyuzwe rwosen'amakamba yabo. Kandi bose bari bambaye igishura cy'ubwiza cyera kivuye ku ntugu kikagera ku birenge. Ubwo twagendaga twerekeje ku nyanja y'ibirahuri tugana kw'irembo ry'umudugudu abamarayika bari badukikije. Yesu arambura ukuboko kwe gukomeye kw'ubwiza, afata irembory'imaragarita, ararisunikarikingukira ku mapata ya ryo arabagirana, maze aratubwira ati Mwameshe ibishura byanyu mu maraso yanjye, muhagararira ukuri kwanjye mutanyeganyega, nimwinjire." Twese turinjira maze twiyumvamo uburenganzira bwo kuba mu mudugudu.

Aho twahasanze igiti cy'ubugingo n'intebe y'ubwami y'Imana. Mu ntebe y'ubwami havagamo uruzi ruboneye rw'amazi, kandi hakurya no hakuno y'urwo ruzi hari igiti cy'ubugingo. Ku nkengero imwe y'urwo ruzi hari igishitsi cy'icyo giti, no ku yindi hari ikindi, byombi biboneye, ari izahabu irabagirana. Bwa mbere hejuru bifatanye ari igiti kimwe. Naho cyar'igiti cy'ubugingo kiri hakurya no hakuno y'uruzi rw'ubungingo. Amashami yacyo yari abogamiye aho twari duhagaze, kandi imbuto zacyo zari iz'ubwiza; zisa n'izahabu ivanze n'ifeza.

Twese tujya munsi y'icyo giti turicara, tureba ubwiza bw'aho hantu, mwene Data Fitch na Stockmana babwirizaga ubutumwa bw'ubwami, kandi ab'Imana yashyiriye mu gituro kubakiza barazamuka baradusanga, batubaza ibyo twanyuzemo mu gihe bari basinziriye. Tugerageza kwibuka amakuba yacu akomeye ariko yabaye angana urwara agereranijwe n'imbaraga z'iteka z'ubwiza bwari butuzengurutse bituma tutiririrwa tuyavuga, maze twese turarangurura tuti: "Haleluya, ijuru rifite igiciro cyoroshye bihagije! "maze dukora ku nanga zacu z'ubwiza, zituma amazu yo mu ijuru amaze nk'uduseke arangira.

Yesu aturangaza imbere twese turamanuka tuza muri iyi si, ku musozi ukomeye kandi w'icyubahiro, utabashije Yesu, usadukamo kabiri, maze uhinduka ikibaya kinini cyane. Hanyuma turebye hejuru tubona

ururembo rukomeye, rufite imfatiro cumi n’ebyiri, n’amarembo cumi n’abiri, atatu kuri buri ruhande, kandi kuri buri reinbo hari marayika. Twese turarangurura tuti: “Ururembo. ururembo rukomeye, ruraje, ruje ruturuka ku Mana mu ijuru, nuko ruraza, rujya aho twari duhagaze. Nuko dutangira kurcba ibintu by’ubwiza byari inyuma y’ururembo. Mpabona amazu meze cyane yasaga n’ifeza, atewe inkingi enye zishyizweho imaragaritazifite ubwiza buhebuje bwo kurebwa. Ayo mazu yari abereyeho kubabwamo n’abera. Mu nzu yose harimo ingango yo kumanikaho ibintu. Mbona benshi mu bera bajya muri ayo mazu, bambura amakamba yabo arabagirana, bayashyira kuri ya ngango, nuko barasohoka bajya mu mirima iri hafi y’amazu kugira icyo bakora mu butaka, si nk’uko dukora ku butaka bwa none; ashwi da. Umucyo w’ubwiza urabagiranira ku mitwe yabo bose, bakomeza kurangurura no guhimbaza Imana.

Nabonye undi murima wuzuyemo uburabyo bw’amoko yose, kandi ubwo nabucaga narararanguruye nti: “Nta bwo buzagajuka. “Nongera kubona umurima urimo ibyatsi birebire, byiza cyane bibereye ijisho; byari bifite itoto rihoraho kandi bifite umucyo usa n’ifeza n'izahabu, biriho byizunguzanya ishema byerekeye ubwiza bw’Umwami Yesu. Hanyuma tujya mu gasozi kuzuyemo inyamaswa z’amoko yose, Intare, umwana w’intama, ingwe, n’sega, zose zishyize hamwe rwose. Tuzinyura hagati, maze zidukurikira zifite amahoro. Hanyuma tujya mu ishyamba, ritari nk’ishyamba ricuze umwijima ryo muri iyi si; reka da; ahubwo ryar’ishyamba ry’amayangayanga, rikikijwe n’ubwiza; amashami y'ibiti byo muri ryo yahungabaniraga hirya no hino, maze twese turarangurura tuti: “Tuzabera amahoro mu butayu maze twiryamire mu ishyamba.” Duca iryo shyamba, kuko twari mu rugando tujya ku musozi Sioni.

Ubwo twariho tugenda, twahuye n’inteko y’abantu na bo batumbiriye ubwiza bw’aho hantu. Mbona umusozo w’imyambaro yabo utukura; amakamba yabo arabagirana; ibishura byabo ari umweru waka Tubaramukije mbaza Yesu abo ari bo. Ambwira yuko ari abapfuye ari we bazira. Bari bari kumwe n’abana batagira ingano; nabo bari bafite umusozo utukura ku myambaro yabo. Umusozi Sioni wari imbere yacu. kuri uwo musozi hari urusengero rufite ubwiza, kandi rukikijwe n'indi misozi irindwi yari iriho uburabyo. Mbona twa twana duterera, cyangwa twashaka tukagurukisha utubaba twatwo, tukagwa mu mpinga z’iyo

misozi maze tugaca ubwo burabyo budateze kugajuka. Ahazengurutse urwo rusengero hari ibiti by'amoko yose byo gutera aho hantu ubwiza; igiti cy'ibibabi byinshi, igiti cy'umusonobari, ikindi giti cy'amashami makeya, umwelayo, n'agati gatoya, n'umukomamanga, n'umutini, byunamira hamwe n'imbuto z'umutini zari zeze ibyo bituma aho hantu hose haba ubwiza. Maze tugiye kwinjira mu rusengero, Yesu arangurura ijwi rye rinejeje cyane aravuga ati "Abinjira aha hantu ni abantu 144,000 gusa;' maze dutera hejuru tuti: "Haleluya."

Urwo rusengero rwari rufashwe n'inkingi ndwi, zose ari izahabu irabagirana, zishyizweho imaragarita, nziza cyane. Ibintu bitangaza nahabonye sinabasha kubisobanura. Yemwe,icyampa ngo mbashe kuvuga mu rurimi rw'i Kanani, ni ho babibashije kuvuga bike by'ubwiza bw'igihugu kirushijeho kuba cyiza. Nahabonye ibisate by'amabuye byanditsweho amazina y'abantu 144,000. Yandikishije inyuguti z'izahabu. Tumaze kwitegereza ubwiza bw'urusengero, turasohoka, maze Yesu aradusiga ajya mu rurembo. Bidatinze twongera kumva ijwi rye rinezeza rivuga riti: "Nimuze bwoko bwanjye, mwavuye mu mubabaro mwinshi, kandimwakoze ibyo nshaka; murambabarizwa; nimuze murye, kuko ngiye gukenyera, nkabahereza." Dutera hejuru tuti: "Haleluya! Ubwiza!" maze twinjira mu rurembo. Nuko mbona ameza akozwe mu ifeza nziza; yari afite uburebure bwa kilometero nyinshi, ariko amaso yacu yabashaga kuyaheza. Mbona imbuto z'igiti cy'ubugingo, manu, indozi, imbuto z'imitini, amakomamanga, inzabibu, n'izindi mbuto z'amako menshi. Nsaba Yesu kunkundira kurya kuri izo mbuto. Aramwira ati "Si ubu. Abariye kuri izi mbuto ntibaba bagisubiye mu isi ukundi. Ariko nuba umukiranutsi, hasigaye igihe gito ukazarya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kandi ukanywa ku mazi yo ku isoko. "Kandi arambwira ati "Ukwiriye kongera gusubira ku isi maze ugatekerereza abandi ibyo naguhishuriye. "Nuko marayika anzana neza muri iyi si y'umwijima. Rimwe na rimwe njya ntekereza yuko ntakibashije kuguma aha; ibintu byose byo mu isi biteye agahinda cyane. Hano mu isi numva ndi jyenyine rwose, kuko nabonye igihugu kirushijeho kuba cyiza. Yemwe, iyaba nari mfite amababa nk'inuma. nagurutse nkajya kwibera mu munezero!

IGICE CYA 2

IGIHE CY’IMPERUKA

Turi mu gihe cy'imperuka. Ibimenyetso by’ibihe byihutira gusohora biragaragaza yuko kuza kwa Kristo kuri hafi. Iminsi turimo iteye ubwoba kandi irakomeye. Umwuka w'Imana ariho arakurwa mu isi buhoro. Ibyago n’imanza byamaze kugera ku basuzugura ubuntu bw’Imana. Amahano aba ku butaka no ku nyanja, kutumvikana kw’abantu, imiborogo y’intambara, biteye ubwoba. Birahanura kwegereza kw’ibizaba by’icyubahiro gikomeye cyane.

Ibibi bifatanyirije hamwe imbaraga zabyo kandi birashikamye. Biraterana imbaraga kugira ngo bizane amakuba aheruka akomeye cyane. Guhinduka gukomeye kugiye kubaho ku isi yacu. kandi iherezo rizihutira kuza.

Uko ibintu bimeze mu isi birerekana yuko ibihe by.amakuba bitugezeho ubu. Amagazeti ya buri munsi yuzuye iby’intambara iri hafi kubaho. Ubwambuzi buteye akaga buriyongera. Kwanga imirimo bitewe no gushaka kongerwa igihembo biraboneka hose. Ubujura n’ubwicanyi biraboneka hose. Abagabo bafite abadayimoni barica abagabo, abagore n abana bato. Abantu batwawe ubwenge n'ibibi, kandi ibibi by’uburyo bwose birakwira cyane.

Umwanzi yagize amajyambere cyane mu byo kuyobya gukiranuka no mu byo kuzuza imitima y’abantu kwifuza inyungu yo kwikunda. “Imanza zitabera zisubizwa inyuma, no gukiranuka guhagarara kure kuko ukuri kwaguye mu nzira, kandi gutungana ntikubasha kwinjira.’' Yesaya 59:14. Mu midugudu ikomeye hari abantu batagira ingano bafite imibereho ya gikene n’iy”ubuhanya, bari hafi yo kubura ibyokurya, badafite aho baba, kandi badafite icyo bambara; muri iyo midugudu hakabamo abafite ibirenze iby”umutima wabo wakwifuza, bafite imiberho myiza cyane yo kwinezeza, bagatangira amafaranga yabo kugura amazi arimo ibintu bya gikungu, no ku kwirimbisha, ndetse ibibi biruseho n”uko bayakoresha ku kwinezeza mu by’ubusambanyi, no ku nzoga, no ku itabi n’ibindi bintu byonona ubwonko, bigatuma ubwenge budatekereza neza, kandi bigahenebereza umutima. Imiborogo y’abantu bicwa n’inzara irazamuka ikajya imbere y’Imana, naho abantu bariho

bararundanyisba ubutunzi bwinshi cyane agahato n'ubwambuzi by'uburyo bwose.

Mu gihe cya nijoro nahamagariwe kwitegereza amazu agerekeranye n'andi akarinda agera ku ijuru. Ayo mazu yishingiwe ko atabasha gushya, kandi yubakiwe gushimisha bene yo n'abubatsi. Ayo mazu arazamuka, kandi akarushaho kugera hejeru, kandi bayubakishije ibintu by'igiciro cyinshi cyane. Bene ayo mazu ntibarakibaza bati "Mbese twabasha dute gushimisha Imana biruseho?" Uwiteka ntiyari ari mu bitekerezo byabo.

Igihe ayo mazu manini cyane yazamukaga, bene yo bishimiraga kwihimbaza kuko bari bafite ubutunzi bwo gukoresha ku byo kwinezeza no kubyutsa ishyari ry'abaturanyi babo. Ubutunzi bwinshi babonye buba bwaraturutse mu ndamu mbi, no mu kugirira nabi abakene. Bibagiwe yuko mu ijuru bandika iby'imirimo yose ikorwa; umurimo wose wo gukiranirwa wakozwe, umurimo wose w'ubuhenzi, wandikwayo. Abantu barebye amazu manini batekerezaga yuko atabasha gushya maze baravuga bati "Ariya mazu ari amahoro rwose." Ariko ayo mazu yakongotse nk'aho yubakishije amakakama ashonga. Imashini zizimya umuriro ntizabashije guhagarika uko kurimbura. Abantu bazimya umuriro ntibababashije kugendesha imashini zabo.

Nabwiwe yuko igihe cyo kuza kw'Umwami nikigera, nta kizahinduka mu mitima y'abibona, n'abifuza, abantu bazabona yuko ukuboko kwari gufite imbaraga yo gukiza kuzaza gufite imbaraga yo kurimbura. Nta mbaraga yo mu isi ibasha gukoma ukuboko kw'Imana mu nkokora. Nta bintu bishobora kubakishwa amazu bizabasha kubarinda kurimbuka ubwo igihe cyategetswe cy'Imana cyo guhanira abantu ko basuzuguye amategeko yayo kandi ko bishakiye icyubahiro, kizaba kigeze.

Ntihariho benshi, ndetse no mu bigisha n'abategetsi, basobanukirwa n'intandaro y'uburyo abantu bameze muri iki gihe. Abahagarariye ubutegetsi ntibashobora gusobanura ibibazo by'ingeso zamunzwe, ubukene, ubutindi, no kwiyongera kw'ibibi. Barahihibikanira ubusa batunganya ibintu ngo bibe ku rufatiro rurushijeho kuba amahoro. Iyaba abantu bitonderaga biruseho iby'ijambo ry'Imana ryigisha, babonye inama y'ibibarushya bibatera kwiheba.

Ibyanditswe byera bisobanura uko isi izaba imeze mbere yo kuza kwa kabiri kwa Kristo. Iby'abantu barundanisha ubutunzi bukomeye ubwambuzi n'ubuhenzi byanditswe ngo: "Mwabitse ubutunzi bwanyu mu minsi y'imperuka. Dore, ibihembo by'abasaruzi basaruye imirima yanyu, ibyo mwabimishije uburiganya, birataka; kandi umuborogo w'abo basaruzi winjiye mu matwi y'Uwiteka nyiri ingabo. Mwaradamaraye mu isi, mwishimira ibibanezeza bibi. Mwihagije mu mitima ku munsi wo kurimbuka. Umukiranutsi mwamuciriyeho iteka, muramwica, atabarwanya. "Yakobo 5:3-6.

Ariko se ni nde usoma imiburo itangwa n'ibimenyetso by'ibihe byihutira gusohora? Abakunda ibibanezeza byo mu isi bo batekereza iki? Ni guhinduka ki kuboneka mu bitekerezo byabo? Si ibiruta ibyabonekaga by'abaturage bo mu isi yo mu gihe cya nowa. Abo mu gihe cyabanjirije umwuzure. barohamye mu mirimo n'umunezero by'isi, "ntibabimenya kugeza aho umwuzure waziye, ukabatwara bose, "Matayo 24:39. Bari barahaWe imiburo ivuye mu ijuru, ariko banga kumva. No muri iki gihe, isi yasuzuguye umuburo w'ijwi ry'Imana, irihutira kurimbuka kw'iteka.

Isi ihagaritswe umutima n'umwuka w'intambara. Ubuhanuzi bwo mu gice cyacumi na kimwe cya Daniyeli buri hafi kuzura neza. Bidatinze amakuba yavuzwe n'umuhanuzi agiye gutera.

"Dore Uwiteka ahindura isi umwirare, arayiraza, arayubika, atatanya abaturage bayo ... kuko bacumuye amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Ni cyo gitumye umuvumo utsemba isi, n'abayibamo bagatsindwa n'urubanza ...Ibyishimo bitewe n'amashako birashize; urusaku rw'abanezerwa rurahoze, umunezero utewe n'inanga urashize. "Yesaya 24:1-8.

"Tubonye ishyano! Kuko umunsi w'Uwiteka ugeze hafi, uzaza ari uwo kurimbura kuvuye ku Ishobora byose." Yoweli 1:15. "Nitegereje isi, mbona idafite ishusho, kandi irimo ubusa: n'ijuru na ryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire, mbona itigita, ndetse n'iyindi yose na yo inyeganyega. Nitegereje, mbona ahantu hari uburumbuke harabaye ubutayu, n'imidugudu yaho yose yasenyukiye imbere y'Uwiteka kubw'uburakari bwe bukaze. "Yeremiya 4:32-36. "Ayii, uwo munsi urakomeye, nta undi umeze nka wo; n'igihe cy'umubabaro wa Yakobo; ariko azakirokokamo. Yeremiya 30:7.

Abari mu isi bose si ko bagiye mu ruhande rw'umwanzi ngo barwanye Imana. Bose si ko babaye ibigande. Hariho abakiranutsi bakeya babereye'Imana abanyakuri, kuko Yohana yanditse ati "Ngaba abakomeza amategeko y'Imana." Ibyahishuwe 14:12. Bidatinze hazaba intambara hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera. Bidatinze ikintu cyose kibasha kunyeganyezwa kizanyeganyezwa, kugira ngo ibitabasha kunyeganyezwa bisigare.

Satani ni umwigishwa wa Bibliya w'umunyamwete. Azi yuko igihe asigaranye ari kigufi, kandi ashakashaka mu buryo bwose gukora umurimo unyuranye n'umurimo w'Umwami muri iyi si. Ntibishoboka gutanga igitekerezo icyo ari cyo cyose cy'ibizaba ku bwoko bw' Imana bazaba bakiri bazima ku isi ubwo ubwiza bwo mu ijuru n'amagambo y'uburyo barenganijwe kera azaba yasubiwemo bikavangwa. Bazagendagenda mu mucyo uva ku ntebe y'ubwami y'Imana. Hazahoraho umushyikirano hagati y'isi n'ijuru babifashijwe mo n'abamarayika. Kandi Satani uzaba agoswe n'abamarayika babi, wiyitaga Imana, azakora ibitangaza by'uburyo bwose, kugira ngo ayobye intore zose, niba bishoboka. Ubwoko bw'Imana ntibuzabonera amahoro mu gukora ibitangaza, kuko Satani azigana ibitangaza bizakorwa. Ubwoko bw'Imana bwageragejwe bukanyuzwa mu ruganda buzakura imbaraga mu kimenyetso kivugwa mu Kuva 31:12-18. Bakwiriye guhagarara bashikamye ku ijambo rizima ryitwa: "Handitswe ngo" Uru ni rwo rufatiro gusa babasha guhagararaho amahoro. Abishe isezerano basezeranye n'Imana kuri uwo munsi bazaba badafite Imana kandi badafite ibyiringiro.

Abasenga Imana, ikizabamenyekanisha cyane cyane ni itegeko rya kane kuko ari ryo kimenyetso cy'imbaraga y'Imana yo kurema n'igihamya umuntu uyubaha. Abanyabibi bazamenyekanira ku kurimbura urwibutso rw'Umuremyi no gushyira hejuru inyigisho z'iRoma. Mu itangira ry'intambara, Abakristo bose bazagabanywamo imitwe ibiri, abakomeza amategeko y'Imana bakagira no kwizera nk'ukwa Yesu, n'abasenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo, kandi bakakira ikimenyetso cyayo. Ni bwo itorero n'ubutegetsi bizafatanyiriza imbaraga zabyo hamwe guhatira bose, "aboroheje n'abakomeye," n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata," gushyirwaho ikimenyestso cy'inyamaswa, ubwoko bw'Imana bwo ntibuzagishyirwaho. Ibyahishuwe 13:16.

Umuhanuzi wo ku kirwa cya Patimos yitegereza abanesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo n'mubare w'izina ryayo, bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahuri, bafite inanga z'Imana; baririmba indirimbo ya Mose n'Umwana w'Intama. Ibyahishuwe 15:2.

Ibigeragezo n'amakuba bitey'ubwoba bitegereje ubwoko bw'Imana. Amahanga atewe umuvurungano n'intambara, uhereye ku mpera imwe y'isi ukagera ku yindi. Ariko igihe cy'amakuba kigiye kuza ni kigera hagati igihe cy'umubabaro utigeza kubaho, uhereye igihe amahanga yabereyeho, ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe buzahagarara butanyeganyega. Satani n'ingabo ze ntibazabasha kubarimbura, kuko abamarayika barusha bose imbaraga bazabarinda.

IGICE CYA 3

ITEGURE GUSANGANIRA UMWAMI

Nabonye yuko tudakwiriye gutinza kuza kw'Umwami. Marayika yaravuza ati "Nimwitegure, nimwitegure ikigiye kuba ku isi. Nimureke imirimo yanyu imere nk'uko kwizera kwanyu kuri." Nabonye yuko ubwenge bukwiriye kuguma ku Mana, kandi yuko ubwenge bwacu bukwiriye kuvugira Imana n'ukuri kwayo. Ntidushobora guhesha Umwami icyubahiro kandi turi abanebwe n'abatagira icyo bitaho. Ntidushobora guhimbaza Imana kandi turi abantu bacogora. Dukwiriye gushishikarira kubona agakiza k'imitima yacu ubwacu, no gukiza abandi. Icyo ni cyo kintu cy'ingenzi kiruta ibindi byose, maze ibindi by'iruhande bikabona gukurikiraho.

Nabonye ubwiza bw'ijuru. Numvise abamarayika baririmba indirimbo zabo z'umunezero, bahimbaza Yesu. Kandi bamuha icyubahiro. Ubwo ni bwo nabashije kugira icyo menya cyerekeye urukundo rw'Umwana w'Imana. Yasize ubwiza bwose, n'icyubahiro cyose yari afite mu ijuru maze anezezwa cyane no kuduhesha agakiza,bituma abantu bamurundaho gukorwa n'isoni kose no gusuzugurwa, abyikorera yihanganye kandi yicishije bugufi. Yaracumiswe, arakubitwa, kandi arashenjagurwa: yashyizwe ku musaraba w'I Kaluvari, maze yicwa urupfu rubi cyane kugira ngo

adukize urupfu, tubashe kwejeshwa amaraso ye tuzazurirwe kubana na we muri ya mazu adutegurira, twishimira umucyo n' ubwiza bw'ijuru, twumva abamarayika baririmba kandi turirimbana na bo.

Nabonye abo mu ijuru bose bishimirako duhabwa agakiza; none se twe tuzaba abanenganenzi? Tuzaba abatagira icyo bitaho, nk'aho ari icyoroshye ko dukizwa cyangwa ko tuzimira? Mbese tuzasuzugura igitambo twatangiwe? Bamwe barabikoze. Bakinishije imbabazi bagiriwe, maze igitsure cy'Imana kibazaho. Umwuka w'Imana, ntazahora aterwa agahinda. Niyongera guterwa agahinda ho gato kandi, azigendera. Imana nimara gukora ibikwiriye byose byo gukiza abantu. Niberekanisha imibereho yabo yuko basuzuguye imbabazi Yesu yabagiriye, umugabane wabo uzaba urupfu, bazaba bararuguze barukunze. Ruzaba ari urupfu ruteye ubwoba; kuko bazumva umubabaro ukomeye Kristo yagize ari ku musaraba. ashaka kubabonera uko gucungurwa banze. Ubwo ni bwo bazamenya yuko babuze ubugingo buhoraho no kuragwa kudapfa. Igitambo gikomeye cyatangiwe gukiza imitima kitwereka agaciro kabo. Igihe umuntu umwe w'igiciro azimiye rimwe, aba azimiye iteka.

Nabonye marayika ahagaze afite iminzani mu ntoke ze, apima ibitekerezo n'ibinezeza ubwoko bw'Imana, cyane cyane iby'abasore. Ku ruhande rumwe hari ibitekerezo n'ibinezeza byerekeye ijuru; ku rundi, hari ibitekerezo n'ibinezeza byerekeye isi. Kuri icyo gipimo hashyizweho gusoma ibitabo by'ibitekerezo byose, intekerezo z'imyambaro no kwiyerekana, kwirarira, ubwibone, n'ibindi. Yoo! Mbega umwanya ukomeye cyane! Abamarayika b'Imana bari bahagaze bafite iminzane mu ntoke, bapima intekerezo z'abiyita abana bayo ari bo bavuga yuko bapfuye ku by'isi, kwirarira no kwibona maze uherako ujya hasi vuba nyamara uburemere bwakomeje kwiyongera ku munzani. Uruhande rwariho ibitekerezo n'ibinezeza by'ijuru wahereyeko ujya hejuru mu gihe undi wajyaga hasi, maze yemwe, mbega uburyo byari bifite uburemere bukeya! Mbasha kuganirira abantu ibyo nk'uko nabibonye; ariko sinabasha gusobanura cyane uko byagenze cyane, ubwo nabobaga marayika afite imizani apima intekerezo n'ibinezeza by'ubwoko bw'Imana Marayika yaravuze ati Mbese bene abo bashobora kwinjira mu ijuru? Ashwi da, ntabwo. Babwire yuko ibyiringiro bafite ubu ari ubusa, nibatihana bwangu, ngo bahabwe agakiza, bazarimbuka.

Ishusho yo kubaha Imana ntizabakiza na hato. Bose bakwiriye kugira imibereho ishikamye kandi mizima. Icyo cyonyine ni cyo kizabakiza mu gihe cy'amakuba. Ni bwo umurimo wabo uzageragezwa ngo urebwe uwo ari wo; kandi niba ari izahabu cyangwa ifeza, cyangwa amabuye y'igiciro, bizahishwa mu bwihisho bw'ihema ry'Uwiteka. Ariko niba umuriro wabo ari ibiti, cyangwa ibyatsi, cyangwa ibikenyeri, nta kizabakingira uburakari bukaze bwa Yehova.

Nabonye yuko benshi bipima kuri bagenzi babo ubwabo. Kandi bakagereranya imibereho yabo kuy'abandi. Ibyo ntibikwiriye kubaho. Nta undi twahaweho icyitegererezo utari Kristo. Ni we cyitegererezo cyacu cy'ukuri, kandi umuntu wese akwiriye guhirimbanira kurushaho cyane kumwigana. Duteranyiriza hamwe na Kristo cyangwa tugasandaza. Turi abakozi bakorana na Kristo, cyangwa ntituri bo na gato. Yesu aravuga ati "Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize. Nuko rero, kuko uri akazuyaze, udakonje, ntubire, ngiye kukuruka," Ibyahishuwe 3:15-16.

Nabonye yuko bamwe bataramenya rwose kwiyanga cyangwa kwitanga icyo ari cyo, cyangwa kubabazwa uzira ukuri icyo ari cyo. Ariko nta n' umwe uzinj i ra mu ij uru atitanzeho igitambo. Umutima wo kwiyanga no kwitangaho igitambo ni wo ukwiriye kutubamo. Bamwe ntibarakitangaho igitambo, ngo batambire imibiri yabo ku gicaniro cy'Imana. Bahorana ihubi n'umujinya ubatera kujahagurika, bakanezeza irari ryabo, kandi bakerekeza umutima ku bibanezeza, bakirengagiza umurimo w'Imana. Abemera kwitangira igitambo kuzabona ubugingo buhoraho, bazabubona; kandi birakwiriye kububabarizwa, no guhara ikigirwamana cyose ku bwabo. Umugisha uhoraho w'agatangaza, ukomoka ku bwiza bw'Imana, utubashisha gusiga byose kandi ukaduhuza ibinezeza by'isi byose.

(1) 1 Tpp. 123-126

IGICE CYA 4

GUSABANA NA KRISTO N'URUKUNDO RWA KIVANDIMWE

Ni umugambi w'Imana yuko abana bayo bazagira ubumwe cyane. Mbese ntibiringiye kuzaba no mu ijuru rimwe? Mbese Kristo yigabanijemo ibice? Mbese azaha ubwoko bwe amahirwe butarakubura imyanda y'ibibi yo gukeka no kugira intonganya, abakozi bataragira umugambi umwe wo kwegurira imitima n'ubwenge n'imbaraga; mu murimo w'Imana wera cyane imbere yayo? Gusabana bitera imbaraga; naho guca ukubiri bitera intege nke. Nidufataniriza ham we, tukumvikana dushakira abantu agakiza, ni ho tuzaba koko "abakozi bakorana n'Imana." Abanga gukora bafatanirije hamwe bakoza Imana isoni cyane. Umwanzi w'imitima anezezwa no kubabona bahora barakariranye. Bene abo bakeneye kwitoza urukundo rwa kivandimwe n'ubugwaneza bw'umutima. Iyaba babashaga gukuraho umwenda ukingirije igihe kizaza ngo barebe ingaruka yo kutumvikana byari kubatera kwihana rwose! 1

Gusabana Na Kristo No Kumvikana Ubwacu Biturinda Akaga Rose.

Ab'isi bishimira yuko Abakristo batumvikana. Kutizera birabashimisha. Imana ishaka yuko ubwoko bwayo buhinduka. Gusabana na Kristo no gusabana ubwacu ni ho tubasha kubonera amahoro gusa mur'iyi minsi y'imperuka. Nimutyo twe gukundira Satani kuvuga itorero ryacu ngo: "Nimurebe uko aba bantu bahagaze munsi y'ibendera rya Kkristo bangana. Ntacyo dukwiriye kubatinyira ubwo bakoreshereza imbaraga zabo gusubiranamo kuruta kurwanya imbaraga zanjye."

Umwuka Wera amaze kumanukira abigishwa ba Yesu, bagiye kwamamazaUmukizawazutse, bifuje ikintukimwegusa, ko abantu bahabwa agakiza. Bishimiye umubano bagiranye n'abera. Bari abagwaneza, abitonda, abiyanze, bemeye kwitangira ukuri. Gushyira hamwe kwabo kwa buri munsi ni ko kwahishuye urukundo Kristo yari yarabategelse guhishura. Amagambo n'imirimo byo kutikunda ni byo bashyirishijcho umwete wo kubyutsa urwo rukundo mu mitima y'abandi.

Abizera bari bafite urukundo rwuzura imitima y'intumwa Umwuka Wera amaze kuzimanukira. Bari bakwiriye gukuza amajyambere bafite kumvira kwemera itegeko rishya, ngo: "Nk'uko

nabakunze. mu be ariko namwe mukundana.” Yohana 13-35. Uko ni ko basabanye na Kristo cyane kugira ngo babashishwe gusohoza ibyo ashaka. Imbaraga y'Umukiza wabashaga kubatsindishiriza abikoreshehe gukiranuka kwe yari ikwiriye kubahirizwa.

Ariko abakristo bo mu itorero rya mbere batangiye gushakashakanamo amafuti. Bizimba, ku mafufi, baha akito kunegurana kw’ubugizi bwa nabi,baheba mu maso h’Umukiza, kandi baburan'urukundo rukomeye yahishuriye abanyabyaha. Bashimikiriye imihango igaragarira amaso bita cyane ku nyigisho z’uko kwizera, barushaho kuba inkazi mu kunegurana kwabo. Bagize umwete wo guciraho abandi iteka, maze bibagirwa ibyabo bicumuro. Bibagiwe icyigisho cyerekeye urukundo rwa kivandimwe Kristo yari yarigishije. Kandi igiteye agahinda kuruta byose, ni uko babuze ubwenge bwo kumenya icyo bahombye. Ntibarakamenya yuko umunezero n’ibyshimo bitakirangwa mu mibereho yabo, kandi yuko bidatinze bagiye kugendera mu mwijima, bamaze gukingiranira urukundo rw'Imana inyuma y’imitima yabo.

Intumwa Yohana yamenye yuko urukundo rwa kivandimwe rutakirangwa mu itorere, maze aba ari rwo yizimba kuvuga. Yarinze ageza umunsi yapfuyeho agihendahendera abizera guhora bimenyereza gukundana. Inzandiko yandikiye amatorero zuzuwe n’iki gitekerezo ngo: “Bakundwa, dukundane,” arandika ati ‘‘Kukw’Imana ari urukundo... Imana yatumye umwana wayo w’ikinege mu isi. kugira ngo tubone uko tubeshwaho na we.” 1 Yohana 4:7-11.

Mu itorero ry’Imana ry’ubu habuzemo urukundo rwa kivandimwe cyane. Benshi bo mu bavuga yuko bakunda Umukiza birengagiza gukunda abo bafatanije umubano wa Gikristo. Dufite kwizera kumwe, turi umuryango umwe, twese turi abana ba Data wa twese wo mu ijuru umwe, dufite ibyiringiro bimwe byo kudapfa. Umurunga udufatanije ukwiriye kuba hafi kandi ukaba uw’ineza. Abantu bo mu isi baratureba ngo bamenye ko kwizera kwacu gufite imbaraga yeza mu mitima yacu. Batebuka kugenzura ifuti ryose mu mibereho yacu, no kutumvikana hose mu mirimo yacu. Nimutyo twekubaha akito ko gusebya kwizera kwacu. 2

Gusabana n ’Ubumwe Ni byo Buhamya Bwacu Bukomeye Cyane.

Guhiringuturanya n’ab’isi si ko kudushyira mu kaga cyane; ahubwo ni ibibi bikorerwa mu mitima y’abiyita abizera bituzanira amakuba ateye agahinda kandi bigatinza cyane amajyambere y’umurimo w’Imana. Nta yindi nzira irushijeho kuba iyo gucogoza rwose ingeso yacu y’iby’umwuka iruta kugira ishyari. no gukekana no gushaka ibibi ku bandi no gukeka ibibi. "Bene ubwo bwenge si bwo bumanuka buvuye mu ijuru, ahubwo no ubw’isi, ni ubwinyamaswabantu, ndetse ni ubw’abadayimoni, kuko aho amakimbirane n’intonganya biri, ari ho no kuvurungana kuri no gukora ibibi byose. Ariko ubwenge buva mu ijuru. icya mbere buraboneye, kandi ni ubw’amahoro, n’ubw'ineza. bwemera kugirwa inama, bwuzuy’imbabazi n’imbuto nziza. butarobanura ku butoni, kandi butagira uburyarya.” Yakobo 3:15-18.

Gusabana n’ubumwe biri mu bantu bafite ingeso zitari zimwe ni byo muhamya ukomeye cyane yuko Imana yatumye Umwana wayo mu isi gukiza abanyabyha. Ni ihirwe ryacu kujyana bene ubwo buhamya. Ariko kugira ngo dukore ibyo, dukwiriye kwemera itegeko rya Kristo. Ariko ingeso zacu zikwiriye gutunganyishwa gusabana n’ingeso ze, n’ubushake bwacu bukwiriye guhabwa ubushake bwe. Ni bwo tuzakorera hamwe tudafite igitekerezo cyo kugirirana nabi.

Kutumvikana gutoya kugundiriwe gutera gukora ibyonona umubano wa Kristo. Nimutyo twekwemerera umwanzi dutyo ngo atwigarurire. Nimutyo turusheho kwegera Imana no kwegerana ubwacu. Ni ho tuzaba nk’ibiti byo gukiranuka, byatewe n’Uwiteka, kandi byavomerejwe uruzi rw’ubugingo. Mbega uburyo tuzera imbuto! Mbese Kristo ntiyavuze ati “Ibyo ni byo byubahisha Data"? Yohana 15:8.

Iyo isengesho rya Kristo ryemerwa burundu, iyo ibyo ryigisha bihora byinjizwa mu mibereho ya buri munsi y’ubwoko bw’Imana, ubumwe mu murimo bwatubonekamo. Umuvandimwe azahambirishwa ku muvandimwe umurunga w'urukundo rwa Kristo. Umwuka w’Imana ni wo uzana ubwo bumwe. Uwiyejeje ni we ubasha kweza abigishwa be. Nibasabana na we,bazasabanishwa no kwizera kwera cyane. Niduhirimbanira kubona ubwo bumwe nka uko Imana yifuza ko tubihirimbanira buzatuzaho. 3.

Icyo Imana ishaka si umubare munini w'amashuri, n'amazu magari no kugira ibyo werekana bigaragara, ahubwo icyo ishaka ni imirimo ikorerwa hamwe y’ubwoko bw'umwihariko abantu batoranyijwe n’Imana kandi bafite agaciro, bunze ubumwe, imibereho yabo ihishanywe na Kristo mu Mana. Umuntu wese akwiriye guhagarara mu mugabane we n’ahantu he, akagira ibitekerezo n’amagambo. n’imirimo bikwiriye. Igihe abakozi b''Imana bose bazakora ibyo, kandi ntibizaba keretse babikoze, ni bwo umurimo wayo uzaba ushyitse, wuzuye neza. 4.

Uwiteka ashaka abagabo bafite kwizera nyakuri n’ubwenge bushyitse, abagabo basobanukirwa nitandukaniro ry’ukuri n’ibinyoma. Umuntu wese akwiriye kuba maso, akiga kandi agashyira mu bikorwa inyigisho zitangwa mu gice cya cumi na karindwi cya Yohana, kandi agakomereza kwizera kuzima mu kuri kuriho ubu. Dukeneye kwitegeka kuzatubashisha gusabanya ingeso zacu n'isengesho rya Kristo. 5.

Umutima wa Kristo uba ku bayoboke be bakora ibyo kuzuza umugambi w’Imana mu ngingo zawo zose. Bakwiriye kubera umwe muri we, nubwo batataniye mu isi yose. Ariko Imana ntishobora kubagira umwe muri Kristo keretse bemeye kureka inzira zabo bagakurikira inzira ye. 6.

Gufatanyiriza Hamwe

Mu gihe cyo guhanga amashuri ahantu hashya. biba ngombwa kenshi guha abantu batazi utuntu twose two mu murimo inshingano. Abo bantu bakorana inkomyi zikomeye kandi bo. hamwe, n’abakozi bagenzi babo nibatagira umutima wo kutishakira inyungu zabo mu murimo w’Umwami, hazabaho ingaruka mu bikorwa zizakoma mu nkokora amajyambere yawo

Benshi biyumvamo yuko umurimo bakora ari uwabo gusa, kandi nta undi ukwiriye kugira inama izarizo zose ziwerekeye. Abo nyine ni bo batazi uburyo bwiza bwo kuyobora umurimo; ariko kandi iyo hagize uhangara kubagira, inama, bararakara maze bakarushaho kugambirira gukurikiza inama yabo bishakiye. Ikindi kandi, abakozi bamwe ntibemera gufasha cyagwa kwigisha abandi bakozi bagenzi babo. Abandi batari bamenya umurimo ntibifuza ko ubujiji bwabo bumenyekana. Barafudika,

bagapfusha ubusa igihe kinini ibintu byinshi, kuko bafite ubwibone bubabuza kugisha abandi inama.

Ntibiruhije kumenya intandaro y'amakuba. Abakozi babaye nk'ubudodo bwigenga, aho kwireba nk'ubudodo bukwiriye kuboherwa hamwe ngo bufashe kurema ibara runaka.

Ibyo bintu bitera Umwuka Wera agahinda. Imana yifuza yuko twakwigishanya. Ubwigenge budakomotse ku Mana budushyira aho atabasha gukorana natwe. Bene ibyo binezeza Satani.

Umurimo w'umukozi wese uzageragezwa kugira ngo urebwe ko akorera gushyira umurimo w'Imana imbere cyangwa ko akorera gushaka ibyo kwinezeza.

Icyaha kiri inyuma y' ibindi ndetse kitoroshye gukira ni ubwibone mu bitekerezo no kwishyira hejuru. Ibyo bihagaze mu nzira yimira gukura kose. Iyo umuntu afite ifuti mu ngeso, ananirwa kurimenya; iyo yarohamye mu kwiyumva ko yihagije, ntabashe kumenya ifuti rye, yabasha ate kwezwa? "Abazima si bo bifuza umuvuzi. keretse abarwayi." Matayo 9:12. None se umuntu yabasha ate gutunganywa kandi atekereza yuko inzira ze ziboneye?

Umukristo watanze umutima we wose gusa ni we ubasha kuba imfura nyakuri.7

(1) 8 T 240' (2) 8 T 240-242; (3) 8 T 232, 243; (4) 8 T 183; (5) T 239; (6) 8 T 243; (7) T 197-200.

IGICE CYA 5

KRISTO GUKIRANUKA KWACU

“Nitwatura ibyaha byacu. ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose,” 1 Yohana 1:9.

Imana ishaka yuko twatura ibyaha byacu, kandi tukicishiriza bugufi imitima yacu imbere yayo; ariko icyo gihe. dukwiriye kuyiringira ko ari Data wa twese w'umugwaneza, utazahana abamwiringira. Benshi muri twe tugenda dukurikiye uko turora ibintu, ntitugenda dukurikije kwizera. Twizera ibigaragara. ariko ntitwishimira amasezerano meza cyane twaherewe mu ijambo ry'Imana; kandi nta kundi twakoza Imana isoni tubyitumye birenze kugaragaza yuko tutiringiye ibyo yavuze; no kubaza yuko Imana itwitayeho cyangwa yuko idushuka.

Imana ntitureka bitewe n'ibyaha byacu. Tubasha gufudika, maze tukababaza Umwuka wayo; ariko nitwihana, tukayisanga dufite imitima yicuza, ntizadushora inshucu. Hari ibihindizo bikwiriye kuvanwaho. Dutekereza nabi, tukibona, tukabona ko twihagije, ntitwihangane, kandi tukivovota. Ibyo byose bidutandukanya n'Imana. Ibyaha bikwiriye kwaturwa kandi tukagirirwa ubuntu bwimbitse mu mitima yacu. Abiyumvamo ko bafite intege nke kandi bacogoye bashobora guhinduka abagabo b’intwari b’Imana, kandi bagakorera shebuja umurimo w’icyubahiro gikomeye. Ariko bakwiriye gukorera aharushijeho kwirengera;ntibakwiriye gukururwa n’impamvu zo kwikunda.

Dukwiriye kwigira mu ishuri rya Kristo. Gutungana kwe konyine ni ko kubasha kuduha umugisha umwe wo mu masezerano y'ubuntu. Twamaze igihe kirekire twifuza kandi tugerageza kubona iyo migisha, ariko ntitwayihawe, kuko twagize igitekerezo cy’uko hari icyo twabasha gukora ubwacu cyatuma tuyihabwa. Ntitwikuyeho amaso, ngo twizere yuko Yesu ari we Mukiza uhoraho. Ntidukwiriye gutekereza yuko ubuntu n’imirimo myiza byacu ari byo bibasha gukiza; ubuntu bwa Kristo ni bwo byiringiro by’agakiza gusa. Uwiteka, yatangiye isezerano mu muhanuzi we, ati “Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira; agarukire Uwiteka, na we aramubabarira, rwose pe. Yesaya 55:7- Dukwiriye kwizera isezerano ry’ukuri, tukareka kwemera kwizera

twiyumva. Nitwiringira Imana burundu, tukiringira ineza ya Yesu Umukiza ubabarira byaha, tuzahabwa ikintu cyose cyo kudufasha twifuza.

Turitumbira nkaho ari twe dufite imbaraga zo kwikiza; ariko Yesu yadupfiriye abitewe n'uko tutabyishoborera. Muri we ni ho dufite ibyiringiro byacu, gutsindishirizwa kwacu no gukiranuka kwacu. Ntidukwiriye kwiheba, no gutinya yuko tudafite Umukiza, cyangwa ngo twibwire ko adatekereza ibyo kutugirira imbabazi. Ubu ngubu arakora ku bwacu, aturarikira kumusanga turi abadafite kivurira, ngo dukizwe. Tumukoza isoni iyo tutizera. Biratangaje kubona uko tugenzereza incuti yacu ihebuje, uko tumwiringira tudebetse kand'ashoboye gukiza rwose, we waduhaye buri kimenyetso cyose cyo guhamya urukundo rwe rukomeye.

Bene Data, muteze yuko ingeso zanyu nziza ari zo zizabahesha ubuntu bw'Imana, mukibwira yuko mubasha kubaturwa ku cyaha mutariringira imbaraga ye ko ibasha kubakiza? Niba izo ari zo ntugunda ziri mu bwenge bwanyu, ndatinya ko nta mbaraga muzahabwa, kandi hanyuma muzacogora.

Igihe Uwiteka yemereragainzokaz'ubusabwe kurya Abisirayeli bari bigometse, Mose yabwiwe kumanika inzoka y'umuringa no kubwira abakomerekejwe n'inzoka bose ngo bayirebe babone kubaho. Ariko abenshi nta bufasha babonye muri uwo muti wavuye mu ijuru. Aho hari hadendeje imirambo n'abasamba, kandi bari bazi ko nibadafashwa n'Imana bariburimbuke koko; nyamara baborogeshejwe n'inguma, n'uburibwe, n'urupfu rwari rubagerereje, kugeza ubwo imbaraga zabashizemo, batangira kureba ibirorirori, kandi baba barakijijwe ako kanya.

"Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu" ni ko "Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho." Niba uzi ibyaha byawe, ntukoreshe imbaraga zawe zose ubiborogera, ahubwo urebe ubone gukira. Yesu ni we Mukiza wacu gusa; nubwo abantu uduhumbagiza bakeneye gukizwa bakwihakana imbabazi vabagiriye, nta n'umwe wiringiye ubuntu bwe uzarimburwa. Mu gihe tuzi ko tudafite Kristo nta cyo twakwimarira, ntidukwiye gucika intege; dukwiye kwiringira Umukiza wabambwe

akazuka. Abatindi, barembejwe n'ibyaha, batagifite ibyiringiro barareba bagahabwa ubugingo. Yesu yasezeranishije ijambo rye; azakiza abamusanga bose.

Sanga Yesu, ubone uburuhukiro n’amahoro. Ushobora guhabwa umugisha ndetse nonaha. Satani akugira inama avuga yuko utagira kivurira. kandi udashobora kwiha umugisha. Ni iby’ukuri; ntugira kivurira. Ariko manika Yesu imbere yawe uvuge uti: “Mfite Umukiza wazutse. Ndamwiringiye, kandi ntazakunda ko ndimbuka. Mvugishwa impundu n'izina rye. Ni we gukiranuka kwanjye, n’ikamba ryanjye ryo kwishima.” Ntihakagire uwibwirako ntaho ari; kuko Atari ko biri. Ushobora kumenya yuko uri umunyabyaha kandi uzarimbuka; ariko ibyo ni byo bituma ukeneye Umukiza. Niba ufite ibyaha ukwiriye kwatura, wipfusha igihe ubusa. Ibi bihe bifite igiciro cy’izahabu. “Nitwatura, ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose.” 1 Yohana 1:7. Abafite inzara n’inyota byo gukiranuka na bo bazahazwa, kuko Kristo yabibasezeraniye. Umukiza mwiza! Amaboko ye aramburiwe kutwakira, kandi umutima we ukomeye w'urukundo utegereje kuduha umugisha.

Bamwe basa n’abiyumvamo ko bakwiriye kugeragezwa, kandi ko bakwiriye guhamiriza Uwiteka yuko bahindutse, mbere yo kumusaba umugisha. Nyamara abo bantu bakundwa bashobora gusaba umugisha n’ubu. Bakwiriye kugira ubuntu bwe, n’umwuka wa Kristo, kugira ngo bibafashe mu ntege nke zabo, bitabaye bityo ntibashobora kugira ingeso za Gikristo. Yesu akunda ko tumusanga uko turi-; turi abanyabyaha, n’abatagira kivurira n'impezamajyo.

Kwihana no kubabarirwa ni impano duhabwa n’Imana muri Kristo. Imbaraga y’Umukiza Wera ni yo itwemeza icyaha, maze tukiyumvamo ko dukeneye kubabarirwa. Nta muntu n’umwe ubabarirwa ibyaha adafite umutima ushengutse; ajiko ubuntu bw'Imana ni bwo butera umuntu kwihana. Imana izi intege nke zacu zose n’ibyo tutakwishoboza byose kandi izadufasha.

Bamwe basanga Imana ari uko bihannye kandi batuye ibyaha, ndetse bizera yuko ibyaha byabo bibabariwe, baracyananiwe gusaba kuzurizwa amasezerano y'Imana nubwo bari bakwiriye kubikora. Ntibazi yuko Yesu ari Umukiza uhora hafi iteka; kandi ntibiteguye kumuhozaho

imitima yabo, biringiye yuko yuzuza umrimo utunganye w’ubuntu yatangiye gukorera mu mitima yabo. Mu gihe batekereza yuko bariho biyegurira Imana, bariyemera cyane. Hariho abantu bagira umwete ariko bakiringira Imana igice ikindi bakiyiringira. Ntibareba ku Mana ngo barindwe m imbaraga yayo, ahubwo biringira kuba maso ngo batagwa mu bishuko no kuzuza inshingano zimwe na zimwe zabahesha kwemerwa n'Imana. Nta gutsinda kuba mu kwizera nk’uko. Abantu nk’abo biyuha akuya ariko nta cyo bageraho; imitima yabo ihora mu bubata budashira. kandi ntibaruhuka batararambika imitwaro yabo kubirenge bya Yesu.

Dukwiriye guhora turi maso, dufite umwete, dukunda gusenga; ariko ibyo n'bundi biza iyo umutima urindwa, n'imbaraga y’Imana mu kwizera. Nta cyo dushobora gukora, haba na busa rwose cyaduhesha ubuntu bw’Imana. Ntidukwiriye kwiyiringira na gato cyangwa ngo twiringire imirimo myiza twakoze; ariko nubwo turi abahabye bashayishije mu byaha nidusanga Kristo, tuzabona uburuhukiro mu rukundo rwe. Imana yakira umuntu wese uyisanga yiringiye amaramaje ineza y’Umukiza wabambwc IJrukundo ruturuka mu mutima. Bishoboka ko umuntu atabona ibyishimo ngo yumve atwawe na byo, ariko abona ibyringiro byuzuye amahoro kandi bidashira. Buri mutwaro wose uroroha; kuko umutwaro Kristo yikoreza woroshye. Inshingano tugomba kuzuza ihinduka umunezero, kandi ukwitanga tugira kutubera ibyishimo. Inzira mbere yasaga n’icuze umwijima w’icuraburindi ihinduk inzira y’umucyo mwinshi uturuka ku Izuba ryo Gukiranuka. Uko ni ko kugendera mu mucyo nk’uko Kristo ari mu mucyo. 1

(1) 2 TT 91-95.

IGICE CYA 6

Ubugingo Bwejejwe

Umukiza wacu ashaka ibyo dufite byose; atwaka intekerezo zacu turutisha izindi kandi zitunganye cyane, n'urukundo rwacu ruboneye cyane kandi rwinshi cyane. Niba turi abafatanije na kamere y'Imana, guhimbazwa kwe kuzahora mu mitima yacu no ku minwa yacu. Amakiriro yacu yonyine ni ukumwiyegurira tutizigamye tugahora dukurira mu buntu no mu kumenya ukuri. 1

Kwezwa kuvugwa mu Byanditswe Byera ni ukw'impagarike yose; umwuka n'ubugingo n'umubiri. Ngiki igitekerezo nyakuri cyo kwitanga burundu. Pawulo asaba yuko itorero ry'I Tesaloniki ryishimira uwo mugisha ukomeye. "Imana y'amahoro ibeza rwose: Kandi mwebwe ubwanyu, n'ubugingo, n'umubiri byose brarindwe, bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza." (1 Abatesalonike 5:23). Mu bantu b'abanyadini hari igitekerezo cyerekeye ku kwezwa kikaba ari ikinyoma ubwacyo kandi kikaba igiteye akaga ku bakurikiza ibyacyo. Akenshi, abiyita abejejwe ntibagira ukwezwa nyakuri, kwezwa kwabo kuba mu biganiro no gusenga gushingiye ku bushake bwabo.

Inama n'ubwinge babiterera iyo, maze bakiringira bamaramaje ibyo biyumvamo; bakishingikiriza kuri icyo gitekerezo cyo kwezwa na none bashingiye ku bushake bwabo buturuka ku byo bigeze kubona. Ni abantu batava ku izima ry'ibyo bibwira ko bibahesha ubutungane, bakavuga amagambo menshi, ariko ntibagire imbuto z'agaciro kenshi bera zo kubihamya. Abo bantu bavuga ko bejejwe ntibasendereza imitima yabo ubwibone gusa, ahubwo baba bakoresha imbaragayo kuyobya benshi bifuza gukora iby'Imana ishaka bafite umwete. Ushobora kubumva bakomeza kuvuga basubiramo bati "Imana ni yo inyobora! Mfite imibereho itagira icyaha! "Benshi bahura n'umwuka nk'uwo babona ikintu cy'umwijima, cy'urujijo badashobora gusobanukirwa. Ariko icyo ni cyo kinyuranye na Kristo rwose, we rugero rw'ukuri. 2

Kwezwa biza buhoro buhororo. Tubona izo ntambwe umuntu agenda atera mu magambo ya Petero : "Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose; kwizera mukongereho ingeso nziza; ingeso nziza muzongereho kumenya; kumenya mukongereho kwirinda; kwirinda

mukongereho kwihangana; kwihangana mukongereho kubaha Imana; kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data; gukunda bene Data mukongereho urukundo. Kuko ibyo ni biba muri mwe, bikabagwiriramo, bizatuma mutaba abanyabute cyangwa ingumba ku byo kumenya neza Umwami wacu Yesu Kristo." (2 Petero 1:5-8). Ni cyo gituma bene Data, mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu. Kuko ni mukora ibyo, ntabwo muzasitara na hato; ahubwo bizabaha rwose kwinjira mu bwami butazahanguka bwa Yesu Kristo, ni we Mwami n'Umukiza wacu." (Umurongo 10,11).

Iyi ni yo nzira tubasha kumenyeramo neza yuko tutazacumura na gato. Abakora batyo bakurikije inama yo kongeranya ngo bahabwe ubuntu bwa Gikristo, bafite ibyiringiro yuko Imana na yo izashaka inama yo gukuba ubwo izabaha impano w'Umwuka wayo. 3

Kwezwa si umurimo w'umwanya muto, cyangwa isaha imwe, cyangwa umunsi umwe. Ni ugukomeza ugakurira mu buntu.

Mu munsi umwe ntituzi uko intambara turwana izaba ikomeye nk'ejo y'aho. Satani ariho, kandi ni umunyamuhati, bityo rero dukwiriye guhora dutakira Imana dushyizeho umwete, kugira ngo idufashe kandi iduhe imbaraga yo kumurwanya. Mu gihe cyose Satani ari ku ngoma tuzagira inarijye, dukwiriye gukuraho inkomyi zitari zimwe dukwiriye gutsinda, kandi nta rubibi wagarukirizaho, ntaho tubasha kugera ngo tuvuge ngo tugeze ku rugero rukwiye.

Imibereho ya Gikristo ihora ari urugendo rujya mbere. Yesu areza kandi aboneza ubwoko bwe; kandi iyo ishusho ye ibarabagiraniyeho rwose, baba indakemwa n'intungane, maze bakaba bateguriwe kujyanwa mu ijuru. Abakristo basabwa gukora umurimo ukomeye. Dusabwa kwiyeza tukikuraho imyanda yose mu by'umubiri no mu by'umwuka, maze uko gutungana kukuzurizwa mu kubaha Imana. Aho ni ho tubona uwo murimo ukomeye. Umukristo afite umurimo akwiriye guhora akora. Ishami ryose ryo ku muzabibu rikwiriye kubona ubugingo n'mbaraga bivuye kuri uwo muzabibu kugirango ribashe kwera imbuto. 4

Ntihakagire abibeshya bizera yuko Imana izababababarira ikabaha umugisha kandi bakomeza kwica kimwe mu by'ibasaba kuzuza.

Gukomeza gukora icyaha nkana bicwekereza umutimanama maze bigatandukanya umuntu n’Imana. Nubwo washimishwa cyane no kuba umunyadini, Yesu ntabasha kuba mu mutima usuzugura amategeko y’Imana. Imana izubahiriza gusa abayubahiriza. 5

Igihe Pawulo yandikaga ngo: “Imana y’amahoro ibeze rwose” (Abatesalonike 5:23), ntiyahendahendeye bene Data kugambirira kugera ku ntego batazashyikira; ntiyasabye ko babona imigisha Imana itashakaga gutanga. Yari azi yuko abakwiriye gusanganira Kristo mu mahoro bose bakwiriye kugira ingeso ziboneye, kandi zitunganye. (Soma 1 Abakorinto 1:25-27; 1 Abakorinto 6:19-20).

Ihame ry’ukuri rya Gikristo ntirisaba umuntu kuzirikana ingaruka z’ibyo agiye gukora. Ntiribaza riti: Ni nkora ntya, abantu hazantekerazaho iki? Cyangwa se ngo: Ni nkora kiriya kizagira izihe ngaruka ku byo ngamije gukora mu isi? Abana b’Imana bagira amashyushyu yo kumenya icyo ishaka ko bakora, kugira ngo imirimo yabo ibashe kuyihesha ikuzo. Uwiteka yateganije ibikwiriye ngo imitima n’imibereho by’abayoboke be bose bigengwe n’ubuntu bw’Imana, kugira ngo babashe kuba nk'amatabaza yaka kandi arabagirana mu isi. 6

Ibihamya Nyakuri byo Kwezwa

Umukiza wacu yari umucyo w’isi, ariko abo mu isi ntibamumenye. Yohorago akora imirimo y’imbabazi, akaba urumuri mu nzira y’abantu bose; nyamara ntiyasabye ababanye na we ngo bitegereze ubutungane bwe, kwiyanga kwe, n’ineza ye. Abayuda ntibanyuzwe n'imibereho nk'iyo. Idini ye bayirebaga ko nta cyo imaze, kuko itari ihuje n'urugero rwabo rwo kubaha Imana. Bavuze yuko Kristo Atari umunyadini mu mutima no mu ngeso; kuko idini yabo yari iyo kurebwa gusa, gusabira ku karubanda no gukorera imirimo y’urukundo kumenywa.

Imbuto nziza yo kwezwa iruta izindi zose ni impano yo kwicisha bugufi. Iyo iyo mpano iba mu muntu, ingeso ze zihindurwa nayo. Ahora yiyambaza Imana kandi ibyo akora biba iby’ubushake bwayo.

Kwiyanga, kwitanga, ineza, ubugwaneza, urukundo, kwihangana, ubutwari, n’ibyiringiro bya Gikristo ni zo mbuto zera buri munsi ku

basabanye n'Imana by'ukuri. Imirimo yabo ibasha kutamenyekana mu isi, ariko bo bahora bagundagurana n'ibibi, kandi batsinda ibishuko n'ikibi mu buryo budasubirwaho. Amasezerano akomeye aravugururwa kandi agakomezwa n'imbaraga umuntu abonera mu masengesho y'ukuri no kudahuga. Umunyadini w'umunyamurava ntamenya inkeke z'abo bantu bakora bucece; ariko ijisho ry'ureba ibihishwe byo mu mutima rimenya kandi rishima buri muhati wose ugirwa mu kwicisha bugufi. Kugirango umuntu amenye imico irangwa no kwizera n'urukundo bigereranywa n'izahabu y'ukuri hagomba igihe cy'igerageza. Igihe amakuba no kwiheba bije mu itorero, ni ho umwete ushikamye n'urukundo rushyushye by'abayoboke b'abanyakuri ba Kristo bikura.

Abamenyana n'umunyadini w'ukuri bose bamubonaho ubwiza kandi bakamwumvaho impumuro by'imibereho ye ya Gikristo kandi wc atabizi, kuko ibyo ari byo biranga ingeso ze n'ibyararikiye. Asaba guhabwa umucyo w'Imana, kandi agakunda kugendera muri uwo mucyo. Gukora ibyo Se wo mu ijuru ashaka ni byo bimubera ibyokurya n'ibyokunywa. Ubugingo bwe buhishanwa na Kristo mu Mana; ariko ntiyirata ibyo, cyangwa ngo agaragare nkaho abizi. Imana imwenyurira abicisha bugufi n'aboroheje mu mutima batera ikirenge mu cya Kristo batamukuyeho amaso. Abamarayika barabishimira kandi bakunda kugendana na bo. Bishoboka ko batakwitabwaho n'abigaragaza mu bikorwa bikomeye bageraho kandi bishimira kumenyekanisha imirimo yabo myiza, ariko abamarayika bo mu ijuru baca bugufi bakabakingira bababfitiye urukundo maze bakaba nkurusika rw'umuriro rubazengurutse. 7.

Daniyeli - Icyitegererezo cy'Ubugingo Bwejejwe

Imibereho ya Daniyeli ni icyitegererezo gitangwa n'Umwuka w'Imana cyerekana uko ubugingo bwejejwe bumeze. Ni icyigisho kuri bose, cyane cyane ku basore. Kwemera rwose gukora icy'Imana ishaka bigirira umubiri n'ubwenge umumaro. Kugira ngo umuntu agere ku rugero rwo hejuru cyane rwo gukora ibyiza n'ubuhanga, ni ngombwa ko ashakashaka ubwenge n'mbaraga bituruka ku Mana kandi akagira kwirinda gukomeye mu ngeso zose z'imibereho ye. 8

Uko Daniyeli yarushagaho kuba inyangamugayo mu ngeso, ni ko abanzi be barushagaho kumwanga. Barakajwe n'uko batabashije kugira

icyo babona mu ngeso ze cyangwa mu mirimo ye ngo babone aho bahera bamurega. Abo bagabo baravugana bati “Nta mpamvu tuzabona kuri Daniyeli, keretse ni tuyibona mu magambo y’amategeko y'Imana ye.” (Daniyeli 6:5).

Mbega icyigisho cyo kwigisha Abakristo bose kiri hano! Barebuzaga Daniyeli bamufitiye ishyari uko bukeye n’uko bwije; kumugenzura kwabo kwakazwaga n’rwango; ariko nta jambo cyangwa igikorwa mu mibereho ye bidakwiriye babashije kugaragaza. Nyamara nta cyo yirase cy’uko yari intugane, ahubwo yarushagaho gukora neza cyane; yagiz'imibereho yo gukiranuka no kwitanga.

Itegeko riva ku mwami. Daniyeli amenya umugambi w’abanzi be wo kumwica. Ariko nta kantu na kamwe yahinduye mu ngeso ze. Yakomeje gukora imirimo ye nk’uko yamenyereye afite amahoro, maze ighe cye cyo gusenga ajya mu cyumba cye, atura Imana yo mu ijuru amasengesho ye akinguye idirishya ryerekeye i Yerusalemu. Yakoresheje ibikorwa bye gutangaza adafite ubwoba yuko nta mutegetsi wo mu isi ushobora kuinutandukanya n‘Imana ye ngo amubwire uwo akwiriye gusenga n'uwo adakwiriye gusenga. Mbega imfura ishikamye! Ahagaze imbere y’ab’isi muri iki gihe ari icyitegererezo gikwiriye ishimwe cy’ubushizi bw'amanga no gukiranuka bya Gikristo. Yiyeguriye Imana n’umutima we wose. nubwo yari azi yuko urupfu ari cyo gihano cyo kwitanga kwe.

“Nuko umwami arategeka, bajya kuzana Daniyeli, bamujugunya mu rwobo rw’intare. Ariko umwami yari yamubwiye ati “Imana yawe ukorera iteka iragukiza.” Umurongo wa 16.

Kare mu museso umwami yihutira kujya ku rwobo rw’intare, maze atera hejuru at “Yewe Daniyeli, mugaragu w’Imana ihoraho. mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare?” Umurongo wa 20. Maze ijwi ry’umuhanuzi ryumvikana asubiza ati “Nyagasani, Uhoraho, Imana yanjye yohereje marayika wayo, abumba iminwa y’intare, ntacyo zantwaye, kuko nabonetse imbere yayo ndafite icyaha, kandi nawe nyagasani nta cyo nagucumuyeho.”

“Umwami aherako anezerwa cyane, ategeka ko bakura Daniyeli mu rwobo. Nuko bamukuramo basanga nta cyo yabaye, kuko yari

yiringiye Imana ye. “Imirongo 22,23. Uko ni ko umugaragu w”Imana yarokowe. Kandi umutego abanzi be bari bamuteze ngo arimbuke nibo warimbuye ubwabo. Umwami yategetse ko bajugunywa mu rwobo maze muri ako kanya izo nyamaswa z’inkazi zirabatanyagura.

Ubwo igihe cy'ububata bw’imyaka mirongo irindwi cyari kigiye gushira, ubwenge bwa Daniyeli bwashishikariye cyane ubuhanuzi bwa Yeremiya.

Daniyeli ntavuga ibyo gutungana kwe imbere y’Uwiteka. Uwo muhanuzi wari ukomeye, mu kigwi cyo kuvuga ko ari imbonera, kandi atunganye, yicishije bugufi abana n’abandi Bisirayeli bashayishije mu byaha. Ubwenge Imana yari yaramuhaye muri icyo gihe bwari akarenga cyane kuruta ubwenge bw’abakomeye bo mu isi, nk’uko umucyo w’izuba umurika mu isanzure ku manywa y’ihangu uruta kure cyane uw’inyenyeri ntoya hanyuma y’izindi. Ariko nimuzirikane amasengesho yavaga mu kanwa k’uwo mugabo ukuntu yashimwaga n’abo mu ijuru cyane. Yarisabiye kandi asabira ubwoko bwe yicishije bugufi cyane, abogoza amarira kandi kandi yashengutse mu mutima. Yugururiye Imana umutima we, yatura ibicumuro bye kandi yemerako Uwiteka akomeye kandi afite icyubahiro.

Igihe Daniyeli yasengaga, marayika Gabriyeli yaje n’ingoga avuye mu bikari byo mu ijuru, amubwira yuko gusenga kwe kumviswe kandi kwasubijwe. Uwo marayika ukomeye yategetswe kumwungura ubwenge no kumenya kugira ngo amuhishurire ibanga ry’ibizaba mu bihe bizaza. Bityo mu gihe yashakanaga umwete kumenya no gusobanukirwa ukuri. Daniyeli ahabwa kuvugana n’intumwa yo mu ijuru.

Igihe gusenga kwa Daniyeli kwasubizwaga, ntiyahawe umucyo n’ukuri we n’ubwoko bwe bari bakeneye gusa, ahubwo yeretswe ibikomeye bizaba mu gihe kizaza, ndetse bigeza no mu gihe cyo kuza kw’Umucunguzi w’abari mu isi. Abavuga yuko bejejwe, ariko ntibagire umwete wo gushakashaka mu Byanditswe Byera cyangwa ngo binginge Imana mu masengesho basaba kurushaho gusobanukirwa nukuri kwa Bibliya, ntibazi kwezwa kw’ukuri uko ariko.

Daniyeli yavuganye n’Imana. Yugururiwe ijuru. Ariko icyubahiro gikomeye yahawe cyari ingaruka yo kwicisha bugufi no

gushakashakana Imana umwete. Abizera ijambo ry'Imana bose babikuye ku mutima, bazagira inzara n'inyota byo kumenya ibyo ishaka. Imana ni yo ukuri guturukaho. Itanga umucyo ku bidasobanutse kandi igaha abantu gusobanukirwa n'ukuri yahishuye.

Iby'ukuri bikomeye byahishuwe n'Umucunguzi w'abari mu isi n'ibyabashakashaka ukuri nk' abashakashaka ubutunzi bwahishwe. Daniyeli yari umusaza. Yabaye mu binezeza by'urugo rw'umwami w'umupagani, ashinzwe n'imirimo iruhije y'igihugu cy'igihangange. Ariko ibyo byose yabiteye umugongo kugira ngo ababarize umutima w'imbere y'Imana, no gush'aka kumenya imigambi y'Isumba byose. Amasengesho ye asubijwe, umucyo uvuye mu ijuru wahawe abazaba bariho mu minsi y'imperuka. None se, dukwiriye gushakana Imana umwete ki kugirango ikingurire ubwenge bwacu gusobanukirwa n'iby'ukuri bituzaho bivuye mu ijuru?

Daniyeli yari umugaragu witanze w'Isumba byose. Kurama kwe kwari kuzuyemo imirimo y'ingeso nziza yakoreye Shebuja. Gutungana kwe n'amatwara ye yarangwaga no guhora ari inyangamugayo bigereranywa n'uko yicishaga bugufi mu mutima kandi agahorana umutima ushenjaguritse imbere y'Imana. Twongere tuvuge tuti: Imibereho ya Daniyeli ni urugero rwatanzwe n'Imana rwerekana kwezwa nyakuri. 9

Imana Igerageza abo Ibona ko ari Beza

Ubwo duhamagarirwa kwihanganira ibigeragezo ni igihamya cy'uko Umwami Yesu atubonamo ikintu cy'agaciro kenshi cyane yifuza guteza imbere. Niba muri twe ntaho abona izina rye ribasha guhimbarizwa ntabwo yakwirirwa apfusha igihe ubusa atweza. Ntitugomba kubabara dutema amashami y'ibiti by'amahwa. Kristo ntiyirirwa ajugunya amabuye atagira umumaro mu itanura rye. Agerageza amabuye afite ubutare y'igiciro. 10

Abagabo Imana itegurira imyanya y'ubuyobozi, kubera imbabazi zayo, ibahishurira inenge zabo zitagaragara, kugira ngo bigenzure neza, bisuzume barebe ibitekerezo byabo n'ibikorwa by'imitima yabo maze bamenye ikitameze neza; uko ni ko bashobora guhindura ingeso zabo, kandi bakaboneza imigirire yabo. Uwiteka mu migambi myiza agirira

abantu, abageza aho agerageza ububasha bwabo bwo gukora ibitunganw kandi agahishura impamvu zibatera gukora ibyo bakora, kugira ngo babashe guteza imbere ibikwiriye bafite kandi bareke ibibi. Imana ishaka ko abagaragu bayo basobanukirwa n'ibikorwa byiza bashobora gukora biturutse ku mutima. Kugira ngo ibyo bibe, akenshi yemera ko umuriro w'imibabaro ubatera, bityo bakezwaho ibyaha.

"Ni nde uzabasha kwihangana ku munsi wo kuza kwe? Kandi ni nde uzahagarara, ubwo azaboneka? Kuko amaze nk'umuriro w'umucuzi. n'isabune y'abameshi. Kandi azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaramo inkamba; azatunganya abahungu ba Lewi. Abacenshure nk'uko bacenshura izahabu n'ifeza, maze bazatura Uwiteka amaturo bakiranutse. "Malaki 3:2,3.

Imana iyobora ubwoko bwayo, intambwe ku ntambwe. Ibageza ku bintu bitari bimwe byashyiriweho kugaragaza ibiri mu mutima. Bamwe bihanganira ikintu kimwe, ikindi kikabagusha. Ikindi cyose cyerekeza ku kujya mbere kigerageza umutima kikawigiza hafi biruseho. Niba abantu biyita ubwoko bw'Imana babona yuko imitima yabo yerekeza muri iyi nzira itunganye, ikwiriye kubemeza yuko bafite umurimo bakwiriye gukora kugira ngo batsinde, niba badashaka kuzarukwan'Uwiteka.12

Mu kanya tukimara kumenya yuko tudashoboye gukora umurimo w'Imana maze tukemera kuyoborwa n'ubwenge bwayo, Uwiteka akorana natwe. Nitwivanamo umutima w'inarijye, izaduha ibyo dukennye byose. 13

Inama Igirwa Abashaka Guhamirizwa ko Imana ibemera.

Wabasha kumenya ute ko wemewe n"Imana? ***Jya wiga ijambo ryayo usenga***. Ntukaribike ngo ugire ikindi gitabo usoma cyose. Icyo gitabo cyemeza umuntu icyaha. Gihishura inzira y'agakiza cyeruye. Gitera umuntu kurabukwa ingororano irabagirana kandi y'ubwiza. Kiguhishurira Umukiza ushyitse, kandi kikakwigisha yuko mu mbabazi ze gusa zitagira uko zingana ari ho ubasha gutega guhabwa agakiza.

Ntukirengagize gusengera mu rwiherero, kuko ari byo mutima w'idini. Nusaba ufite umwete kandi ushishikaye, jya usaba kuboneza

umutima. Jya usabana umwete, ubishishikariye, usabira ubugingo bwawe kuko bupfa kandi buri mu kaga. Jya uguma imbere y'Imana ugeze aho ibyifuzo bitarondoreka bikubyarira agakiza, kandi ikibihamya cyiza ni uko uhabwa kubabarirwa icyaha.14

Yesu ntiyakuretse ngo utungurwe n'amakuba n'ibyago. Yamaze kukubwira ibyabyo byose, kandi yakubwiye yuko utazagwa ngo ugire icyo uba amakuba natera. Reba Yesu, Umucunguzi wawe, maze ugubwe neza kandi wishime. Amakuba arusha ayandi gukomera, akwiriye kwihanganirwa, ni ayo duterwa na bene Data n'incuti zo mu miryango yacu; ariko ayo nayo ashobora kwihanganirwa. Yesu ntaryamye mu mva nshya ya Yosefu. Yarazutse maze arazamuka ajya mu ijuru, aho ariho adusabira. Dufite Umukiza wadukunze cyane bituma adupfira, kugirango muri we abe arimo tubonera ibyiringiro, n'imbaraga n'ubutwari, kandi tuzabone umwanya wo kubana na we ku ntebe y'ubwami. Ashobora kandi yemera kugufasha igihe cyose aho uzamutabariza.

Mbese wiyumvamo yuko udakora neza mu mwanya wahawe ugiriwe icyizere? Ibyo bishimire Imana. Uko urushaho kwiyumvamo intege nkeya, ni ko uzarushaho gushaka ugutabara. "Mwegere Imana, nayo izabegera. "Yakobo 4:8. Yesu ashaka yuko unezerwa, kandi ukagubwa neza. Ashaka yuko ukora neza cyane ukoresheje ububasha Imana yaguhaye, maze ukiringira ko Uwiteka agufasha no kuzahura abazagufasha kwikorera imitwaro.

Ntugakundire amagambo mabi y'abantu kukubabaza. Mbese nta bantu bavuze Yesu ibintu by'ubugiranabi? Urafudika, kandi rimwe na rimwe ubasha guha ibibi akito; ariko Yesu ntabwo yabikoze. Yari imbonera, atagira ikizinga, atanduye. Ntukiringire kubona ibirushijeho kuba byiza muri ubu bugingo biruta iby'Umwami w'ubwiza yari afite. Igihe abanzi bawe bareba yuko bashobora kukubabaza, bazishima, na Satani azishima. Reba Yesu, maze umukorere uhanze amaso ubwiza bwe. Komereza umutima wawe mu rukundo rw'Imana. 15

Uko Wiyumva Konyine Si ko Kugaragaza ko Wejejwe.

Kunezerwa cyangwa kubabara si byo bihamya ko umuntu yejejwe cyangwa atejejwe. Kwezwa ako kanya ntabwo bibaho. Kwezwa kw'ukuri ni umurimo uhora ukorwa buri munsi, ugakomeza kugeza igihe

ubugingo buzashirira. Abahora barwana n’ibishuko bya bun i^iunsi, bagatsinda kamere yabo y’icyaha kandi bagashakashaka kwera kyv’umutima n’ukw'Imibereho, ntibirata bavuga ko ari abaziranenge. Bafite inzara minyota byo gukiranuka. Icyaha kibagaragariza ko ari abanyabyaha bikabije . 16

Imana ntitureka ku mpamvu z’ibyaha byacu. Tubasha gucumura tukababaza umwuka wayo; ariko iyo twihannye, tukayisanga dufite imitima ishenjaguritse, ntizadushora inchucu. Hariho inkomyi zikwiriye gukurwaho. Twagize ibitekerezo bibi duhugiramo, kandi twagize ubwibone, no kwiyemera, no kurakara. no kwivovota. Ibyo byose bidutandukayam Imana. Ibyahabikwiriyekwicuzwa, mumutimahakwiriye gushora imizi y'ibikorwa by’ineza. Abafite intege nkeya n’abacogora bashobora guhinduka abagabo bakomeye b'Imana, kandi bagakorera shebuja umurimo w’icyubahiro. Ariko bakwiriye gukora bahagaze ahire ngeye; ntibakwiriye kureshywa n’impamvu zo kwikunda.

Bamwe basa n'abiyumvamo yuko bakwiriye kugeragezwa, kandi ko bakwiriye guhamiriza Uwiteka yuko bahindutse mbere yuko basaba guhabwa umugisha we. Nyamara abo bantu Imana ikunda cyane bashobora gusaba ko ibaha imigisha n'ubu. Bakwiriye kubona ubuntu bwayo, n’Umwuka wa Kristo, byo kubafasha mu ntege nke zabo, bitaba bityo ntibashobore kugira ingeso za gikristo. Yesu akunda yuko tumusanga, uko turi abanyabyaha, abatagira kivurira, abatishoboye.

Kwihana, no kubabarirwa ni impano duhabwa n’Imana muri Kristo. Imbaraga y’Umwuka Wera ni yo idutera kwemezwa icyaha, no kwiyumvamo ko dukeneye kubabarirwa. Nta n’umwe ubabarirwa keretse abafite agahinda k’ibyaha. Ariko ubuntu bw’Imana ni bwo butera umutima kwihana. Izi intege nke zacu n’ubumuga bwacu, kandi izadufasha.

Rimwe na rimwe umwijima no gucogora bizatuza mu mutima bidutere ubwoba biturimbure, ariko ntidukwiriye kubura ibyiringiro byacu. Dukwiriye guhora duhanze Yesu amaso, tunezerewe cyangwa tubabaye. Dukwiriye gusohoza inshingano yose izwi dukiranutse, maze tukanamba ku masezerano y’Imana dufite amahoro.

Ubundi kandi kwiyumvamo ko tudakwiriye bizadutera ubwoba mu mutima, ariko ibyo si byo bihamya yuko Imana yadutayei cyangwa twayitaye. Nta gikwiriye gukorwa cyatuma ibyo twibwira byagera ku rwego runaka rw’ibyishimo cyangwa rw’umubabaro. Uyu munsi ntidushobora kwiyumvamo amahoro n’ibyishimo nk'ibyo twari dufite ejo; ahubwo dukwiriye, kubwo kwizera, gufata ukuboko kwa Kristo maze tukamwiringira tumaramaje mu mwijima nk’uko tumwiringira hari umucyo.

Kwizera nikugutere kureba amakamba abikiwe abazanesha; wumve indirimbo z’umunezero z’abacunguwe, baririmba bati Ukwiriye icyubahiro Umwana w’Intama watambwe kandi ukaducungurira kuba ab'Imana! Hirimbanira kureba ibyo ko ari ukuri. Iyaba twakundiraga ubwenge bwacu kurushaho kunamba kuri Kristo no ku ijuru, twabashije kubona imbaraga no gufashwa turwanira Uwiteka intambara. Ubwibone no gukunda iby’isi ntibizongera kugira imbaraga niturangamira ubwiza bw’igihugu kirushijeho kuba cyiza kigiye kuba iwacu bidatinze cyane. Ugereranije n’ ubwiza bwa Kristo, ibinezeza byose byo mu isi bizasa nibifite agaciro gake.

Nubwo amaherezo Pawulo yaje gushyirwa muri gereza I Roma, agakingiranirwa kure y'umucyo n'umwuka byo mu ijuru, agacibwa mu mirimo ye yo kubwiriza ubutumwa, kandi akamara igihe ategereje kuzacirwaho iteka ryo gupfa, ntiyigeze ashidikanya cyangwa ahagarika umutima. Muri urwo rwobo rw’umwijima havuyemo ubuhamya yavuze asamba, bwuzuye kwizera gukomeye cyane n! ubutwari bwakomeje imitima y’abera n’abapfiriye Yesu mu myaka ingoma nyinshi zakurikiranye. Amagambo ye asobanura neza amaherezo y'uko kwezwa dufite muri izo mpapuro avuga ngo: “Kuko jyeweho maze kumera nk'ibisukwa ku gicaniro; igihe cyo kugenda kwanjye gisohoye. Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera. Ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iry’Umwami wacu, Umucamanza utabera, azampa kuri urya munsi; nyamara si jye jyenyine, ahubwo n’abakunze kuzaboneka kwe bose;” (2 Timoteo 4:6-8).

IGICE CYA 7

Imana Igufitiye Umurimo Ukwiriye Gukora

Ntabwo umurimo w'Imana ubasha kurangira muri iyi si kugeza ubwo abagabo n'abagore b'abakristo bo mu itorero ryacu bazisubizamo intege bagakorana umwete bashyize hamwe n’abagabura n’abakozi bo mu itorero. 1

Amagambo avuga ngo: “Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutuma bwiza” (Mariko 16:15) arabwirwa umuyoboke wa Kristo wese. Abategetswe gukora ibihwanye n'imibereho ya Kristo bategetswe gukorera guhesha bagenzi babo agakiza. Wa mutima yari afite wo kwifuza gukiza abazimiye ukwiriye kugaragara muri bo. Bose ntibashobora gukora kimwe, ariko hariho ahantu n’umurimo wo gukorwa na bose. Abasukiwe ku migisha y'Imana bose bakwiye kwemera gukora umurimo muri iki gihe; impano yabo yose ikwiriye gukoresherezwa gukuza amajyambere y’ubwami. 2

Kubwiriza ni umugabane mutoya w'umurimo ukwiye gukorerwa mu guhesha abantu agakiza. Umwuka w’Imana yemeza abanyabyaha iby’ubuntu maze akabashyira mu maboko y'itorero. Abagabura bashobora gukora umurimo wabo, ariko ntabwo bashobora gusohoza umurimo ukwiriye gukorwa n’itorero. Imana ihatira itorero ryayo kugaburira abakiri bato mu byo kwizera n’imirimo; kubasanga bitari ukuzimuranya na bo ahubwo ari kubwo gusenga, no kubavugisha amagambo “amaze nk’imbuto z’izahabu mu ishusho y’ifeza.” 3

Imana yahamagaye itorero ryayo muri iki gihe nk'uko yahamagaye Abisirayeli ba kera. kugira ngo bahagarare ari umucyo w’isi; imbaraga ikomeye y’ukuri, n’ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri nu’wa gatatu. ni byo yabavaninishije mu yandi madini no mu isi maze irabeza kugira ngo bayibe hafi. Yabagize abo kurinda amategeko yayo maze ibishinga ukuri gukomeye kw'ubuhanuzi bw’iki gihe. Nk’uko yashinze Abasirayeli ba kera amategeko yera, ibi ni ibyiringiro byera bikwiriye kubwirwa abari mu isi.

Abamarayika batatu bo mu Byahishuwe 14 bashushanya abantu bemera umucyo w’ubutumwa bw’Imana kandi bagenda ari abakozi bayo

baburira isi yose, uburebure n’ubugari bwayo. Kristo abwira abayokoke be, ati “Muri umucyo w’isi.” Matayo 5:14. Umuntu wese wemera Yesu; umusaraba w'I Kaluvari uramubwira uti: “Dore agaciro k’umuntu.” Mujye mu bihugu byose mwigishe abaremwe bose ubutumwe bwiza.” Mariko 16:15. Nta gikwiriye kwemererwa gukoma mu nkokora uwo murimo. Ni umurimo w’ingenzi rwose uzamara igihe; ukwiriye gukorwa ibihe byose; urukundo Yesu yagaragarije ko akunda ubugingo bw’abantu mu gitambo yatambiye kubacungura, ni rwo ruzayobora abayoboke be. 4

Yemwe, Kristo yemera anezerewe rwose umurimo w’umuntu umwiyeguriye! Atera umuntu gusabana n'Imana, kugira ngo abashe kumenyesha ab’isi ibanga ry’urukundo rwatumye yambara umubiri nk’umuntu. Mwuzuze mu isi ubutumwa bw’ukuri kwe mubuganire, mubusabe, muburirimbe, kandi mukomeze mujye mu bihugu byakure. 5

Abayoboke Nyakuri ba Kristo Bazamubera Abahamya

Iyaba umuntu wese wo muri mwe yari intumwa nzima. ubutumwa bugenewe iki gihe bwakwamamazwa vuba mu bihugu byose; bukabwirwa abantu bose n’amahanga n’indimi.6

Abashaka kwinjira mu rurembo rw’Imana bose bakwiriye gushyira Kristo imbere mu migenzereze yabo yo mu isi. Icyo kibagira intumwa za Kristo, n’abahamya be. Bakwiriye kujyana ubuhamya bwumvikana bushikamye bwo kurwanya imigenzo mibi yose, bwereka abanyabyaha Umwana w’Intamaw’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi Abamwakira bose abaha ububasha bwo kuba abana b’Imana. Kubyarwa ubwa kabiri ni yo nzira nsa ibasha kutwinjiza mu rurembo rw’Imana. Iyo nzira ni ntoya, n’irembo twinjiriramo ni rito, ariko muri ryo ni ho dukwiriye kuyobora abagabo n’abagore n’abana, tukabigisha yuko bakwiriye kugira umutima mushya n’umwuka mushya kugira ngo babone gukizwa. Ingeso za kera z’akarande zikwiriye gutsindwa. Iby’umutima wifuza bya kamere bikwiriye guhinduka. Ibinyoma byose, n’uburiganya bwose, no kuvuga ibibi kose bikwiriye kurekwa. Imibereho mishya, itera abagabo n’abagore gusa na Kristo ni yo ikwiriye kutubamo. 7

Bene Data na barumuna banjye, mbese mwifuza guca ingoyi zibakagiye? Mbese ntimwakunda kubyuka mukava bunebwe buhwanye

n’ibitotsi by’urupfu? Nimujye gukora mwumva mubikunze cyangwa mutabikunze. Umuntu wese ahirimbanire kuzanira Yesu abantu kandi abamenyeshe ukuri, Muri iyo mirimo ni ho muzabonera ikibakangura n’imbaraga bizababyutsa kandi bibatere imbaraga. Nimukoresha imbaraga y’Umwuka bizatuma murushaho gukomera, kugira ngo mukorere agakiza kanyu ubwanyu mukuza amajyambere arushijeho kuba meza. Gutinya urupfu biri ku bantu benshi bavuga ko ari abakristo. Nimugire umwete wo kubakangura. Mubaburire muhendahende, muteshe. Musabe kugira ngo urukundo rw’Imana rw’ibambe rushyushye kandi rworoshye kamere zabo zagoswe na barafu. Nubwo bakwanga kumva, imirimo yanyu ntizazimira. Ni mushishikarira guhesha abandi umugisha. namwe muzawuhabwa.

Ntihakagire n’umwe wiyumvamo yuko atabasha kugira icyo akora mu murimo w’Umwami ku mpamvu z’uko atize. Imana igufitiye umurimo. Yahaye umuntu wese umurimo we wo gukora. Mushobora kwirondorera mu byanditswe ubwanyu. “Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge.” Zaburi 119:1-30. Mushobora gusabira umurimo. Amasengesho aturuka mu mutima ukiranuka asenganywe kwizera, azumvakana mu ijuru. Kandi mukwiriye gukora nk’uko mushoboye. 9

Abanyabwenge bo mu ijuru bategereje gufatanya n"imbaraga z’abantu, kugira ngo bahishurire abo mu isi icyo abantu bashobora kuba cyo, n’icyo bashobora kugeraho mu by gukiza abantu bagiye kurimbuka.

Kristo aduhamagarira gukorera abantu ibihumbi byinshi barimbukira mu byaha byabo twihanganye, batataniye mu bihugu byose, bameze nk’ubwato bumenekeye ku nkengero yo mu butayu. Abasangira ubwiza bwa Kristo bakwiriye no gusangira umurimo we, bagafasha abafite intege nke, abagushije ishyano n'abacogoye mu mutima. 10

Umwizera wese akwiriye gukunda itorero amaramaje mu mutima. Mbere ya byose akwiriye kuzirikana icyariteza imbere, kandi keretse yiyumvamo inshingano ikomoka ku Mana imusaba kwiyanga agakorera itorero, ryo ubwaryo rishobora gukora neza cyane ritamufite. Abantu bose bakwiriye gukoresha imbaraga zabo bakagira icyo bakora cyo mu murimo w'Imana. Hariho abakoresha amafaranga menshi kugura ibinezeza bitagira umumaro; banezeza irari ryabo, ariko bakumva ko ari

umutwaro uremereye gutanga amafaranga yo gushyigikira itorero. Bemera kwakira ibyiza n’inyungu bikomoka mirimo yaryo ariko bagakunda ko abandi ari bo bishyura iby’itorero ryakoresheje. 11

Itorero rya Kristo ribasha kugereranywa neza n'urugamba rw’ingabo z’abasirikari. Imibereho y’abasirikari ni yo gukora cyane, no kuruha, n’akaga. Impande zose hari abanzi barekereje bayoborwa n’mwami ufite imbaraga z’umwijima, utagira ubwo ahunikira kandi ntagira ubwo ava mu byimbo bye. Igihe cyose Umukristo atagize umurinda, uwo mwanzi w’umunyambaraga cyane aherako amuterana imbaraga vuba. Abakristo bo mu itorero nibatagira umuhati kandi ngo bitonde bazatsindwa n’uburiganya bwe.

Byamera bite, igice kimwe cy’abasirikari babaye abanyabute cyangwa bakisinzirira kandi hatanzwe itegeko ryo kujya ky murimo wabo? Amaherezo yaba gutsindwa, kugirwa imbata cyangwa gupfa. Mbese abahunga ngo badasumirwa n'umwanzi nibo batekerezwaho ko bahabwa ingororano? Reka da; bacirwa urubanza rwo gupfa vuba. Kandi iyo itorero rya Kristo ryigize irinenganenzi cyangwa rigakiranirwa, haboneka ayandi maherezo arushijeho gukomera. Mbega uko byarushaho kuba bibi abasirikari bo mu rugamba rwa Gikristo bisinziriye; hagirwa majyambere ki yo kurwanya ab’isi bategekwa n’umwami w’umijima? Abihagararira inyuma.ntacyo bitayeho ku munsi w’urugamba, bagasa n'aho nta nyungu babibonamo kandi bakumvako urwo rugamba rutabareba, byaba byiza bisubiyeho cyangwa bakava mu basirikare bagomba kurwana.12

Umwanya w’Umuntu Wese wo Mu Muryango

Abagore kimwe n’abagabo bashobora gukora umurimo wo guhishura ukuri aho ibyo ari ngombwa kandi kukamenyeshwa abantu. Bashobora gukora uruhari rwabo mu murimo muri iki gihe cy’akaga, kandi Uwiteka azakorera muri bo. Niba baracengewemo no kumenya ko bagomba kubahiriza inshingano zabo, kandi bagakora bayobowe n’Umwuk. w’Imana, bazahabwa ububasha bwo kwifta nk’uko bikwiriye muri icye gihe. Umukiza azarabagiranishiriza kuri abo bagore bitanze umucyo wo mu maso he, kandi ibyo bizabaha imbaraga iruta iy’abantu. Bashobora gukora mu ngo umurimo abagabo badashobora gukora, umurimo ufasha umutima n’ibitekerezo by’abantu. Bashobora kwegera

imitima y’abantu abagabo badashobora kugeraho. Umurimo wabo urakenewe. Abagore b’abanyabwenge kandi bicisha bugufi bashobora gukora umurimo mwiza wo gusobanurira abantu ukuri mu ngo zabo. Ijambo ry'Imana ryasobanuwe rityo rizaba nk’igitubura, kandi kubw’imbaraga zaryo ingo zizihana. 13

Bose bashobora kugira icyo bakora. Bamwe bagira umwete wo gushaka ibyo bikirisha, bakavuga bati “Inshingano zanjye n'abana banjye, binsaba igihe cyanjye n'ubutunzi bwanjye. “Babyeyi abana banyu bakwiriye kubabera ukuboko kw'iburyo bityo ububasha n'ubushobozi bwanyu bwo gukorera Shobuja bukiyongera. Abana ni bato bo mu muryango w’Uwiteka. Bakwiriye gufashwa kwiyegurira Imana kuko ari abayo bitewe nuko yabaremye kandi ikabacungura. Bakwiriye kwigishwa yuko imbargaa zabo zose z’umubiri n’iz’ubwenge n’iz'umutima ari ize. Bakwiriye gutozwa gukora imirimo inyuranye itarangwa n’inarijye. Ntugakundire abana bawe kuba inkomyi. Abana bakwiriye gufatanya nawe imitwaro y’by’umwuka iviy’iby’umubiri. Iyo bafashije abandi bibongerera umunezero kandi bakaba bagize akamaro. 14

Umurimo wacu dukorera Kristo ukwiriye gutangirira mu miryango imuhira. Kwigisha abasore gukwiriye kuba gahunda inyuranye nk'uko kwari kumeze mu gihe cyashize. Imibereho yabo myiza isaba ko bakorerwa byinshi biruta ibyakorwaga. Nta murimo wo kubwiriza ubutumwa waba ingenzi kuruta uyu. Ababyeyi bakwiriye gukurikiza amategeko no kuba intangarugero bityo abana bakabigiraho kwitangira abatarihana. Abana bakwirye gutozwa kugirira impuhwe abasaza n'abafite imibibabaro no kugerageza korohereza abakene n’abashavuye imibabaro yabo. Bakwiriye kwigishwa kuba abanyamwete mu byo gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa; kandi guhera mu bwana. kwiyanga no kwitangira abandi n’iterambere ry’umurimo wa Kristo bikwirye kuba ari byo byibandwaho, kugira ngo babashe kuba abakozi bakorana n’Imana. 15

Ubuhamya Butangwa no Kwimukira mu Turere Dushya

Si umugambi w’Imana yuko ubwoko bwayo butura hamwe mu midugudu minini. Abigishwa ba Kristo ni bo ntumwa ze mu isi, kandi Imana igambirira yuko batatanira mu gihugu hose, mu midugudu mito n’imidugudu minini, no mu birorero, bakamera nk’imuri mu mwijima wo

mu isi. Bakwiriye kubera Imana ababwirizabutumwa. bagahamisha kwizera kwabo n'imirimo yuko kuza kw’Umukiza kwegereje.

Abakristo b’abakorerabushake bo mu matorero yacu bashobora gukora umurimo bakawugeza ku musozo nubwo ubu batari batangira. Nta muntu n’umwe ukwiriye kwimukira ahantu hashya ku mpamvu yo gushaka inyungu y’isi gusa, ahubwo aho bishoboka gutura, imiryango ishikamye mu kuri, waba umwe cyangwa ibiri, ikwiriye kuhajya maze bakahabwiriza ubutumwa. Bakwiriye gukunda abantu, bakiyumvamo ko bakwiriye kugira icyo babakorera, kandi bakiga uburyo babazana mu kuri. Bashobora gukwiza hose ibitabo byacu, bagateraniriza amateraniro iwabo, bakamenyana n’abaturanyi babo, kandi bakabararikira kuza muri ayo materaniro. Uko ni ko umucyo wabo ushobora kumurikira mu mirimo myiza.

Abakozi nibahagarare mu Mana bonyine, barira, basenga, bakorera guhesha bagenzi babo agakiza. Mwibuke yuko musiganwa, muharanira guhabwa ikamba rihoraho. Mu gihe abantu benshi bakunze guhimbazwa n’abantu kuruta gushimisha Imana, mwebweho nimukore mwicisha bugufi. Mwige kwimenyereza kwizera mujyana abaturanyi banyu imbere y’intebe y’ubuntu kandi musabe Imana gukabakaba ku mitima yabo. Muri ubwo buryo ni ho umurimo w’ingirakamaro uzabasha gukorwa. Bamwe batabasha kumva umugabura cyangwa ubwiriririsha ibitabo bashobora kugerwaho. Kandi abakora ahantu hashya muri ubwo buryo baziga uburyo bwiza cyane bwo kwegera abantu kandi bashobora gukingurira abandi bakozi inzira. 16

Mujye musura abaturanyi banyu kandi mubereke yuko munejejwe nuko bahabwa agakiza. Nimukangurire imbaraga y'umwuka yose gukora, Mugire abo musura kuko iherezo rya byose riri bugufi. Umwami Yesu Kristo azakingura urugi rw'imitima yabo kandi azabamenyesha ibyiza bidashira.

Nubwo abantu b'Imana baba bakora imirimo yabo ya buri munsi, bashobora kuyobora abandi kuri Kristo. Kandi mu gihe bazaba bakora ibyo bazagira ibyiringiro by'agaciro kenshi yuko Umukiza abari hafi cyane. Ntibakwiriye gutekereza yuko Imana yabaretse ngo batege amakiriro ku ntegc nke zabo. Kristo azabaha amagambo yo kuvuga avugurura kandi agakomeza kandi agatera imbaraga abakene,

n’abarushye bari mu mwijima. Kwizera kwabo kuzakomezwa ni bamenya yuko isezerano ry’Umucunguzi risohozwa. Ntibazabera abandi umugisha gusa, ahubwo umurimo bakorera Kristo ubazanira umugisha ubwabo.17

Umurimo ukomeye ushobora gukorwa abantu bigishijwc Bibiliya nk'uko iri. Mujye mujyana ijambo ry’Imana ku muryango w’inzu y’umuntu wese, musobanurire abantu ubutumwa bwiza buyikubiycmo mudaciye iruhande, mwongere mubwire bose itegeko rivuga ngo: “Murondore mu Byanditswe.” Yohana 3:39. Mubahugurire nibamurikirwa, bakire uwo mucyo w’agaciro gakomeye cyane wose, maze bahagarare badatinya. 18

Mu bakristo bo mu matorero yacu hakwiriye gukorwamo umurimo wo gutanga ibyigisho bya Bibliya no gukwiza hose ibitabo. Umuntu ashobora kugira amatwara ya gikristo abonye gusa ko ari amahirwe kwitangira kuvuga ukuri no gushyigikira umurimo w’Imana. Dukwiriye kubiba ku nkengero z’amazi yose, tukaguma mu rukundo rw’Imana, tugakora hakiri ku manywa, tugakoresha iby’Imana yaduhaye gukora umurimo wose duhawe. Icy’amaboko yacu akoze cyose, dukwiriye kugikora neza; kwitanga uko ari ko kose dusabwe ku^ira tukabikora tunezerewe. Ni tubiba ku nkegero z’amazi yose ni ho tuzamenya yuko “ubiba nyinshi, azasarura byinshi.” 2 Abakorinto 9:6. 19

Kugaragaza Idini mu Bikorwa

Tudakoreye Umwami wacu mu kuri, kwizera kwacu aba ari ibinyoma. Ubukristo bugaragazwa no gukora mu kuri buhwitura abapfiriye mu bicumuro n’ibyaha. Abakristo basenga, bicisha bugufi, kandi bizera, berekanisha imirimo yabo yuko icyo bifuza cyane ari ukumenyekanisha ukuri gukiza ari ko kuzagerageza abantu bose. bazasarurira Umwami wacu umusaruro mwinshi w’ abantu.

Nta rwitwazo ruriho rwatuma kwizera kw’amatorero yacu kuba guke cyane kandi kugahwekera. “Nimuhindukirire igihome, mwa mbohe zifite ibyiringiro mwe.” Zakariya 9:12. Muri Kristo hari imbarag'a zacu. Ni we Murengezi wacu kuri Data wa twese. Atuma intumwa ze mu mugabane wose w’aho ategeka kugira ngo zibwire ubwoko bwe icy’ashaka. Agendagenda hagati y’amatorero ye. Yifuza kweza, kuyobora

neza, no gutunganya abayoboke be. Imbaraga y'abamwizera by'ukuri izaba impumuro itanga ubugingo mu isi. Akomereza inyenyeri mu kuboko kwe kw'iburyo, kandi muri abo ni mo ashaka kumurikishiriza umucyo we abari mu isi. Bityo yifuza gutegurira ubwoko bwe kuzakora umurimo wera mu itorero ryo mu ijuru. Yaduhaye umurimo ukomeye wo gukora. Nimutyo tuwukorane ubwitonzi kandi tutizigamye.

Kugira ngo imirimo itari imwe yo kubwiriza ubutumwa igere aho iri ubu. byabaye ngombwa ko abantu biyanga, baritanga, baratwarana kandi barasenga cyane. Hari akaga kuri bamwe bagera mu murimo bakadamarara bagakora nabi, bakumva ko atari ngombwa muri iki gihe kwitanga cyane no kugira umwete, uwo murimo ukomeye kandi uruhije; nk'uko abayobozi bavugwa muri ubu butumwa bakoze; ngo ibihe byarahindutse; kandi ngo ubwo umurimo w'Imana wungutse uburyo bwo kuwukora, si ngombwa kwibabaza no kwihaharika nk'uko benshi babihamagariwe umurimo ugitangira.

Ariko iyaba muri iki gihe hariho umwete no kwitanga mi murimo nk'uko byariho ugitangira, twabashije kubona umurimo ukorwa inshuro ijana kuruta uko ukorwa ubu. 20

Ibyo duhamya ni iby'icyubahiro. Twebwe Abadivantisiti bakomeza Isabato duhamya yuko dukomeza amategeko y'Imana yose kandi dutegereje kuza kw'Umucunguzi wacu. Ubutumwa bukomeye cyane bw'imbuzi bwahawe abakiranutsi b'Imana bakeya. Dukwiriye kugaragarisha amagambo n' imirimo yacu yuko dusobanukiwe n'inshingano ikomeye twahawe. Umucyo wacu ukwiriye kurabagirana cyane bituma abandi bashobora kureba yuko duhimbariza Data wa twese mu mibereho yacu ya buri munsi; yuko dusabanye n'abo mu ijuru kandi yuko turi abaraganwa na Yesu Kristo. yuko igihe azatunguka afite imbaraga n'ubwiza bwinshi, tuzasa na we. 21

(1) 9T 117; 8T 16; (3) 4T 69; (4) 5T 455, 456; (5) 9T 30 (6) 6T 438; (7) 23; (6) 5T387; (9) 6T433;(10) 9T 30, 31; (11) 4T 18; (12) 5T 394; (13) 9T 128, 129; (14) 7T 63;(15) 6T 429; (16) 4T 244. 245; (17) 9T 38,39; (18) 5T 388; (19) 9T 127; (20) 6T 417-419; (21) 4T 16.

IGICE CYA 8

Ndi Hano, Mwami, Ntuma

Imperuka iri hafi, izatugeraho nk'umujura rwihishwa kandi mu buryo butagaragara,nk'uko umujuraazayombokanijoro.Ndasaba Uwiteka kuduha kutazasinzira ukundi nkuko abandi bagenza, ngo ahubwo tuzabe turi maso, kandi twirinde ibisindisha. Ukuri kugiye gutsinda nk'uko Yesu yatsinze bidatinze, kandi abahitamo kuba abakozi bakorana n'Imana bose, na bo iyo ntsinzi izaba iyabo. Igihe ni kigufi; ijoro rigiye kuza bidatinze, kandi nta we ushobora gukora. Nimureke abishimira mu mucyo w'ukuri kuriho ubu bashishikarire bwangu kumenyesha abandi uko kuri. Uwiteka arabazaati; «Ndatuma nde? » Abashaka kwitangira ukuri ni bo bakwiriye gusubiza ubu bati "Ndihano Mwami; ntuma."

Twakoze umurimo mutoya rwose Imana yaduhaye wo kubwiriza ubutumwa mu baturanyi bacu n'ncuti. Muri buri mudugudu wo mu gihugu cyacu hari abantu batazi ukuri. Kandi mu bihugu bigari byo hakurya y'inyanja hari ahantu henshi hashya dukwiriye guhinga ubutaka bwaho tugatera imbuto. 1

Twegereye cyane igihe cy'amakuba, kandi ubwihebe tutigeze turota buri imbere yacu. Imbaraga yo mu isi iratera abantu kurwanya Imana. Abaturage bo mu isi bariho barahinduka vuba cyane nk'abo mu minsi ya Nowa barimbuwe n'umwuzure, nk'abaturage b'i Sodoma, barimbuwe n'umuriro uvuye mu ijuru. Imbaraga za Satani ziriho zirakorera kurangaza abantu, ibitekerezo byabo bikava ku byiza by'ijuru bitazashira. Umwanzi yakoze gahunda zihuje n'umugambi we. Imirimo y'ab'isi, imikino, imideri mishya; ibyo byamaze gutwara ubwenge bw'abagabo n'abagore. Ibiganiro no gusoma ibitagira icyo byungura byonona kumenya. Mu nzira ngari ijyana abantu ku kurimbuka kw'iteka harimo umurongo muremure w'abantu bayigendamo. Isi yuzuye urugomo, n'ivutu ry'ibinezeza byayo, n'ibiganiro bibi n'ubusinzi, ibyo byose birahindura itorero. Amategeko y'Imana ari yo rugero rw'Imana rwo gukiranuka, bavuga yuko nta cyo amaze. 2

Mbese dukwiriye gutegereza ko ubuhanuzi bw'imperuka busohora tutaragira icyo tubuvugaho? Noneho se amagambo yacu azaba akimaze iki? Tuzategereza se tugeze igihe urubanza rw'Imana ruzagera

ku ucumura tutaramubwira uburyo bwo gukora? Kwizera ijambo ry'Imana kwacu kuri hehe? Mbese dukwiriye kubona ibyahanuwe biba tutarizera icyo Imana yavuze? Umucyo ugaragara neza watugezaho, utwereka yuko umunsi ukomeye w'Umwami uri hafi, "ndetse ku rugi." Nimutyo dusome kandi dusobanukirwe. 3

Italanto yawe Irakenewe

Uwiteka afitiye umuntu wese umwanya mu nama ye ikomeye, italanto zidakenewe ntizatanzwe. Reka tuvuge ko italanto ari ntoya. Imana iyifitye umwanya, kandi iyo talanto imwe nikoreshwa neza, izakora wa murimo nyine Imana yagambiriye ko ikwiriye gukora. Italanto z'umuhinzi wicisha bugufi zikenewe mu byo gukora umurimo wo mu rugo rumwe ujya mu rundi, kandi ishobora gusohoza byinshi muri uyu murimo kuruta impano z'ubwenge. 4

Abantu nibakoresha imbaraga zabo nk'uko Imana ibayobora, italanto zabo zizagwira, ubwenge bwabo buzaba bwinshi, kandi bazagira ubwenge bwo mw'ijuru nibashaka gukiza abazimiye. Ariko mu gihe abakristo bo mu itorero ari abanyakizizi kandi birengagiza inshingano yabo Imana y abahaye yo guhura n' abandi, babasha bate gutega guhabwa ubutunzi bwo mu ijuru? Mu itorero, iyo abakiristo batiyumvamo umutwaro wo kumurikira abari mu mwijima, ntibagirire abandi ubuntu ngo banabigishe, abanyabwenge buke. bagaheba umunezero w'ubutunzi bw'ibyiza byo mu ijuru; maze bananirwa kubyibonera ubwabo, bakananirwa kumenya akamaro ko kubibwira abandi.

Tubona amatorero manini ateraniye ahantu hamwe. Abakristo bayo bamenya ukuri. kandi benshi banyurwa no kumva amagambo y'ugugingo ntibashake ko umucyo ubarasiramo. Biyumvamo inshingano ntoya yo gutuma umurimo ujya mbere, bakagira ubwuzu buke bwo guhesha abandi agakiza. Buzuye ishyaka ry'ibintu byo mu isi ariko ntibakorera idini yabo. Baravuga bati "Idini ni idini, kandi umurimo ni umurimo." Batekereza yuko kimwe kiri ukwacyo, maze bakavuga bati "Reka bitandukane."

Kubwo kwirengagiza amahirwe babona yo kuba bagira icyo bakora no gukoresha nabi ubuntu bagiririrwa, abizera b'iryo torero

ntibakurira “mu buntu no kumenya Umwami wacu n’Umukiza.” 2 Petero 3: 18. Ni cyo gituma bagira intege nke mu kwizera, bakagira ubumenyi buke, bakaba abana mu bibabaho. Ntibashoye imizi ngo babe bashikamye mu kuri. Nibakomeza kumera batyo, ibihendo byinshi byo mu minsi y’imperuka bizabahenda, kuko batazabasha kureba iby’umwuka ngo barobanure ukuri mu binyoma. 5

Imana Yifuza Gutanga Impano y’Umwuka Wera

Abakozi b’abahanga nibashishikarira kubwiriza ubutumwa mu mudugudu aho abacu batuye, abizera muri ako karere bazaba basigaranye inshingano ikomeye cyane yo gukora uko bashoboye kose kugira ngo bafungurire Uwiteka inzira akore. Bakwiriye kurondora imitima yabo basenga, kandi bagatunganiriza Umwami n’inzira nyabagendwa bayikoresheje gukuraho icyaha cyose kibasha jubazitira ngo badafatanya n’Imana n’abo bafatanije kwizera.

Mu iyerekwa rya nijoro, neretswe ibyerekeye ubugorozi bukomeye mu bwoko bw’Imana. Benshi bahimbazaga Imana. Abarwayi barakijijwe, ibindi bitangaza byarakozwe. Umwuka wo gusabira abantu waragaragaye, ndetse nk’uko wabonetse mbere y’umunsi ukomeye wa Pentekote. Habonetse abantu amagana n’ibihumbi basura ingo kandi bakabumburira abantu ijambo ry’Imana. Abantu bemejwe n’imbaraga y’Umwuka Wera, kandi umutima wo kwihana by’ukuri waragaragaye. Inzugi zakinguriwe impande zose kwamamazwa kw’ukuri. Isi yasaga n’imurikiwe n‘imbaraga yo mu ijuru. Imigisha ikomeye yahawe ubwoko bw’Imana bw’abanyakuri kandi bicisha bugufi. Numvise amajwi yo gushima no guhimbaza, kandi byabaye nk’aho hariho ubugorozi bumeze nk’ubwo twabonye mu mwaka 1844. 6

Imana yifuza gutera ubwoko bwayo imbaraga ibikoresheje impano y’Umwuka Wera, ikababatiriza ubwa kabiri mu rukundo rwayo. Nta cyatuma Umwuka abura mu itorero.Yesu amaze kujya mu ijuru. Umwuka Wera yamanukiye abigishwa bari bamutegereje, basengaga bizeraga buzuye kandi bafite imbaraga yageraga ku mutima wose. Mu gihe kizaza,isi izamurikirwa n’ubwiza bw’Imana. Ubwenge bukomoka mu ijuru bukwiriye kugera mu isi bumenyekanishijwe n’abejejwe mu kuri. Isi ikwiriye kuzengurukwa n’ubuntu. Umwuka Wera akwiriye gukora ku mitima y’abantu agafata ibintu by’Imana akabyereka abantu. 7

Uwiteka yemera gukorera umurimo ukomeye abanwizera by'ukuri bose. Abizera b'abakorera bushake nibahaguruka bagakora uko bashoboye, bakajya ku rugamba birwanaho, umuntu wese akareba ibyo yageraho mu gukiriza Yesu imitima, tuzabona benshi bacika Satani bahagarare munsi y'ibindera rya Kristo. Abantu bacu nibakurikiza umucyo baherewe muri aya magambo make yo kubigisha, (Yohana 15:8) tuzabona rwose iby'agakiza k'Imana. Hazakurikiraho kuvugururwa gutangaje. Abanyabyaha bazihana, kandi benshi bazongerwa mu itorero. Imitima yacu nituyisabanya na Kristo, maze imibereho yacu igafatanya n'umurimo we, Umwuka wamanukiye abagishwa ku munsi wa Pentekote azatumanukira. 8

Akaga Gaturuka ku Gukererwa

Mu iyerekwa rya nijoro, neretswe ibintu bitangaje. Nabonye ikintu kimeze nk'umupira w'umuriro munini cyane ugwa hejuru y'amazu meza, urayarimbura ako kanya. Numva umuntu avuga ati "Twari tuzi yuko Imana igiye gucira isi urubanza, ariko ntitwamenye yuko ruzaba vuba cyane." Abandi bavuga bababazwa cy'ane bati "Mwari mubizi! Kuki se mutabitubwiye? Twe ntitwari tubizi." Impande zose numva amagambo amaze nk'ayo yo kugaya ko batabwiwe n'abo bari kumwe.

Nkanguka mbabaye cyane. Ndongera ndazinzira, kandi nasaga n'uri mu nteko y'abantu nini. Umuntu umwe w'umutegetsi yavuganaga n'abo bantu aramburiye ikaritay'isi imbere yabo. Ababwirayuko iyo karita ishushanya uruzabibu rw'Imana, rukwiriye guhingwa. Ubwo umucyo wavaga mu ijuru wamurikiraga umuntu wese, umuntu wese yagombaga na we kumurikira abandi. Imuri zari gucanwa henshi kandi izo muri zari gukongeza n'izindi.

Aya magambo yongcra kuvugwa ngo: "Muri umunyu w'isi; mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira. Muri umucyo w'isi: umudugudu wubatswe mu mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha. Nta bakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo, rikamurukira abari mu nzu bose. Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru." Matayo 5:13-16.

Umunsi wose wije, urushaho kwigiza hafi imperuka. Mbese ni na ko utwigiza hafi y'Imana? Mbese duhora turi maso kandi dusenga? Abo duhorana uko bukeye n'uko bwije bakeneye ko tubafasha kandi ngo tubayobore. Bishoboka ko ibitekerezo byabo bitegereje ijambo twababwira maze Umwuka wera akarishimangira mu initima yabo nk'uko umulundi aboneza umusumari aho ashaka kuwutera. Bishoboka yuko ejo abo bantu bazaba bari aho tutazashobora rwose kongera kubageraho. None se icyo tumariye abo bantu dufatanije urugendo ni iki? Umuhati tugira wo kubazanira Kristo ni uwuhc? 9

Mu gihe abamarayika bagifashe imiyaga ine, dukwiriye gukoresha imbaraga zacu. Dukwiriye kuvuga ubutumwa bwacu nta kidutindije. Dukwiriye gutanga ubuhamya mu ijuru no muri iyi si yacuyutse, yuko idini ryacu ari ukwizera n'imbaraga bitangwa na Kristo n'ijambo rye ari ryo muhanuzi wavuye ku Mana. Imitima y'abantu iranagana ku minzani. Bashobora kuzaba abajya mu bwami bw'Imana cyangwa imbata z'ubutegetsi bubi bwa Satani. Bose bakwiriye kugira amahirwe yo kubona ibyiringiro beretswe mu butumwa bwiza; ariko se bakumva bate nta mubwiriza? Abantu bakeneye kuvugurura imieo ynbo bagatunganya ingeso, kugira ngo bazabashe guhagarara imbere y'Imana Hariho abantu bagiye kurimbuka bitewe n'amakosa ari mu ibitekerezo abanyabwenge bo muri iki gihe bafite, ibyo bitekerezo bikaba bigamijo kurwanya ubutumwa bwiza. None se ni bande bagiye kwitangira burundu kuba abakozi bakorana n'Imana? 10

Muri iki gihe hariho umugabane munini w'abari mu materaniro yacu bapfira mu bicumuro n'ibyaha. Baraza bakongera bakagenda nk'uko urugi rwizunguza ku mapata. Bamaze imyaka myinshi bumva neza ukuri gukomeye cyane, gukangura imitima, ariko ntibagushyira mu bikorwa. Ni cyo gituma barushaho gusubira inyuma ntibasobanukirwe n'agaciro k'uko kuri. Ubuhamya buteye ubwoba, bubagira inama yo kwisubiraho kandi bw'imbuzi ntibubakangurira kwihana. Amajwimeza anezeza cyane aturuka ku Mana, aririmbwa n'abantu bayobowe nayo , ari yo gutsindishirizwa kubwo kwizera no gukiranuka kwa Kristo, ntabatera kugira urukundo n'ishimwe. Nubwo umutunzi wo mu ijuru abereka amabuye y'igiciro cyinshi yo kwizera n'urukundo, nubwo abararikira kumuguraho "izahabu yatunganirijwe mu ruganda," n'imyenda yera "kugira ngo bambare, n'umuti wo gusiga ku maso" kugira ngo babashe kureba, banangira imitima yabo ntibamwumvire, maze bakananirwa

kugurana amatwara yabo yo kuba akazuyaze ngo bahabwe urukundo n'ishyaka. Bityo rero bibabera akamenyero bagahakana imbaraga iboneka mu kubaha Imana. Ni bakomeza batyo, Imana izabanga. Barikura mu mubare w'abakwiriye kuba mu muryango wayo. 11

Abizera bagize itorero bakwiriye kuzirikana yuko kugira amazina mu bitabo by'itorero bitazabakiza. Bakwiriye kugaragaza ubwabo yuko bemewe n'Imana, ko ari abakozi batagira ipfunwe. Bakwiriye kubaka ingeso zabo uko bukeye n'uko bwije mu buryo buhwanye n'uko Imana ibayobora. Bakwiriye kuguma muri yo, bagahora gakorera ibyo gukiranuka muri yo. Ubwo ni bwo bazakura bakagera ku rugero rushyitse rw'igihagararo cy'abagabo n'abagore muri Kristo; turi abakristo bashyitse, banezerewe, bashima, bayoborwa n'Imana mu mucyo ukomeza kurushaho kurabagirana. Niba ibyo Atari byo bakora, bazaba muri ba bandi; amajwi yabo azumvikana umunsi umwe baborogeshwa cyane n'umubabaro bati "Isarura rirarangiye, igihe cy'impeshyi kirashize, kandi sinkijijwe! Kuki nakinishije agakiza kanjye, ngateza agahinda Umwuka w'imbabazi?" 12

Bene Data na bashiki banjye mumaze igihe kirekire muvuga ko mwizera ukuri, ndababaza umuntu ku giti cye nti "Mbese amatwara yawe ntanyuranya n'umucyo, n'uburenganzira, n'amahirwe Imana iguha? Icyo ni ikibazo gikomeye. Zuba ryo Gukiranuka yarasiye itorero, none ni inshingano y'itorero ko rimurika. Umuntu wese afite amahirwe yo gutera imbere. Abahujwe na Kristo bazakurira mu buntu no mu kumenya Umwana w'Imana, bagere ku rugero rushyitse rw'igihagararo cy'abagabo n'abagore. Iyaba abavuga ko bizera ukuri bose barakoresheje imbaraga zabo zose n'imyanyayabo bakiga kandi bagakora, baba barakomereye muri Kristo. Nubwo baba bakora umurimo umeze ute, nubwo baba ari abahinzi, abakora ibyuma byigenza, abigisha, cyangwa abungeri, iyaba baritanze ku Mana burundu baba barabaye abakozi b'ingirakamaro bakorera Shebuja wo mu ijuru.13

Abakozi Bakwiriye Kwigisha Abizera mu Itorero

Biragaragara yuko ibibwirizwa byose byabwirijwe bitatumye habaho itsinda rinini ry'abakozi bitanga ntibashyire inyungu zabo imbere. Ibyo bikwiriye kuzirikanwa kuko bifite ingaruka zikomeye. Dushobora kubura ubugingo buhoraho twari dutegereje. Amatorero arazongwa kuko

abakristo bananiwe gukoresha italanto zabo mu byo gukwiza umucyo. Icyigisho cyitondewe, kizamera nk'ibyigisho bivuye kuri Databuja, gikwiriye kwigishwa, kugira ngo bose bakoreshe umucyo wabo mu buryo bukwiye. Abahagarikiye itorero bakwiye gutoranya abakristo bafite ubwenge maze bakabashinga imirimo, muri icyo gihe bakabigisha uburyo bwiza cyane bwo gukora no guhesha abandi umugisha. 14

Abakanishi, ababuranira abandi, abacuruzi, abanyamyuga yose; bariyigisha kugira ngo bamenye neza imirimo yabo. Mbese abayoboke ba Kristo, bakwiriye kuba abanyabwenge buke no mu gihe abitwa ko bamukorera batazi uburyo bamukorera? Umugambi wo kuzahabwa ubugingo buhoraho uruta indi migambi yose yo ku isi. Abantu bakwiriye kumenya kamere ya kimuntu kandi bakarondora ibitekerezo by'abantu kugira ngo bashobore kuyobora abandi kuri Yesu. Kugira ngo abantu bamenye uburyo bakwigisha abagabo n'bagore ku ngingo ikomeye yerekeye ukuri, hakenewe ibitekerezo byimbitse biherekejwe no gusengana umwete. 15

Itorero rikimara guhangwa, umugabura akwiriye guha abizera barigize imirimo. Bazakenera kwigishwa uburyo bwo gukora neza. Umugabura akwiriye gutanga igihe cye kinini cyo kwigisha kuruta kubwiriza. Akwiriye kwigisha abantu uburyo bwo kwigisha abandi ubwenge bahawe. Mu gihe abihannye bakwiriye kwigishwa kubaza inama abamenyereye mu murimo cyane, bakwiriye kwigishwa na bwo ko badakwiriye gushyira umugabura mu kigwi cy'Imana.

Gufasha gukomeye cyane abantu bacu bashobora guhabwa, ni ukubigisha gukorera Imana, no kuba ari yo bategaho amakiriro, atari ku bagabura. Bakwiriye kwiga gukora nk'uko Kristo yakoraga. Bakwiriye gufatanya n'ingabo ze z'abakozi kandi bakwiriye kumukorera bakiranutse.16

Abigisha nibajye babayobora mu gufasha abantu, bityo iv abandi, kubera gufatanya na bo, bazabigiraho. Icyitegererezo kimwe gifite umumaro kuruta amategeko menshi. 17

Abahagarikiye itorero mu by'umwuka bakwiriye gushaka inzira n'uburyo umukristo wese wo mu itorero yabona umwanya wo kugira icyo akora mu murimo w'Imana. Ibyo ntabwo byakorwaga mu gihe

cyashize. Ntabwo inama zo gukoresha italanto za bose mu murimo zakurikijwe neza. Hariho bakeya rwose basobanukirwa n'ibyangiritse kubw'izo mpamvu.

Muri buri torero harimo italanto zibasha kuba umufasha ukomeye muri uyu murimo nizikoreshwa mu buryo butunganye. Hakwiriye kubaho inama iringanijwe neza yo kugirwa abakozi ngo bajye mu matorero yacu yose, amanini n'amatoya, bigishe abakristo uburyobwo gukora bubaka itorero, kandi bakorera n'abatizera. Igikenewe ni ukwigishwa, n'ubwenge. Bose nibatunganirize imitima n'ubwenge byabo kuba abahanga ku byerekeye umurimo ukwiriye gukorwa muri iki gihe, biyemeze ko bashobora gukora icyo bagenewe.

Igikenewe muri iki gihe mu byo kubaka amatorero yacu ni umurimo mwiza ukorwa n'abakozi b'abanyabwenge wo kugenzura no gushyira mbere italanto mu itorero; italanto ishobora kwigishirizwa gukora umrimo wa Databuja. Abazakora umrimo wo gusura amatorero bakwiriye kwigisha bene Data na barumuna banjye uburyo bukwiriye bwo gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Hakwiriye kubaho n'umutwe w'abasore bigishwa na bo. Abasore n'inkumi bakwiriye kwigishwa kuba abakozi iwabo mu baturanyi babo no mu itorero. 18

Abamarayika bo mu ijuru bamaze igihe kirekire bategereje abantu bakora ari bo bakristo bo mu itorero kugira ngd bafatanye na bo umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa. Barabategereje. Umurima ni munini cyane, inama yaruzuye rwose, kugira ngo umutima wose wejejwe ushyirwe mu murimo nk'igikoresho gifite imbaraga ivuye mu ijuru. 19

Iyaba abakristo bajyaga inama, bakitwara nk'umuntu umwe, bayobowe n'imbaraga imwe, bashaka gusohoza umugambi umwe, babashije kunyeganyeza isi.20.

Guhamagara ko mu "nzira nyabagendwa" gukwiriye kwamamazwa mu bantu bose bafite uruhare rugaragara mu murimo wo mu isi, no mu bigisha no mu bayobozi b'abantu. Abafite inshingano zikomeye ku bantu bose; abavuzi, abigisha, ababuranira abandi. n'abacamanza, abayobozi ba rubanda mabacuruzi, bakwiriye guhabwa ubutumwa busobanutse kandi bwumvikana. "Kandi umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe? Mariko 8:36,37.

Tuganira kandi tukandika byinshi byerekeye ukuntu abakene batitaweho; mbese ntidukwiriye kwita no ku bakungu birengagijwe? Benshi bareba abo bantu ko ari abatagira ibyiringiro maze bagakora bike byo gufungura amaso y'abahumishijwe kandi bagaterwa agahinda na Satani, bakabarwa mu bazabura ubugingo bahoraho. Abatunzi ibihumbi byinshi bagiye mu bituro byabo bataburiwe kuko baciriwe urubanza bakanyurwaho nk'abatagira ibyiringiro. Ariko n'abantu bagaragara ko nla cyo bitayeho, neretswe yuko abenshi cyane bo muri icyo gice baremerewc ku mutima. Hariho abantu b'abakungu ibihumbi bicwa n'inzara yo kubura ibyokurya by'umwuka. Benshi mu mibereho yabo isanzwe bumva bifuza ikintu batagira. Bakeya bo muri bo bajya mu rusengero, kuko biyumvamo ko nta nyungu babona. Ibyigisho bumva ntibibakabakaba ku mutima. Mbese ku giti cyacu, nta cyo twabamarira?

Bamwe bazabaza bati: Mbese ntitubasha kubageraho hakoreshejwe ibitabo? Hariho benshi utabasha kugeraho muri ubwo buryo. Icyo bakeneye ni ukwigishwa umwe umwe. Mbese bakwiriye kurimbuka bataburiwe? Kera si ko byagendaga. Abagaragu b'Imana baratumwaga bakajya kubwira abanyacyubahiro yuko aho bashobora kubonera amahoro n'uburuhukiro ari mu Mwami Yesu Kristo gusa.

Umwami w'ijuru yazanywe mu isi yacu no gukiza abantu bazimiye kandi baguye. Umuhati yagize akora ntiyawugiriye ba rubanda rugufi gusa, ahubwo yawugiriye n'abafite imyanya y'icyubahiro. Yakoranaga umwete ashaka kubona uko ashyikira imitima y'abanyacyubahiro batari bazi Imana kandi batakomezaga amategeko yayo. Yesu amaze kujya mu ijuru uwo murimo wakomeje gukorwa. Umutima wanjye wuzurwa m'impuhwe iyo nsomye uburyo Umwami yanejejwe na koruneliyo. Koruneliyo yari umugabo w'umunyacyubahiro, umugaba w'ingabo z'Abaroma, ariko yagendaga akora cyane ibihwanye n'umucyo yakiriye. Uwiteka yamwoherereje ubutumwa bw'umwihariko buvuye mu ijuru, kandi yoherereza Petero ubundi butumwa ngo ajye kumureba anamusobanurire. Bikwiriye kudutera ubutwari bukomeye mu murimo wacu tugatekereza iby'impuhwe n'urukundo rw'Imana yakunze abashaka kandi basaba guhabwa umucyo.

Hariho benshi neretswe basana Koruneliyo, abantu Imanayifuza guhuza n'itorero ryayo. Bagirira impuhwe abantu bakomeza amategeko y'Uwiteka. Ariko ubudodo bubaboheye ku by'isi burabakanangiye cyane.

Ntibafite ubutwari bwatuma bifatanya n'abantu baciye bugufi. Dukwiriye guhaguruka mu buryo bw'umwihariko tugafasha abo bantu bakeneye ubufasha budasanzwe kubera inshingono zabo n'ibigeragezo bahura na byo.

Nkurikije umucyo nahawe nzi yuko interuro ngo: "Uku ni ko Uwiteka avuga" ikwiriye kubwirwa abantu muri iki gihe bafite ububasha n'ubutegetsi mu isi. Ni ibisonga Imana yaragije ubutunzi bw'ingenzi. Nibemera guhamagara kw'Imana izabakoresha mu murimo wayo....

Hariho abantu, mu buryo bw'umwihariko, bashobora gufasha abantu bo mu rwego rwo hejuru. Abo bakwiriye gushakashaka Uwiteka uko bukeye n'uko bwije, bagahora biga uburyo bwo kugera kuri bene abo bantu, bitari ukumenyana byo hejuru gusa, ahubwo bakabakuruza umuhati wabo no kwizera kuzima, bakabagaragariza urukundo ruturutse ku mutima, bakita cyane ku kubamenyesha ukuri nk'uko kuri mu Ijambo ry'Imana. 21

(1) Uko Abagabura n'Abakozi bo mu Itorero Bihanangirizwa: (2) 9T 42, 43; (3) 9T 20; (4) 9T 37, 38;m (5) 6T 424,425; (6) 91425, 126; (7) 9T 48;)13) 6T 425; (14) 6T 431; (15) 4T 67; (16) 7T 19, 20; (17) MH 149; (18) Uko Abagabura n'Abakozi bo mu Itorero Bihanangirizwa (19) 9T 46, 47;(20) 9T 221; (21) 6T 78-81.

IGICE CYA 9

Ibitabo by'Itorero

Umurimo wacu wo gucapa ibitabo wahanzwe n'itegeko ry'Imana kandi uyoborwa no kurinda kwayo gukomeye. Wari wagenewe gusohoza umugambi waringanijwe. Abadibantisiti b'Umunsi wa Karindwi batorewe n'Imana kuba abantu b'umwihariko, batandukanye n'ab'isi. Imana ikoresheje imashini ikomeye y'ukuri, yabacukuye mu kirombe cy'iby'isi maze ibahuza na yo. Yabagize intumwa zayo kandi ibahamagarira kuyihagarira mu murimo uheruka w'agakiza. Niba hari ubutunzi bukomeye cyane bw'ukuri buruta ubundi bwose Imana yahaye abantu bafite ugugingo butarama, niba hari imiburo y'agakiza kandi iteye

ubwoba Imana yoherereje abantu, ni bo yabihaye kugira ngo na bo babihe ab'isi; kandi amazu yacu y'icapiro ari mu bikoresho by'ingirakamaro bikomeye cyane bikoreshwa kurangiza uyu murimo.

Ibitabo byacu byoherezwa bivuye mu mazu yacu y'amacapiro bikwiriye gutegurira abantu gusanganira Imana. 1

Niba hariho umurimo w'ingenzi uruta iyindi, ni uguha abantu ibitabo byacu, bityo tukabayobora ku gusoma ibyanditswe byera. Umurimo wo kubwiriza ubutumwa, ugizwe no kwerekana no kumenyekanishu ibitabo byacu mu ngo, kuganira. gufatanya na bo gusenga no kubasabira, ni umurimo mwiza kandi uzigisha abagabo n'abagore kuba abungeri beza.2

Kububwiririsha ubutumwa ibitabo byacu ni umugabane w'ingenzi kandi urushije indi yose kugira umumaro mu murimo wo kubwiriza ubutumwa. Ibitabo byacu bishobora kujya ahantu amateraniro yacu atabasha guteranirizwa. Bene aho hantu umubwiririshabutumwa ibitabo w'umukiranutsi ahabona umwanya w'umubwiriza ku ruhimbi. Kubw'umurimo wo kugurisha ibitabo ukuri gushyirwa abantu ibihumbi batari kuzabasha kubwumva na gato.

Ababwiririsha ibitabo bakwiriye kujya mu migabane itari imwe y'igihugu. Agaciro k'uyu murimo gahwanye rwose n'ak'umugabura mwiza. Umubwiriza ku ruhimbi n'igitabo, bombi barakenewe kugira ngo uyu murimo ukomeye dufite urangizwe.3

Imana yereje umurimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo kwereka abantu umucyo ari mu bitabo byacu. kandi ababwiririsha ubutumwa ibitabo bakwiriye kwemezwa akamaro ko gushyira abari mu isi, mu buryo bwihuse nk'uko bishobotse, ibitabo bakeneye ngo bahabwe ubumenyi mu by'umwuka binababiremo umucyo. Uwo ni wa murimo Uwiteka ashaka yuko ubwoko bwe bukora muri iki gihe. Abiyegurira Imana bose kugira ngo bakore umurimo wo kugurisha ibitabo baba bafasha gutanga ubutumwa buheruka bwo kuburira abari mu isi. Ntidushobora kumenya neza agaciro k'uyu murimo; kuko iyo hatabaho umuhati w'ubwiririsha ubutumwa ibitabo, benshi ntibari kumva imiburo. 4

Ibitabo byacu bikwiriye kujya hose. Nibijye byandikwa mu ndimi nyinshi. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bukwiriye kuvugwa muri ubu buryo kandi bukavugirwa no ku ruhimbi. Mwebwe abizera ukuri kw'ibi bihe, nimukaguke. Ni inshingano yanyu gushaka uburyo bwose bushobotse mugafashaabasobanukiwe n'ukuri kukwamamaza. Umugabane w'amafaranga yaguzwe ibitabo byacu ukwiriye gukoresherezwa kongera ibindi bitabo bizashobora guhumura impumyi no guhinga intabire yaraye y'umutima. 5

Nabwiwe yuko n'ahantu abantu bumva ubutumwa bw'umubwiriza ku ruhimbi, ubwiririsha ubutumwa ibitabo akwiriye gukomeza kuhakora umurimo we afatanije n'umugabura: kuko nubwo umugabura ashobora kuvuga ubutumwa akiranutse, abantu ntibashobora kubwibuka bwose. Ni cyo gituma igitabo ari ingenzi; ntikibakangurira ukuri ko muri iki gihe gusa, ahubwo gituma bashora imizi mu kuri kandi bagashobora kurwanya ibishuko bibatera gucumura. Inyandiko zicapwa ku mpapuro n'ibitabo ni uburyo Uwiteka yateguye kugira ngo abantu bahorane ukuri imbere yabo. Ibitabo bizakora umurimo ukomeye cyane kuruta uko wakorwa n'umugabura ukoresha amagambo gusa, mu byo kumurikira umutima no kuwukomeza. Izo ntumwa zitavuga zigezwa mu ngo n'ababwiririsha ubutumwa mu buryo bwose; kuko nibasoma ibyo bitabo Umwuka Wera azinjira mu mitima yabo, nkuko yinjira mu mitima y'abumva ijambo ribwirizwa. Umurimo nk'uwo ukorwa n'abamarayika wunganira ibitabo birimo ukuri nkuko wunganira umugabura. 6

Hakwiriye gukorwa imigambi ikoranywe ubwenge igamije gufasha abanyeshuri babikwiriye ngo bibonere amarezi mu kugurisha ibyo bitabo niba babishaka. Ababona amafaranga ahagije muri ubwo buryo yo kurihirira zimwe mu nyigisho zitangwa mu mashuri yacu bazunguka ubuhanga bw'agaciro kenshi cyane buzababafasha mu murimo wo kujya kubwiriza ubutumwa mu tundi turere butarageramo.7

Igihe abakristo bo mu itorero ryacu bazamenya agaciro ko gukwiza hose ibitabo byacu, ni ho bazatanga umwanya uruseho wo gukora uwo murimo.8

Igihe cyose igihe cy'imbabazi kigikomeje, ubwiririsha ubutumwa ibitabo azaba afite amahirwe yo gukora.9

Bene Data na bashiki banjye, Uwiteka azanezerwa nimuhaguruka mubikuye ku mutima, mugashyigikira umurimo w'ibitabo mukoresheje amasegensho n'ubutunzi bwanyu. Mujye musenga mu gitondo na nimugoroba kugira ngo uwo murimo ubone umugisha w' Imana udafunguye. Ntimukagenzure ibyo abandi bakora kandi ntimukivovote. Ntimukaganye cyangwa ngo mwivovote; mwibuke yuko abamarayika bumva ayo magambo. Abantu bose bakwiriye kumenyeshwa yuko ayo macapiro yashyizweho n'Imana. Abatesha ayo macapiro agaciro bashyize imbere inyungu zabo bazisobanura imbere y'Imana. Imana iteganya yuko ikintu cyose gifitanye isano mumurimo wayo gifatwa nk'ikerejwe Uwiteka. 10

(1) 7T 138, 139; (2) 4T 390; (3) 6T 313; (5) 9T 62; (6) 6T 315, (7) 9T 79; (8) CM 7; (9) 6T 478; (10) 7T 182, 183.

IGICE CYA 10

Kwizera Imana Yawe

Bizamenyekana ku munsi w'imperuka yuko Imana yari izi umuntu wese mu izina. Hariho umuhamya utaboneka uhamya umurimo wose ukozwe mu mibereho. "Nzi imirimo yawe", ni ko "ugendera hagati y'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu" avuga. (Ibyahishuwe 2:1). Birazwi uburyo abantu batitaye ku gukoresha igihe bahawe nk'uko bikwiriye; mbega uburyo umwungeri mwiza yakoze ubutaruhuka ashakisha abayobagurika ngo abagarure mu nzira y'umutekano n'amahoro. Imana yakomeje guhamagara ubutitsa abakunda kwinezeza; yakomeje kubamurikishiriza umucyo w'ijambo ryayo mu nzira zabo ubudahwema, kugira ngo babashe kubona akaga kabo maze bahunge. Ariko bo bakomeza kugenda, bikinira nta cyo bitayeho uko bakomeza kugenda mu nzira ngari, kugeza ubwo igihe bahawe cyo kwisubiraho kizarangira. Inzira z'Imana ntizibera kandi ntizirobanura; kandi ubwo abazasangwa badashyitse bazacirwa urubanza, nta we uzongera kugira icyo avuga. 1

Imbaraga ikomeye ikorera mu byaremwe byose kandi igakomeza ibintu byose ntimeze, nk'uko abantu bamwe bajambuye mu bumenyi

bw'isi babivuga; ngo ni imbaraga igera hose kandi ikoresha ibintu gusa. Imana ni umwuka; kandi nyamara umuntu asa na yo kuko yaremwe ku ishusho yayo.

Imirimo y'intoke z'Imana mu byaremwe si yo Mana ubwayo. Ibintu byaremwe ni byo bisobanura ingeso z'Imana; ni byo tubasha kumenyeraho urukundo rwayo, imbaraga yayo, u'ubwiza bwayo; ariko ntidukwiriye kubona ko ibyaremwe ari Imana. Ubukorikori bw'abantu bugira imirimo myiza cyane, ibintu binezeza amaso, kandi ibyo bintu biduha gutekereza uwabikoze; ariko icyo kintu cyakozwe si cyo muntu. Umurimo si wo ukwiriye icyubahiro, ahubwo ni uwagikoze ugikwiriye. Nuko rero kuko ibyaremwe ari byo bisobanura igitekerezo Imana yagize, si ibyaremwe bikwiriye guhabwa ikuzo, ahubwo ni Imana Yabiremye.

Mu iremwa ry'umuntu ni ho Imana yagaragariye. Igihe Imana yaremaga umuntu ku ishusho yayo, ishusho y'umuntu yari itunganye mu buryo yari iterateranyijwe bwose ariko nta bugingo yari afite. Hanyuma Imana nzima, itararemwe n'umuntu cyangwa n'ikindi kintu icyo ari cyo cyose, Ihumekera muri icyo kiremwa umwuka w'ubugingo, maze umuntu ahinduka muzima, arahumeka, agira ubwenge. Imigabane yose y'umubiri w'uwo muntu yatangiye gukora. Umutima, imitsi y'amaraso meza, imitsi y'amaraso mabi, ururimi, amaboko, amaguru, inzira z'ubwenge. gusobanukirwa kw'ubwenge byose bitangira gukora, byose bikurikiza amategeko. Umuntu ahinduka ubugingo buzima. Imana ubwayo yaremeye umuntu muri Yesu Kristo maze imuha ubwenge n'ububasha.

Ntiyahishwe ibumba twaremwemo igihe twaremerwagu mu ibanga. Amaso ye yabonye ibumba twaremwemo. Nyamara iryo bumba hari icyo ryaburaga kugira ngo rivemo umuntu; kandi ingingo zacu zose zari zanditswe mu gitabo cye, igihe hari hatarabaho na rumwe.

Hejuru y'ibindi biremwa byo mu rwego rwo hasi byose, Imana yagambiriye yuko umuntu, ari we Imana yasorejeho irema, akwiriye kugaragaza igitekerezo cyayo kandi agahishura ubwiza bwayo. Ariko umuntu ntakwiriye kwishyira hejuru ngo yigire Imana. 2

Imana Data wa Twese Ihishuriwe muri Kristo

Imana yigaragarije mu Mwana wayo isa n’umuntu. Yesu ari we kurabagirana kw’ubwiza bwa Data wa twese, “n’ishusho ya kamere ye” (Abaheburayo 1:3), yaje mu isi afite ishusho y’umuntu. Yaje mu isi nk’Umukiza w’abantu. Yazamutse mu ijuru nk’umukiza w’abantu. Kandi nk’umukiza w’abantu ahora atuvugira anadusabira imbabazi ku Mana mu ijuru. “Usa n’umwana w’umuntu” (Ibyahishuwe 1:13), akorera imbere y’intebe y’ubwami bw’Imana ku bwacu.

Kristo, Umucyo w’isi, yatwikiriye ubwiza burabagirana bw’ubumana bwe hanyuma aza gutura mu bantu nk’umuntu, kugira ngo bashobore kumenya Umuremyi wabo batarimbuwe. Nta muntu wabonye Imana mu gihe icyo ari cyo cyose keretse ko yiyerekaniye muri Kristo.

Kristo yaje kwigisha abantu icyo Imana ishaka ko bamenya. Mu ijuru hejuru, no mu isi, no mu mazi magari y’inyanja, tuhabona imirimo y’intoke z’Imana. Ibyaremwe byose bihamya imbaraga zayo. n’ubwenge bwayo, n’urukundo rwayo. Ariko si ku nyenyeri cyangwa ku nyanja cyangwa ku isumo y’amazi tubasha kwigira Imana ubwayo nk’uko igaragarira muri Kristo.

Imana yabonye yuko hari hakenewe ikirushije ibyaremwe kugaragaza Ubumana bwayo n’imico yayo. Yatumye Umwana wayo mu isi kugira ngo agaragaze, mu buryo amaso ya kimuntu yakwihanganira, kamere n’imirimo y’Imana itarebwa n’amaso y’abantu.

Iyo Imana ishaka kugaragazwa nk’aho iba mu byaremwe; ni ukuvuga mu rurabyo, igiti, icyatsi gitoto kigishibuka, mbese Kristo ntaba yarabwiye abigishwa be igihe yari mu isi? Ariko mu nyigisho za Yesu ntabwo yigeze avuga Imana atyo. Kristo n’abigishwa be bigishije ukuri kuvuga ko hariho Imana yita ku muntu wese.

Kristo yagaragaje iby’Imana byose kugira ngo abantu b'abanyabyaha babashe kubikomeza be kurimbuka. Ni we Mwigisha wavuye mu ijuru, ni umutangamucyo. Iyo Imana ibona yuko dukeneye ibihishurwa biruta ibyahishuriwe muri Kristo no mu ijambo ryayo ryanditse, iba yarabitanze.

Kristo Aha Abantu Imbaragayo Guhinduka Abana b’Imana

Nimutyo twige amagambo Yesu yavugiye mu nzu yo hejuru mu ijoro ryabanjirije umunsi yabambweho. Igihe cye cyo kugeragezwa cyari cyegereje maze ashaka guhumuriza abigishwa be, bari bagiye gushukwa no kugeragezwa cyane.

Abigishwa bari batarasobanukirwa n'amagambo Kristo yavuze yerekeye isano ye n’Imana. Ibyinshi mu byo yigishaga byaribikibabereye urujijo. Bari barabajije ibibazo byinshi bigaragaza ko batari bazi isano yabo n’Imana ndetse n’ibyari kubagirira akamaro muri cyo gihe n’byo mu gibe kizaza. Kristo yifuzaga ko barushaho kumenya Imana neza.

Igihe Umwuka Wera yasukwaga ku bigishwa ku Munsi wa Pentekote, ni ho basobanukiwe n’ukuri Kristo yari yaravugiye mu migani. Basobanukiwe n’inyigisho zari zarabaye urujijo. Ugusobanukirwa bagize bamaze guhabwa Umwuka Wera kwabateye gukorwa n’isoni z’abitekerezaga by’inzozi bari barishyezemo. Ibyo bibwiraga n’ubusobanuro bihaga byari ubupfapfa babigereranije n’ubumenyi bw’iby’ijuru babonye. Bayoborwaga n’Umwuka, kandi urujijo bari barigeze kugira rwari rweyuwe n’umucyo wari ubarasiye.

Ariko abigishwa bari bataruzurizwa neza isezerano rya Kristo. Bahawe ubumenyi bwose bashoboraga kwakira bwerekeye Imana, ariko ukuzuzwa kw’ isezerano ryavugaga ko Kristo azabareka neza Data wa twese kwari kugitegerejwe. Uko ni ko bimeze muri iki gihe. Uko tuzi Imana ni igice kandi ntigutunganye. Ubwo intambara izaba ishize maze Umwana w’Umuntu Yesu Kristo akereka Se abamukoreye neza, batanze ubuhamya bw'ibye bw'ukuri nubwo babaga mu isi y’icyaha, bazasobanukirwa neza ibibabera urujijo muri iki gihe.

Kristo yajyanye mu ij uru umubiri we w’ ubumuntu wari wejej we. Abamwakira abaha imbaraga yo guhinduka abana b'Imana, kugira ngo ku iherezo Imana izabakire nk'abayo, bazabane nayo ibihe bidashira. Nibaba abayoboke b'Imana muri ubu bugingo, nyuma “bazareba mu maso hayo; kandi izina ryayo rizandikwa mu ruhanga rwabo.” (Ibyahishuwe 22:4). None se ni munezero ki w'ijuru. utari ukureba Imana? Ni uwuhe munezero urushijeho gukomera umunyabyaha

wakijijwe n’ubuntu bwa Kristo yagira uruse kureba mu maso h'Imana? no kumenya ko ari yo Se?

Imana Ubwayo Yishimira Abana Bayo

Ibyanditswe byerekana neza isano y’Imana na Kristo, kandi bitera umuntu kureba neza uko Imana iri n'uko Kristo ari.

Imana ni Se wa Kristo; Kristo ni Umwana w’Imana. Kristo yahawe icyubahiro gikomeye. Yareshyeshyejwe na Se. Inama zose z’Imana Umwana wayo arazimenya. Ubwo bumwe bwasobanuwe kandi muri Yohana igice cya cumi na birindwi, mu isengesho rya Yesu asabira abigishwa be.

“Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira abazanyizezwa n’ijambo ryawe, ngo bose babe umwe, nk’uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo nabo babe umwe muri twe, ngo ab' isi bizere ko ari wowe wantumye. Nanjye mbahaye ubwiza wampaye, ngo babe umwe nk’uko natwe turi umwe. Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri jye, ngo babe umwe rwose, ngo ab’isi bamenye ko ari wowe wantumye, ukabakunda nk’uko wankunze.” (Yohana 17:20-23).

Mbega amagambo y’agatangaza! Ubumwe buri hagati ya Kristo n’abigishwa be butagize uwo buhungabanya. Ni bamwe mu mugambi, mu bwenge, mu ngeso, ariko si bamwe muri kamere ya kimuntu. Uko ni ko Imana na Kristo ari bamwe.

Imana yacu ni yo itegeka ijuru n’isi, kandi izi icyo dukena. Tubona intera ntoya gusa iri imbere yacu; “...ahubwo byose bitwikuruwe nk'ibyambaye ubusa mu maso y’lzatubaza ibyo twakoze.” (Abaheburayo 4:13). Yahawe intebe y’ubwami yicara hejuru y’ibirushya byose; ibintu byose bigaragarira neza ijisho ryayo iri mu ijuru; kandi kubwo icyubahiro cyayo n’amahoro y’iteka itegeka ibyo ireba ko ari byo birusha byose kuba byiza.

Ndetse n’igishwi ntikigwa hasi Data wa twese atabizi. Urwango Satani yanga Imana rumutera ndetse kwishimira kurimburwa kw’ibyaremwe bitavuga, Kurinda kw’Imana konyine ni ko gutuma inyoni zirindirwa kutunezeza mu ndirimbo zazo z’umunezero. Ariko

ntiyibagirwa ndetse n'ibishwi. "Nuko ntimutinye: Kuko muruta ibishwi byinshi." (Matayo 10:31).

(1) 5T 435; (2) 8T 263-273.

IGICE CYA 11

Abakristo Bakwiriye Kuba Intumwa z'Imana

Ni umugambi w'Imana, ikoresheje abantu bayo, kugaragaza amatwara y'ubwami bwayo. Kugira ngo izo ngeso bazigaragarize mu mibereho no mu ngeso, yifuza kubatandukanya n'ingeso n'imico n'imigenzereze y'ab'isi. Ishaka kubiyegereza, kugira ngo ibamenyeshe iby'ishaka.

Umugambi Imana ishaka kuzuriza mu bwoko bwayo bwo muri iki gihe uhwanye n'uwo yifuje kuzuriza mu Bisirayeli igihe yabavanaga mu Misiri

Ab'isi bashobora kubona ingeso z'Imana bitegereje ineza, imbabazi, umurava, n'urukundo byayo bigaragarira mu itorero. Bityo amategeko y'Imana nagaragarira mu mibereho, n'ab'isi bazamenya ko abakunda Imana. Bakayubaha, kandi bakayikorera baruta abandi bantu abo ari bo bose.

Ijisho ry'Imana riri ku muntu wese wo mu bwoko bwayo; ifitiye umuntu wese imigambi. Umugambi wayo ni uko abakora ibihwanye n'amategeko yayo yera baba abantu baciye ukubiri n'abandi. Amagambo yanditswe na Mose ayobowe n'Umwuka arabwirwa ubwoko bw'Imana bwo muri iki gihe nk'uko yabwirwaga Abisirayeli ba kera: "Kuko ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe, kandi Uwiteka Imana yawe ikagutoranyiriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye." Gutegeka kwa Kabiri 7:6. 1

Kurema Ingeso Zisa n'iza Kristo

Idini rya Kristo ntabwo rihenebereza uryakiriye; ntabwo rimugira umunyamusozi cyangwa inkorotanyi, imfura mbi cyangwa umwibone,

ikirahu cyangwa umunyabambe rike. Ahubwo, ritunganya urukundo, rikeza ubwenge, rikaboneza kandi rikayobora neza ibitekerezo, rikabigira imbohe za Kristo. Inama Imana ifitiye abana bayo irushijeho kuba hejuru cyane y'ibitekerezo umuntu abasha kugeraho. Mu mategeko yayo yatanzemo icyitegerezo cy'imico yayo.

Icyo imico ya gikristo igamije ni ugusa na Kristo. Imbere yacu hari akayira twanyuramo kugirango dutere imbere. Dufite icyo duharanira, intego tugomba kugeraho, igizwe n'ibintu byose byiza kandi bitunganye, bikomoka ku Mana mu ijuru. Dukwiriye guhora duhirimbana kandi tujya mbere hano ku isi, twerekeza mu ijuru aho tuzagira imibereho itunganye. 2

Imibereho tuzagira mu bihe by' itekaiyose izaba yarakomotse ku mico dufite ubu. Imibereho y'abagira ingeso ziboneye, kandi bagakiranuka mu mirimo yose, izaba nk'imuri zimurika umucyo mwinshi mu nzira z'abandi; ariko niba abantu bakomeza kuba abatiringirwa, niba ingeso mbi, z'ubunebwe no kwirengagiza zemererwa gushinga imizi, igicu cyijimye kurusha umwijima wa mu gicuku kizabudika ku byo bagamije muri ubu bugingo kandi kibuze umuntu kuzahabwa ubugingo buzaza. 3

Hahirwa uwitondera amagambo y'ubugingo buhoraho. Azajyanwa mu kuri kose ayobowe n'Umwuka w'ukuri. Ntazakundwa, ntazubahwa kandi ntazashimishwa n'ab'isi; ariko azaba afite agaciro gakomeye mu maso y'Imana. "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana: kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenya, kuko batayimenye." 1 Yohana 3:1.4

Mugire Imibereho y'Ubutwari muri iki Gihe

Ukuri kw'Imana kwakiriwe mu mutima gushobora kubagira abanyabwenge kukabahesha agakiza. Nimukwizera mugakurikiza ibyo kubagiraho inama. muzagiririrwa ubuntu buzababafasha mu nshingano mufite n'ibigeragezo muhura na byo muri iki gihe. Ibyiza by'ejo ntimubikeneye. Mukwiriye kwiyumvamo ko mukwiriye gukora iby'uyu munsi gusa. Nimuneshe iby'uvu munsi; nimwiyange uyu munsi, mube maso kandi musabire iby'uyu munsi, nimutsindire ku Mana uyu munsi. Ibitubaho n'aho dutuye, guhindahinduka kwa buri munsi mu

bituzengurutse, n’ijambo ryanditswe ry’Imana rishishoza kandi risuzuma ibintu byose; ibyo birahagije kutwigisha inshingano yacu n’icyo dukwiriye gukora rwose, uko bukeye n’uko bwije. Mu kigwi cyo kubabaza ubwenge bwanyu mubushora mu muyoboro w’ibitekerezo mutazakuramo inyungu, mukwiriye kurondora ibyanditswe buri munsi kandi mugakora izo nshingano mu mibereho ya buri munsi zishobora kubarushya, ariko zigomba gukorwa n’umuntu runaka. 5

Benshi bahanga amaso ibibi bibazengurutse, ubuhakanyi no gucogora biri impande zose, maze bakaganira iby’ibyo bintu kugeza ubwo imitima yabo yuzuramo agahinda no gushidikanya. Ku rwego rwo hejuru mu bitekerezo byabo, hahora ibitangazabya se w’ibinyoma, kandi bagahora ku bibarushya bibaca intege mu mibereho yabo, bityo bagasa n’abakuye amaso ku mbaraga no ku rukundo rutagira akagero bya Data wa twese uri mu ijuru. Ibyo byose ni byo Satani yifuza. Ni ifuti gutekereza umwanzi w’abakiranutsi ko yambaye imbaraga ikomeye, mu gihe dutekereza buhoro urukundo rw’Imana n'imbaraga yayo. Dukwiriye kuganira iby’imbaraga ya Kristo. Ntambaraga dufite na busa zatuma twivana mu maboko ya Satani; ariko Imana yaduciriye akanzu ko gukiza. Umwana w’Isumba byose afite imbaraga yo kuturwanirira, kandi “kubwo uwo wadukunze” duhabwa “gutsinda bidasubirwaho.”

Ntambaraga tuzagira mu by’umwuka ni tugumya gutekereza iby’intege nke no gusubira mu bibi kwacu, kandi tugaterwa agahinda n’imbaraga ya Satani. Uko kuri gukomeye gukwiriye guterwa mu bwenge no mu mitima yacu kukatubera inyigisho nzima ari zo nyungu tubona mu gitambo twatambiwe; yuko Imana ibasha kandi ikiza rwose abayisanga bose bubahiriza ibyanditswe mu ijambo ryayo. Umurimo wacu ni ugushyira ubushake bwacu mu bushake bw’Imana. Maze, mu maraso y’impongano tugahinduka abasangira kamere y’Imana; turiabana b’Imana muri Kristo, kandi dufite ibyiringiro yuko Imana idukunda ndetse nk’uko ikunda Umwana wayo. Turi umwe na Kristo. Tunyura aho Kristo atuyoboye; ni we ufite imbaraga yo gukuraho ibicucu by’umwijima Satani ashyira mu nzira tunyuramo, maze mu kigwi cy’umwijima no kwiheba, umucyo w’ubwiza bwe ukamurikira mu mitima yacu.

Bene Data na bashiki banjye, iyo twitegereje ni ho duhinduka. Iyo dutekereje urukundo rw’Imana n’Umukiza wacu, iyo duhanze amaso

gutungana kw’ingeso z’Imana maze tukavuga yuko gukiranuka kwa Kristo ari ukwacu tubitewe no kwizera, turahinduka tukagira ishusho ye. None nimutyo twe guteraniriza hamwe amapica adashimishije yose; ibicumuro, kumungwa mu bitekerezo n'ibitubabaza, ibihamya by’imbaraga ya Satani kuganira no kuboroga kugeza ubwo imitima yacu yuzura kwiheba. Umuntu wiheba ni uw’umwijima. Ntabwo aba yikingiranye ngo adahabwa umucyo w’Imana gusa, ahubwo aba awimye n’abandi. Satani akunda kureba amaherezo yo kunesha kwe, agatera abantu kuba abatizera n’abanyabwoba. 6

Mugaragaze Imana n ’Imibereho Itarangwa n’Inarijye

Icyaha gikorwa cyane, kandi kidutandukanya n’Imana maze kigatera indwara nyinshi cyane z’iby’umwuka zandura, ni ukwikunda. Ntitubasha kugarukira Uwiteka keretse twiyanze. Nta cyo twakwibashisha ubwacu; ariko dushobora kuberaho kugirira abandi neza bitewe n'uko Imana idutera imbaraga, maze muri ubwo buryo tugahunga icyaha cyo kwikunda. Ntidukeneye kujya mu bihugu by'abapagani kugaragaza icyifuzo cyacu cyo guha Imana byose mu mibereho y'ingirakamaro kandi itarangwamo inarijye. Dushobora gukorera ibyo iwacu, mu itorero, mu bo tubana n'abo dukorana. Aho dusanzwe tugenda ni ho dukwiriye kwangira inarijye maze tukayitegeka. Pawulo yaravuze ati: “Mpora mfa uko bukeye”. Guhora dupfa uko bukeye ku inarijye mu bikorwa bike by’imibereho yacu ko kuduha gutsinda. Dukwiriye kwibagirwa inarijye mu gihe twifuza kugirira abandi neza. Abantu benshi bahisemo kudakunda abandi. Mu kigwi cyo gusohoza inshingano zabo bakiranutse, jnshakira kwinezeza.

Mu ijuru nta we uzitekerezaho, cyangwa ngo yishakire kwinezeza; ahubwo bose, babitewe n’urukundo nyakuri, bazashakira abaturanyi babo bo mu ijuru umunezero. Niba twifuza kuzabana n’abo mu ijuru mu isi izaba yaragizwe nshya, dukwiriye gutegekwa n'ingeso nziza zo mu ijuru turi mu isi. 7

Neretswe yuko dukabije gufata ingero ku bantu nkatwe bataramba, kandi dufite urugero rwo kwizerwa kandi rudasobwa. Ntidukwiriye kwigereranya n'ab’isi, cyangwa n’ibitekerezo by'abantu, cyangwa n’uko twari tumeze tutarasobanukirwa n'ukuri. Ahubwo kwizera kwacu n’ingeso zacu mu isi uko bimeze ubu, ni byo bikwiriye

kugereranywa n'uko biba byarabaye iyo ingeso zacu ziba zarakomeje kuromboreza kandi zigakomeza kwerekeza hejuru uhereye ubwo twatangiye kuba abayoboke ba Kristo. Iryo ni ryo gereranya ririmo amahoro gusa tutabasha kugira. Ibindi byose hazabaho kwibeshya. Niba imico n’amatwara mu by’umwuka by’abantu b'Imana bidahuje n'imigisha, n’amahirwe n’umucyo bahawe, bizashyirwa ku gipimo, maze abamarayika bavuge ngo: NTIBISHYITSE. 8

Icyaha Kitababarirwa

Icyaha cyo kurwanya Umwuka Wera ni ikihe? Ni ukuvuga iyo umuntu abeshya ko Satani ari we ukora imirimo runaka kandi mu by’ukuri ikorwa n'Umwuka wera. Dore icyitegererezo. Reka tuvuge ko hari umuntu uzi neza igikorwa cy'umwihariko cyakozwe n'Umwuka w'Imana. Afite igihamya cyemeza yuko uwo murimo utanyuranije n'lbyanditswe, kand’Umwuka wera akamuhamiriza neza ko icyo gikorwa ari icy'Imana. Nyamara, nyuma y'aho akagwa mu bishuko; kwibona, kwihimbaza, cyangwa indi ngeso mbi, ikamutegeka; maze agahakana ko ari igikorwa cy'Imana, avugayuko ibyo yemeraga mbere ko imbaragay’Umwuka Wera ari imbaraga ya Satani. Imana ikorera mu mutima w''umuntu ikoresheje Umwuka wayo; kandi iyo abantu, ku bushake, bihakanye uwo Mwuka rwose maze bakavuga ko avuye kuri Satani. baba bakuyeho uburyo Imana ibasha kuvuga na bo. Kubera ko bahakanye igihamya Imana yishimiye kubaha, bakingiranye umucyo warasiraga mu mitima yabo, bibaviramo gusigara mu mwijima. Bityo huzuzwa amagambo ya Kristo: “Nuko umucyo ukurimo nuba umwijima, mbega uwo mwijima uko uba ari mwinshi!” Matayo 6:23. Abantu bakoze icyo cyaha bashobora kumara igihe runaka bagaragara ko ari abana b’Imana; ariko habayeho impamvu zituma imico yabo n'umwuka bafite bigaragara, bizagaragara yuko bari mu ruhande rw'umwanzi, bahagaze munsi y'ibendera rye ry’umwijima. 9

Kwemera ko Turi aba Kristo Cyangwa Kumwihakana

Mu mubano tugirana n’abandi, mu miryango, cyangwa aho twashyirwa hose muri ubu bugingo,nubwo bwaba bushize cyangwa burambye, hari uburyo bwinshi dushobora kwemera Umwami wacu cyangwa tukamwihakana. Tubasha kumwihakana mu magambo yacu tukamwihakanisha kuvuga abandi ibibi, n'ibiganiro by'ubupfapfa, gusetsa

no gushyenga, amagambo y’amahomvu cyangwa mabi, cyangwa kubeshya, tukavuga ibinyuranye n’kuri. Mu magambo tuvuga tubasha kwatura yuko Kristo ataturimo. Tubasha kumwihakanisha ingeso zacu tubikoresheje gukunda kugubwa neza, no guhunga imirimo, n’imitwaro yo mu bugingo ikwiriye kwikorerwa n’abandi niba tutayikoreye kandi tubikoreshe gukunda umunezero w’icyaha. Dushobora kandi kwihakanisha Kristo kwibona ku myambaro no kwishushanya n’ab’isi, cyangwa tukamwihakanisha ingeso z’ubupfura buke. Dushobora kumwihakanisha gukunda imigambi yacu no gushaka kugira inarijye no kwitsindishiriza. Dushobora kandi kumwihakanisha kwemerera ibitekerezo byacu kwibanda ku rukumbuzi ruturuka ku bo dukunda no ku byo twita ibidukomereye n’ibigeragezo.

Nta muntu ubasha kwemera Kristo by’ukuri imbere y’ab’isi keretse ubwenge n’umutima bya Kristo bimubayemo. Ntibishoboka ko dutanga icyo tudafite. Ibiganiro n’ingeso bikwiriye kuba ibyTikuri bikagaragaza ubuntu n'ukuri biri mu muntu. Niba umutima wejejwe,ukaganduka, kandi ukicisha bugufi, imbuto zizagaragarira inyuma. Kandi bizaba guhamya Kristo bigize umumaro cyane.

(1) 6T 9, 12; (2) 63,64; (3) 4T 452; (4) 5T 439; (5) 3T 333: (6) 5T 741-745; (7) 2T 132,133; (8) IT 406; (9) 5T 634; (10) 3T 331, 332.

IGICE CYA 12

Kuba Mu Isi Ntube Uw’Isi

Neretswe akaga kacu ko kuba nk'ab' isi kuruta kuba uko ishusho ya Kristo iri. Ubu turi ku nkengero z'isi itazashira, ariko umugambi w,umwanzi w’abantu ni ukudutera gutekereza ko iherezo ry’igihe riri kure. Satani azashotora mu buryo bwose abavuga ko ari ubwoko bw’Imana bukomeza amategeko kandi bakaba bategereje kuboneka kwa kabiri kw’Umukiza wacu mu bicu byo mu ijuru, afite imbaraga n’ubwiza bwinshi. Azatera abantu benshi ashobora gushuka bose, kwibwira ko wa munsi w’imperuka utazabaho maze bahinduke nk’ab’isi mu mitima yabo. bigane ingeso zabo.

Nagize ubwoba cyane ubwo nabonaga umwuka w'isi utegeka imitima n'ubwenge bwa benshi bavuga ko bagendera mu kuri. Bagira kwikunda no kwinezeza, ariko kubaha Imana by'ukuri no gukiranuka gushyitse ntibibarangwaho.l

Gutungana kwa Gikristo

Muri buri gikorwa cyose ujye uba inyangamugayo itajegajega. Nubwo wageragezwa ntukagire ubwo uhendana ubwenge cyangwa ngo ubeshye mu kantu gatoya cyane. Ibihe bimwe irari rya kamere rishobora kuzana igishuko cyo guca indi nzira itari inzira iromboreje yo gukiranuka, ariko ntukayiteshuke na gatoya. Niba uvuga ijambo mu buryo bwose ryerekeje ku bazimirantugateshuke ngo ureke amategekoy'ukuri. Komeza ibyo wemeye.2

Bibliya ivuga amagambo, akomeye cyane yo guciraho iteka ibinyoma byose, gukora ibidakwiriye no kutizerwa. Mu magambo asobanutse, ivuga ibikwiriye n'ibidakwiriye. Ariko neretswe yuko ubwoko bw'Imana bwishyize mu ruhande rw'umwanzi; bumviye ibishuko bye maze bakurikiza uburiganya bwe kugeza ubwo ubwenge bwabo bugimba mu buryo buteye ubwoba. Kunyuranya gato n'ukuri, guhindura ho gatoya ibyo Imana ishaka, kenshi ntibitekerezwa ko ari icyaha cyane, igihe habayeho kunguka cyangwa guhomba mu mafaranga. Ariko icyaha ni icyaha, naho cyaba gikozwe n'umukungu ufite amafaranga uduhumbagiza cyangwa gikozwe n'umuntu usabiriza ku muhanda. Ababoneshwa ubutunzi n'ibinyoma baba bazanira ubugingo bwabo gucirwaho iteka. Ibintu byose biboneshwa ubuhenzi n'uburiganya, bizabera ubyakiriye umuvumo gusa.3

Uvuga ibinyoma kandi agakora iby'ubuhenzi, yiyimisha icyubahiro. Ashobora kuba atazi ko Imana imureba, ko izi ibikorwa byose, ko abamarayika bariho bashyira ku munzani imigambi ye kandi bategeye amatwi ibyo avuga, kandi ko ingororano ye izatangwa hakurikijwe ibyo yakoze; ariko bibaye ibishoboka guhisha ibibi bye ntihagire umuntu ubibona n' Imana ntibirebe, akaba ari we ubyimenyera gusa, byatesha agaciro ibitekerezo bye n'imico ye. Igikozwe kimwe ntikirema amatwara ngo bavuge ngo uriya muntu yifata atya, ariko gikuraho ibihindizo, maze igishuko gikurikiyeho kikemerwa bitaruhije,

kugeza ubwo umuntu yirengagiza ukuri agakora ibyo kutiringirwa mu kazi, bityo ukaba utamwizera.4

Imana ishaka yuko abantu bari mu murimo wayo, munsi y'ibindera ryayo baba abakiranutsi bamaramaje, batagira icyo bagawaho mu ngeso, ururimi rwabo rutavuga ibinyoma. Ururimi rukwirriye kurangwa n'ukuri, amaso akwiriye kurangwa n'ukuri, ibikorwa bikaba rwose nk'uko Imana itegeka. Dutuye aho Imana ikiranuka itureba. Iravuga iti "Nzi imirimo yawe." Ijisho ry'Imana riduhoraho. Ntitubasha guhisha Imana igikorwa na kimwe cyo gukiranirwa. Igihamya Imana muri buri gikorwa cyacu cyose ni ukuri kuzwi na bake. 5

Umwizera Ni We munt'Urushijeho Kuba Mwiza mu Bucuruzi

Umuntu w'umukiranutsi, bikurikije urugero rwa Kristo ni we ugaragaza gutungana kudahinduka. Ibipimo bibeshya n'iminzani y'ibinyoma, ari byo benshi bashaka kuboneraho inyungu yo gukuza amajyambere mu isi, ni ibizira mu maso y'Imana. Nyamara benshi bavuga ko bakomeza amategeko y'Imana bakoresha ibipimo bibeshya n'iminzani ibeshya. Iyo umuntu asabanye n'Imana by'ukuri, kandi agakomeza amategeko yayo mu kuri, imibereho ye irabyerekana; kuko ibyo akora byose bihuje n'iby Kristo yigishije.

Ntazagurishiriza icyubahiro cye kubona indamu. Ingeso ze nziza zubatswe ku rufatiro rw'ukuri, kandi imigenzerereze ye mu by'isi iba icyitegererezo cy'ingeso ze nziza. Gutungana gushikamye kurabagirana nk'izahabu iri mu bishingwe byo mu isi

Ubuhenzi, ibinyoma no gukiranirwa bibasha guhishwa amaso y'abantu ntabibone, ariko ntibyahishwa amaso y'Imana. Abamarayika b'Imana bagenzura uko ingeso zikura kandi bagashyira ku munzani agaciro k'imico, bandika mu bitabo byo mu ijuru utwo turimo dutoya tugaragaza imico. Iyo umukozi atizerwa mu mirimo ye ya buri munsi kandi ntiyite ku murimo we, ab'isi ntibazaba bamuciriye urwa kibera nibagereranya urwego ariho mu idini bakurikije urwego ariho mu kazi.

Kwizera yuko Umwana w'umuntu agiye kuza vuba mu bicu byo mu ijuru ntibizatera umukristo nyakuri kuba umunenganenzi no kuba umunebwe mu mirimo isanzwe yo mu bugingo. Abategereje bashaka

gutunguka kudatinze kwa Kristo ntibazaba abanebwe, ahubwo bazaba abanyamwete mu mirimo. Umurimo wabo ntuzajya ukoranwa ubunebwe n’uburiganya, ahubwo uzajya ukoranwa gukiranuka, n’umwete, nc gutungana. Abigira shyashya bibwira yuko kutita ku by’ubu bugingo ar; icyemezo cy’uko ari ab'umwuka kandi yuko batandukany n’isi baribeshya cyane. Ukuri kwabo, no gukiranuka no gutungana bigeragerezwa kandi byemererwa mu bintu bimara igihe gito. Niba bakiranuka mu bitoya cyane bazaba abakiranutsi mu byinshi. Neretswe yuko aho ari ho benshi bazananirwa kwihanganira ibibagerageza. Bakuza ingeso zabo nyakuri mu byo bakora by’igihe gito. Bagaragaza ubuhemu, inama z’uburyarya n’uburiganya mu byo bagirira bagenzi babo. Ntibazirikana yuko kugundira ubugingo bw’ahazaza budapfa bizaterwa n’uburyo bitwara muri ubu bugingo, kandi yuko gutungana gukomeye cyane ari ko ngombwa mu byo kurema imico yo gukiranuka. Uburiganya ni bwo ...mendeze yo kuba akazuyaze kwa benshi bavuga ko bizera ukuri. Ntibafitanye isano na Kristo maze bagashuka imitima yabo. Mbabajwe no kuvuga yuko no mu bakomeza Isabato harimo kutizerwa guteye inkeke.6

Amasezerano yo Gukorera Isi

Bamwe ntibazi ubwenge bwo gucunga neza ibyo mu isi. Babuze ibyangombwa maze Satani akababafatiraho. Iyo bimeze bityo. Bene abo ntibakwiriye gukomeza kutamenya imirimo yabo. Bakwiriye kwicisha bugufi bihagije ku buryo bagisha inama abo bafatanije kwizera, kandi biringira,mbere yuko bagira icyo bakora. Nerestwe uyu murongo: “Mwakirane ibibaremerera.” (Abagalatiya 6:2). Bamwe ntibicisha bugufi bihagije ngo bareke abazi ubwenge abe ari bo babagira inama kugeza ubwo basanga bikurikiriye izabo nama, bamaze kwishyira mu kaga. Hanyuma bakaza kubona akamaro ko kugisha inama abo bafatanije kwizera; mbega ngo uraba umutwaro uruta uwa mbere! Bene Data ntibakwiriye kujya mu by’ imanza niba hari ukuntu babyirinda; kuko iyo bibaye bityo baha umwanzi uburyo bwo kubaboha no kubatesha umutwe. Byaba byiza kumvikana nubwo habaho igihombo runaka.

Nabonye yuko Imana ibabazwa n’ubwoko bwayo kuko bahindutse abishingira abapagani. Neretswe iyi mirongo: Imigani 22:26. “Ntukabe mu bishingirisha gukorana mu biganza, cyangwa abishingira abanyamyenda.” Imigani 11:15: “Uwishingira uwo atazi bizamubabaza;

ariko uwanga kwishingira aba amahoro.” Mbega ibisonga bihemuka! Barahirira iby’undi, ibya Se wo mu ijuru, maze Satam agahagarara yiteguye gufasha abana be kubibambura. Abakomeza Isabato ntibakwiriye kugira aho bahurira n’Ubwoko bw’Imana bwiringira cyane amagambo y’abo batazi, maze bakabasaba ko babagira inama kandi bidakwiriye. Umwanzi abagira abakozi be, maze akabatera kwiheba, akabakura mu bwoko bw’Imana.7

(1) 4T 306; (2) CG 154; (3) 4T 311; (4) 5T 396; (5) CG 152; (6) 4T 309-311; (7) IT 200, 201.

IGICE CYA 13

BIBILIYA

Mu byanditswe Byera harimo amabuye y’igiciro cyinshi ibihumbi n’ibihumbi ahishwe abaserura hejuru gusa. Ikirombe gicukurwamo ukuri ntabwo gishiramo uko kuri. Uko urushaho gushakashaka mu Byanditswe byera ufite umutima wicisha bugufi, ni ko uzarushaho kunguka, kandi ni ko uzarushaho kumva ushaka kwatura nka Pawulo uti “mbega uburyo ubutunzi n’ubwenge n’ubumenyi by’Imana bitagira akagero! Imigambi yayo ntihishurika, n’inzira zayo ntizirondoreka.” (Abaroma 11: 33)

Kristo n’Ijambo iye barahuje neza. Iyo abantu bamwakiriye bakakira n’ljambo rye, afatanya na ryo kwereka abantu bose bashaka kugendera mu mucyo inzira y’ukuri, nk’uko Kristo ari mu mucyo. Iyaba; ubwoko bw'Imana bwishimiraga ijambo ryayo bukarikurikiza, twagize ijuru mu itorero hano ku isi. Ubwo abakristo bagize ishyushyu, bakagira n’inzara yo gushakashaka muri iryo jambo. Bakwifuza igihe cyo kugereranya ibyanditswe no gutekereza iby'iryo jambo. Kuruta gusoma amagazeti ya mu gitondo, ibinyamateka cyangwa ibitabo by’ibitekerezo. Icyifuzo cyabo kuruta ibindi cyaba icyo kurya umubiri no kunywa amaraso by’Umwana w’Imana. Maze amaherezo akaba yuko imibereho yabo yashushanywa n'inyigisho n'amasezerano by’iryo jambo. Ibyo byigisho byababera nk’ibibabi by’igiti cy‘ubugingo. Muri bo byababera isoko y’amazi adudubiza atanga ubugingo buhoraho. Imvura igarura

intege mu bugingo y’ubuntu ishobora guhembura ubugingo, ikabatera kwibagirwa imihati n’imiruho yose. Amagambo y’Imanayabaha imbaraga n’ubutwari. 1

Mu buryo Bibliya yanditswe n’ibyo yigisha, ifite ibyo umuntu wese yishimira kandi igakora ku mutima wa buri wese. Mu mpapuro zayo habonekamo amateka ya kera cyane; inyandiko z’ukuri z'imibereho y’abantu; amahame y’ubuyobozi bw’igihugu, n’ay’ingo zigenderaho, amahame ubwenge bw’umntu butarashobora kwigereranyaho. Muri Bibliya harimo ubwenge bwose iyo buva bukagera. n’ibisigo biryoshye cyane kandi byiza kuruta ibindi byose, bigera ku mutima cyane kandi biteye ikiniga. Ibyanditswe muri Bibliya bifite igiciro kiruta kure cyane icy'inyandiko yose y’umuntu uwo ari we wese yakwandika, hagize n’utekereza kubigereranya; nta cyo bitavugaho kandi agaciro kabyo ntikagira akagero ubigereranije n’igitekerezo, shingiro byose bihuriyeho. Iyo witegereje ukurikije icyo gitekerezo, ingingo yose ifite icyo isobanura. Mu kuri kuvugwa mu buryo bworoshye cyane, harimo amahame agera mu ijuru kandi y’iteka ryose. 2

Buri munsi ukwiriye kujya wiga ikintu gishya giturutse mu Byanditswe byera. Ujye ubishakashakamo nk’ushakashaka ubutunzi buhishwe, kuko bifite amagambo y’ubugingo buhoraho. Usabe ngo uhabwe ubwenge n’ubumenyi bugufashe gusobanukirwa izo nyandiko zera. Uramutse ugenje utyo wabonera ubwiza bushya mu ijambo ry’Imana; wakwiyumvamo yuko wahawe umucyo mushya w’agaciro kenshi ku byerekeye ibyigisho by’ukuri, kandi Ibyanditswe byera byahora bibona agaciro gashya mu kugereranya kwawe.3

Ukuri kwa Bibliya nikwakirwa, kuzashyira hejuru ubwenge bw’abantu buve mu by’isi byandavuye. Iyaba ijambo ry’Imana ryishimirwaga nk’uko bikwiriye, abasore n’abasaza babashije kugira ubwiza bwo mu mutima, n’imbaraga yo mu mico byababashisha kurwanya ibishuko.4

Mujye Mwiga Mufite Umwete kandi Muri Gahunda

Babyeyi niba mushaka kwigisha abana banyu gukorera Imana no gukora ibyiza mu isi, mujye mugira Bibliya igitabo cyo kwigishirizamo. Igaragaza uburinganya bwa Satani. Ni yo mwigisha ukomeye w’abantu,

irahana kandi ikosora imico mibi. ni igipimo kitubashisha gutandukanya igikwiriye n'ikidakwiriye. Ikintu cyosecyigishiriza imuhira cyangwa mu ishuri, Bibliya ni yo ikwiriye guhagarara ari umwigisha ukomeye wa mbere. Iyo Bibliya ihawe uwo mwanya, Imana ihabwa icyubahiro, kandi Imana izagufasha mu guhindura abana bawe. Muri icyo itabo cyera harimo ikirombe cyubutunzi bw'ukuri n'ubwiza, kandi ababyeyi ni bo bazacirwaho iteka nibadakundisha abana babo cyane icyo gitabo.5

"Handitswe ngo" ni yo ntwaro yonyine Kristo yakoresheje igihe umushukanyi yamusanganaga uburiganya bwe. Ibyigisho by'ukuri kwa Bibliya ni umurimo ukomeye kandi mugari ababyeyi bakwiriye gukora. Mujye mwigisha abana iby'ukuri byavuzwe n'Imana mu buryo bunejeje. Nka ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore. mushobora kubera abana ibyigisho bigaragara mu mibereho ya buri munsi mubikoresheje kwihangana, ineza, n'urukundo, mukabyihambiraho. Ntimukabakundire gukora uko bishakiye, ahubwo mujye mubereka yuko umurimo wanyu ari ugukora iby'Ijambo ry'Imana rivuga no kubagaburira no kubahugurira iby'Umwami.

Mujye mwitondera gahunda yo kwiga Ibyanditswe mu ngo zanyu. Mujye mwirengagiza ikintu cyose cya kamere y'iyi si ... ariko mujye mureba neza yuko umutima ugaburirwa umutsima w'ubugingo. Ntibishoboka kugereranya ngo umuntu amenye ibyiza yagezwaho n'isaha imwe cyangwa ndetse n'igice cy'isaha ya buri munsi byahariwe Ijambo ry'Imana abantu bishimye kandi basabana. Mujye mureka. Bibiliya abe ariyo yisobanura, muhuriza hamwe ibivuzwe byose byerekeje ku cyigisho gitanzwe mu bihe bitari bimwe no mu buryo butari bumwe. Ntimugahagarike igihe cyanyu cyo kwiga niba hari abantu baje kubasuhuza cyangwa abashyitsi. Nibinjira mwatangiye kwiga, mubararikire gufatanya namwe muri izo nyigisho. Mujye mureka abantu babone yuko mushyize imbere kunguka ubwenge bwo mu Ijambo ry'Imana kuruta kubona indamu cyangwa umunezero w'isi.

Iyaba twigaga Bibliya dufite umwete kandi dusenga buri munsi, twagiye tubona buri munsi ukuri guteye ubwuzu mu busobanuro bushya Imana iduhaye, bufututse kandi bufite imbaraga.6

Mukwiriye kugira Bibliya umuyobozi wanyu niba mushaka kureresha abana banyu ibyokuruya no guhugura by'Uwiteka. Mureke

imibireho n’imico bya Kristo bibabere urugero rwo kwigana. Nibateshuka, mujye mubasomera icy’Uw'iteka yavuze cyerekeye ku byaha nk’ibyo. Mukeneye guhora mubitaho kandi mukabikorana umwete. Ingeso mbi imwe yihanganiwe n’ababyeyi ntikosorwe n’abigisha,ishobora gutuma umwana akurana imico idashimwa. Mujye mwigisha abana bamenye ko bakwiriye kugira imitima mishya; ibyo bishimira bishya, n’imigambi mishya iyobowe n’Imana. Bakwiriye gufashwa na Kristo; bakwiriye kwimenyereza imico y’Imana nk’uko igaragarizwa mu Ijambo ryayo.7

Umusomyi Yasezeraniwe Kumurikirwa n’Umucyo w’Imana

Ijambo ry’Imana, nk’imico y’uwo rikomokaho, rifite ibihishwe ikiremwamuntu kitabasha gusobunukirwa mu buryo busesuye. Rijyana ibitekerezo byacu aho Umuremyi ari “mu mucyo utegerwa.” (1 Timoteyo 6: 16). Ritwereka imigambi afite ibihe byose mu mateka y’abantu, imigambi izagenda yuzura uko ibihe bihita iteka ryose. Ridusaba kwita ku bintu bitazashira bifitanye isano n’ingoma ydmana n’ahazaza h’umuntu.

Uko icyaha cyaje mu isi, uko Kristo yambaye ishusho y' umuntu, kubyarwa ubwa kabiri, umuzuko, nhbindi byigisho byinshi biri muri Bibliya, ni ibihishwe cyane birenze ubusobanuro umuntu yatanga cyangwa ndetse yasobanukirwa byuzuye. Ariko Imana yaduhaye mu Byanditswe Byera ubuhamya buhagije butwereka ko ari Ijambo ry'Imana. kandi ntidukwiriye gushidikanya Ijambo iyayo kuko tutabasha gusobanukirwa n’amabanga yose y'ubuntu bwayo.

Iyaba byashobokaga ngo Ibyaremwe bisobanukirwe Imana n’imirimo yayo mu buryo bwuzuye, byaba bigeze aho nta kundi kuri kuzongera kumenywa. nta bundi bwenge buzungukwa. nta kongera gukura mu bitekerezo cyangwa mu byo twibwira mu mutima. Inana ntiyaba ikibaye Isumbabyose; kandi abantu bamaze kumenya ubwenge bwose bakagera no ku byo bagomba kugeraho byose nta rindi jyambere baba bateze. Nimutyo dushimire Imana ko Atari ko biri. Imana ihoraho; muri yo ni ho hari “ubutunzi bwose bw‘ubwenge no kumenya.” Kandi kugeza mu bihe bidashira abantu bakwiriye guhora bashakashaka, bagahora biga. nyamara ntibashobora kumarayo ubutunzi bw''ubwenge bwayo. n'ineza yayo, n'imbaraga yayo.

Ni tutayoborwa n'Umwuka Wera tuzahora dukora hirya no hino duhindura ukundi Ibyanditswe Byera cyangwa tubisobanura uko bitari. Hariho uburyo bwinshi bwo gusoma Bibiliya bitagize icyo byunguye kandi kenshi bigirira umuntu nabi. Iyo ijambo ry'Imana ritabumburanwe kwicisha bugufi no gusenga; iyo ibitekerezo nhbyo abantu bishimira bitari ku Mana cyangwa ngo bifatanye n'ubushake bwayo, ubwenge bujyamo igihu cyo gushidakanya; kandi ibyiringiro bigenda birushaho kuba bike. Umwanzi ayobora ibitekerezo, maze agatanga ubusobanuro butari ubw'ukuri.8

Gukunda Kwiga Bibiliya si Kamerey'Umuntu

Ari abakuze ari n'urubyiruko birengagiza Bibliya. Ntibayiga, ngo iba.bere umuyobozi whmibereho yabo. Cyane cyane abasore ni bo babyirengagiza. Benshi cyane bo muri bo babona igihe cyo gusoma ibindi bitabo, ariko igitabo cyerekana inzira igana ku bugingo buhoraho nticyigwa iminsi yose. Ibitekerezo by'amanjwe bisomwa byitaweho, ariko Bibliya yo ikirengagezwa. Iki gitabo (Bibliya) ni cyo kituyoboraku mibereho yo mu rwego rwo hejuru. imibereho irushijeho kuba iyo gutungana. Iyaba ibitekerezo by'urubyiruko bitarayobejwe no gusoma ibitekerezo by'ibihimbano, bavuga ko Bibliya ari cyo gitabo cyiza cyane kuruta ibindi byose baba barasomye.9

Twebwe nk'abahawe umucyo ukomeye, ingeso zacu, amagambo yacu, n'imibereho yacu aho dutuye bikwiriye kuba ibifasha abandi kuva mu byaha. Mujye muha Bibliya umwanya wayo w'icyubahiro ibe umuyobozi mu rugo. Nimureke itekerezweho kuba umujyanama mu ngorane zose. murugero rw'ibikorwa byose. Mbese bene Data na bashiki banjye bashobora kwizezwa yuko nta mwene wacu uwo ari we wese wagera ku byiza nyakuri iwe hataganje ukuri kw'Imana ari bwo bwenge bwo gukiranuka? Hakwiriye gukorwa ibishoboka byose kugira ngo buri mubyeyi wese w'umugore cyangwa w'umugabo yikuremo ibitekerezo biciriritse biterwa n'umuco w'ubunebwe utuma batekereza ko gukorera Imana ari umutwaro. Imbaraga y'ukuri ikwiriye kuba umuti ukuraho ibyaha mu rugo. 10

Abana bakiri bato, bakwiriye kwigishwa iby'amategeko y'Imana asaba n'ibyerekeye kwizera Yesu Umucunguzi wacu utwez'ibizinga

by’icyaha. Uko kwizera gukwiriye kwigishwa buri munsi hakurikijwe itegeko n’urugero.11

Kwiga Bibliya Bikomeza Ubwenge

Iyaba Bibliya yigwaga nk'uko bikwiriye, abantu babaye ibihangange mu bwenge. Ibyigisho byigishirizwa mu Ijambo ry’Imana, icyubahiro kiboneka mu kwicisha bugufi kiboneka mu ijambo ryayo, ibitekerezo by' ubupfura abantu bakuramo, bikuza ubwenge bw'umuntu mu buryo bw ’umwihariko. Bibliya ifite ibitekerezo bitagira akagero. Umwigishwa azahera ku bitekerezo shingiro, ahere ku ngero z’iby’ijuru zitunganye kuruta iyo amara igihe asoma inyandiko zanditswe n’abantu, tutavuze izabantu bingeso zidakwiriye. Ubwenge bwa gisore bunanirwa kugera ku majyambere yabwo akomeye cyane iyo birengagije isoko ikomeye cyane y’ubwenge ari yo jambo ry’Imaqa. Igituma dufite abantu b’abanyabwenge bakeya cyane bashikamye kandi bafite akamaro gakomeye ni uko Imana itubahwa, Imana ntikundwe. gahunda z’itorero ntizikorwe mu mibereho nk’uko bikwiriye.

Imana ishaka yuko twagira ibyangombwa byose byatuma tuba ibihangange mu bwenge............ Iyaba abantu barushagaho gusoma Bibliya, iyaba ukuri kwayo kwasobanukaga biruseho, twabaye abantu bahugukiwe cyane kandi b’abahanga cyane. Umuntu ahabwa imbaraga no kuyisoma. 12

Kwigisha ibya Bibliya ni ubuyobozi bw'ingenzi mu mibereho y’umuntu. Bigaragaza amahame amaze nk’ibuye rikomeza imfuruka, amahame agenga gutera mbere kw’igihugu, amahame agize imibereho myizay’abaturage. arivo gihome cy’umuryango; utayagenderaho ntiyagira icyo amara. ntiyabona umunezero. n'icyubahiro muri ubu bugingo cyangwa ngo yiringire kuzabona ubugingo budapfa. Nta rwego mu bugingo, nta gihe runaka mu mibereho y’abantu, bidategurwa n’inyigisho za Bibliya. 13

Kristo Muri Bibiliya Yose

Imbaraga ya Kristo, Umukiza wabambwe, itanga ubugingo buhoraho ikwiriye kugaragarizwa abantu. Dukwiriye kubereka yuko Isezerano rya Kera ari ubutumwa bwiza bw’ukuri bwanditswe mu ngero

zishushanya kandi zicurera ukuri nk’uko Isezerano Rishya rimeze mu bubasha bwaryo bugaragara. Isezerano rishya ntiryigisha idini rishya; Isezerano rya Kera ntirivuga yuko idini rikwiye kuvanwaho n’lrishya. Ahubwo Isezerano Rishya ni ukujya mbere no gusobanuka kw’irya Kera.

Abeli yizeraga Kristo, kandi yakijijwe rwose n’imbaraga ya Kristo nk’uko yakijije Petero cyangwa Pawulo. Henoki yari umuntu ushushanya. Kristo rwose nk’uko intumwa ikundwa Yohana yamushushanyaga. Henoki yagendanye n’Imana, ntiyaboneka, kuko Imana yamwimuye. Yahawe ubutumwa bwo kugaruka kwa kabiri kwa Kristo. Enoki, uwa karindwi uhereye kuri Adamu, yahanuye ibyabo, ati “Dore, Uwiteka yazanye n’inzovu nyinshi z’abera be, kugira ngo agirire bose ibihwanye n’amateka baciriweho.” (Yuda 14). Ubutumwa bwigishijwe na Enoki no kujyanwa mu ijuru kwe byari ibyo kwemeza abariho mu gihecye. Ibyo bintu byari ibyo kwerekana yuko Metusela na Nowa bari kubasha gukoresha imbaraga bakerekana yuko abakiranutsi bashobora kujyanwa mu ijuru.

Ya Mana yagendanaga na Enoki yari Umwami wacu n’Umukiza Yesu Kristo. Yari umucyo w’isi icyo gihe nk’uko ari ubu. Abari bariho icyo gihe ntibigeze babura abigisha bo kubayobora mu nzira y’ubugingo; kuko Nowa na Enoki bari abakristo. Ubutumwa bwatangiwe mu mategeko mu gitabo cya Abalewi. Kubaha gushyitse kurashakwa ubu nk’icyo gihe. Mbega ukuntu ari ngombwa ko dusobanukirwa n'akamaro k’iri jambo!

Ikibazo kirabazwa ngo: Ni mpamvu ki hari ikibuze mu itorero? Igisubizo ni iki: “Ni uko tureka ibitekerezo byacu bikava kujambo bikajya kure yaryo. Iyaba ijambo ry’Imana ryaribwaga nk'ibyokurya bitunga ubugingo, iyaba ryubahwaga rigahabwa agaciro kandi rikemerwa, ntibyabaye ngombwa ko habaho ibihamya byinshi bihora bivugwa. Ibyanditswe Byera bivuzwe mu buryo busanzwe butaruhije byakwakirwa kandi bigashyirwa mu bikorwa. 14

(1) 8T 193; (2) Ed. 125; (3) 5T 266; (4) 8T 319; (5) 5T 322; (6) CG 510,511’ (7) CG 515 ; (8)5T 699-705; (9) CT, 138, 139; (10) CG 508,509; (11) 5T 329; (12) CG 507; (13) PP 599; (14) 6T 392,303.

IGICE CYA 14

Ibihamya By'Itorero

Uko imperuka yegereza n'umurimo wo gutanga imiburo yanyuma ku isi ukwira henshi, ni ko birushaho kuba ingenzi kubemera ukuri kw'iki gihe gusobanukirwa neza na kamere n'intyaraga y' "***Ibihamya***" Imana, muri gahunda zayo, yahuje n'umurimo w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu bucyaduka.

Kera Imana yavuganiraga n'abantu mu kanwa k'abahanuzi n'intumwa. Muri iki gihe ivuganira na bo mu "***Bihamya***" by'Umwuka wayo. Ntabwo higeze kubaho igihe Imana yigishanyije ubwoko bwayo umwete kiruta uko ibigisha ubu ibyerekeye ubushake bwayo n'inzira yifuza ko banyuramo.

Imiburo no guhana ntibibwirwa abakora ibyaha bo mu Badvantisiti b'umunsi wa Karindwi kuko imibereho yabo irushijeho kugira umugayo kuruta imibereho y'abitwa abakristo bo mu matorero Atari ay ukuri.... ahubwo kuko bafite umucyo ukomeye, kandi kubera umurimo bahisemo, babaye abantu b'Imana ku buryo bw'umwihariko, abo yitoranyirije, bafite amategeko yayo yanditswe mu mitima yabo.

Ubutumwa nahawe bw' abantu batari bamwe kenshi narabubandikiraga, ibihe byinshi babinsabye byihutirwa. Uko umurimo wanjye wagukaga, ibyo byabaye umugabane ukomeye kandi uruhije w'imirimo yanjye.

Mu iyerekwa nahawe nko mu myaka makumyabiri ishize (1871), ni ho nabwiwe gusobanura amahame rusange mu mvugo no mu nyandiko, kandi icyo gihe nyine ngasobanura akaga n'amafuti, n'ibyaha by abantu bamwe, kugira ngo bose baburirwe, bacyahwe, kandi bagirwe inama. Nabonye yuko bose bakwiriye kurondora imitima yabo n'imibereho yabo cyane kugira ngo barebe yuko batagize amafuti abandi bahaniwe kandi ngo barebe yuko imiburo abandi baburiwe itagize icyo ibamarira Niba bimeze bityo, bakwiriye kwiyumvamo yuko inama no gucyaha ari bo byahawe ku buryo bw'umwahariko, kandi ko bakwiriye kubishyira mu bikorwa nkaho ari bo byabwiwe mu buryo bw'umwihariko.

Imana igambiriye kugerageza kwizera kw'amasengesho y'abantu bose bavuga yuko bifuza by'ukuri kumenya inshingano zabo. Izaha abantu bose umwanya uhagije wo gukuza ikiri mu mitima yabo.

Uwiteka acyaha kandi agahana abantu biy itirira kuba abakomeza amategeko ye. Yerekana ibyaha byabo kandi agashyira ku mugaragaro gukiranirwa kwabo kuko yifuza kubatandukanya n'icyaha cyose n'ubugome bwose, kugira ngo bagire gutungana gushyitse mukumwubaha. Imana irabacyaha, ikabakangara kandi ikabahana, kugira ngo babone uko babonezwa, bezwa, bayoborwa neza kandi hanyuma bazashyirwe hejuru bagere ku ntebe ye y'ubwami. 1

Kwerekeza Abantu kuri Bibliya

Ibihamya byanditswe ntibitanga umucyo mushya, ahubwo bishimangira mu mutima rwose ukuri kw" Imana kwamaze guhishurwa. Icyo umuntu akwiriye gukorera Imana n'icy'akwiriye gukorera mugenzi we cyasobanuriwe neza mu ijambo ry'Imana, nyamara kandi bakeya bo muri mwe ni bo bumvira uwo mucyo bahawe. Nta kundi kuri kuvugwa; ahubwo mu "Bihamya" ni mo Imana yasobanuriye ukuri gukomeye kwamaze gutangwa maze igushyira imbere y'abantu mu buryo bwayo yatoranyije kugira ngo ibakangure kandi ikubatere mu bwenge, badasigara bafite urwitwazo. "***Ibihamya***" ntibikwiriye gutesha Ijambo ry'Imana agaciro, ahubwo bikwiriye kurihesha ikuzo. bigatuma abantu barikunda, kugira ngo ipica nziza y' ukuri kutarangwa no kwishyira hejuru inyure bose.2

Umwuka ntiyatangiwe kandi ntabasha gutangirwa gukuraho Bibliya; kuko Ibyanditswe Byera bivuga byeruye yuko Ijambo ry'Imana ari urugero inyigisho zose n'ibikorwa byose bikwiriye kugeragerezwaho... Yesaya avuga yeruye ati "Nimusange amategeko n' ibihamya! Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira." (Yesaya 8:20).3

Mwene Data kanaka... yashobora gutera urujijo agerageje kwerekana ko umucyo Imana yatangiye mu "***Bihamya***" ari uwongerewe ku ijambo ry'Imana, ariko kuvuga atyo ni ibinyoma. Imana yabonye ko bikwiriye muri ubwo buryo kwerekeza ubwenge bw'ubwoko bwayo ku Ijambo ryayo, kugira ngo basobanukirwe naryo biruseho". Ijambo ry'

Imana rihagije kumurikira ubwenge bwijimye cyane kandi ribasha kumenywa n'abifuza kurisobanukirwa. Ariko n'ubwo bimeze bityo, bamwe bacuga ko biga ijambo ry'Imana usanga bafite imibereho inyuranye n'ibyo ryigisha ryeruye. Nuko kugira ngo abagabo n'abagore be kugira urwitwazo, Imana yatanze inama kandi itanga n'ibihamya, kugira ngo bibagarure ku ijambo birengagije gukurikiza. Ijambo ry'Imana ryuzuyemo amahame rusange afasha abantu kubaho bafite imico iboneye, n'ibihamya bya rusange n'iby'umuntu ku giti cye, byarateguwe kugira ngo bibafashe kwita kuri ayo mahame.

Nafashe Bibiliya y'agaciro kenshi maze nyizengurutsa bya "Bihamya by'Itorero" byinshi, byatangiwe guhabwa ubwoko bw'Imana. Ndavugaa nti: aha ni ho ibintu hafi ya byose bihuriye. Ibyaha abantu bakwiriye guhunga biragaragajwe, Inama bifuza zibasha kuboneka hano, zatangiwe izindi mpamvu zihwanye n'izabo. Imana yishimiye kubaha umurongo ku murongo n'itegeko ku itegeko.

Ariko ntihariho benshi muri mwe bazi rwose ibiri mu "***Bihamya***." Ntimuzi neza ibyanditswe. Iyaba mwari muzi ijambo ry'Imana, mwifuza kugera ku rugero rwa Bibliya ngo mubone gutungana kwa Gikristo, ntimuba mwarakeneye "***Ibihamya***." Icyatumye Imana ishaka kubageraho ikoresheje ibihamya byumvikana kandi bilaziguye ni kuko mwirengagije kumenya nez'Igitabo cyayo cyayiturutseho, ishaka yuko mwita ku miburo mwanze kumvira,ibahendahendera kugira imibereho ihwanye n'ibyo cyigisha biboneye kandi biha umuntu ubwenge. 4

Mujye Mucira "Ibihamya Urubanza Mukurikije Imbuto Zabyo

Nimureke "***Ibihamya***" bicirwe urubanzan'imbuto zabyo. Mbese ibyo byigisho bifite mwuka ki? Mbese amaherezo y'imbaraga yabaye ayahe? Abifuza kugenza batyo bose bashobora kwimenyereza imbuto z'iri yerekwa. Imana yabonye ko bikwiriye ko bakira bakagira imbaraga yo kurwanya iya Satani n'iy'abantu bafashije Satani mu murimo we.

Imana yaba iriho yegisha itorero ryayo, igahana ibibi abakristo bakora kandi igakomeza kwizera kwabo, cyangwa yaba itabikora. Uyu murimo ni uw'Imana, cyangwa s'uwayo. Nta cyo Imana ikora ibangikanye na Satani. Umurimo wanjye... ufite ikimenyetso cy'Imana

cyangwa ikimenyetso cy'umwanzi. Nta murimo w'igice urimo. Ibi "***Bihamya***" ni iby'Umwuka w'Imana, cyangwa ni iby'uwa Satani.

Nk'uko Uwiteka yiyerekaniye mu Mwuka w'ubuhanuzi, ibya kera, n'iby'ubu, n'iby'ahazaza byanyuze imbere yanjye. Nabonye mu maso h'abantu ntari nigeze mbona, nuko hashize imyaka ndababona ndabamenya. Nakanguwe mu bitotsi n'igitekerezo cy'ukuri cy'ibintu naherukaga kwerekwa mu bwenge bwanjye; nuko nandika mu gicuku inzandiko zarenze igihugu kinini, zikagera ahari akaga, zigakiza amakuba menshi zikora umurimo w'Imana. Uyu ni wo murimo namaze imyaka nkora. Imbaraga yampatiye gucyaha no guhana ibibi ntari naratekereje. Mbese uyu murimo ni uwo mu ijuru, cyangwa ni uwo mu isi? 5

Umugambi wa Satani Ni Ugutera Abantu Gushidikanya

Ibihe byinshi, "***Ibihamya***" byakirwa neza, icyaha no kwinezeza byaciwe, maze umuntu agatangira bushya gufatanya n" umucyo Imana yatanze. Mu bindi bihe, ibyaha birakorwa, "***Ibihamya***" bikangwa, maze impamvu nyinshi z'urwitwazo zitari ukuri zigahererezwa ku bandi ari impamvu zo kwanga kubyakira. Impamvu nyakuri ntivugwa. Ni ukubura ubutwari bwo gukora ibyiza; ubushake bukomezwa kandi buyoborwa n'umwuka w'Imana, ngo umuntu areke ingeso mbi.

Satani afite ububasha bwo gutera gushidikanya no guhimba inkomyi z'ibihamya bitangwa n'Imana, kandi benshi bibwira ko ari byiza kuba nk'abanyabwenge, kuba abatizera no guhinyura. Abifuza gushidikanya bazabona umwanya mugari. Imana ntigambirira gulairaho ibitera umuntu kutizera byose. Itanga igihamya, gikwiriye kugenzurwa n'umuntu wicisha bugufi n'umutima wemera kwigishwa, kandi abantu bose bakwiriye guhitamo bakurikije uburemere bw'igihamya. Imana itanga igihamya gihagije kugira ngo abantu bifuza kumenya ukuri bizere; ariko uhindukira akareka igihamya kuko hariho ibintu bikeya atabasha gusobanurisha ubwenge bwe butareba kure, azasigara ahantu.hakonje hateye umususu ho kutizera no gushidikanya kandi kwizera kwe kuzarimbuka.

Inama ya Satani ni ugucogoza kwizera ubwoko bw'Imana bufite mu "***Bihamya*** Satani azi uburyo bwo gutera. Akorera mu bwenge bw'abantu akabatera kugirira ishyari abayobora umurimo no kutanyurwa.

Hanyuma bagatangira kwibaza ku by'impano; ubwo ni bwo bagira imbaraga nke; maze ibyigisho baherewe mu iyerekwa bakabisuzugura. Hanyuma hagakurikiraho gushidikanya ku byerekeye ingingo zikomeye cyane zo kwizera kwacu, ari zo nkigi z'umurongo twahisemo, hanyuma bagashidikanya Ibyanditswe Byera bityo bakaromboreza bagana mu kurimbuka. Igihe "***Ibihamya***'' byigeze kwizerwa bishidikanijwe bikarekwa, Satani amenya yuko abashutswe batazahagararira aho gusa; maze umwete we akawukuba inshuro ibyiri kugeza ubwo abatera kugomera Imana ku mugaragaro, nyuma bikaba indwara idakira, amaherezo akaba kurimbuka. Iyo bagize gushidikanya no kutizera iby'umurimo w'Imana, kuyoba kwabo kuba kuzuye. Nuko bakarakarira cyane abahangara kubabwira amakosa yabo no kubacyahira ibyaha bakora.

Abari mu kaga si abanga "***Ibihamya***" ku mugaragaro gusa. cyangwa abashidikanya ibya byo. Gusuzugura umucyo ni ko kuwanga

Nutagirira Ibihamya ikizere. uzava ku kuri kwa Bibliya. Natewe ubwoba nuko abantu benshi bahitamo kugira ikizere gike no gushidikanya, bityo mbababajwe n'ubugingo bwanyu ndababurira. None se, ni bangahe bazita kur'uko kuburira? 6

Kutamenya Ibihamya Si Rwo Rwitwazo

Benshi bagenda banyuranije rwose n'umucyo Imana yaliaj ubwoko bwayo, kuko badasoma ibitabo birimo umucyo n'ubwengi. n imiburo no guhana. Kwita ku by'isi, gukunda ibintu bishya byadutse.no kutizera Imana byakuyeabantu ku mucyo Imana yatangiye ubuntu, kandi ibitabo n ibinyamateka birimo ibinyoma biriho bizerera mu gihugu hose. Gushidikanya no kutizera Imana biriyongera hose. Umucyo w'agatangaza. uva ku ntebe y'ubwami y'Imana uhishwa munsi y'intonga. Imana izabaza ubwoko bwayo icyatumye bawirengagiza. Ni ngombwa kuzayisubiza iby akambi k'umucyo kose yamurikishije mu nzira yacu, niba karaduteye gukuza amajyambere mu by'Imana cyangwa niba twarakanze kuko ibiturutiyeho kuba byiza ari ukwikurikirira ibyo twikundiye.

"***Ibihamya bikwiriye*** gushyirwa muri buri rugo rw'abakomeza Isabato, kandi bene Data bakwiriye kumenya agaciro kabyo maze

bagahendahenderwa kubisoma. Umugambi wo gusuzugura ibyo bitabo maze mu itorero hakaboneka bimwe muri byo si uw'ubwenge. Bikwiriye kuba mu bitabo bya buri muryango wose maze bikajya bisomwa hato na hato. Ni mujye mubishyira aho bishobora gusomwa nabenshi. 7

Neretswe yuko kutizera ibihamya biburira, bitera ubutwari kandi bihana, ari ugukingiranira umucyo kure y'ubwoko bw'Imana. Kutabyizera ni ugufunga amaso yabo kugira ngo batamenya uko bameze by'ukuri. Batekereza yuko ibihamya by'Umwuka w'Imana bibahana bidakenewe cyangwa yuko atari bo biba bivuga. Bene abo bakennye cyane ubuntu bw'Imana no kwisuzuma mu by'umwuka, kugira ngobababashe kumenya ibyo bakennye mu bumenyi bw'iby'umwuka.

Abenshi basubiye inyuma bakava mu by'ukuri bavuga ko impamvu basubiye inyuma ari uko batizera "***Ibihamya***". Ikibazo ni iki ngo: Mbese bazareka kumvira ikigirwamana cy'abo Imana iciraho iteka, cyangwa se bazakomeza bakore iby'ingeso mbi zo kwinezeza no kwanga umucyo Imana yabahaye ibacyahira ibyo bishimira? Ikibazo gikwiriye gutunganywa hamwe na bo n'iki ngo: Mbese nziyanga maze nakire "***Ibihamya***" byavuye ku Mana bicyaha ibyaha byanjye, cyangwa se nzanga "***Ibihamya***" kuko bicyaha ibyaha byanjye? 8

Gukoresha "Ibihamya" Mu Buryo Bubi

Igitabo cyambere cy'***Ibihamya***" cyigeze gucapwa cyaburiraga abantu kibabuza gukoresha umucyo wahawe ubwoko bw'Imana mu buryo bubi. Navuze yuko bamwe bakoze ibidakwiriye. Igihe babwiraga abatizera ibyo kwizera kwabo maze bakababaza igihamya, basomye ibitabo nanditse mu kigwi cyo gusoma Bibliya ngo abe ari yo ibahamiriza. Neretswe yuko ubwo buryo budakwiriye kandi ko bubasha kwangisha abatizera ukuri. "***Ibihamya***" ntibishobora kugira ububasha ku batagira icyo bazi cyerekeye umutima wabo. Abantu nk'abo si byo bakwiriye gusomerwa.

Indi miburo yerekeye uburyo abantu bakoresha "Ibihamya" yatanzwe ibihe binyuranye, nk'uko yanditswe hepfo aha: "Ababwiriza bamwe bari inyuma kure cyane. Bavuga yuko bizera ibihamya byatanzwe, kandi bamwe bagakora nabi iyo babikoresheje nk'ikiboko cyo gukubitisha abatabizi, nyamara bo ubwabo bakananirwa

kubikurikiza. Babonye ibihamya byinshi ariko ntibabyitayeho. Umugambi w'abantu nk'abo si umwe."

"Nabonye yuko benshi bagize amahirwe bitewe n'iby"Imana yanyeretse byerekeye ibyaha n'amafuti bikorwa n'abandi. Bafashe ubusobanuro bukabije bw'ibyerekaniwe mu iyerekwa, nuko baba ari bwo bakomeze gushyira imbere bigeza ubwo byacogoje kwizera kwabenshi mu by'Imana yerekanye, kandi baracogoza bagaca n'intege itorero. 9

Akaga ko Kunegura Ibihamya

Mu nzozi narose hambere aha najyanywe imbere y'inteko nini y'abantu, bamwe muri bo bariho bashishikariye gukuraho icapwa ry'Ibihamya bikomeye cyane byarimo ubutumwa bw'imbuzi nari natanze. Baravuze bati "Twizera ibihamya bya mushiki wacu White; ariko igihe atubwira ibintu atabonye neza mu iyerekwa byerekeye ikintu runaka abantu bajyaho impaka, amagambo ye ntacyo yatumarira kiruta icy'ay'undi muntu." Umwuka w'Imana yanjeho, ndahaguruka maze mbacyaha mu izina ry'Uwiteka.

None, niba ababwiwe iyo miburo ikomeye bavuze bati, "Iyo ni inama ya mushiki wacu White atanga ku giti cye, nzakomeza gukora ibyo mbona ko ari byiza," kandi nibakomeza gukora ibintu baburiwe ko badakwiriye gukora, bazaba berekanye ko bahinyura inama y'Imana, kandi amaherezo, Umwuka w'Imana, yanyeretse ko, ari ukonona umurimo w'Imana no kwirimbura ubwabo. Abashaka gukomeza umugambi wabo bazakura mu magambo y' "Ibihamya" ayo batekereza ko azashyigikira ibyo bavuga, kandi bazayakomeza cyane uko bashobora kose; ariko ibitunga agatoki imikorere yabo, cyangwa ibidahuje n'ibyo bavuga, bavuga ko ari ibyo mushiki wacu White yivugira, ko bidakomoka mu ijuru, bakabishyira ku rwego rumwe n'urw'ibitekerezo byabo.

None rero, bene Data, ndabinginga ngo mwe kujya hagati yanjye n'abantu, ngo mubabuze umucyo Imana yashakaga ko bahabwa. Ntimukwiriye, mu kunegura "***Ibihamya***", kubyambura imbaraga zose, n'inama zose, n'ububasha bwose. Ntimukibwire yuko mushobora kubicamo ibice kugira ngo bihwane n'uko intekerezo zanyu ziri, muvuga yuko Imana yabahaye ububasha bwo gushishoza ngo mube mwamenya

umucyo uturuka mu ijuru n'ibivugwa bikomotse mu bwenge bwa kimuntu gusa. Niba “***Ibihamya”*** bitavuga ibihwanye n’uko ijambo ry’Imana riri, muzabyange. Kristo na Beliali ntibashobora guhuzwa. Mu izina rya Kristo, ntimukajijishe abantu amagambo yuzuye icurabwenge ry’abantu no kutagira ibyiringiro, ngo bitume umurimo Imana yakora utagera ku ntego yawo. Ntimugatume, kubura ubushishozi mu by’umwuka kwanyu, kugira uyu murimo w'Imana urutare rw'ibicumuro, aho benshi bazasitara bakagwa, “bakagwa mu mutego, bakajyanwa.” 10

Uburyo bwo Kwemera Guhanwa

Abahanwa n’Umwuka w’Imana ntibakwiriye guhagurukira kurwanya igikoresho gifite kwicisha bugufi. Ni Imana, si umuntu buntu, yavuze kugira ngo ibakize kurimbuka. Muri kamere ya kimuntu, ntibinezeza guhanwa, kandi ntibishobokera umutima w’umuntu, utamurikirwa n’Umwuka w’Imana, gusobanukirwa n’akamaro k’amagambo yo guhana cyangwa umugisha azana. Iyo umuntu yemeye gushukwa, maze agakora icyaha, ubwenge bwe bucura umwijima. Umutimanama ntumenya ibikwiriye. Imiburo yawo irasuzugurwa, kandi ijwi ryawo ryumvikana buhoro. Umuntu abura imbaraga zo gutandukanya ibibi n’ibyiza buhoro buhoro, kugeza ubwo aba atagifite ubwenge nyakuri bwo kumenya aho ahagaze imbere y’Imana. Ashobora kwitondera gahunda z’idini kandi agakomeza inyigisho zaryo afite umwete, ariko kandi atagira umutima wa ryo. Uko amaze, ni kwa kundi gusobanurwa n’Umuhamya w'ukuri, ngo: “Kuko uvuga uti ‘Ndi umukire, ndatunze kandi ndatuganiwe, nta cyo nkennye; utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n’impumyi, ndetse wambaye busa.’” Igihe Umwuka w’Imana, mu butumwa bw’imbuzi avuze ati uwo muntu umaze atyo, ntiyabona ko ubwo butumwa ari ukuri. None se akwiriye kwanga kuburirwa? Oya.

Imana yatanze igihamya gihagije kugira ngo abashaka bose babashe kwimara amatsiko ku byerekeye kamere y’ “***Ibihamya*** kandi bamaze kwemera ko bikomoka ku Mana, bizaba inshingano yabo kwemera guhanwa, nubwo ubwabo batareba uburyo ibyo bakora ari ibidatunganye. Ni bamenya neza uko bameze. guhanwa kuzaba kukimaze iki? Kuko babizi cyangwa batabizi. Imana ibibashyira imbere mu buryo bw’imbabazi. kugirango babashe kwihana kandi bisubire bitaratinda cyane. Abahinyura imiburo bazasigara barindagizwa nokwihenda; ariko

abayitondera. kandi bakagira umwete wo kwitandukanya n'ibyaha byabo kugira ngo babone uko baronka ubuntu bukenewe, bazababakinguye umuryango w'imitima yabo, kugirango Umukiza ubakunda yinjiremo kandi abe muri bo. Abomatanye n'Imana cyane ni abazi ijwi ryayo igihe ivugana na bo. Ab'umwuka bagenzura iby'umwuka. Abo baziyumvamo ishimwe yuko Uwiteka yaberetse ibyaha byabo.

Dawidi yamenye ubwenge arebye uburyo Imana yabanaga nawe, maze yemera igihano cy'Isumba byose yicishije bugufi. Ishusho y'ukuri yagaragazaga uko Dawidi yari amaze by'ukuri nk'uko umuhanuzi Natani yamubwiye yatumye amenya neza ibyaha bye maze imufasha kubireka. Yemeye inama yicishije bugufi, maze yikubita imbere y'Imana yubamye. Yavuganye ijwi rerenga ati "Amategeko y'Uwiteka atungana rwose, asubiza intege mu bugingo." (Zaburi 19:7)

"Ariko niba mudahanwa nk'abandi bose noneho muba... mutari abana nyakuri." (Abaheburayo 12:8). Umwami wacu yaravuze ati "Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano." (Ibyahishuwe 3:19). "Nta gihano kinezeza ukigihanwa, ahubwo kimutera umubabaro, ariko rero hanyuma cyera imbuto zo gukiranuka zihesha amahoro abamenyerejwe na cyo." (Abagebyrati 12:11). Nubwo amategeko yo kutuyobora akaze, yatanzwe n'urukundo ruhebuje rwa Data wa twese, "kugira ngo tubashe gusangira kwera kwe." 11

(1) 5T 654-662; (2) 5T 655; (3) GC Interuro, urup....; (4) 5T 663-665; (5) 5T 6651; (6) 5T 672-680; (7) 5T 681; (8) 5T 674, 675; (9) 5T 669,670; (10) 5T 687-691; (11) 5T 682,683.

IGICE CYA 15

Umwuka Wera

Ni ihirwe ry'Umukristo wese, kudategereza byonyine, ahubwo gutebutsa kuza kw'Umwami wacu Yisu Kristo. Iyaba abavuga ko bemera izina rye beraga imbuto zimuhesha ikuzo, byaba igitangaza uburyo isi yose yabibwamo imbuto z'ubutumwa bwiza. Bidatinze umusaruro uheruka wakwera, maze Kristo akaza guhunika iyo myaka y'agaciro kenshi. Bene Data na bashiki banjye nimusabe guhabwa Umwuka Wera Imana yiteguye gusohoza isezerano ryose yatanze. Muvuge mufite za Bibliya zanyu mu ntoke, muvuge muti "Namaze gukora ibyo wavuze. Ndagaragaza isezerano ryawe, ngo mushake, muzabona; mukomange ku rugi, muzakingurirwa. Kristo aravuga ati "Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima, mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona." "Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we." (Matayo 7:7; Mariko 11:24; Yohana 14:13)

Kristo yohereza intumwa ze kujya muri buri mugabane w'aho ategeka kubwira abagaragu be icyo ashaka. Agendagenda hagati y'amatorero ye. Yifuza kweza, gutunganya, no kuyobora abayoboke be. Abamwizera bazabera abo mu isi impumuro y'ubugingo izana ubugingo. Kristo afatiye inyenyeri mu kuboko kwe kw'iburyo, kandi umugambi we ni uko izo nyenyeri zamurikira isi umucyo we. Uko ni ko yifuza kuringaniriza ubwoko bwe gukora umurimo urushijeho kuba hejuru mu itorero ryo mu ijuru. Yaduhaye umurimo ukomeye dukwiriye gukora. Nimutyo tuwukore dukiranutse. Nimutyo twerekanire mu mibereho yacu icyo ubuntu bw'Imana bushobora gukorera abantu. 1

Gusabana Gukwiriye Kubanziriza Gusukirwa Kw'Umwuka Wera

Mumenye yuko ubwo abigishwa bari bageze mu bumwe bushyitse, batakimaranira umwanya wo hejuru cyane uruta iyindi, ari ho Umwuka yasutswe. Bari bashyize hamwe. Ibibatandukanya byose byari bitakiriho. Kandi ni ko m ubuhamya bwabo bwari bumeze Umwuka amaze gutangwa. Mwite kuri iri jambo ngo: "Abizeye bose bahuzaga umutima n'inama." (Ibyakozwe n'Intumwa 4:32). Umwuka w'Uwapfiriye kugira ngo abanyabyaha babeho yongeye intege mu nteko y'abizera.

Abigishwa ntibisabiye umugisha ubwabo. Bari baremerewe n'umutwaro w'imitima. Ubutumwa bwari bukwiriye kujyanwa ku mpera z' isi, kandi bashakaga guhabwa imbaraga Kristo yari yarasezeranye. Ni cyo cyatumye Umwuka Wera asukwa, maze ku munsi umwe hihana abantu ibihumbi byinshi.

Ni ko bishoboka kuba n'ubu. Abakristo bakwiriye kureka amahane yose maze bakiyegurira Imana gukiza abazimiye. Bakwiriye gusaba bafite kwizera, guhabwa umugisha basezeraniwe kandi bazawubona. Gusukwa kw'Umwuka mu minsi y'intumwa kwari “Imvura y'umuhindo” kandi byagize ingaruka y'akataraboneka. Ariko imvura y'itumba izarushaho kuba nyinshi. Mbese abazima muri iyi minsi y'imperuka basezeraniwe iki? “Nimuhindukirire igihome gikomeye, mwambohe zifite ibyiringiro mwe. Uyu munsi ndahamya yuko nzabashumbusha kabiri.” “Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo; na we azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe.” (Zekaria 9: 12; 10:1). 2

Akamaro ko kwiyegurira Umwuka Wera

Imana ntidusaba gukoresha imbaraga zacu umurimo uri imbere yacu. Yateguye ubufasha buturuka mu ijuru mu bihe bibi byose birenze imbaraga za kimuntu. Itangira Umwuka Wera gufasha mu birushya byose, no gukomeza ibyiringiro byacu, no kumurikira ubwenge bwacu, no kweza imitima yacu.

Kristo yateguye yuko itorero rye rizaba umubiri uhindutse ishusho, imurikishirijwe n'umucyo wo mu ijuru, ifite ubwiza bwa Imanueli. Umugambi we ni uko umukristo wese azibera mu mucyo n'amahoro by'umwuka. Nta rubibi rw'ineza y'umuntu waretse inarijye, utanga umwanya mu mutima we ngo Umwuka Wera akoreremo kandi ugira imibereho yiyeguriye Imana burundu.

Amaherezo yo gusukwa kw' Umwuka ku Munsi wa Pentekote yabaye ayahe ? Inkuru nziza z'Umukiza wazutse zajyanwe ku iherezo ry'isi yari ituwe. Imitima y'intumwa yasenderejwe n'ineza nyinshi cyane, yimbitse cyane, kandi icengera mu mutima cyane, bituma ibahatira kujya aho isi iherera, bahamya bati “Sinkiratana ikindi, keretse Umusaraba

w'Umwami wacu Yesu Kristo." (Abagalatia 6:14). Igihe bamamazaga ukuri nk'uko kuri muri Kristo, imitima yakiriye imbaraga y'ubutumwa. Itorero ryabonye umukumbi w'abihana baturutse imihanda yose. Abari barasubiye inyumabongeye kwihana. Abanyabyaha bafatanije n'Abakristo gushaka imaragarita y'igiciro cyinshi. Abari abanzi bikabije b'ubutumwa bahindutse ababurwanirira. Hasohoye ubu buhanuzi ngo; "Umunyantege nke azaba "nka Dawidi," kandi inzu ya Dawidi izaba nka "marayika w'Uwiteka." Umukristo wese yabonye muri mwene Se urukundo n'ineza byo mu ijuru. Umugambi wari umwe. Ingingo imwe yo kunesha yamize izindi zose. Icyo abizera bifuzaga gusa kwari ukugaragaza ishusho y'ingeso za Kristo no gukorera kwagura ubwami bwe.

Natwe iryo sezerano ry'Umwuka ni iryacu rwose nk'uko ryabaye iry'abigishwa ba mbere. Muri iki gihe Imana izaha abagabo n'abagore imbaraga ivuye mu ijuru, nk'uko yayihaye abumvise ijambo ry'agakiza ku munsi wa Pentekote. Kuri iyi saha Umwuka w'Imana n'ubuntu bwayo ni iby'ababyifuza bose kandi bamwakira mu ijambo rye.3

Umwuka Wera Azahoraho Kugeza imperuka

Kristo yavuze yeruye yuko imbaraga y'Umwuka izakomeza kubana n'abayoboke be kugeza ku mperuka. Ariko iryo sezerano ntirisobanukira abantu nk'uko bikwiriye, ni cyo gituma rero gusohora kwaryo kutaboneka nk'uko biri. Isezerano ry'Umwuka ni ikintu kitekerezwa bukeya; kandi ingaruka zirazwi; amapfa y'iby'umwuka, umwijima w'ibyumwuka, gusaza mu by'umwuka n'urupfu. Utuntu duto ni two twitabwaho, maze imbaraga y'Imana ari yo ikwiriye mu byo gukura no guhesha itorero amahirwe, kandi ikwiriye kuzana indi migisha mu murimo wayo ikabura. nubwo itangwa mu kuzura kwayo kutagabanije.

Kubura Umwuka ni ko gutuma umurimo w'ubutumwa ubura imbaraga. Ubumenyi, impano, kumenya kuvuga neza, ububasha umuntu avukana cyangwa yunguka mu buzima, umuntu ashobora kubigira; ariko iyo Umwuka w'Imana atabonetse, nta mutima ukabakabwa, nta munyabyaha uzanwa kuri Kristo. Naho ubundi. iyo abantu basabanye na Kristo, iyo impano z'Umwuka ari izabo, umukene w'umuhanya kandi w'injiji kurusha abandi bigishwa be azagira imbaraga yoroshya imitima.

Imana ibagira imiyoboro yo kunyuzamo imbaraga yayo ikomeye cyane iha abo mu isi.

Ishyaka abigishwa bari bafitiye Imana ni ryo ryabahaye kujyana ubuhamya bw'ukuri bafite imbaraga ikomeye. Mbese iryo shyaka ntirikwiriye gushyushya imitima yacu ikagambirira kuvuga igitekerezo cy'urukundo rucungura rwa Kristo, Uwabambwe? Mbese Umwuka w'Imana ntakwiriye kuza uyu munsi. azanwe no gusubiza amasengesho yasenganywe umwete no kwihangana, maze akuzuza abantu imbaraga yo gukora? None ho se, ni iki gituma itorero rigira intege nkeya cyane kandi rikaba ridafite umwuka? 4

Igihe Umwuka Wera azaba ayobora ubwenge bw'abakrito bo mu itorero, mu matorero yacu hazaboneka urugero rwo hejuru cyane mu bivugwa, mu bugabura, mu kugira umwuka, kuruta uko biboneka ubu. Abakristo bo mu itorero bazongerwa imbaraga n'amazi y'ubugingo, kandi abakozi bayoborwa n'umutwe umwe, ari wo Kristo, bazagaragaza Shebuja mu mwuka bafite, mu magambo, mu bikorwa, kandi bazaterana inkunga kugira ngo bajye mbere mu muurimo ukomeye, uheruka twahawe gukora. Ubumwe n'urukundo bizagwira cyane, bibere isi igihamya cy'uko Imana yohereje umwana wayo agapfira gucungura abanyabyaha. Ukuri kw'Imana kuzashyirwa hejuru; kandi uko kuzajya kurabagirana nk'itara rimurika, ni ko tuzajya turushaho ku gusobanukirwa rwose. 5

Neretswe yuko ubwoko bw'Imana nibutagira umuhati ku rwabo ruhande, bagategereza kuzongerwa imbaraga; kandi ni batega kuzezwa imyanda y'umubiri n'iy'umutima, maze bakabona kuba ari bwo bakora umurimo w'ijwi rirenga rya marayika wa gatatu, bazasangwa badashyitse. Imbaraga isubiza intege mu bugingo y'Imana iza ku bantu bayiteguye gusa, bayitegurishije gukora umurimo Imana yabategetse, ari byo kwiyezaho ubwabo imyanda y'umubiri n'iy'umutima, bityo kubaha Imana kwabo bibageza ku rwego rukwiriye rw'ubutungane. 6

(1) 8T 22,23; (2) 8T 20.21; (3)8T 19,2; (4) 8T 21,23; (5) 8T 211; (6) IT 619.

IGICECYA 16

Ntiwanduze Isano y'Imana n'Umuntu

Imitsi yumva yo mu bwonko, ibasha kujyana amakuru mu mubiri wose ni yo muyoboro wonyine Imana ivuganiramo n'umuntu maze igahindura ubugingo bw'imbere rwose. Ikintu cyose kibasha kurogoya urugendo rw'amashanyarazi mu mitsi yumva kigabanura imbaraga y'ububasha bwo kubaho, maze ingaruka ikaba yuko ubwenge bugwa ikinya. 1

Kutirinda kw'uburyo bwose kugusha ikinya imyanya y'ubwenge, maze bigatera imitsi yumva yo mu bwonko kugira intege nke bigatuma ibintu by'ubugingo bw'iteka bitishimirwa, ahubwo bigahwanwa n'ibisanzwe. Ububasha bwo ku rwego rwo hejuru bw'ubwenge, bwagenewe umugambi wo gutanga umunezero bugirwa imbata y'iruba ry'ibibi. Niba ingeso zacu z'umubiri zitaboneye,ubwenge n'ubutungane byacu ntibishobora kugira imbaraga; kuko impuhwe zikomeye ziba hagati y'umubiri n'ingeso nziza. 2

Satani avuza impundu iyo abonye umuryango w'abantu urushaho kwiroha mu byago no mu mibabaro. Azi yuko abantu bafite ingeso mbi n'imibiri iguwe nabi, badashobora gukorera Imana bafite umwete mwinshi no kwihangana, no kubonera nk'abafite imibiri iguwe neza. Umubiri urwaye uhindura ubwonko. Ubwenge ni bwo dukoreshereza Imana. Umutwe ni wo utegeka umubiri wose. Satani yishimira umurimo urimbura ateza abantu, iyo akoresheje umuryango w'abantu iby'ingeso zibonona, bakonona n'abandi: kuko ubwo buryo ari bwo yiba Imana umurimo ukwiriye kuyikorerwa.

Satani ahora yiteguye kwigarurira abantu burundu. Icyo abafatisha gikomeye cyane kuruta ibindi byose ni irari ryo kurya no kunywa, kandi ashaka kuribyutsa mu buryo bwose ashoboye. 3

Inama ya Satani Irusha Izindi Zose Kurimbura

Satani yateranirije hamwe abamarayika bacumuye ngo bajw inama y'uburyo bwo kugirira nabi nk'uko bishoboka kose umuryango w'abantu. Bavuze imigambi yabo bungikanya, kugeza ubwo Satani

yatekereje inama. Yari gufata imbuto z'imizabibu, n'iz'ingano, n'ibindi bintu Imana yatanze ngo biribwe, maze akabihindura uburozi, bwari kwangiza imbaraga z'umubiri w'umutu, iz'ubwenge, n'iz'umutimanama, bityo izo mbaraga zose zitsinzwe Satani akayobora umuntu mu buryo busesuye. Abantu banyoye inzoga byatuma bakora amarorerwa y'uburyo bwose. Irari ry'ibibi ryatera isi kumungwa. Satani, kubwo gutera abantu kunywa inzoga, ashobora gutuma bacupira bakandavura. 4

Satani yagize iyi si imbata ye ateye abantu kunywa inzoga n'itabi, icyayi, n'ikawa. Ubwenge butangwa n'Imana, ari bwo bukwiriye guhora butunganye, bwayobejwe no kunywa ibiyobyabwenge. Ubwonko ntibugishobora kurobanura neza. Umwanzi ni we uyobora. Umuntu yagurishije ubwenge bwe buhitamo icyiza bukareka ikibi, ahabwa ubumutera gusara. Nta bwenge bwo kumenya igitunganye afite. 5

Umuremyi wacu yahaye umuntu imigisha ataziganije. Iyaba izo mpano zose z'Imana zarakoreshejwe mu bwenge no kwirinda ibyakwangiza imibiri yacu, ubukene, indwaran'imiruho bibabiri hafi kuva ku isi. Nyamara ikibabaje ni uko tubona ahantu hose imigisha y'Imana ihindurwa umuvumo no gukiranirwa kw'abantu.

Nta bantu bacirwaho iteka ryo gukoresha nabi impano z'agaciro zatanzwe n'Imana kurusha abakoresha umwero w'ubutaka mukwenga inzoga. Imyaka y'impeke ifite intungamubiri, imbuto zitera kugira umuze muke kandi ziryoshye cyane, byengwamo ibinyobwa biyobya ubwenge kandi bigasaza ubwonko. Ingaruka yo kunywa ubwo burozi ni uko imiryango ibihumbi byinshi ibura ibintu byiza byakayigiriye akamaro ndetse n'ibyangombwa ku buzima, ibikorwa by'urugomo bikiyongera, kandi indwara n'urupfu bikihutana abantu uduhumbi n'uduhumbi bibajyana mu bituro by'abasinzi. 6

Vino Isindisha

Vino Kristo yakoze mu mazi mu bukwe bw'i Kana yari umutobe mubisi mwiza w'inzabibu. Uyu ni umutobe wavuye mu iseri, ibyanditswe bivuga ngo: "Ntuwurimbure, kuko ugifite umumaro," Yesaya 65:8.

> "Vino ni umukobanyi, inzoga zirakubaganisha, Kandi ushukwa na byo ntagira Ubwenge." "Ni nde ubonye ishyano? Ni nde Utaka? Ninde ufite intonganya? Ni nde Wiganyira? Ni nde ufite inguma zitagira Impamu? Ni nde utukuza Amaso? Ni abarara inkera; Ni abagenda bavumba inturire. Ntukarebe vino uko itukura, Igihe ibirira mu gikombe, Ikamanuka neza, Amaherezo iryana nk'inzoka Igatema nk'impiri;" Imigani 20: 1; 23:29-32

Ntibyigeze kubaho ko ukuboko kw'umuntu kugaragaza neza ipica y'ubucakara n'ububata bw'umuntu wishwe n'ibinyobwa bisindisha. Uwagizwe imbata akaba yarahenebereye nubwo yakangurwa akamenyeshwa umubabaro we, ntagira imbaraga yo kwikura mu mutego; "azongera ajye kuvumba." Imigani 23:35.

Mu by'ukuri, ubusinzi buva mu nzoga yaba iyoroshye cyangwa ikomeye. Kunywa izo zoroshye bitera umuntu gushaka kunywa izikomeyc, bityo gukunda akayoga bikokama umuntu. Kunywa mu rugero ni ishuri abantu bigiramo kuzaba abasinzi. Nyamara ibitera ubusinzi bikora buhoro cyane ku buryo umuntu yisanga mu nzira nyabagendwa y'ubusinzi ataramenya ingorane afite.

Si ngombwa kujya impaka zigamije kwerekana ingaruka mbi umusinzi akomora ku nzoga. Abantu bazahajwc n' inzoga, ari bo bantu Kristo yapfiriye kandi n'abamarayika bakaba babogoza amarira kubwabo, bari hose. Ni ibizinga ku majyambere twiratana. Bakojeje isoni ibihugu byose, kandi babiteje umuvumo n'amakuba. 7

Inzoga Igira Umuntu Imbata

Iyo umuntu agize irari ryo gukunda inzoga, agashyira inzoga ku minwa ye, aba ataye agaciro k'umuntu afashe ak'inyamaswa kandi yararemwe ku ishusho y'Imana. Ubwenge burararemara, kumenya kukagwa ikinya, iruba rya kinyamaswa rigahaguruka, maze hanyuma hagakurikiraho ibyaha bikomeye by'ingeso zirushije izindi zose kuba mbi.8

Iyo abantu banyoye inzoga, bahangara ibyo batari gutinyuka batarany wa icyo kiyobyabwenge. Igihe bategekwa n' ibinyobwa by? uburozi, baba bategetswe na Satani. Arabigarurira, maze bagafatanya na we.9

Uko ni ko Satani yoshya abantu ngo bagurishe ubugingo kubera inzoga. Yigarurira umubiri, ubwenge, n'ubugingo, umuntu ntabe akikoresha ahubwo agakoreshwa na Satani. Kandi ubukana bwa Satani bugaragara iyo uwo musinzi aramburiye ukuboko gukubita umufasha we yasezeraniye gukunda no gukundwakaza mu gihe cyose akiriho. Imirimo umusinzi akora ni yo igaragaza ubugizi bwa nabi bwa Satani. 10

Abanywa inzoga bigira imbata za Satani. Satani agerageza abafite inshingano z'ubuyobozi nk'ubw'igare ry'umwotsi, ubw'amato manini yo mu nyanja, abategeka amato, cyangwa imodokari bitwaye abantu kwinezeza byabereye ibigirwamana, bishimira irari ribi, maze bakibagirwa Imana n'amategeko yayo.

Ntibababasha kumenya icyo bakora. Ibimenyetso bikorwa rrabatwara imodoka babikora nabi maze imodoka zigasekurana. Nyuma y'ibyo rero haba amarorerwa, abantu bagacika amaboko n'amaguru n'abandi bagapfa. Bene ibyo bintu bizarushaho kuboneka.

Ingeso mbi z'umusinzi ziragwa urubyaro rwe na bo bakaziraga abazabakomokaho. 11

Itabi Ni Uburozi Bwica Buhoro Buhoro

Itabi ni uburozi bwica buhoro buhoro, amaherezo bugahitana urinywa. Rigaragaza kamere yaryo mu buryo rikoreshejwe ubwo ari bwo bwose; ni ryo kaga kabi kuko ingaruka zaryo ziza buhoro buhoro, kandi

mbere hose umuntu atabimenye. Ritera imitsi yumva kwikanga maze hanyuma rikazayiremaza. Ritera ubwonko kugira intege nke kandi bugacura umwijima. Kenshi ritera imitsi yumva kurwara mu buryo bukomeye kuruta uko inzoga iyitera kurwara. Rirushijeho, gucengera kandi ntibyoroshye kurikura mu mubiri. Kurinywa bituma umuntu agira inyota yo kunywa inzoga, kandi ku buryo bwinshi ryubaka urufatiro rwo kugira ingeso yo gukunda kunywa inzoga.

Kunywa itabi ntibikwiriye; rirahenda, ritera umwanda, riroga urinywa, kandi rigahemukira n'abandi.

Mu bana n'abasore, kunywa itabi ntibivugwa ko hari icyo bitwara. Abana b'abahungu batangira kunywa itabi bakiri batoya cyane. Iyo bagize iyo ngeso bakiri bato, igihe umubiri n'ubwenge bibabishobora kwangizwa naryo mu buryo bworoshye, ribaca intege z'umubiri, rigatera ubwenge guhurama, kandi rikonona ubushake bwo gukora ibyiza. 12

Nta bushake bwo kurarikira itabi buri muri kamere y'umuntu, keretse iyo bibaye umurage.

Kunywa icyayi n'ikawa bitera kurarikira itabi. Ibyokurya bitekanywe urusenda n'ikinzari bibabura igifu, bikanduza amaraso, kandi bigatunganya inzira y'ibindi bibi birushaho konona umubiri. 13

Inyama zashyizwemo ibintu byinshi byo kuziryoshya n icyayi n'ikawa, ababyeyi bamwe bahatira abana babo kurya no kunywa, bitegura inzira yo kurushaho kwifuza ibintu bitera umubiri n'amaraso kwihuta. nk'itabi. Kunywa itabi bitera umuntu kugira inyota yo kunywa inzoga. 14

Umwotsi w'Itabi Ugirira Nabi Abagore n'Abana

Abagore n'abana bagirirwa nabi no guhumeka umwuka wabojejwe n'urujigo, ikigoma, cyangwa umwuka mubi w'umunywi w'itabi. Abahora bameze batyo bazajya barwaragurika. 15

Umubiri w'uruhinja wuzurwamo n'ubumara iyo ahumetse yiyinjizamo umwuka unuka nabi w' uburozi bw'itabi, uvuye mu bihaha no mu twenge tw'uruhu by'undi muntu. Igihe ubwo burozi bukora mu mubiri w'uruhinja buhoro buhoro, bigatera ubwonko, n'umutima, n

umwijima n’ibihaha kurwara, bikagabanuka kandi bigasaza buhoro buhoro, ku bandi bugira imbaraga rwose, bukabatera kwikanga, ibicuri, ibinya no gupfa amarabira. Igihe cyose imbata y' itabi ihumetse ivana umwuka mu bihaha, uwo mwuka uroga aho ari hose. 16

Ingeso mbi zica ubuzima aba kera bakoraga zihemukira abana n’urubyiruko bo muri iki gihe. Ubwenge budafite imbaraga, umubiri utite intege nke, imitsi yumva idakora neza, n’ibindi bidasanzwe ku mubiri bikomoka ku babyeyi nk’umurage. Kandi bene izo ngeso, iyo abana bakomeje kuzigira zongera kandi zigatera ingaruka mbi. 17

Icyayi n ’Ikawa Ntibitunga Umubiri

Icyayi gikora umurimo wo gukangura umubiri, kandi ku rugero runaka, Kirasindisha. Umurimo w’ikawa n’uw’ibindi binyobwa bikundwa n'abantu bose ni kimwe. Ikintu cya mbere ikawa ikora ni ugutera umutima kunezerwa. Imitsi yumva y’igifu irashyuha; ibyo bitera ubwonko kurakara, bigatera umutima kurushaho kongera gukora kwawo, bigatera n imbaraga z’akanya gato mu mubiri. Umunaniro uribagirana, kandi ibyo umuntu yibwira bikarushaho kugaragara ko ari ukuri.

Kubw’ibyo bintu icyayi n’ikawa bitera umubiri, abantu benshi batekereza yuko bibagirira neza cyane. Ariko iryo ni ifuti. Icyayi n’ikawa ntibitunga umubiri. Imbaraga zabyo zigaragara mbere y’uko bikwira mu mubiri, kandi igisa n’ imbaraga umuntu yumva agize ni ubushyuhe bitera imitsi yumva. Igihe iyo mbaraga y’ibishuka umubiri ishize, imbaraga kamere umuntu agomba kugira iragabanuka maze amaherezo hakaba guhondobera no gucika intege.

Gukomeza kunwa ibyo bintu bishyushya imitsi yumva bikurikirwa no kumeneka umutwe, kubura ibitotsi, gutera vuba vuba kw’umutima, kugubwa nabi, gususumira, n'ibindi bibi byinshi: kuko bigabanura imbaraga y’ubugingo. Imitsi yumva niba inaniwe, ikwiriye kuruhuka no kuguma hamwe ku kigwi cyo gushyushywa no gukoreshwa birenze urugero. 18

Bamwe baracogoye maze bakururwa n’icyayi n'ikawa. Abica amategeko agenga ubuzima buzira umuze bazajijwa maze bice amategeko y’Imana.19

Kunywa Imiti

Ingeso y ubaka urufatiro rw' indwara ny inshi cyane ndetse igatera n'ibibi byinshi bikomeye, ni iyo gukoresha uko ushatse imiti y'uburozi. Abantu benshi igihe bafashwe n'indwara ntibaruha bashakashaka intandaro y'indwara yabo. Icyo bashishikarira cyane ni ukwikiza uburibwe no kugubwa nabi.

Benshi kubwo gukoresha imiti y'uburozi, bizanira indwara zirambye, kandi benshi barapfa nyamara bari gukizwa no gukoresha uburyo bwa kamere bwo kuvurwa. Uburozi buba mu bintu byinshi byitwa imiti burema ingeso n'irari birimbura ubugingo n'umubiri. Imiti myinshi ya magendu abantu bakunda yitwa imiti itanga imbaraga, ndetse n' imiti itangwa n'abavuzi, ikora umurimo wo kubaka urufatiro rw'ingeso yo kunywa inzoga, ingeso yo kunwa ipiyumu (umuti woroshya uburibwe), ingeso yo gukunda morufme (umuti utera ibitotsi); iyo miti ku bantu ni umuvumo uteye ubwoba. 20

Kuvuza imiti, nk'uko ari ingeso ikorwa hose, ni umuvumo. Mujye mwimenyereza kudakoresha imiti. Mujye muyikoresha buke, maze mujye murushaho gukurikiza uburyo bwo kwitungira amagara ni bwo kamere izumvira abavuzi b'Imana ari bo, umwuka mwiza, amazi meza, imyitozo ikwiriye, kugira umutima uhana uboneye. Abagumya gukoresha icyayi n'ikawa n'inyama bazajya biyumvamo ko bakeneye kunywa imiti, ariko abantu benshi babasha gukira indwara badakoresheje isaro rimwe ry'umuti, iyaba babashaga kumvira amategeko yo kwitungira amagara. Imiti ikwiriye kunyobwa ibihe bike. 21

Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi Ni Icyitegererezo cy'Abatuye Isi

Twebwe tuvuga ko turi abagorozi, abatwaramucyo mu isi, abarinzi bakiranuka b'Imana, bareba mu nzira zose aho Satani abasha kunyuza ibishuko bye kugira ngo abantu bararikire kurya ibidakwiye. Urugero dutanga rukwiye kuba imbaraga ishyigikiye ubugorozi. Dukwiriye kureka umugenzo wose ugabanya imbaraga z'umutima uhana cyangwa utera umuntu kwemera gushukwa. Ntidukwiriye kugira umuryango dukingura ubasha kwinjiza Satani mu bwenge bw'umuntu umwe waremwe ku ishusho y'Imana. 22

Inzira imwe gusa yo kuboneramo amahoro ni ukudakora kudasogongera, kudafata, icyayi, ikawa, vino, itabi, opiyumu n’inzoga. Uko abantu bo muri iki gihe bakeneye gusaba ubufasha bw’imbaraga y’ubushake, babitewemo inkunga n’ubuntu bw’Imana kugira ngo babashe kurwanya ibishuko bya Satani n’irari uko ryaba ari rito kose, bikubye inshuro ibyeri uko byari bimeze ku bantu ba kera. Ariko abo muri iki gihe batite intege nke zo kwitegeka ugereranije n’abo bakera. Abamenyereje irari ryabo ibyo bitera umubiri n’amaraso gukora vuba bamaze kwanduza abana babo iryo rari ribi no kwifuza, none bakeneye kurwanya kutirinda kw’uburyo bwose. Inzira nsa yo gukurikira irimo amahoro asesuye ni uguhagarara ushikamye mu ruhande rwo kwirinda no kudahangara guca mu nzira irimo akaga.

Iyaba inama nziza za gikristo zatangwaga ku byerekeye kwirinda muri byose, babashije, batanze urugero, bahereye ku meza yabo, gufasha abafite intege nke mu byo kwitegeka, bari hafi gutsindwa n’irari. Iyaba twabashaga kumenya yuko ingeso tugira muri ubu bugingo zifite icyo zizatwara ibyo tugamije mu bugingo buhoraho, kandi ko ubugingo buhoraho tugamije bugengwa n’amatwara akomeye yo kwirinda, twashishikariye cyane kwirinda bikomeye mu kurya no mu kunywa. Dushobora kuba inzira yo gukiza benshi guhenebera ko kutirinda, ibibi bikomeye, n’urupfu, tubakirishije urugero rwiza n’umwete wacu. Bashiki baca bashobora gukora byinshi mu murimo ukomeye wo guhesha abandi agakiza bashyira ku meza ibyokurya bitanga ubuzima kandi bikuza umubiri. Bashobora gukoresha igihe cyabo cy’agaciro’kenshi bigisha abana babo kutararikira ibyo kurya n'ibyo kunywa bidakwiriye, bakabatoza ingeso zo kwirinda muri byose. bakabashishikariza kwiyanga no kugira ubuntu kugira ngo abandi babonereho umugisha. 23

(1) 2T 347; (2) 3T 50,51; (3) Te 13, 14; (4) Te 12; (5) Ev. 529; (6) GW 386; (7) MH 330-333 ; (8) 3T 561; (9) Te 24; (10) MH 114; (11) Te 34,38; (12) MH 327-329; (13) Te 56,57; (14) 3T 488-488; (15) 5T 440; (16) Te 58,59; (17) MH 328; (18) MH 327; (19) Te 80; (20) MH 126, 127; (21) CH 261; (22) 5T 360; (23) 3T 488,489.

IGICE CYA 17

Kubonera kw'Umutima n'Imibereho

Imana yaguhaye aho kuba ukwiriye kwitaho no kurinda neza nk'uko bishobotse kugira ngo uyikorere kandi ihabwe ikuzo. Imibiri mufite si iyanyu ngo mwigenge. Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera? "Ntimuzi yuko muri urusengero rw'Imana, kandi ko Umwuka w'Imana aba muri mwe? Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba kuko urusengero rw'Imana ari urwera kandi urwo rusengero ni mwe." 1

Muri iki gihe cy'ibibi, umwanzi wacu Satani azerera nk'intarr yivuga, ashaka uwo aconshomera, ndabona nkwiriye kurangurura ij'vi ryanjye nkaburira abantu. "Mube maso musenge, mutajya mu moshya" Mariko 14:38. Hariho benshi bafite ubwenge bwinshi bakabwegurira Satani kubumukoreshcreza mu bibi. Ni buryo ki naburira abantu bavuga yuko bavuye mu isi kandi baretse imirimo yayo y'umwijima? Naburira iki abantu Imana yagize ibigega by'amategeko yayo, ariko bakaba bameze nk'igiti cy'umutini kibona kigaragaza neza amashami yacyo ashishe, imbere y'Ishobora byose, ariko kandi nticyere imbuto zishimishije Imana? Benshi bo muri bo bagira ibitekerezo byanduye, ubwenge bwanduye, ibyifuzo bidatunganye, n'iruba ribi. Imana yanga imbuto zeze kuri bene icyo giti. Abamarayika baboneye kandi bera barebana izo ngeso urwango rukomeye, Satani we akazivugiriza impundu. Yemwe, icyampa ngo abagabo n'abagore bazirikane inyungu bazabona ituruka ku kwica amategeko y'Imana! Gucumura ku buryo bwose ni ugukoza Imana isoni kandi ni umuvumo ku muntu. Uko ni ko dukwiriye kuzirikana gucumura uko kwaba gusigirijwe kose, n'uwacumura uwo ari we wese. 2

Abafite imitima iboneye ni bo bazabona Imana. Ibitekerezo bibi byose bihumanya ubugingo, bikagabanura ubwenge bwo gukora ibyiza, kandi bikerekeza ku kwirukana Umwuka Wera. Byijimisha ubwenge bw'iby'umwuka, kugira ngo abantu batabasha kureba Imana. Uwiteka ashobora kandi ababarira umunyabyaha wihana; ariko nubwo aba ababariwe, ubugingo bwe buba bugiyeho ibizinga. Kutabonera kose

kw’imvugo cyangwa ukw’ibitekerezo gukwiriye guhungwa n’ubasha kugenura neza ukuri kw’iby'umwuka. 3

Bamwe bazemera yuko kwishimira icyaha cyo kwinezeza ari bibi, ariko kandi bazikirisha kuvuga yuko batabasha kunesha irari ryabo, Kwemera ibyo biteye ubwoba rwose ku muntu wese uvuga izina rya Kristo. “Umuntu wese uvuga izina ry’Uwiteka ave mu bidatunganye. 2 Timoteo 2:19. Ni kuki ibyo bigaragaza intege nke? Ni uko amatwara ya kinyamaswa, kubera akamenyero, yagize imbaraga kugeza ubwo yarutishijwe ububasha bukomoka mu ijuru. Abagabo n'abagore ntibagira umurongo bagenderaho. Barapfa mu by’umwuka kuko bamaze igihe kirekire cyane bashyira imbere irari ryabo rya kamere bigatuma ububasha bwabo bwo kwitegeka busa n’ububuze. Kwifuza kubi kwa kamere yabo ni ko kwabatwaye, maze icyari gikwiriye kuba imbaraga itegeka kiba ari cyo gihinduka imbata y'irari ry'ibibi. Ubugingo buba infungwa y ububata bubi cyane. Kunezeza umubiri byakuyeho ubushake bwo kuba intunagane kandi bikoma mu nkokora gukura mu by’umwuka. 4

Ntimugahumanye Urusengero rw’Imana

Umurimo wa Satani w’ingenzi mur'iyi minsi y’imperuka ni ukwigarurira ubwenge bw’abasore, no konona intekerezo no kubyutsa iruba; kuko azi yuko nibakora batyo ari bwo azabatera gukora ibibi, kandi ni muri ubwo buryo ubwenge bwo gukora ibyiza buzata agaciro bugahinduka ubwo gukora ibibi, maze akabasha kubategeka ibihwanye n’imigambi ye. 5

Umutima wanjye uterwa agahinda n’abasore babyiruka muri iki gihe kibi. Mpindishwa umushyitsi n’ababyeyi babo na bo; kuko neretswe yuko, muri rusange. badasobanukirwa n’inshingano yabo yo kwigisha abana babo inzira bakwiriye kunyuramo. Bashakira inama ku migenzo n’ibigezweho, maze abana bakabiyoboka vuba, bagatwarwa na byo, bakononekara; naho ababyeyi babo, babatetesha baguye ibinya, barasinziriye ntibareba akaga bafite. Ariko abasore bakeya cyane ni bo batabasha gutwarwa n’ ingeso mbi. Bemererwa kutagira imirimo y’amaboko bakora cyane bitewe no gutinya yuko bakora birenze urugero. Ababyeyi ubwabo bikorera imitwaro abana babo bari bakwiriye kwikorera.

Gukora birenze urugero ni bibi, ariko amaherezo y’ubunebwe ni yo arushijeho gutera ubwoba. Ubunebwe butera kugira ingeso mbi. Imirimo ntinaniza ngo icogoze umugabane ungana na kimwe cya gatanu cy’ibyangizwa n’akamenyero ko kutifata uko bikwiye. Niba imirimo yoroshye, yateguwe neza, inaniza abana bawe, mumenye neza babyeyi yuko hariho ikintu iruhande bakora kinaniza umubiri wabo kikazana kwiyumvamo guhora bananiwe. Mujye muha abana banyu imirimo y’amaboko, ibasha gutuma imitsi yumva n’imihore bikora. Ukunanirwa guterwa no gukora imirimo nk’iyo kuzagabanura kwifuza gukora iby’ingeso mbi. 6

Mujye mwirinda gusoma ibitabo no kureba ibintu bitera ibitekerezo bibi. Mujye mwimenyereza ibyabazanira ubwenge n’imbaraga zo gukora ibyiza. 7

Imana ntibasaba kugenga ibitekerezo byanyu gusa, ahubwo mukwiriye kugenga no kwifuza kwanyu n’urukundo rwanyu. Agakiza kanyu kazaturuka ku buryo mwitegeka muri ibyo bintu. Kwifuza n’urukundo ni byo bintu bifite ububasha. Iyo bikoreshejwe nabi, iyo bikoreshejwe imigambi mibi, iyo bidashyizwe ahabyo, bigira imbaraga yo kukuzanira kurimbuka, bikagusiga mu kurimbuka kubi cyane, utagifite Imana n’ibyiringiro.

Iyo ugize intekerezo z’amanjwe, ukemerera ubwenge bwawe gutekereza ibibi. imbere y’Imana uba umunyacyaha nk’aho ibyo watekereje wabishyize mu bikorwa. Igikoma mu nkokora ukwo kwifuza cyonyine ni ukubura umwanya. Kurota Inzozi za ku manywa na nijoro no kwibwira ibidashoboka ni imico itera akaga cyane. Iyo umuntu yamaze kugira imico nk’iyo birakomeye cyane kuyireka ngo yerekeze ibitekerezo bye ku bintu bitunganye, bikomoka mu ijuru. Bizaba ngombwa ko uba umurinzi ukiranuka w’amaso yawe, n’amatwi, n'ubwenge bwawe bwose kugira ngo ibitekerezo byimfabusa kandi bibi bidahumanya ubugingo bwawe. Imbaraga y’ubuntu bw’Imana ni yo yonyine ishobora kuzuza uwo murimo ukenewe cyane. 8

Kwiga birenze urugero bitera amaraso kwiyongera ava mu bwonko, bigatera umuntu kwikanga afite ubwoba na byo bikagabanura imbaraga yo kwitegeka, kandi kenshi cyane bitera imbaraga yo kwifuza no kurarikira. Uko ni ko urugi rukingurirwa ibibi. Gukoresha nabi

cyangwa kudakoresha imbaraga y’umubiri ni byo bizana kononekara cyane kuzuye mu isi. “Ubwibone, umurengwe. n’ubunebwe bwinshi; ni abanzi bakoma munkokora amajyambere y’abantu mu b’iki gihe nk'uko byateye i Sodomu kurimbuka. 9

Kurarikira ibitagira agaciro bizatuma abantu benshi bahunza amaso yabo wa mucyo, kuko bafite ubwoba bw’uko bazabona ibyaha badashaka kureka. Bose bashobora kureba babishatse. Nibahitamo umwijima bakawurutisha umucyo, ibyaha byabo bizarushaho kuba bibi cyane. 10

Urupfu mbere yo gukorwa n’isoni cyangwa kwica amategeko y’Imana nibyo bikwiriye kuzirikanwa n'Umukristo wese. Twebwe abavuga ko turi abagorozi, tukaba tuzi agaciro gakomeye cyane k'ukuri kw’ijambo ry'Imana, ukuri kweza ibyaha, dukwiriye kwivugurura tukazamuka mu ntera y’ubukristo kuruta uko tumeze ubu. Icyaha n'abanyabyaha bo mu itorero bikwiriye guhagurukirwa ubu, kugira ngo abandi batandura. Ukuri no gutungana bishaka yuko dukora umurimo neza wo kweza aho ducumbitse tugakuramo ba Akani. Abafite imyanya y’ubuyobozi ntibakwiriye kwihanganira ko mwene data aguma mu cyaha. Mujye mumwereka yuko akwiriye kuzibukira ibyaha bye cyangwa agahabwa umugayo n’itorcro. 11

Abasore bashobora kigira amahame bagenderaho kandi bakayashikamamo cyane ku buryo ibishuko bikomeye cyane bya Satani bitabasha kubakura ku Mwami wabo. Samweli yari umwana wabaye mu bimushuka bikomeye cyane. Yabonye kandi yumvise ibintu bitera umutima we agahinda. Abana ba Eli, bari bafite inshingano y’ibyera. bayoborwaga na Satani. Abo bantu batumye aho bari bari hose handura. Abagabo n’abagore bahoraga bareshywa buri munsi n’ibyaha n' ibibi. ariko Samweli we yagendaga adafite inenge. Ibishura bye, ariyo mico ye, ntibyagiraga ikizinga. Ntiyifatanije cyangwa ngo yishimire na gato ibyaha byateraga ingaruka ziteye ubwoba muri Isirayeli yose. Samweli yakundaga Imana; Yasabanishije umutima we cyane n’abo mu ijuru bituma abamarayika batumwa kuvugana nawe ibyerekeye ibyaha by’abana ba Eli, byahumanyaga Isirayeli. 12

Amaherezo y'Ingeso Zanduye

Bamwe biyamamaza cyane ntibasobanukirwa n'icyaha cye gukora ibibagirira nabi n'amaherezo yacyo atazabura kubaho. Ingeso yababayemo akarande yahumye ubwenge bwabo. Ntibamenya ububi burengeje urugero bw'icyaha cyabo, kizonga umubiri kandi kikonona Imbaraga y'ubwonko bwabo. Ingeso nziza zigira intege nke rwose igihe zirwanya ingeso yashoye umuzi. Ubutumwa bw'Imana buvuye mu ijuru ntibubasha kwinjirana imbaraga mu mutima utari mu gihome kiwukingira iryo rari ritesha agaciro. Imitsi yumva y'ubwonko ijyana amakuru mu mubiri wose yabuze imbaraga zayo bitewe no kuyishiturira irari ryifuza kunezeza umubiri mu buryo butari ubw'Imana yateganije. 13

Ingeso zanduye zakoze ibibi biruta ibindi byose bitera abantu kononekara. Birakorwa bikarenza urugero kugeza aho bitera ubwoba cyane maze bigatera indwara hafi z'uburyo bwose.

Nk'uko bisanzwe, ababyeyi ntibarekereza ko abana babo hari icyo bazi cyerekeye icyo kibi. Kenshi cyane ababyeyi ni bo banyabyaha rwose. Bakoresheje nabi amahirwe bahabwa n'uko bashakanye, maze kubwo kwinezeza bongera imbaraga iruba rya kinyamaswa. Kandi ubwo iryo ruba ryongewe imbaraga. ububasha bwo gukora ibyiza bwaracogoye. Iby'umwuka byasimbujwe ibya kamere. Abana bavuka baramaze kugira kwifuza kwa kinyamaswa cyane. ikimenyetso cy'ingeso z'ababyeyi babo baramaze kugihabwa. Abana babyarwa n'abo babyeyi ntibazabura rwose kwandura izo ngeso ziteye icyangiro z'ibibi bikorerwa mu rwihisho. Ibyaha by'ababyeyi bizaboneka ku bana babo kuko abo babyeyi babahaye ikimenyetso cy'iruba ryabo.

Abamaze gushinga imizi rwose muri icyo cyaha kirimbura ubugingo n'umubiri ntibashobora kuruhuka kugeza ubwo umutwaro wabo w'ibibi byo mu rwihisho bawufatanya n'abo buzura. Bagira amatsiko vuba, maze ubwenge bwo kumenya ubusambanyi bugahererekanywa mu basore, bugahererekanwa mu bana, kugeza ubwo utabasha kubona n'umwe utarakoze icyo cyaha gikojeje isoni .14

Ni ukuri gukora ingeso mbi rwihishwa byonona imbaraga y'umubiri. Imirimo yose idakwiriye ikoreshwa imbaraga y'ubugingo izajya ikurikirwa n'uko gucika intege. Mu basore, ubwonko ari bwo

butegeka ubugingo, buremerezwa cyane hakiri kare, bigatuma bonda kandi bagira intege nkeya cyane, na byo bigatera umubiri kujya mu kaga ko gufatwa n'indwara z'amako yose.

Iyo iyo ngeso ikomeje gukorwa uhereye ku myaka cumi n'itanu y'ubukuru kuzamura, kamere ya kimuntu yivumburira uko yababajwe kandi igikomeza kubabazwa, maze bigatuma umuntu ahanirwa ko yishe amategeko yayo, cyane cyane uhereye mu gihe cyimyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo ine n'itanu y'ubukuru; umuntu ahanishwa kugira uburibwe ahantu henshi mu mubiri n'indwara zitari zimwe, nk'indwara y'umwijima n'ibihaha, kurwara imitsi yumva (cyane cyane mu mutwe), rubagimpande, kurwara mu ruti rw'umugongo, kurwara impyiko, no guhora umuntu yijimye. Imigabane imwe myiza Imana yaremeye gukora ibyo umuntu akeneye irananirwa, igasiga inshingano ziremerereye imigabane ikiri mizima ngo izitunganye; ibyo binyuranya na gahunda isanzwe Imana yateganije; ubwo kenshi mu buryo butunguranye, habaho kunanirwa kw'umubiri muri rusarige maze ingaruka ikaba urupfu.

Kwica ubugingo bw'umuntu mu kamwanya si icyaha gikomeye imbere y' Imana kuruta kuburimbura buhoro buhoro amaherezo bugapfa. Abantu bitera kumungwa buhoro buhoro kugeza ubwo barimbukiye bakora ibidakwiriye, bazabihanirwa hano mu isi, kandi ni batihana bamaramaje, ntibazakundirwa kujya mu ijuru mu gihe kizaza ngo babe banatanga uwishe ubugingo mu kanya gato. Ubushake bw'Imana ni bwo bushyiraho isano hagati y'impamvu ikintu gikorwa n'ingaruka z'icyakozwe.

Ntituvuga yuko abasore bose bafite intege nkeya ari bo bafite ingeso mbi. Hariho abafite ibitekerezo bitunganye kandi bagira umwete wo gukora ibyiza bababazwa n'impamvu z'ibikorwa runaka batagenga.

Ibyaha bikorwa mu rwiherero birimbura ibyemezo bishobora gufatwa ku rwego ruhanitse, birimbura umwete, kandi birimbura imbaraga y'ubushake buhindura umuntu akaba umukristo mwiza. Abafite ubwenge nyakuri bose bwo kumenya iby'umukristo agomba kubahiriza bazi yuko abayoboke ba Kristo bafite inshingano, nk'abigishwa be. yo kumwegurira ubushake bwabo, imbaraga z'umubiri n'izubwenge akabikoresha nk'uko ubushake bwe buri. Abategekwa no kwifuza kwabo ntibashobora kuba abayoboke ba Kristo. Bitangiye cyane gukorera

shebuja, ari we nkomoko y'ibibi byose, bananirwa kureka ingeso zabo zononekaye ngo bahitemo gukorera Kristo. 15

Igihe abasore bahitamo ibibi bagifite umutima woroshye, ntabwo bazabona imbaraga yo gukuza rwose kandi neza umubiri, ubwenge n'imico myiza. 16.

Ibyiringiro by'abakora iby'ingeso mbi ni ukuzireka iteka ryose nibazirikana agaciro k'umuze muke wo muri iyi si n'ak'agakiza mu isi izaza. *Izo ngeso nizikomezwa igihe kirekire, bizagomba umwete ukomeye wo kurwanya ibishuko no kwanga gukora ibibi.* 17

Ubuhungiro butagira amakemwa abana bacu bakwihishamo ibikorwa bibi byose ni ugushaka uburyo bakwemererwa kwinjira mu mukumbi wa Kristo no kuragirwa n'umwungeri ukiranuka kandi w'ukuri. Azabakiza ikibi cyose, nibumvira ijwi rye. Aravuga ati "Intama zanjye zumvira ijwi ryanjye, … zikankurikira." Muri Kristo ni ho zizabonera urwuri, zihabwe imbaraga n'ibyiringiro, kandi ntizizarushywa no kwifuza ibiyobyabwenge no kunezeza umutima bitarimo ituze. Zabonye imaragarita y'igiciro gikomeye, maze umutima uguma hamwe. Icyo zishimirani ingeso ziboneye, z'amahoro, z'icyubahiro, zo mu ijuru. Ntizisigaza ibitekerezo bibabaza, nta kwicuza. Bene uwo munezero ntiwonza amagara cyangwa ngo ugabanure ubwenge, ahubwo ni uwa kamere y'umuze muke.18

(1) 2T 352,352; (2) 5T 146; (3) DA 302; (4) 2T 348; (5) CG 440; (6) 2T 348,349; (7) 2T 410; 98) 2T 5611 (9) Ed 209; (1) 2T 352; (11) 5T 147; (12) 31 472-474; (13) 2T 347; (14) 2T 391,392 (15) CG 444,446; (16) 2T 351; (17) CG 466; (18) CG 467.

INAMA ZIGIRWA ITORERO

IGITABO CYA 2

URUGO RWA GIKRISTO

Byatoranijwe mu byanditswe na

ELLEN G. WHITE

Itorero ry'Abadventisti

B'Umunsi wa Karindwi

mu Rwanda

B.P. 367 Kigali

IGICECYA 18

KURAMBAGIZA UWO MUZUBAKANA URUGO

Gushyingirwa ni byo bibasha kureshya no guhindura ubugingo bwanyu muri iyi si no mu isi izaza. Umukristo nyakuri ntazerekeza imigambi ye muri ibyo, ataramenya yuko Imana ibyemeye. Ntazabasha kuba ari we wihitiramo, ahubwo aziyumvamo yuko Imana ari yo ikwiriye kumuhitiramo. Ntidukwiriye kwinezeza ubwacu, kuko Kristo atinezezaga ubwe. Ntawanyemera mvuze yuko umuntu uwo ari we wese akwiriye gushyingirwa uwo adakunda. Ibyo byaba ari icyaha. Ariko kugira ingeso yo gupfa gutekereza no gushaka kwinezeza mu buryo bworoshye ntibikwiriye, kuko bijyana umuntu ku kurimbuka. Imana ishaka umutima wose, n'urukundo rusesuye.

Abagamije gushyingirwa bakwiriye kuzirikana ingeso n'imimerere y'urugo bagiye gushinga. Ubwo bazamara guhinduka ababyeyi, bazagirwaho ibyiringiro bikomeye. Kuri bo ni ho hazaturuka urugero rukomeye rw'imibereho y'abana babo muri iyi si, n'umunezero wabo mu isi izaza. Ingeso z'iby'umubiri miby'umwuka abana bazagira zituruka cyane cyane ku ngeso z'ababyeyi. Kandi ingeso zo mu rugo ni zo zerekana uko iz'igihugu zizamera; uburemere bwo kureshya kw'ingeso z'urugo ni bwo buzatuma umunzani ujya hejuru cyangwa hasi.

Abasore b'abakristo bakwiriye kwitonda cyane mu byo gukundana no guhitamo bagenzi babo. Mwirinde, kugira ngo ibyo mutekereza ubu ko ari izahabu nziza bitaba inkamba. Incuti z'isi zishaka gushyira ibibazitira mu nzira yo gukorera Imana kwanyu, kandi abantu benshi barimburwa n'umubano uteye agahinda, ari uw'umurimo bakora cyangwa abagore bafite, batahwituwe cyangwa batarezwe neza.

Pima icyo ureba cyose, witegereze amajyambere yose y'ingeso z'uwo ugambiriye gufatanywa na we mu bugingo bwawe. Iyi ntambwe ugiye gutera ni imwe yo mu zikomeye cyane mu bugingo bwawe, kandi ntikwiriye guteranwa ubwira. Naho wakunda, ntugakunde utabanje gutekereza.

Suzuma witonze, urebe yuko numara gushyingirwa uzagira umunezero cyangwa uzamererwa nabi ukaba umutindi. "Mbese uku

gufatanywa kuzamfasha ngere mu ijuru? Kandi kuzagwiza umurimo wanjye ngire umumaro muri ubu bugingo?" Niba utekereje ibyo ugasanga bitazagusubiza inyuma, noneho ukomeze umugambi wawe wubashye Imana.

Guhitamo umufasha muzabana iteka gukwiriye kuba ukuzana imibereho myiza y'umubiri, iy' ubwenge, n'iy'ibyumwuka ku babyeyi no ku bana babo, kukazabashisha ababyeyi n'abana guhesha umugisha bagenzi babo no kubaha Umuremyi wabo.

Ingeso Zikwiriye Kuranga Umugore Uzashaka

Umusore nashake uwo kumuhagarara iruhande ubasha kumufasha imitwaro yo mu bugingo, ufite kureshya kuzamwongerera ubupfura n'ubutungane, kandi uzamunezeresha rukundo rwe. "Umugore witonda umahabwa n'Uwiteka." "Umutima w'umugabo we uhora umwiringira. Ahora amugirira neza, ntabwo amugirira nabi, igihe cyose akiriho. Abumbuza akanwa ke ubwenge; Kandi itegeko ry'ururimi rwe riva ku rukundo. Amenya neza imico yo mu rugo rwe; Kandi ntabwo arya ibyokurya by'ubute. Abana barahaguruka bakamwita Nyiramugisha; n'umugabo we nawe aramushima," ati "Abagore benshi bagenza neza; Ariko weho urabarusha bose." Ubonye bene uwo mugore, aba abonye ikintu cyiza, akaba agize umugisha ahawe n'Uwiteka.

Ngibi ibintu bikwiriye kuzirikanwa: Mbese uwo ushyingiwe azazana umunezero mu rugo? Mbese arazigama, cyangwa namara gushyingirwa azaya ibyo yungutse byose, atange ibyawe byose kubwo kwinezeza mu bitagira umumaro, no kwikunda ku buranga? Mbese ingeso ze ziratunganye muri ibyo? Hari ikintu yishingikirijeho? ...Nzi yuko ubwenge bw'umugabo nibumara kujijishwa n'urukundo n'ibitekerezo byo gushyingirwa, ibi bibazo bizamushiramo bise naho bitagize icyo bimaze. Ariko ibi bintu bikwiriye kuzirikanwa neza, kuko bifite icyo bizakumarira mu bugingo bwawe buri imbere.

Mu gihe uhitamo umugore, wige ingeso ze. Mbese aho azaba umuntu wihangana kandi w'umunyamuhati? Aho ntazagirira nyoko na so ibambe rike mu gihe bazaba bakeneye umuhungu ufite imbaraga wo kubunganira? Mbese ntazamuganza akamuca kuri bene wabo ari ugushaka ko akurikiza inama ze no kumukundwakaza maze akareka se na

nyina, nk'aho babonye umukobwa ubakunda ahubwo bakazimiza n'umuhungu wabo?

Ingeso Zikwiriye Kuranga Umugabo Uzashaka

Umugore wese, mu gihe atarafatana n'umugabo mu biganza, akwiriye kubaza yuko umugabo ugiye kuzafatannywa nawe mu minsi y'ukubahokweari mwiza. Ibimuvugwahoyakozemugihecyashizeni ibiki? Mbese urukundo agaragaza rushingiye ku mico yanga umugayo cyangwa rushigiye ku gusamara gusa? Agira imico izatuma umugore we anezerwa? Mbese umugore abasha kubona amahoro nyamahoro n'umunezero mu rukundo amukunda? Mbese azemererwa kuba umuntu witekerereza ku giti cye cyangwa ubwenge bwe n'umutima uhana bizagengwa n'umugabo we? Mbese uwo mugore ashobora kwita ku byo Umukiza ashaka maze akaba ari byo arutisha ibindi? Mbese umubiri n'umutima, intekerezo n'imigambi, bizarindwa bibonere kandi bibe ibyera? Ibi bibazo bifite icyo bizamara cy' ingirakamaro cyane mu byerekeye imibereho myiza y'umugore wese ugiye mu byo gushyingirwa.

Umugore wifuza urugo rw'amahoro n'ibyishimo, rutarangwamo ubutindi n'umubabaro, abaririza mbere y'igihe ati: "Mbese uwo mukunzi wanjye afite nyina? Ingeso za nyina ni ngeso ki? Mbese azi inshingano amufiteho? Yitaye ku byo yifuza no ku bimunezeza? Nibaatumbira kandi ntiyubahe nyina azagaragaza icyubahiro n'urukundo, ineza n'ubwuzu ku mugore we? Igihe agahararo ko gushyingirwa kazaba gashize azakomeza ankunde? Mbese azajya yihanganira amafuti yanjye, cyangwa se azajya ampoza ku rutoto no kumpatira ku mategeko ye? Urukundo rutuma umuntu yirengagiza amafuti menshi; urukundo ntirwita ku mafuti.

Kwemera Ingeso Ziboneye

Umwari akwiriye kwemera mugenzi we bazabana iteka, ufite ingeso zitunganye za kigabo, umugabo w'umunyamwete kandi wiringirwa, ukunda Imana kandi akayubaha. Witandukanye n'umunyagasuzuguro; witandukanye n'ukunda kunebwa; witai kanye n'ukerensa ibintu byera. Wirinde kubana n'ukunda kuvuga ibibi, cyangwa uwamenyereye kunywa nubwo cyaba ari ikirahuri kimwe cy'inzoga. Ntukumve inama z'umuntu udasohoza inshingano Imana

yamuhaye. Ukuri gutunganye kweza umutima ni ko kuzagutera ubutwari bwo kureka uwamenyereye kwinezeza cyane, uwo uzi yuko adakunda Imana kandi atayubaha, ntagire icyo amenya cy'ingeso zo gukiranuka k'ukuri. Iteka ryose dushobora kwihanganira intege nke z'incuti n'ubujiji bwayo, ariko ntabwo twakwihanganira ububi bwayo.

Urukundo Ni Impano Nziza Ituruka Kuri Yesu

Urukundo ni impano nziza duhabwa na Yesu. Ubugwaneza butunganye kandi bwera si icyo wiyumvamo, ahubwo ni ingeso. Abayoborwa n'urukundo nyakuri ntabwo baba abanyabwenge buke cyangwa impumyi. Urukundo nyakuri, rwiza, rukiranutse, rutunganye niruke rwose. Icyo kintu cyiza cyane ni ingume pe. Agahararo ni ingirwarukundo.

Urukundo nyakuri ni ingeso iruta izindi kandi yera, iciye ukubiri rwose n'iyo urukundo rubyukijwe n'irari rije gitumo, kandi rugapfa mu kanya gato iyo rugeragejwe cyane. Urukundo ni imbuto ikura yo mu ijuru, kandi rukwiriye kurerwa no kugaburirwa. Ingeso z'ubugwaneza, z'ukuri, amagambo aturutse mu mutima w'urukundo, bizatera ab'urugo umunezero, bizareshya abantu bose baza aho uko kureshya kwabo kuri.

Urukundo rutunganye ni rwo rushyira Imana mu migambi yarwo yose, kandi rugafatanya neza n'Umwuka w'Imana, ariko urukundo rw'agahararo ntiruhanwa, rurahubuka, ntirushyira mu gaciro, ntirukomwa imbere, icyo rwikundiye rukigira ikigirwamana cyarwo. Mu ngeso zose z'umuntu ufite urukundo nyakuri, hazabonekamo ubuntu bw'Imana. Ituza, ubupfura, gukiranuka, kuba intungane, no kubaha Imana, bizagaragaza intambwe yose yerekeza ku gushyingirwa. Abayoborwa n'izo ngeso ntibazahugira mu mushyikirano wo kubavutsa iteraniro ryo gusenga no gukora imirimo itegetswe n'itorero. Umuhati wabo w'iby'ukuri ntuzicwa no kwirengagiza imyanya n'amahirwe Imana yabahereye ubuntu.

Rwa rukundo rudafite urufatiro rwiza ruruta kunezeza umubiri ruzaba kagarara, impumyi, n'akarenze ihaniro. Icyubahiro, ukuri, n'imbaraga zose z'ibitekerezo byiza bishyirwa mu bubata bwo kwifuza. Umugabo waboshywe n'iminyururu y'uko kubura ubwenge kenshi cyane ahora ari igipfamatwi ntiyumve ijwi ryo gutekereza n'umutima uhana;

ntabwo impaka cyangwa guhendahenda birushya bimuyobora ngo bimutere kureba ubupfapfa bw'imibereho ye.

Urukundo nyakuri si kamere ihutiraho. Ahubwo, kamere yarwo ni amahoro kandi rukaba rwinshi. Rureba hirya y'ibigaragarira amaso gusa, kandi rugakururwa n'ingeso nziza gusa. Urukundo rugira ubwenge kandi rufite ububasha bwo kurobanura, maze umugambi warwo ukaba uw'ukuri kandi ukagumaho.

Urukundo ruvanywe mu butegeka bwo kwifuza no kurarikira, rukayoborwa n'ubwenge bw'umwuka, rugaragarira mu magambo no mu mirimo. Umukristo akwiriye kugira ubugwaneza bwejejwe n'urukundo rutarimo uburahu cyangwa inabi; ubukana n'ubukaka bikwiriye koroshywa n'ubuntu bwa Kristo.

Gusenga No Kwiga Bibliya Bitera Umuntu Guhitamo Igikwiriye

Ubukwe ni umuhango wera wahanzwe n'Imana kandi ntabwo ukwiriye rwose kujyanwamo umutima wo kwikunda. Abarangamiye gutera iyo ntambwe bakwiriye gutekereza icyubahiro cyawo bibombaritse kandi basenga bashakashaka n'inamay'Imana kugira ngo bababashe kumenyayuko bakurikiye inzira bafatanijemo n'iby'Imana ishaka. Iby'ijambo ry'Imana ryigisha byerekeye ku bukwe bikwiriye kuzirikanwa byitondewe. Abo mu ijuru bishimira ubukwe butahanywe umutima wifuzanya umwete gusohoza iby'ijambo ry'Imana ryigisha.

Niba hariho ikintu icyo ari cyo cyose gikwiriye kuzirikanwa impamvu yacyo, kandi ukakigambirira udahubutse, icyo kintu ni ugushyingirwa. Niba Bibliya ari yo mujyanama ukenewe rwose, ni yo ikwiriye kubanziriza intambwe yo gufatanya abantu mu mibereho y'iteka. Igikomeye muri ibi ni uko abenshi bayoborwa n'ibitekerezo byabo, kandi akenshi indwara y'urukundo rw'agahararo ijyana abantu ku kurimbuka. Aha ni ho abasore bagaragariza ubwenge buke kuruta ku kindi kintu icyo ari cyo cyose; aha ni ho banga kugirwa inama. Igitekerezo cyo gushyingirwa gisa n'aho kibaye imbaraga ibahumisha ubwenge, ntibemere kwiyegurira Imana. Ubwenge bwabo burazigwa, maze bagakomeza gukorera mu rwihisho, nkaho bafite ubwoba yuko imigambi yabo iza kugira ikiyizitira.

Benshi bomokera mu cyambu cy’amakuba, bakennye umwerekeza ariko bannyega umufasha ukenewe cyane, bakibwira yuko bafite ubwenge buhagije bwo kuyobora inkuge yabo, maze ntibamenye yuko bagiye gusekura ku rutare ruhishwe rubasha gutuma inkuge yo kwizera n’umunezero imeneka... Keretse nibaba abigishwa b’abanyamwete ba rya jambo (Bibliya) naho ubundi bazagira amafuti akomeye, azonona umunezero wabo n’uw’abandi wo mu bugingo bwa none n’ubwo mu gihe kizaza.

Niba abasore n’inkumi basengaga kabiri ku munsi bataratekereza ibyo gushyingirwa, noneho bakwiriye gusenga kane mu munsi mbere yo gutangira iyo ntambwe. Gushyingirwa ni ikintu kizareshya ubugingo bwawe kikabuhindura, ukiri muri iyi si no mu isi izaza.

Umugabane munini w’ubukwe bwo mu gihe cyacu, n’uburyo bucyuzwa, bituma ubwo bukwe buba ikimenyetso kimwe mu bimenyetso by’iminsi y’imperuka. Abagabo n’abagore batagonda ijosi, badakurwa ku ijambo batuma Imana ititabwaho. Idini bariterera iyo nk’aho ritagize icyo rimaze muri icyo gihe cy’icyubahiro kandi gikomeye.

Inama Ituruka Ku Babyeyi Bubaha Imana

Kuki abasore n’inkumi bataba abanyabwenge, babonye amaherezo y’ubuhanya aturuka ku gushyingirwa? Kuki bakomeza kwiyumvamo yuko badakeneye inama y’umuntu mukuru n’iyabantu benshi bazi ibyo neza? Abagabo n’abagore bagaragariza mu mirimo yabo ubwigengesere bukomeye. Mu gihe bataragira ikintu gikomeye bakora, bitegura iby’iyo mirimo, igihe, imari, nuko ibyo bakabyiga bitonze cyane, kugira ngo bitazabananira bamaze kubitangira.

Mbese bakwiriye kwitonda biruseho bate mu gihe bagiye mu byo gushyingirwa kandi ari byo bizagira icyo bihindura mu bo igihe kizaza no mu bugingo buzaza? Mu kigwi cyo kugenza batyo, biterera mu byo gushyingirwa nk’abikinira, batabikomeje, babihubukiye bahumye ndetse batitonze ngo batekereze. Impamvu itera ibyo nta yindi ni Satani ukunda kureba ubutindi no kononekara mu isi, maze akazunguriza urwo rushundura. kuroba abantu. Yishimira kugira bene abo bantu batazirikana, akabavutsa umunezero wo muri iyi n’uw’iwabo mu isi izaza.

Mbese abana bakwiriye kugisha inama kwifuza kwabo gusa n'ibyo bararikiye batagiriwe inama ikwiriye n'ababyeyi babo? Bamwe basa n'aho batitaye ku nama no ku bwenge by'ababyeyi babo, cyangwa ngo bazirikane ubwenge bwabo bushyitse. Kwikunda kwamaze gukinga imiryango y'imitimayabo y'urukundo umwana akwiriye kugirana na se na nyina. Ubwenge bw'abasore bukwiriye gukangurwa muri ibyo. Itegekorya gatanu ni ryo tegeko ryonyine rukumbi ririmo isezerano, ariko rikomezwa bya nikize ndetse rikirengagizwa n'abashaka kwikundisha. Gusuzugura urukundo rwa banyina, gukoza isoni base ni ibyaha bihora byanditswe ku basore benshi.

Ifuti rimwe ryo mu mafuti akomeye cyane yerekeye kuri ibyo, ni uko abasore bataramenya iyo biva n'iyo bijya badashaka ko hari icyarogoya urukundo rwabo, ko nta gikwiriye kuruzitira. Niba hariho ikintu gikwiriye kwitonderwano kwitabwahocyane, icyo kintucyaba iki. Gufashaguturutse ku bandi, kubishyira ku munzani urebye mu mpande zombi utuje kandi witonze, birakwiriye rwose. Nyamara ibi bikorwa n'abantu benshi cyane batabanje gutekereza. Ncuti basore, nimugishe Imana n'ababyeyi banyu bubaha Imana inama. Musengere icyo mushaka gukora.

Wabaza uti: "Mbese ababyeyi bakwiriye guhitiramo umwana wabo mugenzi we batitaye ku bushake bw'uwo muhungu cyangwa umukobwa wabo?" Ndababaza ikibazo nk'uko biri. Mbese umuhungu cyangwa umukobwa akwiriye guhitamo uwo bazabana atagishije ababyeyi inama, kandi iyo ntambwe ari iyo kuzanira ababyeyi umunezero niba abo babyeyi babakunda? None se umwana n'ubwo yagirwa inama agahendahendwa n'ababyeyi be, akwiriye kugumya gukurikira ibyo yishakiye? Ndasubiza neruye nti oya; keretse niba atazashyingirwa. Itegeko rya gatanu ribuzanya bene iyo ngeso. "Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu, Uwiteka Imanayawe iguha. "Iri ni itegeko rifite isezerano Uwitekaatazabura rwose gusohoreza abubaha ababyeyi babo. Ababyeyi b'abanyabwenge ntabwo bazahitiramo abana babo abafasha batabyumvikanyemo.

Ababyeyi b'abana bakwiriye kwiyumvamo ko ari inshingano yabo kuyobora urukundo rw'abasore, kugira ngo bazahabwe bagenzi babo bakwiriye. Bakwiriye kwiyumvamo ko ari inshingano yabo kubigisha ubwabo no kubabera icyitegererezo bafashijwe n'Imana, kugira

ngo batunganye rwose ingeso z’abana bakiri bato, ngo bazabe abera n’intungane kandi bakururirwe gukora ibyiza n’iby’ukuri. Ingeso mbi zirehereza gukora ibibi; umunezero utuma abandi banezerwa. Nimureke urukundo rw’iby’ukuri no kwera n’ubwiza biterwe mu mutima hakiri kare, niho umusore n’inkumi bazashaka gufatanya n'abafite izo ngeso.

Imiburo Ibwirwa Abagamije Gushyingirwa

Abasore biringira cyane ibyo bahubukiye. Nta bwo bakwiriye kwironda, cyangwa ngo bagirwe imbata ako kanya n’uko baneshejwe n’uburanga bw’inyuma. Kubonana ko muri iki gihe kw’abashaka kuzashyingiranywa, akenshi ni inama y’uburiganya n’buryarya umwanzi w’imitima akoresha cyane abibagiza Uwiteka. Kugira ubwenge busanzwe na byo birakinewe; nyamara na bwo bufite akamaro gake muri ibi.

Ibitekerezo, n’urukundo rw’agahararo, bikwiriye kwirindwa nk’uwirinda ibibembe. Abasore n’inkumi benshi cyane bo muri iki gihe ntabwo baboneye; nicyo gituma bakwiriye kwitonda cyane. Abajyaga bagira ingeso zitunganye, nubwo bagira intege nke mu bindi, bakwiriye kutagira umugayo muri ibi. Uko kureshywa n’urukundo rw’agahararo kenshi bihura n’ubukristo bw’abasore bo muri iki gihe. Murumuna wanjye, Imana ishaka yuko uhinduka. Ndakwinginze, gira urukundo ruruseho. Wegurire Umucunguzi wawe wakuguze, ubwenge bwawe n’imbaraga zawe z’umubiri. Weze ibitekerezo byawe n’ibikurimo kugira ngo imirimo yawe yose ikorerwe mu Mana.

Abamarayika ba Satani babana na abamara igihe kirekire barambagiza n’ijoro. Iyaba amaso yabo yari ahumuwe, babashije kubona marayika wandika amagambo n'imirimo byabo. Bica amategekoy’amagara mazima n’ikinyabupfura. Byanezeza biruseho kureka amasaha yo kujya guhendahenda mbere yo gushyingirwa akazakoreshwa mu mibereho y’abashyingiranywe. Ariko ikintu rusange, ni uko ishyingirwa ari ryo riheruka urukundo rwerekaniwe mu mubano bagiranye batarashyingirwa.

Satani azi rwose ibintu akwiriye gukoresha, maze akerekana ubwenge bubi cyane mu buryo butari bumwe bwo gutega imitima y’abantu kugira ngo izarimburwe. Ahora agenzura intambwe yose iterwa, agahimba inama nyinshi, kandi kenshi izo nama ni zo zikurikizwa kuruta

inama zo mu ijambo ry’Imana. Hanyuma izo nama zirabohekanywa, maze zikaringanizwamwo urushundura rukoreshejwe ubwenge bwo gutega abasore n'abaswa. Kenshi ibyo byahinduka bigejejwe mu mucyo; ariko ababaye imbata zabyo babyirohamo bakagira imibabaro myinshi. Amaherezo, tukabona abantu babaye inkuge zamenetse ahantu hose.

Ingeso Idakwiriye

Gukinisha imitima ni icyaha kitagira uko kingana mu maso y’Imana yera. Nyamara bamwe bakunda inkumi bakanazikundisha, hanyuma bakagenda bakibagirwa amagambo bavuze yose n’amaherezo yayo. Babona undi bakamubengukwa, bakavuga amagambo ahwanye n’aya mbere, bakamugira nk’uwa mbere.

Iyo ngeso yigaragaza mu mibereho yabo bamaze gushyingirwa. Gushyingirwa konyine ntigutera ubwenge bujahagurika gushikama; ngo bukomere kandi bube ubw’ukuri mu ngeso. Barambirwa gukomeza gukiranuka, maze intekerezo zanduye zikigaragariza mu mirimo yanduye. Mbega uburyo ari ikintu cy’ingenzi yuko abasore bakenyera cyane mu bwenge kandi bakitondesha ingeso zabo kugira ngo Satani atabashuka akabavana mu nzira yo gukiranuka!

Umusore wishimira kubana no kuzura n’inkumi ababyeyi bayo batabizi, ntabwo aba ayikoreye ibikwiriye bya gikristo cyangwa abikoreye ababyeyi bayo. Mu gihe bavugana udukuru kandi bagahurira mu rwihisho, uwo musore abasha kumushuka, maze yakora atyo akaba atakibashije kugaragaza ingeso nziza no gukiranuka k’umutima umwana w’Imana wese akwiriye kugira. Kugira ngo basohoze imigambi yabo, bahemuka ku mugaragaro bagateshuka inzira ya Bibiliya, maze bakagaragaza kw’atari abanyakuri ku babakunda kandi bagerageza kubabera abarinzi bakiranuka. Uko kwishyingira ko mu rwihisho ntikuba guhuje n’Ijambo ry’Imana. Uyobora umukobwa amuvana ku nshingano ze, akamukura ku bitekerezo by’inama y’Imana no ku itegeko ryo kumvira no kubaha ababyeyi be, ntaba ari umunyakuri mu masezerano yo gushyingirwa. “Ntukibe'’ ni itegeko ryandiswe n’urutoke rw’Imana ku bisate by’amabuye, nyamara se ni kangahe urukundo rwihishe mu buryarya rukoreshwa maze bakabyihorera! Bahendahendesha uburyarya, bakaganirira mu rwihisho, kugeza ubwo urukundo rw’utazi iyo biva n’iyo bijya ntanamenye n’amaherezo y’ibyo rutakiri ku babyeyi be, akitanga

k’ugendana ingeso mbi kandi atamukunze. Bibliya iciraho iteka uburyarya bw’uburyo bwose.

Abiyita abakristo, bafite imibereho yo gukiranuka, kandi bagaragara ko bafite ubwenge muri byose, bafudika muri ibyo. Bagaragaza umubano n’icyo bashaka bagambiriye kitagira ikigihindura. Bakururwa n’ibitekerezo by’abantu n’irari bigatuma badashaka kurondora muri Bibliya no gusabana n’Imana. Igihe itegeko rimwe ryo mu mategeko cumi ryishwe, intambwe zo kujya hasi ntizabura gukurikiraho.

Igihe ibihindizo by’ikinyabupfura cya gikobwa bikuweho, ntabwo ubusambanyi bugaragara ko ari icyahagikabije. Yoo, mbega amaherezo ateye ubwoba y’umugore w’inkozi y’ibibi uko avugwa mu isi y’iki gihe! “Umugore w’inzaduka” ushyeshyengesha amagambo ye abohera abantu ibihumbi byinshi mu minyururu ye, benshi bakarohayo ubugingo bwabo, kandi benshi bagakenya ubugingo bw’abandi. Amagambo yo mu Byanditswe ni ay’ukuri, avuga ngo “Ibirenge bye bigana ku'rupfu; intambwe ze zikagana ikuzimu.”

Umucyo wo kugaragaza aho akaga kari uri impande zose mu nzira y’imibereho, kugira ngo ubuze abantu kujya mu kaga, ahabuzanijwe, ariko n’ubwo bimeze bityo, abantu inteko nini bihitiramo inzira y’akaga, bakanga kuburirwa bagasuzugura amategeko y’Imana bakihamagarira guhora kwayo.

Abashaka gukomeza kurinda amagara yabo, bakagira ubwenge bwinshi, bakagira ingeso nziza zishyitse, bakwiriye “guhunga...irari rya gisore.” Abazakomeza kugira ishyaka n'umuhati ukomeye wo gukangara ibibi basatirana na byo,bazasuzugurwa kandi bakozwe isoni n’inkozi z’ibibi, ariko bazubahwa kandi bahabwe ingororano n’Imana.

(1) AH 43-57, 70-75.

IGICE CYA 19

NTUGASHYINGIRWE UWO MUDAHUJE KWIZERA

Dutangazwa n'umwete muke uteye ubwoba mu bakristo benshi wo kutita ku by'Imana yigisha byerekeye ku mukristo ushyingirwa utizera. Benshi mu bavuga ko bakunda Imana kandi bakayubaha, bahitamo kwikururirira ingeso zabo kuruta kwemera inama itangwa n'Imana. Ibikwiriye rwose byerekeye umunezero no kugira amagara mazima kw'abashyingiranywe bombi, muri iyi si no mu isi izaza, inama, kumenya, no kubaha Imana bishyirwa hirya; iruba ryo mu bujiji, no kudakurwa kw'ijambo bikaba ari byo byimikwa.

Abagabo n'abagore basanganywe ubwenge n'umutima uhana biziba amatwi ngo batagirwa inama, baba ibipfamatwi ntibemere kwinginga no guhendahenda kw'incuti na bene wabo n'abagaragu b'Imana. Amagambo yo guhana cyangwa ababurira bayareba ko ari ukubarushya, kandi incuti nziza ibasha kubabwira amagambo yo kubaburira, ikagenzerezwa nk'umwanzi Ibyo byose bigirwa na Satani. Abohekaniriza impigi ze ku mutima, ubwenge bukamuka, umutima ugahurama. Bagira impamvu ituma ingoyi zo kwitegeka zishyirwa mu ijosi ryo kwifuza ibibi; bategekwa n'irari ribi, kugeza ubwo bitinda cyane, uwo byatsinze bikamugeza mu butindi n'ububata. Ibi si ibitekerezo by'iby'umuntu yibwira ahubwo ni iby'ukuri. Imana ntiyemera gufatanywa yabuzanije rwose.

Uwiteka yategetse Abisiraeli ba kera ko badakwiriye gushyingirana n'amahanga asenga ibigirwamana, abihanangiriza agira ati "Kandi ntuzashyingirane na bo, ngo umukobwa wawe umushyingire umuhungu wabo, n'umukobwa wabo ngo umusabire umuhungu wawe. "Imana yatanze impamvu. Ubwenge bw'Imana bureba amaherezo ya bene uko gushyingirana, buravuga buti "Kuko bahindura umuhungu wawe, ntayoborwe nanjye, ahubwo agakorera izindi mana; ibyo bigatuma wikongereza uburakari bw'Uwiteka, akakurimbura vuba. "Kuko uri ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe, Kandi Uwiteka Imana ikagutoraniriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye."

Mu Isezerano Rishya hari amategeko nk'ayo abuza abakristo gushyingirana n'abantu batubaha Imana. Mu rwandiko rwa mbere

intumwa Paulo yandikiye Abakorinto batizera aravuga ati “Umugore ahambirwa ku mugabo we akiriho; ariko iyo’umugabo apfuye, nta kimubuza gucyurwa n’uwo ashaka; icyakora iyo ari mu Mwami wacu “Arongera kandi yandika mu rwandiko rwa kabiri ati “Ntimwifatanye n’abatizera mudahwanye: mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? Cyangwa umucyo n’umwijima byabana bite? Kandi Kristo ahuriye he na Beliyali; cyangwa uwizera n’utizera bafitanye mugabane ki? Mbese urusengero rw’Imana rwahuza rute n’ibishushanyo bisengwa, ko turi urusengero rw’Imana rwahuza rute urusengero rw’Imana ihoraho? Nk’uko Imana yabivuze iti; Nzatura muri bo ngendere muri bo; nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye. Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ni ko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye; nanjye nzabakira. Kandi nzababera So, namwe muzambera abahungu n’abakobwa; Ni ko Uwiteka ushobora byose avuga.”

Ubwoko bw’Imana ntabwo bukwiriye guhangara gukora icyabuzanijwe. Gushyingiranywa k’uwizera n'utizera kwabuzanijwe n’Imana. Ariko kenshi cyane umutima utahindutse wikurikirira ibyo wishakiye, maze ubwo bukwe butemewe n’Imana bugacyuzwa. Ku mpamvu z’ibyo, abagabo n’abagore benshi nta byiringiro bafite, kandi nta Mana bafite ku isi. Irari ryabo ryo kwifuza gukora ibyiza rirapfa; maze ibyo bikababakanangirira mu ngoyi z’ikigoyi cya Satani. Abategekwa n'irari no kubenguka bazasarura umusaruro usharira muri ubu bugingo, kandi amaherezo y’ingeso zabo azaba kubura ubugingo bwabo.

Abatura yuko bakurikiza iby’ukuri bakandagirisha iby' Imana ishaka gushyingirwa abatizera; babura ubuntu bwayo maze kwihana kukabasharirira. Utizera abasha kugira ingeso nziza cyane, ariko kuko aba atemeye iby’Imana ishaka kandi agahinyura agakiza gakomeye kangana gatyo, ni impamvu ihagije yo gutuma bene uko gufatanywa kutabaho. Ingeso z’utizera zibasha gusa n’iza wa muhungu w’umusore Yesu yabwiye ati “Ushigaje kimwe”; ngicyo igikenewe gusa.

Mbese Abantu Babiri Bagendana Batasezeranye?

Haba ubwo bivugwa yuko utizera akunda itorero kandi ko afite ibikenewe n’umufasha, usibye ko abuze ikintu kimwe, ko Atari umukristo. Nubwo uwizera ushyira mu gaciro yemera yuko Atari byiza gufatanywa n’utizera, nyamara icyenda mu icumi barabikora. Kumanuka

ujya hasi mu by’umwuka bitangira igihe umuntu ahigira umuhigo ku ruhimbi; ishyaka n’umunezero w’idini bikagabanuka,n’igihome kimwe kikagwa gikurikiranye n’ikindi, kugeza ubwo byombi bibangikanira munsi y’ibendera ryirabura rya Satani. Ndetse no mu gihe cy'ibirori by’ubukwe, umutima w’iby’isi wishima hejuru y’umutima uhana, no kwizera n’ukuri. Mu rugo rushya ntabwo isaha yo gusenga yitabwaho. Umukwe n’umugeni baba baremeranye maze bagasezerera Yesu.

Bwa mbere utizera ashobora kutagira icyo agaragaza cy’icyo yanze bagihararanye; ariko igihe ibyigisho by’by’ukuri kwa Bibliya bibagezeho ngo babyitondere kandi babizirikane, hakaza igitekerezo mu kamwanya ngo; “Wandongoye uzi icyo ndi cyo; sinshaka ko undushya. Guhera ubungubu umenye yuko ibiganiro by’inama zawe mbyanze.” Iyo umwizera agerageje kugaragaza umwete nyakuri wo kwizera kwe, bisa n’aho ari ukugirira nabi udakunze ibya gikristo.

Umwizera atekereza yuko mu gihe agihararanye na mugenzi we akwiriye kwemera icyo yemeye. Ibiganiro by’abantu n’iby’isi ni byo byizimba kuruta ibindi. Habanza kubaho ibitekerezo byo kumva wanze ibyo, ariko ubwuzu bw’iby'ukuri bugacwekera, maze kwizera kugahinduka gushidikanya no guhakana, nta muntu n’umwe watekereje yuko umwizera ushikamye, ufite umutima uhana kandi w’umuyoboke wa Kristo wamaramaje, yaba ushidikanya, na nyamujyiryanino atyo. Yemwe, uko guhinduka kwe kuba kwatewe no gushyingirwa kutarimo ubwenge!

Ni akaga gusezerana amasezerano y’isi. Satani azi neza yuko igihe cy’ubuhamya bwo mu ishyingirwa ry’abasore n’inkumi ku benshi ari igihe cy’iherezo ry'iby’idini kuri bo, rikaba n’iherezo ryo kugira umumaro kwabo. Barazimira bagatandukana na Kristo. Mu gihe gito bashobora kwihatira kugira imibereho ya gikristo, ariko akenshi baba barwana intambara yo kutumvikana kwabo. Babanza kujya bavuga ibyo kwizera kwabo n’ibyiringiro bafite ariko hanyuma bakageza aho batakibivuga, bitewe n'ukoabo bafatanije batabyishimiye. Amaherezo kwizera iby’ukuri bipfira mu mutima, maze Satani akababohesha ingoyi zo gushidikanya. “Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye? “Kandi ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba, bazagikorerwa na Data wo mu ijuru.” Mbega ikintu cy’inzaduka! Igihe umwe wo muri abo bafatanijwe asenga Imana, undi

aba atereye agati mu ryinyo kandi atabyitayeho; igihe undi ariho ashakashaka inzira ihesha ubugingo buhoraho, undi aba ari mu nzira ngari ijyana abantu mu rupfu.

Abantu amagana menshi baretse Kristo n'ijuru babitewe no gushyingirwa abatizeye. Mbese ni uko urukundo n'ubucuti bafitanye na'Kristo bibafitiye agaciro gake maze bagahitamo kugirana ubucuti n'abantu bapfa? Mbese ijuru rifite agaciro gake byatuma bemera kuvutswa umunezero waryo n'umuntu udakunda Umukiza mwiza?

Igisubizo Umukristo Asubiza Utizeye

Umukristo wese akwiriye gukora iki mu gihe ageze mu bishuko byo kugerageza ibyigisho by'idini? Akwiriye kuvugisha ukuri afite ubutwari bukwiriye ati: "Ndi umukristo ufite umutima uhana. Nizera umunsi wa karindwi w'icyumweru ko ari wo Sabato yo muri Bibliya. Ntabwo tubasha kunezeranwa, kuko ninkurikirana kunguka ubwenge buruseho bushyitse bw' Imana, nzakomeza kurushaho kwanga isi, ngire ishusho isa n'iya Kristo. Nukomeza kuburira ubwiza kuri Kristo, ntureshywe n'iby'ukuri, uzakunda iby'isi jye ndashobora gukunda mu gihe ngikunze iby'Imana wowe udashobora gukunda. Iby'umwuka bitekerezwa mu buryo bwumwuka. Nutagira ubwenge bw'umwuka ntuzabasha kumenya iby'Imana inshakaho, cyangwa ngo umenye inshingano nahawe na Databuja nkorera; ni cyo gituma wiyumvamo yuko akwirengagije ku mpamvu z'inshingano y'idini. Ntuzanezerwa uzagira ishyari uritewe n'urukundo nkunda Imana, kandi nzibera jyenyine nkomeze kwizera iby'Imana. Ibitekerezo byawe nibihinduka, umutima wawe ukemera gukora iby'Imana ishaka, maze ukiga gukunda Umukiza wanjye, ni bwo tuzongera tubisubireho.

Uko ni ko uwizera yitanga kubwa Kristo yemejwe n'umutima we uhana, kandi bigaragaza uko yitaye ku bugingo buhoraho akanga kuzabubura. Yiyumvamo yuko ikimubereye cyiza ari ukuguma aho adashyingiwe kuruta gufatanywa mu bugingo bwe n'umuntu uhitamo iby'isi akabirutisha Yesu, kandi agaca indi nzira itari iyo ku musarabawa wa Kristo.

Ikirutaho Ni Ukwica Amasezerano y'Ubupfayongo

Amasezerano yo gushyingirwa agiriwe muri Kristo gusa ni yo abasha kubamo amahoro. Urukundo rw'abantu rukwiriye komatana cyane n'urukundo rwo mu ijuru. Aho Kristo ari gusa ni ho haba urukundo rushyitse, rw'ukuri, rutikanyiza.

Nubwo isezerano ryaba ryarasezeranywe utazi neza ingeso z'uwo ugambiriye ko mufatanywa, ntugatekereze yuko iryo sezerano riguhatira guhiga umuhigo wo gushyingirwa no gufatanywa mu bugingo bwawe n'uwo udakunda kandi utubashye. Witondere cyane uko ujya gusezerana; ariko ikiruseho, ndetse kiruseho cyane, ni ukwica amasezerano mbere yo gushyingirwa kuruta ko mwazatandukana hanyuma, nk'uko benshi bagenza.

Wabasha kuvuga uti "Ariko se ko nasezeranye, none ngamburure? Reka ngusubize, Niba warasezeranye, amasezerano anyuranye n'lbyanditswe, ibyaba byiza ni ukugamburura udatindiganyije, kandi ukicuza ku Mana wicishije bugufi ubwo bupfapfa bwaguteye gusezerana hutihuti, maze bikagutera gukoza Shobuja isoni.

Nimureke intambwe yose yerekeza ku masezerano yo gushyingirwa iteranwe ubugwaneza. Gukiranuka n'umugambi wo gushishikarira kunezeza Imana no kuyubaha. Gushyingirwa guhindura ubugingo bwombi ubwo muri iyi si n'ubwo mu isi izaza Umukristo nyakuri nta migambi azagira, Imana itemera.

Umutima wifuza cyane urukundo rw'abantu, ariko urwo Rukundo ntirukomeye bihagije, cyangwa ngo rwere bihagije, cyangwa ngo rube rwiza bihagije kuba mu mwanya w'urukundo rwa Yesu. Umugore abasha kubonera ubwenge, n'imbaraga rfubuntu mu Mukiza we gusa, bimubashisha kwihanganira inshingano ze, n'agahinda ko mu mibereho. Akwiriye kugira uwo Mukiza imbaraga ze n'umuyobozi we. Umugore niyiyegurire Kristo mbere yo kwiyegurira incuti yo mu isi iyo ari yo yose, kandi ntazashake umubano uzamugwa nabi, Abashaka kubona umunezero w'ukuri, bakwiriye kugira umugisha uvuye mu ijuru ku byo batunze byose no ku byo bakora byose. Kugomera Imana ni ko kuzuza imitima myinshi cyane n'ingo nyinshi cyane ubutindi. Mwana wa Data,

uramenye ntuzifatanye n'umwanzi w'Imana, keretse uramutse wiyemeje kuzagira urugo ruzahoramo ingorane.

Inama Igirwa Uwihannye Yaramaze Gushyingirwa

Uwamaze gushyingirwa atarihana, uko kwihana kwe ni ko kumuha inshingano ikomeye biruseho yo gukiranukira mugenzi we, nubwo baba banyuranije cyane ku byerekeye kwizera; nyamara iby'Imana ishaka ni byo bikwiriye gusumba ubucuti bwo mu isi, nubwo amaherezo yabyo ari amakuba no kurenganywa. Kubw'umutima w'urukundo n'ubugwaneza, uko gukiranuka kubasha kureshya kugahindura utarihana.

IGICE CYA20

GUSHYINGIRWA

Imana yaremye umugore imukuye mu mugabo, ngo amubere mugenzi we n'umufasha we, ngo abe umwe na we, amuhumurize, amutere ubutwari, kandi amuheshe umugisha, kandi ngo umugabo na we amubere umufasha ukomeye. Abashyingiranywe bose bafite umugambi wera. Umugabo akwiriye kubona urukundo rwera ruturutse mu mutima w'umugore, umugore akwiriye kugusha neza no gukuza ingeso z'umugabo we no gutuma ziba izishyitse zigasohoza umugambi Imana ibafitiye.

Ntabwo Kristo yaje kurimbura uwo muhango, ahubwo yaje kuwutunganya kugira ngo usubire ku kwera kwawo no ku cyubahiro cyawo. Yazanywe no kugarurira umuntu ishusho y'Imana, nuko umurimo we awutangiza kwemera umuhango w'ubukwe.

Uwahaye Adamu Eva ngo amubere umugore ni we wakoze igitangaza cya mbere mu birori byubukwe. Mu nzu y'ibirori aho incuti n'ab'umuryango bishimiraga hamwe ni ho Kristo yatangiriye umurimo we muri rubanda. Nuko yemera ubukwc atyo, abikora azi yuko ari umuhango yahanze ubwe. Yategetse yuko abagabo n'abagore bakwiriye gufatanwa mu buryo bwera bakazabana mu minsi yose yo kubaho kwabo,

bakarera abo mu rugo rwabo, ari bo bakwiriye kwambikwa ikamba ry'icyubahiro bakamenywaho ko ari bo mu muryango wo mu ijuru.

Ubukwe Bukwiriye Kuba Bworoheje Kandi Burimo Umunezero

Urukundo rw'Imana ruturuka kuri Kristo ntabwo rwonona urukundo rw'abantu, ruba kimwe na rwo. Urwo rukundo ni rwo ruboneza kandi rukeza urukundo rw'abantu.rukajya mbere kandi rukarushaho kugira icyubahiro, Urukundo rw'abantu ntabwo rubasha kwera imbuto nziza keretse rufatanijwe na kamere yo mu ijuru kandi rukigishwa gukura rugana mu ijuru. Yesu ashaka kubona ubukwe burimo umunezero, n'aho bwacyujwe hari umunezero.

Ibyanditswe bivuga yuko Yesu n'abigishwa be bararikiwe kuza muri ubwo bukwe (I Kana.) Kristo ntiyemereye abakristo kuvuga igihe bararitswe mu bukwe ngo ntidukwiriye kujya muri uwo mwanya wo kunezerwa cyane. Kujya muri ibyo birori kwa Yesu kutwigisha yuko ashaka ko twishimana n'abishimira gukomeza amateka ye. Ntabwo yigeze abuzanya ibirori by'abantu bitarimo icyaha igihe bikozwe bikurikije amategeko yo mu ijuru. Iteraniro Kristo yubahirizwa n'uko aririmo, ni byiza ko abayoboke be baribamo. Hanyuma y'aho Kristo abereye muri ibyo birori yabaye no mu bindi, ubwo yari abirimo yarabyejeje kandi arahigishiriza.

Nta mpamvu yo gutuma tugira ibirori by'ubukwe bitanzweho byinshi cyane, nubwo bene ubwo bukwe babababyumvikanyemo. Iteka najyaga nibwira ko bitankwiriye kureba ubukwe burimo ibyishimo n'umunezero kandi bukubitiyeho no kwiyemera. Oya. Igikwiriye kurangamiranwa icyubahiro gikomeye ni umuhango wategetswe n'Imana. Igihe umuryango uremwe mu isi biba bigaragaje uko abo bazamera mu muryango wo mu ijuru. Igikwiriye kugirwa nyambere y'ibindi byose ni ukubaha Imana.

Inama Zigirwa Abamaze Gushyingirwa

Mwene Data na murumuna wanjye: Mwafatanishijwe isezerano ryo kuzabana mu minsi yose yo kubaho kwanyu. Mwatangiye kwiga ibyo imibereho y'abashyingiranywe. Umwaka wa mbere w'imibereho y'abashyingiranywe ni wo mwaka wo kugira ibyo mumenya, ni wo

mwaka umugabo n’umugore biganamo ingeso, nkuko umwana yiga ibyigisho mu ishuri. Nimutyo muri uwo mwaka wa mbere wo gushyingirwa kwanyu he kubamo ibintu bizonona umunezero wanyu wo mu gihe kizaza.

Gusobanukirwa neza n’umubano w'abashyingiranywe ukwiriye, ni umurimo wo gukorwa mu myaka y’ukubaho k’umuntu yose. Abashyingiranywe baba binjiye mu ishuri batazarangiza muri ubu bugingo. Mwene Data, igihe cy’umugore wawe n’imbaragaze n'munezero we bibaye isanga n’ingoyi ku byawe, uko umumereye bishobora kuba impumuro y’ubugingo cyangwa iy’urupfu izana urupfu. Witonde cyane atangiza ubugingo bwe.

Murumuna wanjye, ukwiriye kwiga ubungubu ibyigisho bya mbere by’ingirakamaro byerekeye ku nshingano z imibereho y’uwashyingiwe. Uramenye ujye wiga ibyo byigisho uko bukeye n’uko bwije ubikiranutsemo. Ntukagire ubwo winuba cyangwa ngo ugire ikizizi. Ntukifuze kumererwa neza mu bugingo no kudamarara. Jya uhora wirinze kugira ngo udakundira umutima wo kwikanyiza kukubamo.

Mu gufatanywa ko mu mibereho yanyu niho urukundo rwanyu rukwiriye gutuma munezeranwa. Umuntu wese akwiriye kunezeza undi. Uwo ni wo mugambi Imana ibafitiye. Ariko kuko mukwiriye kuba umwe, nta we ukwiriye kuburira ubumwe ku wundi. Umuntu wese ni uw’Imana. Mukwiriye kuyibaza muti: Mbese icyiza ni ikihe? Mbese ikibi ni ikfhe? Nabasha nte gusohoza neza umugambi wo kuremwa kwanjye? “Ntimuri abanyu ngo mwigenge, kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana.” (1 Abakorinto 6:19, 20). Urukundo mukunda umuntu rukwiriye gukurikira urwo mukunda Imana. Ubwinshi bw'urukundo rwanyu rukwiriye gusendera rugana ku wabitangiye. Iyo umuntu agize imibereho ihwanye n’uko Imana ishaka, umutima we uyikunda bihimbaje kandi byimazeyo. Mbese urukundo rwanyu rutagira uko rungana murukunda uwabapfiriye? Niba ari ko biri, gukundana kwanyu kuzakurikiza gahunda yo mu ijuru.

Urukundo rubasha kubonerana nk’isarabwayi kandi kwera kwarwo kukaba kwiza cyane, nyamara rukaba rukiri ruke kuko rutari rwavugutirwa ngo rugeragezwe. Nimugire Kristo uwa mbere n'uwa nyuma muri byose. Nimujye muhora mumwitegereza, niho urukundo

mumukunda ruzarushaho kugwira uko bukeye n’uko bwije, kandi rurusheho gukomera kuko rwemeye kugeragereshwa imibabaro. Kandi uko urukundo mumukunda ruzarushaho kugwira, ni ko urukundo namwe mukundana ruzarushaho kuba rwinshi kandi rukarushaho gukomera. “Ariko twebwe twese, ubwo tureba ubwiza bw’Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo, mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we, tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza.” (Abakorinto 3:18). Noneho ubu mufite inshingano yo gukora icyo mutari mwashoboye gukora mbere. “Nuko... mwambare ineza, no kwicisha bugufi, n’ubugwanzeza, no kwihangana. “Mugendere mu rukundo, nk’uko Kristo yadukunze. Mwige iki cyigisho mwitonze: “Bagore. Mugandukire abagabo banyu, nkuko mugandukira Umwami wacu; kuko umugabo ari we mutwe w’umugore we, nk’uko Kristo ari umutwe w’Itorero....Ariko, nkuko itorero rigandukira Kristo, abe ari ko abagore bagandukira abagabo babo muri byose. Bagabo, mukunde abagore banyu, nk’uko Kristo yakunze itorero, akaryitangira. (Abakolosai 3:12; Abefeso 5:22-25.)

Gushyingirwa, ari ko gufatanywa mukaba umwe mu mibereho yose, ni igishushanyo cy’ubumwe Kristo afitanye n’itorero rye. Umutima Kristo afitiye itorero, ni wo mutima umugabo n’umugore bakwiriye kugirirana.

Nta n'umwe, ari umugabo cyangwa umugore, ukwiriye gutegeka. Uwitekayabitanze mo icyigisho gikwiriye kutuyobora muri ibyo. Umugabo akwiriye kurinda umugore we nk’uko Kristo arinda itorero. Umugore na we akwiriye kubaha no gukunda umugabo we. Bombi bakwiriye kugira umutima w’ineza, bakagambirira yuko batazababazanya cyangwa ngo bahemukirane.

Mwene Data nawe murumuna wanjye, mwembi mufite imbaraga yo gutegeka ikomeye. Iyo mbaraga mushobora kuyigira umugisha ukomeye cyangwa umuvumo ukomeye kuri mwe no ku bo mubana. Ntimugahatane. Ngo umwe ashake ko undi akora nk’uko ashaka. Ntimushobora gukora ibyo kandi ngo munakundane. Kugaragaza ko wikunda byonona amahoro n’umunezero w’urugo. Ntimukagirane impagarara mu minsi yo kubana kwanyu. Nimugenza mutyo muzababara mwembi. Mugire ineza ku mvugo kandi mube abanyamahoro mu byo mukora, ibyo mwifuza byanyu mubireke. Murinde cyane amagambo

yanyu, kuko afite imbaraga yo kuzana icyiza cyangwa kubabaza undi. Ntimugakundire ubukana kumvikana mu magambo yanyu. Mu mibereho yanyu yafatanijwe mujye muzanamo impumuro y'ishusho ya Kristo.

Igiheumugaboatarafatanywan'umugoremugihecyogushyingirwa, akwiriye kwiga uburyo bwo kwitegeka no gukorerana n'abandi. Mwene Data, ukwiriye kuba umugwaneza, ukihangana, ukababarira. Wibukc yuko umugore wawe yemeye ko umubera umugabo, bitari ukugira ngo ubone uko umutegeka, ahubwo ngo umubere umufasha. Ntuzagire ubwo uba inkazi n'umunyagituna. Ntugakoreshe imbaraga ngo uhatire umugore wawe gukora nk'uko ushaka. Wibuke yuko na we agira umutima ushaka gukora icyo yishakiye nk'uko nawe ushaka gukora ibyawe. Wibuke kandi yuko ufite amahirwe yo kumenya byinshi. Jya uba umunyebambe n'inyangamugayo. 44Ubwenge buva mu ijuru, ubwa mbere buraboneye, kandi ni ubw'amahoro, ni ubw'ineza, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza. "(Yakobo 3: 17).

Mwene Data nawe murumuna wanjye, mwibuke yuko Imana ari urukundo kandi yuko kubw,ubuntu bwayo mushobora kunezeranwa, nk'uko mwabisezeranye mu masezerano yo gushyingiranywa kwanyu. Kandi mushobora gukoresha ubwenge n'imbaraga mugafasha imibereho igoramye ikagororokera Imana mubiheshejwe n'imbaraga y'Umucunguzi. Icyo Kristo atabasha gukora ni ikihe? Araboneye mu bwenge, mu gukiranuka, mu rukundo. Ntimukikingirane, ahubwo munyurwe musesekazanyeho urukundo rwanyu. Mukoreshe uburyo bwose bwatuma musangira umunezero, n'ababazengurutse, mufatanye nabo urukundo rwanyu. Amagamboy'ineza,kurebanaimpuhwe,amagamboy'umunezero, yabasha kubera benshi barushye kandi bihebye nk'agacuma k'amazi akonje ku mutima wishwe n'inyota. Ijambo ry'umunezero, umurimo w'ineza, bishobora kugera aho byoroshya imitwaro iremereye ibitugu byarushye. Umunezero nyakuri uboneka mu murimo utikanyiza. Kandi ijambo ryose n'fimurimo wose wakozwe muri ubwo buryo byandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko byakorewe Krsto. Kristo yarivugiye ati: Ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje hanyuma y'abandi, ni jye mwabikoreye." (Matayo 25:40.)

Nimugume mu mucyo w'urukundo rw'Umukiza. Niho uko mumeze, kuzahesha abo mu isi umugisha. Nimureke Umwuka wa Kristo

abe ari we ubayobora. Nimureke amategeko y'ineza ahore ku minwa yanyu. Kwihangana no kutikanyiza bigaragarira ku magambo n'imirimo by'ababyawe ubwa kabiri bakagira imibereho mishya muri Kristo.

(i) AH 99-101; (2) 7T 45-50.

IGICE CYA 21

UMUBANO UNEJEJE CYANE

Imana yategetse yuko abashyngiranywe bakwiriye kugirana urukundo rushyitse no kumvikana. Umukwe n'umugeni nibasezeranire imbere y'abo mu ijuru yuko bazakundana nk'uko Imana yabibategetse. Umugore akwiriye kumvira no kubaha umugabo we, kandi umugabo akwiriye gukunda no gutunga umugore we.

Abagabo n'abagore bagitangira kubana bakwiriye kongera kwitanga ku Mana. Nubwo umugabo n'umugore baba barashyingiranwe babyitondeye kandi babitekereje, bake ni bo bafatanywa burundu mu gihe umuhango wo gushyingirwa ukorwa. Gufatanywa burundu kw'ababiri ni umurimo ukorwa mu myaka ikurikiyeho.

Iyo abashyingiranywe bahuye n'imibereho iruhije no guhagarika umutima, umunezero uturuka ku gushyingirarwa urashira. Umugabo n'umugore bigana ingeso kuko bitashobokoga kuzimenya mu mubano wabo wa mbere. Icyo ni'cyo gihe kiruta ibindi cyo kugeragezwa mu mibereho yabo. Umunezero n'akamaro k'imibereho yabo yose yo mu gihe kizaza bikomoka ku byo biyemeje ubwo. Akenshi baragenzurana umwe akabona integenke n'amafuti atibwiraga kuri mugenzi we bakibonana. Ariko imitima yafatanijwe n'urukundo igenzura ibyiza aho kugenzura amafuti. Bose bakwiriye kugenzura ibyiza aho kugenzura ibibi. Akenshi uko tumeze n'ibituzengurutse byose ni byo byerekana uko twibwira ko undi muntu amaze.

Hariho bamwe bagira ngo kwerekana urukundo ni integenke, maze bakagumana umutima wo kwitandukanya n'abandi. Bene uwo mutima uzitira amajyambere y'impuhwe. Iyo umubano n'umutima

w'ubupfura bizitiwe, biruma, maze umutima ukuzura agahinda kandi ugakonja. Dukwiriye kwirinda iryo futi. Urukundo ntirubasha kumara igihe kirekire rudafite ikirugaragaza. Mwe gukundira umutima w'uwo mwafatanije ko wicwa n'inzara yo gushaka ineza n'impuhwe.

Umuntu wese akwiriye gukunda atabihatiwe. Nimwimenyereze ingeso nziza cyane, kandi mwihutire kumenya ingeso nziza z'undi. Kugira umutima unezerewe ni ikintu gitangaje giteye ubwuzu kandi kinejeje. Impuhwe no kubaha bituma umuntu ahirimbanira gushaka ibyiza. Urukundo na rwo rukomezwa no kugambirira ibyiza.

Kuvanga Imibereho y'Abantu Babiri

Nubwo hakwaduka ibirushya, ibibabaza n'ibicogoza umuntu, ntihakagire ubwo umugabo cyangwa umugore bashyira mu mutima wabo igitekerezo cy'uko gufatanywa kwabo ari ifuti cyangwa ko bafuditse. Mugambirire gusa ko umwe abera undi icyo ashoboye cyose. Mukomeze kugira umutima nk'uwa mbere. Mukomezanye mu buryo bwose mu byo kurwana intambara y'imibereho. Mwige kunezezanya. Mukundane, mwihanganirane, maze gushyingiranywa nk'aho kwabaye iherezo ry'urukundo, kube itangiriro ryarwo.... Ubushyuhe bw'urukundo nyakuri, urukundo rwomatanya umutima n'undi, ni rwo muganura w'umunezero wo mu ijuru.

Bose bakwiriye kugwiza kwihangana babikoresheje kwimenyereza kwihangana. Urukundo nyakuri rubasha gukomerezwa mu mutima rufite ubushyuhe, bikoreshejwe kugira ineza no kwihangana, ni bwo ingeso abo mu ijuru bemera zizagaragara. Satani ahora yiteguye gukora umurimo we iyo hagize ikintu icyo ari cyo cyose kibyutsa amahane, kandi kuko yerekeje ku kibi, ari cyo ngeso ya kamere y'umugabo cyangwa y'umugore, azageregeza gutanya abafatanishije urukundo rwabo isezerano rikomeye imbere y'Imana, Mu mihigo yabo bashyingiranywa basezeranye ko bazaba umwe, umugore asezerana gukunda no kumvira umugabo we, umugabo asezerana gukunda no gutunga umugore we. Niba amategeko y'Imana yumviwe, daimoni uzanaamahaneazirukanwamu rugo, kandi abo bakundanye ntibazatandukana, ndetse n'urukundo rwabo ntiruzakonja.

Iki ni cyo gihe cy'ingenzi mu bitekerezo by'abahagaze imbere yanyu bafatanya umwete wabo, impuhwe zabo, urukundo rwabo, umuhati wabo, mu byo gukorera gukiza imitima. Mu gushyingiranywa harimo intambwe y'ingenzi cyane itera kuvanga imibereho y'amaharakubiri ikaba imwe. Imana kubw'ubushake bwayo yemera ko umugabo n'umugore bafatanirizwa mu murimo wayo, kuwushyira mbere mu buryo bushyitse kandi bwera. Ibyo bashobora kubikora.

Umugisha w'Imana mu rugo ruzabamo ubwo bumwe bumeze nk'umucyo w'izuba wo mu ijuru, kuko ari ubushake bw'icy' Uwiteka yategetse, yuko umugabo n'umugore bakwiriye gufatanishwa gufatanywa k'wera ko kubaumwe muri Kristo Yesu, bategekwa na we, kandi bayoborwa n'Umwuka we.

Imana ishaka yuko urugo ruba ahantu ho kunezererwa haruta ahandi hose ku isi. Umugabo n'umugore bafite inshingano zo kuba barashyingiranywe mu rugo rwabo. Abafatanishije urukundo rwabo Yesu Kristo, bisunga amaboko ye n'amasezerano ye maze bagasangira umunezero, Abamarayika b'Imana bishimira ubwo bumwe bwabo.

Ni ikintu gikomeye gukiranura amahane yo mu rugo, ndetse no mu gihe umugabo n'umugore bashaka gutunganya no kuringaniza ibyerekeye zimwe mu nshingano zabo, niba barananiwe guha Imana imitima yabo. Umugabo n'umugore bashobora bate gutandukanya urugo rwabo kandi bagakomeza gukundana no gukomezanya? Mu byerekeye kubaka urugo rwabo bakwiriye gufatanya muri byose, kandi umugore, niba ari umukristo, azajya anezererwa umugabo we kuko ari mugenzi we; kuko umugabo ari we mutwe w'urugo.

Umutima wawe urafudika. Iyo hari icyo ugambiriye ntugereranya ibintu neza kandi ngo uzirikane amaherezo yo kugundira ibyo wibwira nubwo ubyitegekaho, ukabivuga mu masengesho yawe no mu biganiro byawe, igihe uzi yuko utabifatanije n'umugore wawe. Mu kigwi cyo kwita ku kibabaje umugore wawe ngo umubere imfura, ngo umugendere neza mu byo mutandukanyeho, ukomeza kugundira ibintu bibi uzi yuko bizana amahane, maze ugakomeza ukagaragaza uko utekereza ntacyo witayeho. Wiyumvamo yuko abandi badashobora kureba ibintu mu buryo bunyuranye n'ubwawe. Izo mbuto ntizera ku giti cya gikristo.

Bene Data. Nimukingurire urugi rw’umutima kwakira Yesu. Nimumurarikire kuza mu rusengero rw’umutima. Nimufatanye kunesha inkomyi zose ziza mu mibereho y’abashyingiranwe. Muzarwana intambara ikomeye kugira ngo mubone kunesha umwanzi wanyu Satani, niba mwiringiye ko Imana ibatabara muri iyo ntambara, mukwiriye gukubira hamwe mwembi mukagambirira kunesha, mugashyira ikimenyetso ku minwa yanyu ngo mwe kugira amagambo mabi muvuga, ndetse nubwo mwaba mukwiriye kwikubita hasi mukaboroga muti: Uwiteka, cyaha umwanzi w'ubugingo bwanjye.

Iby’Imana ishaka nibisohozwa, umugabo n’umugore bazubahana maze bakundane kandi biringirane. Ikintu cyose cyabasha kwangiza amahoro n’ubumwe bw’ab'urugo gikwiriye gukurwaho rwose, maze hakabaho ineza n’urukundo. Ugaragaza umutima w’ubugwaneza no kwihangana n’urukundo, azabona yuko uwo mutima umugaragaraho. Aho Umwuka w’Imana wimitswe ntabwo hazabaho kwicuza icyatumye bashyngiranywa. Niba Kristo byiringiro by’ubwiza aba mu rugo koko, ruzabamo ubumwe n'urukundo. Kristo uba mu mutima w’umugore azumvikana na Kristo uba mu mutima w'umugabo. Bazahirimbana bafatanirije hamwe gushaka kuzahabwa amazu Kristo yagiye gutegurira abamukunda.

Abazirikana gushyingiranywa ko ari umuhango umwe wo mu mihango yera y’Imana, kukarindwa n’itegeko ryera ry’Imana, bazajya bayoborwa n’amategeko atunganye. Mu mibereho y’abashyngiranywe rimwe na rimwe abagabo n’abagore bagenza nk’abana barezwe nabi. Umugabo ashaka ubwe buryo, n'umugore na we agashaka ubwe, ntihagire n’umwe wumva undi, bene ibyo bizana umubabaro ukomeye cyane. Bombi, umugabo n’umugore bakwiriye kwemera kumvikana mu buryo bakora cyangwa batekereza. Ntibishoboka ko banezerwa mu gihe bombi bagikomeje kwikorera uko bishakiye.

Hatariho kwihanganirana no gukundana nta mbaraga yo mu isi yabasha kubakomereza mu murunga w'ubumwe bwa gikristo. Umubano wanyu wo gushyingiranywa ukwiriye kuba ushyitse kandi w’ubugwaneza, ukaba uwera kandi w’icyubahiro, uhesha imbaraga y’umwuka imibereho yanyu, kugira ngo umwe ajye abera undi nk'uko ijambo ry’Imana ritegeka. Nimugera ku rugero Umwami ashaka ko

mugeraho, muzabona ijuru-hano mu isi kandi Imana izaba mu bugingo bwanyu.

Bene Data, mwibuke yuko Imana ari urukundo kandi yuko kubw'ubuntu bwayo mushobora kubana mwembi munezerewe, nk'uko mwasezeranye ko muzagenza mu masezerano yanyu yo gushyingirwa.

Kubw'ubuntu bwa Kristo mushobora kunesha inarijye no kwikunda. Nugira imibereho nk'iye, ukerekana mu ntambweyose ko witanze, ugahora ugaragariza abakennye gufashwa impuhwe nyinshi, uzajya uhora unesha. Uzajya uhora wiga uko bukeye n'uko bwije uburyo bwiza buruseho bwo kunesha inarijye n'uburyo bwo gutera imbaraga aho ufite integenke mu ngeso zawe. Umwami Yesu azababera umucyo n'imbaraga n'ikamba ryo kwishima, kuko mwemeye ko ubushake bwanyu buba nk'uko ashaka.

(1) AH 101 -107; (2) AH 118-121; (3) AH 112; (4) 7T 49.

IGICE CYA 22

ISANO Y'UMUGABO N'UMUGORE

Abazirikana ko gushyingirwa ari itegeko rimwe ryo mu mategeko yera y'Imana, kukarindwa n'itegeko ryera ry'Imana, bazajya bayoborwa n'amategeko atunganye. Ntabwo Kristo yigeze ahatira abagabo abo ari bo bose kubaho badashyingiwe. Ntiyaje gukuraho gushyingirwa kwera, ahubwo yaje kukwemeza abantu no kukugarurira kwera kwako kwa katanga ka mbere. Anezererwa ab'urugo rwimitswemo urukundo rutunganijwe kandi rutikanyiza.

Gushyingirwa ni Kwiza Kandi Kurera

Nta cyaha kiri mu kurya no kunywa ubwabyo, cyangwa mu gushyingirwa no gushyingira. Mu gihe cya Nowa gushyingirwa kwari kwiza, n'ubu kandi gushyingirwa ni kwiza, niba icyo cyiza gikozwe mu buryo butunganye ntikibemo kurya no kunywa bishayishije bizana icyaha. Ariko mu gihe cya Nowa, abantu bashyingirwaga batagishije Imana inama cyangwa ngo bashake inama yayo yo kubayobora.

Kuko imibereho yo muri ubu bugingo ihita vuba, ikwiriye gukoreshwa mu buryo bwagira icyo bumarira abandi mu byo dukora no mu byo tuvuga. Mu gihe cya Nowa habayeho urukundo rw'irari rya kamere rushayishije ku cy'Imana yageneye kuba cyiza, bituma gushyingirwa kuba icyaha muri iki gihe isi igezemo bitewe no guhugira mu bitekerezo byo gushyingira no gushyingirwa.

Gushyingirwa kurera, ariko muri iki gihe cy'umwaku, uko gushyingirwa kuzuyemo ibibi by'uburyo bwose. Gukorwa mu buryo bubi, none kwahindutse icyaha kimwe kiri mu bimenyetso by'iminsi y'imperuka, ndetse gushyingirwa kumera nk'uko mu gihe cyabanjirije umwuzure, ubwo kwari icyaha. Igihe umuco wera n'amategeko yo gushyingirwa bizaba bisobanutse, noneho bizemerwa n'abo mu ijuru kandi amaherezo azaba kunezerwa impande zombi, kandi Imana izubahirizwa.

Amahirwe yo Gushyingirwa

Abiyita abakristo bakwiye kuzirikana neza amaherezo y'ihirwe ryose ryo gushyingirwa, kandi gahundayera ni yo ikwiriye kuba urufatiro rw' igikorwa cyose. Ibihe byinshi cyane ababyeyi bakoresheje nabi amahirwe yabo yo gushyingirwa, kandi akamenyero kabo ko kwinezeza ni ko kateye inkunga kwifuza kwabo maze kuba nk'ukw'inyamaswa.

Gukora icyiza mu buryo bushayishije bituma kiba icyaha giteye agahinda. Ababyeyi benshi ntibabona ubwenge bari bakwiye kubona mu mibereho y'ishyingirwa ryabo. Ntibitonda ngo Satani atabigarurira maze akaba ari we witegekera ubwenge bwabo n'imibereho yabo. Ntibamenya ko Imana ibashakaho ko barinda imibereho yabo ngo batazana ikintu cyose cyo gushayisha. Ariko bake cyane nibo biyumvamo ko ari inshingano y'idini gutegeka kwifuza kwabo. Bifatanije mu gihe cyo gushyingirwa ari uko babikunze, bibwira yuko gushyingirwa kweza irari ryabo ryo gusohoza kwifuza kwabo kw'inyuma. Ndetse abagabo n'abagore bavuga ko bubaha Imana bimika ibyo imitima yabo irarikiye, ntibamenye yuko Imana ibashakaho kwitondera uko bakoresha imbaraga z'ubugingo bwabo, ibyo bigacogoza imbaraga z'umubiri, kandi bikananiza imyanya ikoresha umubiri.

Kwimenyereza, Kwigomwa no Kwirinda

Yemwe, icyampa ngo numvishe bose inshingano bahawe n'Imana yo kurinda gahunda y'ubwenge n'iy'umubiri mu buryo bwiza cyane butuma bakorera Umuremyi wabo umurimo utunganye! Umukristokazi akwiriye kwirinda mu mvugo no mu ngiro kubyutsa iruba rya kinyamaswa ry'umugabo we. Benshi nta mbaraga bafite na gato zo gupfusha ubusa muri ubwo buryo. Bahereye mu buro bwabo batera ubwonko bwabo kugira intege nke, n'amagara yabo bayaburisha intege umunezero w'ibyifuzo bya kinyamaswa. Kwigomwa no kwirinda bikwiriye kuba intego mu mibanire yabo.

Twahawe n'Imana inshingano ikomeye yo kugira umutima wera n'umubiri mutaraga, kugira ngo tubashe kugirira abantu umumaro kandi dukorere Imana umurimo utunganye, Intumwa Paulo ivuga aya magambo yo kutuburira iti "Noneho ntimukimike ibyaha mu mibiri yanyu izapfa, ngo mwumvire iby'irarikira." Akomeza kuduhendahenda atubwira yuko "umuntu wese urushanwa yirinda muri byose." Ahendahendera abiyita abakristo bose gutanga imibiri yabo ikaba "igitambo kizima, cyera, gishimwa n'Imana." Aravuga ati "Mbabaza umubiri wanjye, nywukoza uburetwa, ngo ahari ubwo maze kubwiriza abandi, nanjye ubwanjye ntaboneka ko ntemewe."

Urukundo rwera si rwo rutuma umugabo agira umugore we igikoresho cyo gukora ibyo ararikiye. Iruba rya kinyamaswa ni ryo ritera inkcke yo gukora ibyo kwinezeza. Mbega uburyo abagabo bagaragaza urukundo rwabo mu buryo buvugwa n'intumwa ari bake, ngo "Nk'uko Kristo yakunze itorero, akaryitangira; ngo (ataryanduza, ahubwo aryeze)... ngo ribe iryera ridafite inenge." Urwo ni rwo rukundo rw'abashyingiwe Imana yita urwera. Urukundo ni ingeso iboneye kandi yera, ariko iruba ntiryitangira kandi ntiryemera gutegekwa mu buryo bukwiriye. Ritera ubuhumyi, ntiryiririrwa ritekereza impamvu y'ikintu cyose n'amaherezo yacyo.

Satani Ashaka Gucogoza Kwitegeka

Satani ashaka gusubiza hasi urugero rwo kwera no gucogoza kwitegeka kw'abashyingiranywe, kuko azi yuko igihe irari ribi ribategeka, imbaraga zo kwera zigabanuka maze ntibabe bakitaye ku

gukura mu byo umwuka. Azi kandi yuko nibategekwa n'iruba rya kinyamaswa, imbaraga zabo z'umutima zizacogora, maze ntabe akirushwa n'ibyo gukura kwabo mu by'umwuka. Kandi azi ko nta buryo burenze ubwo bwo gushyira ikimenyetso ku rubyaro rwabo maze agahindura imico yabo vuba kuruta uko ahindura imico y'ababyeyi babo. Bagabo n'abagore, hariho umunsi muzamenya irari icyo ari cyo n'amaherezo yo kunezezwa na ryo: Irari ribi ryabaye ingeso ribasha kuboneka mu bashyingiranywe n'abatashyingiranywe.

Amaherezo yo kwanga kwimika irari ni ayahe? Icyumba kirarwamo, aho abamarayika b'Imana bakwiriye gutegeka, handurishwa ingeso zanduye. Kandi kuko ingeso za kinyamaswa zikojeje isoni ari zo zitegeka, imibiri irangirika, ingeso mbi zikabyara indwara mbi. Nuko icy'Imana yatangiye kuba umugisha kigahinduka umuvumo.

Imibonano y'abashakanye ishayishije izamaraho urukundo rwo gusenga Imana, bizatuma imbaraga zo mu bwonko zitunga umubiri zigabanuka, kandi cyane cyane bizatera umubiri kunanirwa. Ntamugore ukwiriye gufasha umugabo we muri uyu murimo wo kwirimbura. Umugore namurikirwa n'umucyo kandi akaba akunda umugabo we ntabwo azabikora.

Uko ingeso za kinyamaswa zo gukunda kwinezeza zirushaho kugwira, ni nako zirushaho kugira imbaraga, kandi ni nako zirushaho cyane kurwanira kwinezeza. Nimureke abagabo n'abagore bubaha Imana bakangukire gusohoza inshingano yabo. Abenshi biyita abakristo barembejwe n'indwara yo kugwa ikinya mu mitsi yumva no mu bwonko bitewe no kutirinda kwabo muri ubu buryo.

Abagabo Bakwiriye Kuba Abagwaneza

Abagabo bakwiriye kuba abigengesera, bitonda, badahindagurika, bakiranuka kandi bagira impuhwe. Bakwiriye kugaragaza urukundo n'ibambe. Nibasohoza ibyo Kristo yavuze, urukundo rwabo ntiruzaba urw'ingeso ziteye isoni zatuma imibiri yabo irimbuka, abagore babo bakagira integenke kandi bakarwaragura. Ntibazakomeza kwishimira irari rya kamere y'umubiri, mu gihe mu matwi y'abagore babo humvikana ijwi ribabwira ko bakwiriye kumvira abagabo babo muri byose. Umugabo nagira ingeso nziza, akagira

umutima wera, akagira ubwenge umukristo nyakuri wese akwiriye kugira, bizagaragarira mu miryamanire ye n'uwo yashatse. Niba umugabo afite umutima wari muri Kristo, ntazaba umurimbuzi w'umubiri, ahubwo azuzurwamo n'urukundo rw'ineza, ashaka gushyikira urugero rwo hejuru cyane muri Kristo.

Nta mugabo Wabasha gukunda umugore we by'ukuri mu gihe umugore we azihanganira kuba imbata y'irari rye ribi. Iyo umugore yemeye, ata agaciro yari afite ku mugabo we. Asanga yishyize ku gaciro ko hasi cyane, mu buryo yazemerera n'undi wese kumugenza nk'uko yamumenyereje. Ntiyemera ko ari umuntu ushikamye kandi uboneye. Aramurambirwa, maze agashaka abandi abitewe no gushaka kongera irari rimujyana ku kurimbuka. Amategeko y'Imana ntaba akiyacira akari urutega. Abo bagabo ni babi kuruta inyamaswa; ni abadayimoni bafite ishusho y'abantu. Ntibazi imibereho myiza n' ingeso nyakuri n'urukundo rwejejwe.

Umugore nawe afuhira umugabo we, maze akamutekerezaho nabi yuko abonye urwaho yagana ku wundi mugore. Umugore abona yuko umugabo we atayoborwa n'umutima uhana cyangwa no kubaha Imana; ibihindizo byejejwe byamutangiraga bikurwaho n'irari; ibyiza by'Imana byose byabaga mu mugabo bikagirwa imbata y'ibibi n'irari rya kinyamaswa.

Igihe Umugabo Abajije Ibidahwitse

Igikwiriye gutekerezwa ni iki: Mbese umugore akwiriye kwiyumvamo yuko ari ngombwa kwemera iby'umugabo ashaka mu gihe areba yuko nta kindi kibitera ahubwo ko ari irari ribi rimutegeka, mu gihe afite impamvu n'ubwenge bimwemeza yuko nabikora bigira icyo bitwara umubiri we yashinzwe n'Imana ngo ube uwera kandi w'icyubahiro ngo awurinde ube igitambo kizima cy'Imana?

Si urukundo ruboneye kandi rwera rutuma umugore yishimira irari rya kinyamaswa ry'umugabo we ririmbura amagara n'ubugingo. Niba afite urukundo nyakuri n'ubwenge, azashaka uko yahindura ubwenge bw'umugabo we, abuvanemo kwishimira irari ry'ibibi. amutere kwishimira ibyo hejuru by'umwuka, abikoreshe kumusobanurira iby'umwuka binejeje. Ibyaba byiza ni ukumuhendahenda yicishije bugufi

mu nzira y'urukundo, riubwo byatera umugabo we kumurakarira, biruta ko yakonona agaciro k'umubiri we abitewe no kuryamana birenze urugero. Akwiriye kumwibutsa mu buryo bwiza no mu neza yuko mbere ya byose Imana yitaye ku kubaho kwe, kandi yuko adakwiriye gusuzugura iby'ishaka, kuko azabibazwa ku munsi ukomeye w'Imana.

Niba umugore afite urukundo rushyitse, maze agakomeresha ikinyabupfura cye kwera n'icyubahiro cya kigore ashobora gukoresha byinshi ubwenge bwe akeza umugabo we, maze agasohoza atyo umurimo we ukomeye. Aramutse agenje atyo abasha kwikizanya n'umugabo we, akaba akoze umurimo urimo ibiri. Muri ibyo byiza cyane kandi biruhanije cyane hagombwa ubwenge no kwihanganamdetse n'ubutwari burimo gukiranuka n'ubushizi bw'amanga. Imbaraga n'ubuntu bishobora kuboneka mu masengesho. Urukundo nyakuri ni rwo rukwiriye kuba ingeso itegeka umutima. Gukunda Imana no gukunda umugabo ni byo byonyine bishobora kuba inshingiro ryo gukora neza.

Igihe umugore yeguriye umubiri n'ubwenge ku mategeko y umugabo we, akemera ubushake bwe muri byose, agahara umutima we uhana, n'ikinyabupfura cye, abura umwanya wo gukoresha icyitegererezo cye gikomeye kubasha kuyobora neza umugabo we. Umugore akwiriye koroshya kamere y'ubukana y'umugabo we, kandi icyitegererezo cye cyo kwera kibasha gukoreshwa mu buryo bwera kandi buboneye, kikamutera kugira umwete wo guhirimbanira gutegeka irari rye maze akagira ubwenge buruseho bw'iby'umwuka, kugira ngo bashobore gusangira kamere n'Imana, kandi ngo babone uko bahunga kononekara kuri mu isi guterwa n'irari. Imbaraga ireshya ibasha kuba ikomeye igatera ubwenge gutekereza ibyo hejuru bifite icyubahiro gikomeye, biruta iby' imburamumaro, by'iruba rya kamere ritera umutima utavuguruwe n'ubuntu guhora ubirarikiye. Niba umugore yiyumvamo yuko inzira yo kunezeza umugabo we ari ugukora ibihwanye n'ingeso ye, kandi urukundo rw'irari rya kinyamaswa rukaba ari rwo rumutegeka iby'akora, uwo mugore ababaza Imana; kuko aba atayoboje umugabo we ingeso yera. Niba yiyumvamo yuko akwiriye kwemera iruba rya kinyamaswa ry'umugabo we atagize icy'avuga cyo kwangirira, aba atarasobanukirwa n'inshingano afite ku mugabo we cyangwa ku Mana ye.

Mwaguzwe igiciro

Irari ribi ryamaze kubona umwanya mu mubiri riwukoreramo. Ayamagambo “inyama”cyangwa “mu buryo bw’umubiri” cyagwa kwifuza k’umubiri” avuga kamere mbi, yo kubora; umubiri ubwawo ntubasha gukora ibinyuranye n’iby’ Imana ishaka. Dutegetswe kubamba kamere n’iruba n’irari byayo. Tuzabikora dute? Dukwiriye kubabaza imibiri yacu? Ashwi da; ahubwo dukwiriye kwica ibidushukashukira gukora icyaha. Ibitekerezo bibi bikwiriye kutwamururwamo. Intekerezo z’uburyo bwose zikwiriye kugirwa imbata ya Yesu Kristo. Irari ryose rya kinyamaswa rikwiriye gutegekwa n’imbaraga y’ubwiza bw’umutima. Urukundo rw’Imana ni rwo rukwiriye kwimikwa. Kristo ni we ukwiriye kwicara ku ntebe y’ubwami. Imibiri yacu ikwiriye kuzirikanwa ko ari iye, yarayiguriye. Ingingo z'umubiri zikwiriye kuba ibikoresho byo gukiranuka.

IGICE CYA 23

UMUTEGARUGORI N’UMWANA WE

Umugore ari we nyina w'umwana, mu kigwi cyo guhugira mu mirimo y’urugo gusa, akwiriye gushaka umwanya wo gusoma, kugira ngo agire iby’amenya neza, by’uburyo bwo kuba mugenzi w’umugabo we, kandi ngo amenye neza uko ubwenge bw’abana be bukuza amajyambere. Akwiriye gukoresha ubwenge uburyo bwose abonye kugira ngo atunganye imibereho y’abe. Ajye atanga igihe cyo gushyikirana n’Umukiza, amugire incuti ye buri munsi. Ajye ashaka umwanya wo kwiga ijambo rye, n’uwo kujyana n’abana be mu misozi bigire Imana ku byo yaremye.

Akwiriye guhora ari umunyakuri kandi anezerewe. Mu kigwi cyo guhora ahugiye mu idoda ridashira, ajye agira umugoroba umwanya wo kuganira umwanya wo guterana kw’ab’urugo bakitse imirimo y’uwo munsi. Akenshi ibyo byatuma umugabo ahitamo guterana n’umuryango we, kuruta kujya mu giterane cya rubanda cyangwa aho bateranira kunywa. Ibyo byatuma umuhungu areka kuzerera mu mayira cyangwa mu tubare. Ibyo byatuma umukobwa atagirana umushyikirano n’incuti

mbi. Imimerere myiza y'urugo yabera ababyeyi n'abana umugisha, ari wo Imana ibifuriza.

Hariho ikibazo gihora kibazwa ngo: "Mbese umugore ntiyakora icyo yishakiye ubwe? "Bibliya ivuga yeruye yuko umugabo ari we mutwe w'ab'urugo. "Bagore, mugandukire abagabo banyu. "Iyaba iryo tegeko ryari rirangiriye aha, twabashije kuvuga yuko umwanya w'umugore Atari mwiza; ahubwo dusoma iherezo ry'iryo tegeko ngo "Nk'uko bikwiriye mu Mwami."

Dukwiriye kugira Umwuka w'Imana, niba tutamufite ntabwo tubasha kumvikana mu rugo. Niba umugore afite umwuka wa Kristo, azajya yitondera amagambo ye; azajya ategeka umutima we, azajya aganduka, nyamara atiyumvamo ko aboshywe n'ubuja, ahubwo ari uko ari mugenzi w'umugabo we. Niba umugabo ari umugaragu w'Imana, ntazaba umutegeka w'umugore we; ntazaba umunyamahane cyangwa akadakoreka. Ntabwo guhorana inkeke ari byo byazana urukundo mu rugo, ahubwo iy'Umwuka w'Uwiteka ahari hahinduka igishushanyo cy'ijuru. Niba umwe afuditse,undi azajya agira kwihangana nk'ukwa Kristo, ntazivumbura bitigarura.

Kuba Umubyeyi

Umubyeyi wese uri hafi yo kubyara, uko yaba ameze kose akwiriye guhorana umunezero, akeye kandi anyuzwe, azi neza yuko imihati agira azayishyuririrwa incuro cumi mu ngeso z'iby'umubiri, n'iby'umwuka by'abazamukomokaho. Si ibyo gusa. Ashobora kwimenyereza kugira ingeso yo kugira ibitekerezo by'umunezero, akaba agira umunezero mu bwenge no kumurikishiriza ab'urugo rwe umunezero wo mu mutima, ndetse n'abandi babana. Ibyo bizatuma agubwa neza mu mubiri we cyane. Azagira imbaraga mu bugingo, amaraso ntazajya agenda buhoro mu mubiri, nkuko byamera aramutse yemeye kujya yiheba no kugira agahinda Kugubwa neza kw'ubwenge n'uk'umubiri biterwa imbaraga n'ibyiringiro byo mu mutima we. Imbaraga y'ubushake ishobora kurwanya ibitekerezo by'ubwenge maze bigatuma imitsi yumva igubwa neza biruseho. Abana bambuwe izo mbaraga bari bakwiriye kuragwa n'ababyeyi babo bakwiriye kwitabwaho cyane. Kwitondera cyane amategeko yo kubaho kwabo bishobora gutuma hakorwa ibintu byinshi byiza biruseho.

Umugore wiringiye yuko azabyara abana akwiriye guhora akundisha Imana umutima we. Ubwenge bwe bukwiriye kugira ituza; akwiriye kuruhukira mu rukundo rwa Kristo, akora iby'ijambo rya Kristo rivuga. Akwiriye kwibuka yuko nyina w'abana ari umukozi ukorana n'Imana. Umugabo n'umugore bakwiriye gushyira hamwe. Mbese twagira isi imeze ite ababyeyi bose b'abagore baramutse bitangiye ku gicaniro cy'Imana, kandi bagaha Imana urubyaro rwabo mbere yo kubyara no hanyuma yaho!

Ababyeyi benshi babona yuko ibikwiriye gukorwa mbere yo kubyara badakwiriye kubyitaho; ariko abo mu ijuru si ko babibona. Ubutumwa bwatumwe marayika w'Imana bwatanzwe mu buryo bw'icyubahiro cyane, bugaragaza yuko dukwiriye kubutekereza cyane twitonze.

Amagambo yabwiwe umubyeyi w'Umuheburayokazi (muka Manoa), Imana iyabwira ababyeyi b'abagore bose bo mu bihe byose. Marayika yaravuza ati: "Azirinde, yitondere ibyo namubwiye byose. "Imibereho myiza y'umwana izaturuka ku ngeso za nyina. Iby'ararikiye n'ibyo yifuza bikwiriye kuyoborwa n'ingeso nziza. Hariho ikintu akwiriye kwitandukanya na cyo, akaba akwiriye kukirwanya, niba asohoza umugambi w'Imana imufitiye wo kumuha umwana.

Isi yuzuyemo imitego yo gutega ibirenge by'abasore, Inteko nini y'abantu yamaze gukururwa n'imibereho yo kwikunda no kunezeza umubiri. Ntibashobora kugenzura akaga gahishwe cyangwa iherezo riteye ubwoba ry'inzira ibagaragarira ko ari yo nzira y'umunezero. Mu gihe binezeza mu byo bararikiye n'ibyo bifuza, bapfusha ubusa imbaraga zabo, maze abantu uduhumbagiza bakarimbuka, bakabura ibyiza by'iyi isi n'iby'isi izaza. Ababyeyi bakwiriye kwibuka yuko abana babo bazahura n'ibyo bigeragezo. Ndetse mu gihe umwana ataravuka ni ho bakwiriye kwitegura ibizamubashisha kurwana no gutsinda iyo ntambara y'ibibi.

Niba nyina w'umwana akunda kwinezeza mu gihe umwana ataravuka, niba ari umunyabugugu, arahuka, ari umunyabukana, izo ngeso ni zo umwana azagira. Uko ni ko abana benshi babonye umurage w'ibibi bitabasha kunesheka.

Ariko niba umubyeyi w' umugore agundira cyane ingeso zitunganye, niba yirinda kandi yiyanga, niba ari umugwaneza, umunyamahoro, kandi utikanyiza, ashobora guha umwana we izo ngeso nziza cyane.

Impinja ni indorerwamo ya nyina ashobora kureberamo ingeso n'imico ye. None se akwiriye kwitondera ururimi rwe n'ingeso ze bingana bite imbere y'utwo twigishwa duto! Ingeso zose ashaka kubona abana be bafite ni zo akwiriye kugira ubwe.

Igihe Imirimo y'Umutegarugori Ikwiriye Kugabanuka

Ni ugufudika kutagira itandukaniro mu mibereho y'umugore mbere yo kubyara. Muri icyo gihe cy'ingenzi imirimo y'umubyeyi ikiwiriye kugabanwa. Haba hatangiye kuba guhinduka gukomeye mu mubiri we. Agomba kugira amaraso menshi biruseho, ni cyo gituma akwiriye kurya ibyokurya bifitiye umubiri akamaro cyane kugira ngo bimwongerere amaraso, keretse abonye ibyokurya byinshi bifitiye umubiri akamaro, naho ubundi ntiyabasha kugira imbaraga z'umubiri, kandi n'umwana we ntiyagira intege.

Imyambaroye na yo ikwiriye kwitonderwa. Birakwiriye kwitonda mu byo kurinda umubiri gukonja. Umubyeyi ntakwiriye gukoreshereza imbaraga ze gushyushya umubiri kuko abuze imyambaro ihagije. Niba umubyeyi abuze ibyokurya byiza byinshi bikwiriye umubiri, azabura amaraso menshi kandi aboneye. Amaraso ye ntazagenda neza mu mubiri, kandi umwana we azayabura. Umwana azaba inyanda ananirwe kwiha ibyokurya bihinduka amaraso meza yo gutunga umubiri. Amagara mazima y'umwana na nyina aterwa cyane n'imyambaro myiza isusurutse no kubona ibyokurya bitunga umubiri.

Uko Umubyeyi Wonsa Akwiriye Kumera

Ibyo kurya byiza cyane by'uruhinja ni amashereka ya nyina. Ibyo ntakwiriye kubyimwa ku mpamvu nkeya. Umubyeyi aba abaye intavumera niba yihunza gukora umurimo mwiza wo konsa akana ke, abitewe no kwishakira umunezero cyangwa kudamararira hamwe n'abandi.

Igihe umwanayonkaamasherekaya nyina ni igihe cyo kwitonderwa. Ababyeyi benshi igihe bonsa bakora imirimo iteye agacuho maze amaraso yabo agashyuha bitewe no guteka; uruhinja rurarwara cyane, bidatewe n’amashereka y’umuriro uva mu mabere ya nyina gusa, ahubwo bitewe n’uko amaraso yarwo yandujwe n’ibyokurya bitarimo ibitunga umubiri nyina yariye byamuteye indwara y’umuriro umubiri wose maze bikanduza amashereka umwana yonka. Umwana kandi yanduzwa n’uko ubwenge bwa nyina bumeze. Iyo ari umuntu uhorana agahinda, urahuka vuba, urakara, ushoza intambara, amashereka umwana yonka arandura, kenshi bikamutera kurwara ibyo mu nda, kugubwa nabi, ubundi kandi bikamutera indwara yo gushiguka no kwikanga.

Ingeso z’umwana kandi zituruka ku rugero rutewe n’uko amashereka yonka amaze. Ni ikintu cy’ingenzi cyane ku mubyeyi mu gihe yonsa ko agira umunezero mu mutima we, agategeka umutima we rwose. Iyo agenje atyo, ntacyo amashereka y’umwana aba, kandi ituze, n’ingeso yo kwitegeka nyina afite mu byo agirira umwana we bigira icyo bimara cyane mu byo gutunganya ubwenge bw’uruhinja. Niba uruhinja rwikanga, rugashiguka ku mpamvu nkeya, nyina akwiriye kugira uburyo bwo kumuhumuriza adahubutse no kumuhendahenda, ubwo nibwo umwana azabasha gukura neza cyane afite amagara mazima.

Gahunda mu Byo Kurerana Urukundo

Ababyeyi bahawe abana kuba ingwate bazabazwa n’Imana umunsi umwe. Dukwiriye gutanga umwanya munini wo kubigisha, no kubarera cyane no kubasabira cyane. Bakeneye kwigishwa mu buryo bukwiriye.

Kenshi indwara z’abana zishobora guturuka ku mafuti yo kubarera. Kuryagagura, imyambaro idakwiriye mu gihe cy’umugoroba hariho imbeho, kudakina ibikino bitera imbaraga ngo bitume amaraso agenda neza mu mubiri, cyangwa kutabona umwuka mwinshi wo kweza 'amaraso, bishobora kuba intandaro y'akaga. Ababyeyi nibajye biga bashaka kumenya igitera indwara, maze babone kuvura ahameze nabi vuba uko bishobotse kose.

Uko bisanzwe abana bakurwa ku kariri no gushaka kurya maze bakigishwa yuko babereyeho kurya. Umubyeyi agira ibyo akora byinshi byerekeye kurema ingeso z'abana be bakiri bato. Ashobora kubigisha gutegeka irari ryabo, cyangwa ashobora kubigisha kwishimira irari maze bakaba abanyandanini. Kenshi umubyeyi aringaniza inama y'imirimo akwiriye kurangiza mu munsi maze igihe abana bamurushya mu kigwi cyo kubahendahenda akabahoza abahoresha ibyokurya, bagahora umwanya muto, ariko hanyuma bikarushaho kubatera kumurushya biruseho. Ibifu by'abana biba byatekewemo ibyokurya mu gihe batabishakaga na gato. Ariko icyari ngombwa ni umwanya nyina yabahozamo no kubitaho. Ariko abona yuko igihe cye ari icy'igiciro cyane, bituma atabona igihe cyo gukinisha abana be. Ahari gahunda y'urugo rwe yo kunezeza abashyitsi mu buryo bwiza, no guteka ibyokurya bye mu buryo bushya ni byo ashyiraho umtima cyane kuruta umunezero n'amagara mazima by'abana be.

Mu byo gutegura imyambaro y'uruhinja, umunezero, ihumure, n'amagara mazima ni byo bikwiriye gushakwa mbere yo guhimba ibishya cyangwa gushaka ibitangaza abantu. Nyina w'abana ntakwiriye gukoresha igihe ataka cyangwa arimbisha utwenda duto, ibyo ni ukwivunisha imirimo idahwitse nkaho yakoze ibifitiye amagara ye n'ay'abana be umumaro. Ntakwiriye kwinaniza adoda, kuko bibabaza cyane amaso n'imitsi yumva mu gihe akwiriye kuruhuka cyane no gukora imyitozo inejeje. Akwiriye kumenya inshingano ye yo kwiyongeramo imbaraga kugira ngo azabashe imirimo imukwiriye. 2

Umumaro wo Kwitegeka mu Byo Kwigisha

Umwana Mu byo kwigisha umwana, haba ubwo ubushake bwa nyina n'ubujijuke bwe bihura n'ubwenge buke bw'umwana n'ubujiji bwe. Iyo bigeze aho nyina aba agomba kugira ubwenge bwinshi. Gukorana ubwenge buke no gukoresha umwana ku gahato biramwangiza cyane.

Igihe cyose bishobotse, ako kaga gakwiriye kwirindwa; kuko bizanira umwana na nyina guhora batongana. Ariko niba ako kaga kamaze kubatahaho, umwana akwiriye gutozwa gushyira ubushake bwe mu bushake bufite ubwenge buruseho bw'umubyeyi we.

Umutegarugori akwiriye kumenya kwifata, ntagire icyo akora cyo gutera umwana kubyutsa intambara. Ntakwiriye gutangana amategeko ijwi rikakaje. Ikizamugirira umumaro cyane ni ukuvugana ijwi rito rituje. Akwiriye kugirira umwana ibimukururira kuri Yesu. Akwiriye kumenya yuko Imana ari Umufasha we, n'urukundo rwe n'imbaraga ze.

Iyo ari umukristokazi w'umunyabwenge, ntagerageza guhatira umwana we kuganduka. Asaba ashishikaye ngo umwanzi atanesha, maze uko asaba yiyumvamo ko imibereho y'iby'umwuka ihindutse ishyashya. Abona yuko iyo mbaraga imukoreramo ikorera no mu mwana, maze umwana agahinduka umunyamahoro kandi wumvira. Uwo mubyeyi aba anesheje. Kwihangana kwe, ineza ye, amagambo ye y'ubwenge bwo kwirinda biba bikoze umurimo wabyo. Haboneka amahoro akurikiye umugaru, nk'umucyo w'izubaurashe imvura ihise. Nuko rero abamarayika barebaga ibyo, bakaririmba indirimbo z'umunezero.

Bene ayo makuba aza no mu mibereho y'umugabo n'umugore, iyo batayobowe n'Umwuka w'Imana, bagaragaza mu bihe nk'ibyo umutima wo guhubuka no kutabanza gutekereza nkuko biboneka kenshi cyane mu bana. Nk'uko ibuye rikomeyeryikubita ku rindi rikomeye ni ko n'intambara y'ubushake yikubita ku bushake bundi imera.

(1) AH 110-118; (2) AH 255-267 (3) 7T 47,48

IGICE CYA 24

ABABYEYI B'ABAKRISTO

Uko mukora imirimo y'urugo mukiranutse, umugabo akaba umutambyi w'ab'urugo rwe; umugore akaba umutabazikazi, muba mwongera imbaraga zo gukora ibyiza ahandi hatari imuhira. Uko murushaho kongera imbaraga zanyu ubwanyu. Ni ko murushaho kuba abakwiriye gukora mu itorero no mu baturanyi. Iyo mwikomerejeho abana banyu mukabakomereza no ku Mana, muhinduka abakozi bakorana n'Imana.

Kwera k'Umurimo w'Umutegarugori

Umugore akwiriye gusohoza inshingano yahawe n'Imana kera kose ihwanye n'iy'umugabo we. Isi ikeneye ababyeyi b'abana batari abo ku izina gusa, ahubwo babigaragaza no mu bikorwa. Tubasha kuvuga nta mususu yuko inshingano z'umugore ari nziza cyane, zera cyane kurusha iz'umugabo. Umutegarugori akwiriye gusobanukirwa no kwera k'umurimo we maze agakora umurimo wo mu mibereho ye afite imbaraga kandi yubaha Imana. Akwirive kwigishiriza abana be kuzagira umumaro muri iyi si no mu rugo rwo mu isi irushijeho kuba nziza

Umugore ari we nyina wabana ntakwiriye kunebwa ngo akundire imbaraga ze kumera nk'izipfuye, yishingikirije ku mugabo we. Ntakwiriye kwihisha mu mugabo we. Akwiriye kwiyumvamo ko ahwanye n'umugabo we, amuhagaze iruhande, akiranuka mu byo akora, umugabo na we akiranuka mu bye. Umurimo we wo kwigisha abana be ni uwo kujijura no kurera neza mu buryo bwose, umeze nk'umurimo uwo ari wo wose umugabo yahamagariwwe gukora, naho waba ari uwo kuba umutware ukomeye w'ishyanga.

Umwami wicaye ku ntebe ye y'ubwami ntafite umurimo w'icyubahiro uruta uw'umutegarugori, ni umwamikazi w'ab'urugo rwe. Afite imbaraga zo guhindura ingeso z'abana be, kugira ngo babe bakwiriye kuzahabwa ubugingo bwera buruseho kandi buhoraho. Nta marayika wasaba umurimo w' icyubahiro uruse uwo; kuko igihe umutegarugori akora atyo aba akoreye Imana. Akwiriye gusobanukirwa n'agaciro k'umurimo we maze akambara intwaro zose z'Imana, kugira ngo abashe kurwanya ibishuko bituma abantu basa n'ab'isi. Umurimo we n'uw'igihe kirekire kandi uzahoraho.

Niba abagabo bafite abagore bajya ku mirimo, bagasiga abagore barera abana imuhira, nyina w'abana aba akora umuurimo ukomeye kandi w'ingenzi rwose uhwanye n'uwo se w'abo bana akora. Nubwo umwe yaba ari mu murimo w'Imana mu bihugu bya kure, undi na we aba akora umurimo w'Imana imuhira. Ugomba kwitonderwa, uruhanije kandi uremereye cyane kuruta uw'umugabo we. Umurimo we ni uw'icyubahiro kandi ni ingenzi. Umugabo wagiye gukorera Imana mu misozi ahabwa icyubahiro gikwiriye abagabo, nyamara umukozi uruha cyane w' imuhira ntabashe kubona icyubahiro cyo mu isi kubwo imirimo ye. Ariko niba

akorera cyane kungura ab'urugo rwe, agashaka kuboneza ingeso zabo ngo zibe nk'icyitegererezo cyacu cyo mu ijuru, marayika wandika ibikozwe yandika izina rye ko ari iry'umuntu wakoze umurimo w'Imana ukomeye cyane mu isi kuruta abandi bose. Imana ntireba ibintu nkuko abantu bagira ibitekerezo bigufi babireba.

Isi yuzuwemo n'ibibi bikurura abantu. Ibintu by'agahararo n'ingeso bifite ubushobozi bwinshi ku basore. Niba umutegarugori ananiwe inshingano ye yo kurera no kuyobora no kwerekera abana be, nta kizababuza kwemera ibibi no kureka ibyiza. Umutegarugori wese akwiriye gusanga Umukiza we asenga ati "Twigishe uburyo bwo kwigisha umwana n'icyo dukwiriye kumukorera. "Akwiriye kwitondera iby'Imana yigishirije mu ijambo ryayo, nibwo azahabwa ubwenge bungana n'ubwo yifuza.

Umutegarugori wese akwiriye kwiyumvamo yuko ibihe bye ari iby'igiciro cyinshi, kandi yuko umurimo we uzageragezwa ku munsi ukomeye w'amateka. Ni bwo bizagaragara yuko ibyinshi mu mafuti n'ubugome abagabo n'abagore bagize babitewe n'ubujiji no kutita ku bari bashinzwe kuyobora intambwe zo mu bwana bwabo mu nzira itunganye. Kandi bizagaragara yuko abenshi bahesheje isi umugisha bikomotse ku mucyo w'ubwenge n'ukuri no gutungana byaturutse ku mibereho myiza no ku masengesho y'umutegarugori w'umukristokazi.

Ubushobozi bw'Umutegarugori Bwo Gukora Ibyiza

Umutegarugori ashobora kuba afite icyubahiro gike; ariko icyitegererezo cye hamwe n'icy'umugabo we bishobora guhoraho. Imbaraga y'umutegarugori yo gukora ibyiza ikurikiye iy'Imana kandi ifite ubushobozi ku isi.

Umubyeyi w'umukristokazi azajya ahora ari maso agenzure akaga kagota abana be. Azajya arinda umutima we ube uboneye kandi wera; azajya ategekesha umutima we n'ingeso ze ijambo ry'Imana kandi azajya asohoza inshingano ze akiranutse, agire imibereho isumba ibishuko by'amanjwe bizajva bimutera iminsi yose. Abana bazi kureba vuba. bakamenya uwihangana, bakamenya gutandukanya ijwi rivuganye urukundo n'iry'uburakari, n'iryo gutegekana ubukana, ari byo byumisha urukundo rushyitse n'impuhwe mu mitima y'abana. Umubyeyi

w’umukristokazi ntazajya yirukanisha abana be kuvuga amagambo akarishye no kutagira impuhwe.

Bategarugori, nimukanguke kugira ngo imigenzereze yanyu n’icyitegererezo cyanyu bihindure ingeso n’imibereho by’abana banyu, kandi ku by’inshingano yanyu mugire ubwenge butunganye n’ingeso ziboneye, zirabagiranisha ukuri n’ubwiza.

Abagaho benshi cyane n’abana batagira icyo babona kinezeza mu rugo, bahora bahura n’ibitutsi no kwivovota, bashakira ihumure n’ibiganiro ahandi hatari imuhira. mu biraba cyangwa ahandi hakorerwa ibintu bidakwiriye byo kwinezeza. Umubyeyi w’abana uhora uhugiye ku mirimo y’urugo, akenshi ntiyita ku bintu bito akwiriye gukorera kugira ngo urugo rubere umugabo we n’abana be ahantu h’umunezero, nubwo yakwirengagiza imiruho ye n’amagorwa ye igihe bamureba. Mu gihe ahugiye mu kuringaniza ibyokurya n’ibyo kwambarwa, umugabo we n’abana be baba binjira kandi basohoka nk’abashyitsi.

Niba abategarugori biyambarira uko babonye bitagira gahunda mu gihe bari imuhira, baba bigisha abana babo gukurikiza inzira yabo y’umwanda. Ababyeyi benshi b’abagore batekereza yuko umwambaro uwo ari wo wose uhagije kwambarira imuhira, nubwo waba ari umwanda cyane kandi ari incabari. Ariko bidatinze abo mu ngo zabo baba batakibumva. Abana bagereranya imyambaro ya nyina n’iy’ abandi bambaye neza, maze icyubahiro bari bamufitiye kigabanuka.Umugore nyakuri w’umutegarugori azajya akorana imirimo ye icyubahiro n'umunezero, atazirikana yuko kuyikoresha amaboko ye bimgabanurira agaciro mu gihe akora igikwiriye gukorwa cyose muri gahunda gikorerwa urugo.

Umutwe w’ab’Urugo Niyigane Kristo

Ab’urugo bose bahurira kuri se; Ni we utanga amategeko, ugaragariza mu mibereho ya kigabo imico myiza itadebuka, n’ imbaraga, no gukiranuka, n’ubugwaneza, no kwihangana, n’umwete, no kuba ingiramumaro. Umugabo ni we mutambyi w’ab’urugo; agashyira ku gicaniro cy’Imana igitambo cya mu gitondo na nimugoroba. Umugore n’abana bakwiriye kumenyeshwa ko bakwiriye guhurira kuri iryo turo bagafataniriza hamwe kuririmba no guhimbaza. Mu gitondo na

nimugoroba se w’abana ari we mutambyi w'ab‘urugo, akwiriye kwaturira Imana ibyaha bye n'ibyakozwe n’abana be muri uwo munsi. Ibyaha yamaze kumenya, n’ibihishwe byamenywe n'Imana yonyine byose bikwiriye kwaturwa. Itegeko ry’uyu murimo nirikurikizwa ryitaweho cyane na se w’abana mu gihe ari imuhira, nyina w'abana akarikurikiza mu gihe umugabo we atahari bizabera ab’uwo muryango umugisha.

Ndabwira umugabo ari we Se w’abana nti, ube uzi yuko iby’ugamije byose bitunganye kandi byera. Ukwiriye guhora wigira kuri Kristo iminsi yose. Ntuzagerageze na gato rwose kugaragaza umutima wo gutoteza mu rugo. Umugabo ugenza atyo aba akora umurimo wa Satani. Reka ubushake bwawe bwumvire ubushake bw’Imana. Ukore uko ushoboye kose kugira ngo imibereho y’umugore wawe ibe iyo kunezeza kandi anezerwe. Ugire ijambo ry’Imana umujyanama wawe. Jya ugira imibereho yigisha ijambo ry’Imana mu rugo rwawe. Niho uzagira imibereho yaryo mu itorero kandi ukazajya uyijyana aho ukora hose. Ingeso zo mu ijuru zizongera icyubahiro cy’imirimo yawe yose. Abamarayika b’Imana bazafatanya nawe, bagufashe kugaragariza ab’isi Kristo.

Ntugakundire imiruho y’imirimo yawe kwijimisha imibereho y’urugo rwawe. Niba mu gihe hari utuntu duto tubaye nk’uko utatekerezaga ko byaba, nawe ukananirwa kwihangana, no kwiyumanganya, n’ineza n’urukundo, uba werekanye ko utahisemo uwagukunze akakwitangira ngo abe mugenzi wawe, ngo ube umwe na we.

Kuba umugabo mu rugo ntibigaragazwa n'uko umugabo atsikaraye ku gaciro afite ko kuba umutwe w’urugo rwe. Ntibimwongerera icyubahiro kumwumva avuga ibyanditswe bitera inkunga ubutegetsi bwe. Guhatira umugore we nyina w’abana be gukora ibyo yagambiriye nk’aho bitabasha kuba amafuti si byo bituma aba umugabo. Uwiteka yashyiriyeho umugabo kuba umutwe w’umugore ngo amubere umurinzi; n'umwe mu muryango w’ab’inzu, ubabumbira hamwe, nk’uko Kristo ari umutwe w’itorero n’Umukiza waryo. Umugabo wese uvuga ko akunda Imanaakwiriye kwiga yitonze iby’Imana imushakaho aho ari. Amategeko ya Kristo akurikizwa mu bwenge no mu bugwaneza bwose no mu mahoro; uko ni ko n’umugabo akwiriye gukoresha ububasha bwe yigana Umutwe w’itorero.

Babyeyi Mukorere Hamwe Muhesha Abana Banyu Agakiza

Iyaba umwenda ukinze wabashaga gukurwaho, maze ababyeyi b’abana bakareba nk’uko Imana ireba imirimo yakozwe mu munsi, kandi bakareba uburyo ijisho ryayo ritagira iherezo rigereranya imirimo yabo bombi, batangazwa n’iby’abo mu ijuru babona. Se w’abana yabona umurimo we woroheje, mu gihe nyina akeneye kongerwamwo ubutwari n'imbaraga zo gukorana umurimo we ubwenge no kudatezuka no kwihangana. Ubwo ni bwo yamenya agaciro kawo. Mu gihe se yabaga ahugiye mu bintu bishiraho bikarangira, nyina yabaga ahugiye kungura ubwenge bw’abana n’ingeso zabo, adakora ibizamara igihe gito ahubwo akora ibizahoraho.

Inshingano se w’abana abafiteho ntizibasha guhabwa nyina. Niba nyina w’abana asohoza inshingano ze, aba afite umutwaro uhagije. Ababyeyi nibakora bafatanije, ni bwo bazabasha gusohoza umurimo Imana yabashinze.

Se w'abana ntakwiriye gushaka urwitwazo rwo kumubuza gusohoza umugabane we wo kwigishiriza abana be kuzahabwa ubugingo no kudapfa. Akwiriye gufatanya n’umugore we iyo nshingano. Iyo ni inshingano y’umubyeyi w’umugabo n’iy’umugore. Ababyeyi bakwiriye gukundana no kubahana, niba bashaka ko izo ngeso zikurira mu bana babo.

Ufite abana b’abahungu mu rugo rwe, nubwo yaba yarahamagariwe gukora iki, ntabwo akwiriye kwirengagiza imitima yashinzwe. Yabyaye abo bana mu isi, yiha inshingano ivuye ku Mana yuko azakoresha imbaraga ze uko ashoboye kose kubarinda kubana n’ababi no kugira incuti mbi. Ntakwiriye kureka abahungu be b’inkubaganyi ngo barerwe na nyina burundu. Uwo ni umutwaro umuremereye cyane.

Akwiriye kuringaniza neza uko barerwa mu buryo bushimishije abana na nyina, Bishobora gukomerera nyina cyane kwimenyereza kwitegeka no gukorana ubwenge mu gihe yigisha abana be. Biramutse bibaye bityo, se aba akwiriye kwikorera umutwaro uruseho mu mutima we. Akwiriye kugambirira gukorana umuhati cyane agakiza abana be.

Inama Yerekeye ku Bana Benshi

Abana ni umwandu uturuka k'Uwiteka, nitwe twanshinzwe kurera uwo mwandu we. Ababyeyi bakwiriye gukorera abo mu ngo zabo bafite urukundo no kwizera kandi basenga, kugeza ubwo bazabasha kuza imbere y'Imana bafite umunezero bavuga bati "Dore, ndi hano, jye n'abana Imana yampaye."

Imana ishaka yuko ababyeyi bakorana ubwenge bakagira imibereho ituma umwana wese abona uko yigishwa neza, kandi ko nyina agira imbaraga n'igihecyo gukoresha ubwenge igihe yigisha abana be gufatanya n'abamarayika. Umutegarugori akwiriye gukoresha umugabane we ubutwari, maze agakora umurimo we yubashye kandi akunze Imana, kugira ngo abana be babere umugisha abo mu rugo n'abo babana.

Umugabo akwiriye kuzirikana ibyo byose kugira ngo umugore we ataremererwa akicwa n'agahinda. Akwiriye kureba yuko nyina w'abana be Atari mu mwanya atabasha gukorera utwana twe twinshi ibikwiriye, kugira ngo badakura badafite ubwenge butunganye.

Hariho ababyeyi batazirikana ngo bamenye yuko bashobora cyangwa badashobora gukorera ab'urugo rwabo benshi ibikwiriye, nuko bakuzuza amazu yabo utwo twana duto tutagira gifasha, duteze amakiriro yose ku babyeyi batwo ngo baturere kandi batwigishe. Icyo ni ikibi giteye agahinda. Si bibi kuri nyina gusa, ahubwo no ku bana be no kuri bene wabo.

Kugira ngo mu maboko y'umubyeyi hajye hahoramo agahinja uko umwaka utashye n'ukumugirira nabi bitavugwa. Ibyo bigabanura kandi byonona umunezero w'ab'inzu maze bikongera ubutindi mu rugo. Bibuza abana kurerwa no kwigishwa n'umunezero ababyeyi bibwiraga ko abana babo bakwiriye kugira.

Ababyeyi bakwiriye kuzirikana bitonze inshingano z'ibyo bakwiriye gukorera abana babo. Ntibemererwe kubyara abana mu isi bo kubera abandi umutwaro.

Mbega ukuntu agaciro k'umwana kazirikanwa bya nikize! Umutima uba ku munezero w'iruba ryabo, maze imitwaro iremereye

ikikorezwa umugore ariwe nyina w'abana, ikangiza ubugingo bwe kandi ikaremaza imbaraga z'umwuka. Igihe afite amagara make kandi acogoye mu mutima, agira atya akabona agoswe n'umukumbi muto atabasha kurera nk'uko bikwiriye. Babura ibyigisho bibakwiriye, bagakurira gukoza Imana isoni no gufatanya n'abandi ibibi bya kamere yabo ubwabo, maze uko akaba ari ko ingabo Satani yishimira gukoresha ziboneka.

(1) 7T 67; (2) AH 231-254; (3) AH 212-215; AH 233; (5) AH 216-221; (6) AH 159-164.

IGICECYA 25

URUGO RWA GIKRITO

Imana ishaka yuko mu byo guhitamo aho tuba, tubanza kuzirikana mbere ya byose tukamenya iby'ingeso n'iby'idini bizaba bituzengurutse n'ab'ingo zacu.

Uko mushaka aho mwubaka, mureke uwo mugambi abe ari wo uyobora guhitamo kwanyu. Mwe gutegekwa n'irari ry'ubutunzi, n'imyifatire y'ibyo mureba cyangwa ingeso z'abantu. Muzirikana cyane ibyerekeye ineza, kubonera, amagara mazima no kuba hakwiriye rwose.

Mu kigwi cyo gutura ahagaragara imirimo y'abantu gusa, aho uhora ureba kandi ukumva inama z'ibitekerezo by'ibibi, aho imidugararo n'impagarara bizana umuruho no gushoberwa, jya aho ubasha kureba ibyo Imana yakoze. Shakira uburuhukiro bw'umutima ahari ibyiza, n'ituza n'amahoro by'ibyaremwe. Wemerere ijisho ryawe kureba ubwatsi butoshye, ibihuru, n'imisozi. Urebe hejuru ku ijuru rikeye, ritijimishijwe n'umukungugu wo mu mudugudu n'umwotsi, maze uhumeke umwuka ugarura intege wo mu kirere

Igihe cyamaze kugera, ubwo Imana izakingura inzira, ab'urugo bakwiriye kwimuka bakava mu midugudu. Abana bakwiriye kujyanwa mu misozi. Ababyeyi bakwiriye kubona ahantu hakwiriye, hahwanye

n’imari bafite. Nubwo aho gutura haba hato, hakwiriye kuboneka isambu ifite imirima.

Ababyeyi b’abagabo n’ab’abagore bafite iyabo ngobyi n’urugo rushimishije, ni abami n'abamikazi. Nibishoboka, urugo rukwiriye kuba kurey’umudugudu, ahantu abana bashobora kubonaaho bahinga. Umwana wese akwiriye kugira uwe murima w’umwihariko; maze ukazajya ubigisha guhinga, no kuringaniza amayogi yo guteramo imbuto, n’akamaro ko kubagara ukarandura urwiri rwose, ubigishe nanone uburyo ari ikintu cy’ingenzi kugira imibereho itaranganwa ikibi n’ingeso z’ubugizi bwa nabi. Ubigishe kurandura ingeso mbi nk’uko barandura urwiri mu mirima yabo. Bizamara iminsi wigisha ibyo byigisho, ariko bizagira umumaro, ndetse ukomeye cyane.

Isi irimo imigisha iyihishwemo ishobora kubonwa n’abafite ubutwari n’ubushake no kudacogora mu gihe bashaka ubutunzi buyirimo. Abahinzi benshi bananiwe kubona inyungu ihagije ituruka mu ngobyi yabo, kuko bakora umurimo bibwira ko usuzuguritse; ntibazi yuko muri wo harimo umugisha wabo ubwabo n’uw’ab’urugo rwabo.

Ababyeyi bategekwa n’Imana gutuma aho batuye hahwana n’ukuri bamamaza. Bashobora kwigisha abana babo ibyigisho bitunganye, maze abana bakiga gufatanya iwabo ho mu isi n’iwabo ho mu ijuru. Umuryango wo mu isi ukwiriye gukora uko ushoboye kose ngo ube icyitegererezo cy’uwo mu ijuru. Ibishuko byo kwishimira ibibi n’ibyo mu isi, bizabura imbaraga rwose. Abana bakwiriye kwigishwa yuko bageragerezwa mu isi, kandi bigishirizwa kuzaba abaturage bo mazu Kristo ategurira abamukunda kandi bakomeza amategeko ye. Uyu ni umurimo ukomeye uruta iyindi yose ababyeyi bakwiriye gukora.

Amazu yose agenewe kubabwamo n’abantu akwiriye kubakwa ahirengeye, hasheshe amazi uko bishobotse kose. Habe ahantu humutse. Iyo nama kenshi yitabwaho bisha na bisha. Kurwaragura, indwara zikomeye, n’imfu nyinshi, biterwa no gutura ahantu h’impehamyi, na malariya y’ahantu haciye bugufi, no guhora uzonzwe bitewe n’indwara.

Mu gihe cyo kubaka amazu, ikintu cy’ingenzi cyane cyane ni ugushaka ahari umwuka mwiza mwinshi n’umucyo w’izuba mwinshi. Mureke mu cyumba cyose cy’inzu hajye hanyura umwuka. Ibyumba byo

kuryamamo bikwiriye kuringanizwa mu buryo butuma umwuka uzamo, undi ugasohoka ku manywa na nijoro. Nta cyumba gikwiriye gukoreshwa kuryamwamo, keretse kigiye gikingurwa buri munsi kugira ngo umwuka n'umucyo w'izuba bikizemo.

Uturima twarimbishishijwe ibiti bitewe hirya no hino n'uduhuru duke ahitaruye inzu ho hato, tunezeza ab'urugo, kandi nitwitabwaho neza, ntacyo tuzatwara amagara y'abantu. Ariko ibiti biteye ibicucu n'ibihuru byegeranye kandi bitsikanye ahakikije inzu, bitera indwara, kuko bibuza umwuka mwiza kuza mu nzu kandi bigakingiranira hanze umucyo w'izuba, hunyuma mu nzu hakaza impehamyi, cyane cyane mu gihe cy'imvura.

Ibirimbisha Inzu Bikwiriye Kuba Ibyoroheje Kandi Bitari Iby'Igiciro Kinini

Murimbishishe inzu yanyu ibintu bisanzwe byoroheje, ibintu bishobora gufatwa mu ntoke, bishobora kubonezwa bitaruhanije, kandi bishobora kubonerwa ibibisimbura bidatwaye amafaranga menshi. Nimwimenyereza isuku, muzatuma urugo rwa gikene ruba urugo runezeza kandi rwakira abashyitsi, niba urukundo no kunyurwa birubamo.

Umunezero ntupfa kuzanwa n'ibintu by'umurimbo byo mu nzu gusa. Urugo rwa gikene ariko rukababwamo n'abantu bafite gahunda, ni rwo ruba urugo rufite umunezero uruseho. Gutera abana kunyurwa no kunezerwa mu rugo rwabo ntibiterwa no kugira ibintu byinshi by'igiciro n'ibyo kurimbisha bihambaye, ahubwo igikwiriye ni uko ababyeyi babakunda kandi bakabitaho.

Mutegekwa n'Imana kuba ibyitegererezo byo gutungana mu rugo rwanyu. Mwibuke yuko nta mivurungano iba mu ijuru kandi yuko urugo rwanyu rukwiriye kuba ijuru ryo mu isi. Mwibuke yuko guhera ubu ngubu nimukora utuntu dutoya dukwiriye gukorwa mu rugo rwanyu mubikiranutsemo, muzaba mubaye abakozi bakorana n'Imana, basohoza ingeso za gikristo.

Babyeyi, mwibuke yuko mukorera guhesha abana banyu agakiza. Niba ingeso zanyu zitunganye, niba mugaragaza isuku na gahunda,

ubwiza no gukiranuka, mwejejwe umutima n’umubiri n’umwuka, muba mwemeye amagambo y'Umucunguzi yavuze at: Muri umucyo w’isi.

Mutangire hakiri kare kwigisha abana gufata neza imyambaro yabo mubaha ahantu ho kubika ibintu byabo, kandi mubigishe kuzinga akantu kose neza no kugashyira ahantu hako. Niba mutabasha kubona akabati k’imyenda kabigenewe, mukoreshe akabati mu mbaho z'amasanduku atwarwamo ibintu, mugakingishe imyenda ifite amabara meza. Uyu murimo wo kwigisha iby’isuku na gahunda uzatwara umwanya muto buri munsi, ariko mu bihe bizaza bizagirira abana banyu akamaro, bitume namwe mubona igihe mukoreramo ibindi.

Ababyeyi bamwe bareka abana babo ngo bangize ibintu. bagakinisha ibintu batemerewe gukoraho. Abana bakwiriye kwigishwa yuko badakwiriye gukoresha ibintu by’abandi. Bakwiriye kwiga kwitondera amategeko yo kuba imbonera, kugira ngo bibafashe kandi bitere umunezero abo mu rugo. Abana ntibazanezerwa biruseho mu gihe bemerewe gukoresha ikintu cyose babonye. Iyo batigishijwe kwitonda, bakura baba babi, bafite ingeso zo kwangiza ibintu. Ntimugahe abana ibintu byo gukinisha bimeneka ubusa. Gukora ibyo ni ukubigisha icyigisho cyo kwangiza. Mujye mubaha ibintu bikeya bikomeye kandi bizarama. Izi nama muhawe, nubwo zagaragara ko ari izoroheje, zifite umumaro cyane mu byo kwigisha umwana.2

(1) AH 131-155; (2) CG 110, 111; 101-102.

IGICE CYA 26

IBY’UMWUKA WA KRISTO MU RUGO

Dushobora kugira agakiza k’Imana mu ngo zacu; ariko dukwiriye kwizera ibyako, tukagira imibereho yako, kandi tugahorana kwizera kurambye no kwiringira Imana. Iyo ijambo ry'Imana rigira ibyo ritubuza ubwo aba ari ukutugirira neza. Byongera umunezero w’abo mu rugo rwacu, n’uw'abatuzengurutse bose. Bituma dukunda ibyiza, kandi bikadutera amahoro mu mutima, maze hanyuma bikazaduhesha ubugingo buhoraho. Abamarayika bakorera abantu bazajya bahora mu ngo zacu,

maze bajyane mu ijuru amakuru y'amajyambere yacu mu by'umwuka bafite umunezero, kandi marayika wandika azatanga imimuriko inejeje.

Umwuka wa Kristo ni we uzajya ategeka mu mibereho yo mu rugo. Abagabo n'abagore nibakingurira imitima yabo gutegekwa n'ukuri n'urukundo byo mu ijuru, izo ngeso zizongera zitembe nk'imigezi mu butayu, ifutse hose kandi itere ayo mafu kuboneka ahantu h'umutarwe n'ahatewe n'amapfa. 1

Kwirengagiza idini mu rugo, kwirengagiza kwigisha abana, ni ikintu kirakaza Imana kuruta ibindi byose. Umwana wawe umwe aramutse aguye mu ruzi, akagundagurana n'umuvumba ari mu kaga ko kurohama, mbega umuvurungano wahaba! Mbega ukuntu abantu bashishikara, bagasenga, bakagaragaza uburyo bashaka ko ubugingo bw'uwo muntu bukira! Ariko dore abana banyu baretse Kristo imitima yabo idakijijwe. Bararimbuka badafite ibyiringiro kandi badafite Imana mu isi, namwe ntacyo mwitayeho kandi muri imburamukoro.

Satani afite umuhati wo kuyobya abantu inzira igana ku Mana; kandi imigambi ye irasohora igihe ibyo gusenga bitacyitaweho, iyo abashije kuroha ubwenge bwabo mu mirimo kugira ngo be kugira igihe basoma Bibiliya zabo, no gusengera ahihereye, no gukomereza ituro ryo guhimbaza n'iry'ishimwe ryo gutwikwa ku gicaniro cy'igitambo cya mu gitondo na nimugoroba. Mbega ukuntu abazi uburyarya bw'umushukanyi mukuru ari bake! Mbega uburyo abatazi inama ze z'uburyarya ari benshi! 2

Gusenga kwa Mugitondo na Nimugoroba

Yemwe babyeyi, nimujye muteraniriza abana banyu hamwe mu gitondo na nimugoroba babakikize, maze mwerekeze umutima ku Mana muyihendahendera kubafasha mwicishije bugufi. Abo bana banyu bari mu bishuko. Imiruho ya buri munsi igose inzira y'abasore n'abasaza. Abashaka kugira imibereho yo kwihangana, n'urukundo, n'umunezero bakwiriye gusenga. Tubasha kunesha inarijye gusa tubibashishijwe no guhora twakira umufasha uturuka ku Mana.

Niba hariho igihe urugo rwose rukwiriye kuba urugo rwo gusenga, icyo gihe cyaba iki turimo. Guhakana Imana no gushidikanya

birarushaho kugwira. Ibicumuro ni byose. Ibibi bigwiriye mu mitima y'abantu, kugomera Imana ni ko kwigaragaza mu mibereho y'abantu. Kubwo gutegekwa n'icyaha imbaraga z'umutima ziri mu bubata bwa Satani. Ubugingo bw'abantu bwabaye urubuga rw'ibikino bye. Keretse ukuboko gukomeye kuramburiwe gukiza naho ubundi umuntu agenda agana aho se w'ubugome amuyoboye.

Nyamara kandi, muri iki gihe cy'akaga gateye ubwoba, bamwe mu biyita abakristo ntibagira gusenga kw'ab'urugo. Ntibahera Imana icyubahiro mu rugo rwabo; ntibigisha abana babo kuyikunda no kuyubaha. Abenshi bitandukanyije n'Imana bayijya kure cyane bituma biyumvamo yuko bayegereye bacirwaho iteka. Ntibashobora "kwegera intebey'ubuntu badatinya," "barambuye amaboko yera badafite umujinya kandi batagira impaka." (Abaheburayo 4:16, 1 Timoteyo 2:8). Ntibafite umurunga muzima wo kubafatanya n'Imana. Bafite ishusho yo kubaha Imana ariko badafite imbaraga.

Kwibwira yuko amasengesho atari ikintu cy'ingenzi ni inama imwe y'uburyarya Satani akoresha akabishobora ashaka kurimbura ubugingo bw'abantu. Gusenga ni ugusabana n'Imana, ari yo Soko y'ubwenge, isoko y'imbaraga, n'amahoro, n'umunezero. Yesu yasabye Se "ataka cyane arira." Pawulo ahendahendera abizera "gusenga ubudasiba," mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho. Yakobo aravuga ati: "Musabirane. Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete." (Abatesalonike 5:7; Yakobo 5: 16).

Ababyeyi bakwiriye kugotesha abana babo uruzitiro rw'amasengesho y'ukuri kandi asenganwe umwete. Bakwiriye gusenga bafite kwizera gushyitse yuko Imana izabana nabo kandi yuko abamarayika bera bazabarindana n'abana babo imbaraga y'icyago ya Satani.

Mu rugo rwose hakwiriye kubaho igihe kigenwe cyo gusenga kwa mu gitondo na nimugoroba. Mbega ukuntu ari ikintu gikwiriye kwikoranirizaho abana mbere yo gufungura mu gitondo, ushimira Data wa twese wo mu ijuru ko yabarinze muri iryo joro rikeye, no kumusaba kubafasha no kubayobora no kubarinda muri uwo munsi! Mbega ukuntu bikwiriye mu gihe cya nimugoroba ko ababyeyi n'abana bongera

guteranira imbere y'Imana kandi bakayishimira imigisha yabahaye muri uwo munsi.

Mu gitondo cyose mujye mwiyegurira Imana hamwe n'abana banyu muri uwo munsi. Mwe kwibarira amezi n'imyaka; ibyo si ibyanyu. Mwahawe umunsi umwe mugufi gusa. Muwuhabwa nkaho ari wo w'iherezo ryanyu ku isi, amasaha yawo muyakoreremo Shobuja. Inama zanyu zose muzishyire imbere y'Imana, kugira ngo zisohozwe cyangwa ze gusohozwa bikurikije uko ububasha bwayo buri. Mwemere inama zayo mu kigwi cyo kwemera izanyu, nubwo kuzemera byabatera kureka imigambi yagenwe. Uko ni ko imibereho izarushaho guhindurwa n'icyitegererezo cyo mu ijuru; "kandi amahoro y'Imana ahebuje rwose ay'umuntu yamenya, azarindira imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu." Abafilipi 4:7.

Se w'abana akwiriye gusengesha, atahaba bigakorwa na nyina agatoranya umurongo w'ibyanditswe unejeje kandi wumvikana neza; Uko gusenga gukwiriye kuba kugufi. Iyo usomye igice kirekire cyangwa ugasenga amasengesho maremare, uko gusenga kurarambirana, maze igihe gusenga kurangiye bakumva borohewe. Igihe umwanya wo gusenga ubaye mubi kandi ukarambirana bikoza Imana isoni, iyo uwo mwanya urambiranye cyane, kandi ukabamo ubukonje cyane, abana barawanga.

Babyeyi, umwanya wo gusenga nimuwugire umwanya unejeje cyane. Nta mpamvu yatuma uwo mwanya utaba umwanya unejeje wo kwishimirwa kuruta iyindi myanya yose y'uwo munsi. Umwanya muto wo kuwitegura uzakubashisha kuwuzuzamo ibinejeje n'ibigize icyo byunguye. Umwanya wo gusenga ujye uhora uwuhinduramo gahunda. Ibibazo byerekeye ku murongo wasomwe bishobora kubazwa, kandi hakagira amagambo make meza, akwiriye avugwa. Indirimbo yo guhimbaza ikwiriye kuririmbwa. Amasengesho akwiriye kuba magufi, agize icyo asobanuye. Usaba akwiriye gushimira Imana ineza yayo mu magambo make kandi aboneye, kandi akayisaba kubafasha. Bibaye ibishoboka abana nabo bagira icyo basoma kandi bagasenga. Guhabwa ubugingo buhoraho byonyine ni byo bizagaragaza ubwiza bw'ibihe byo gusenga byagizwe.3

(I) CG 484. (2) 5T 424, 426. (3) 7T 42-44.

IGICE CYA 27

IMARI MU RUGO

Uwiteka ashaka yuko abantu be batekereza neza kandi bakitonda. Ashaka yuko biga kuzigama mu kintu cyose, ntibagire icyo bapfusha ubusa.

Mukwiriye kwiga kumenya igihe cyo kuzigama n’igihe cyo gukoresha amafaranga. Ntitubasha kuba abayoboke ba Kristo keretse twiyanze tukikorera umusaraba. Dukwiriye gutanga tugereranya; duteraniriza hamwe akantu gato kose: mudoda imitwe y’imyenda yanyu yacitse, kandi mukamenya ibyo mushobora kwita ibyanyu. Mukwiriye kubara utuntu twose mwakoresheje mwinezeza. Mukwiriye kumenya icyo mwakoresheje mushaka kwimara ipfa kandi mwimenyereza irari ribi ryo kugira inda nini. Amafaranga mwakoresheje ku byokurya by’imburamumaro biryoshye, yabasha kongerwa ku yo kunezeza ab'urugo ku bintu bikwiriye kandi bibagiriye umumaro. Ntimukwiriye kuba abanyabuntubuke mukwiriye kwikiranukaho mugakiranuka no ku bavandimwe. Ubuntu buke buvutsa imigisha y'Imana. Gutanga birenze urugero na byo ni bibi. Agatoya kagiye wibwira yuko nta cyo kamaze, hanyuma iyo utekereje usanga karimo byinshi.

Igihe ugeragejwe gukoresha amafaranga ku tuntu duto two kwirimbisha, ujye wibuka kwiyanga no kwitanga. Yesu yihanganiye kugira ngo akize umuntu wacumuye. Abana bacu bakwiriye kwigishwa ngo bagire kwiyanga no kwitegeka. Impamvu itera abagabura benshi cyane kwiyumvamo yuko bakomerewe cyane ku byerekeye imari, ni uko batarwanya irari ryabo, n’ibyo bifuza. Igituma benshi bakena cyane maze bikabageza kure biterwa nuko bashaka kunezeza abagore babo n’abana babo mu byo bararikiye birengeje urugero. Mbega uburyo ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo ibyo kuzigama bitonze bakabigishiriza ku mategeko no ku byitegererezo!

Si byiza rwose kwigira umukungu, cyangwa kwigira ikindi icyo ari cyo cyose kirenze uko turi, turi abayoboke b’Umukiza w’umugwaneza kandi wicicha bugufi. Ntidukwiriye kubabara niba abaturanyi bacu bubaka amazu bakayarimbisha mu buryo tudashobora gukurikiza. Mbega uko Yesu areba uko turi abanyabwiko mu byo kubika

ibintu tunezeresha irari ryacu, no kunezeza abashyitsi bacu, cyangwa kwinezeza mu byo twifuza! Ni igishuko kuri twe kugambirira kwerekana yuko dukize cyangwa kwemerera abana bacu kubikora.1

Nta kintu gishobora gukoreshwa gikwiriye kujugunywa. Ibyo bigomba ubwenge no gutekereza no guhora witonda. Neretswe yuko kutabasha kuzigama mu tuntu duto ari impamvu imwe ituma ab’ingo nyinshi bicwa n,ubukene bwo kubura ibikwiriye ubugingo bwabo. 2

Ntimugire Umwenda Wose

Ingo nyinshi zikennye, zikeneshwa nuko batagaguza amafaranga uwo mwanya bamaze kuyabona. Gukoresha imari ku mpamvu iyo ari yo yose kandi utarayibona ni umutego.3

Ab’isi bashobora kwiringira yuko abavuga ko ari abakristo ba Bibiliya ari abakiranutsi cyane. Umuntu umwe gusa iyo atitaye ku kwishyura ibikwiriye, abantu bacu bose bajya mu kaga ko gutekerezwa ko atari abiringirwa.

Abavuga ko bubaha Imana bose bakwiriye kubahiriza inyigisho bemeye, ntibatange urwaho rwatuma ukuri gusuzugurwa babikoresheje kutitonda mu migenzereze yabo. Intumwa Paulo iravuga iti: “Ntimugire umwenda wose.4

Abenshi, abenshi cyane, ntibiyigishije uburyo bwo gukoresha imari yabo mu buryo buhwanye n’imari babona. Ntabwo biga kubaho mu buryo buhwanye n’uko bameze, nuko bakaguza, bagakomeza kuguza kugeza ubwo imyenda ibasaguka, bikageza aho bituma bacogora maze bakiheba. 5

Murarebe hatagira umuntu ukoresha uburyo bwatuma agira umwenda .... Iyo umuntu amaze kugibwamo n’imyenda, aba amaze kugwa mu mutego wa Satani ategesha abantu.

Gambirira yuko nta wundi mwenda uzagira. Emera uhebe ibintu igihumbi aho kujyamo umwenda. Wuhunge nk’uko wahunga ubushita. 6

Kwirengagiza Si Ko Kuzigama

Igihe umubiri utitaweho kandi wangijwe, Imana ntiba ihawe icyubahiro, icyo gihe ntabwo uba ugikwiranye n'umurimo wayo. Kwita ku mubiri ubikoresheje kuwugaburira ibyokurya biryoshye kandi bitera imbaraga ni inshingano imwe mu nshingano ya mbere ya nyir'urugo. Ni byiza cyane kwambara imyambaro y'igiciro gike no kugira ibintu bike byo kurimbisha inzu kuruta kugugumiriza mu byo gutanga ibyokurya.

Bene ingo bamwe baha ab'ingo zabo ibyokurya bike kugira ngo babike amafaranga yo kuzaremera abashyitsi ibirori. Ibyo ni ubwenge buke. Mu byo kuzimanira abashyitsi ni ho hakwiriye gukoreshwa ibyoroheje rwose. Ibikenewe n'ab'urugo ni byo bikwiriye kwitabwaho mbere y'ibindi.

Kugira ubwenge buke mu kuzigama no kugira ingeso yo kwigana abandi, kenshi bizitira uburyo bwo gucumbikira abashyitsi igihe bikwiriye kandi bibasha kuzana umugisha. Ibyokurya bisanzwe bijya ku meza yacu bikwiriye kuba ibyokurya umushyitsi utiteguwe abasha guhabwa umugore w'urugo atagombye kugira umutwaro wo kwitegura ibiruseho.7

Kuzigama si ukugira ubugugu, ahubwo ni ugukoreshanya amafaranga ubwenge kuko hariho umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa. Imana ntihatira ubwoko bwayo kwigomwa ibikwiriye amagara yabo n'umunezero, kandi ntiyemera gutagaguza no kwaya amafaranga no kwirata.8

Inshingano y'Ababyeyi mu Byo Kwigisha Abana

Mujye mwigisha abana banyu yuko ibyo bafite byose ari iby'Imana, kandi yuko ibyo nta cyabihindura, ibyo bafite byose ni ibyo baragijwe kugira ngo izarebe uko bayumvira. Amafaranga ni ubutunzi bukenewe; ntakwiriye gupfushwa ubusa ku batayakeneye. Hariho ukineye impano zanyu z'urukundo. Niba ufite ingeso yo kwaya, yice mu bugingo bwawe vuba uko ushoboye kose. N'utagira utyo, uzahora uri umutindi iteka ryose. 9

Ingeso ya kamere y'abasore muri iki gihe ni ukwirengagiza no guhinyura ibyo kuzigama bakabyitiranya n'ubugugu no kwimana. Ariko

kuzigama bigendana no kugira ubuntu; ubuntu nyakuri ntibubasha kuba aho kuzigama kutabaye akamenyero. Ntawe ukwiriye gusuzugura icyigisho cyo kuzigama no kumenya yuko kubika utuntu duke ari ingenzi. 10

Umusore wese n'umwana wese bakwiriye kwigishwa kwandika neza ifaranga ryose rije n'irigiye, bitari ugupfa kwandika gusa. Bakwiriye kwiga uburyo bwiza bwo gukoresha amafaranga mu gihe bayakoresha. Yaba ayo bahabwa n'ababyeyi babo cyangwa se ayo bihahiye ubwabo, abahungu n'abakobwa bakwiriye kwiga kwirobanurira imyambaro yabo no kuyigurira, n'ibitabo n'ibindi bakennye, kujya bandika ibyo bakoresheje bizabigisha uburyo bwo gukoresha amafaranga, biruse uko babyigira mu bundi buryo.11

Haba ubwo abana bacu babona ubufasha butababafitiye umumaro mwinshi. Abirwanaho bari mu ishuri rikuru ni bo banezezwa n'ibyo bungutse kurusha ababihawe n'abandi kuko baba bazi agaciro kabyo. Ntidukwiriye guhora dutunze abana bacu kugeza ubwo batabasha kugira icyo bamara.

Ababyeyi baba bananiwe n'inshingano yabo mu gihe bapfa guha umusore wese ufite imbaraga z'umubiri amafaranga uko babonye kandi afite imbaraga z'umubiri, ngo ajye mu ishuri ryisumbuye kwigira kuzaba umugabura cyangwa umuvuzi ataragira umurimo w'ingirakamaro akora umuruhije.12

Ingeso yo gukunda kwinezeza cyangwa kutamenya gushyira mu gaciro, ku mubyeyi, bishobora guhora bimaraho amafaranga, nyamara uwo mutegarugori aba atekereza yuko akora neza kuko atigeze yiga kwifata mu byo ashaka, cyangwa mu byo abana be bashaka, kandi akaba atigeze yigishwa uko yakwifata mu byo urugo. Aho ni ho ab'urugo rumwe bashobora gukoresha amafaranga incuro ebyiri z'ayaba ahagije ab'urundi rugo rutunze abangana n'ab'urwo.

Uwiteka yanejejwe no kunyereka ibibi bituruka ku ngeso zo gupfusha ubusa amafaranga, kugira ngo mpugurire ababyeyi kwigisha abana kuzigama bakomeje. Mujye mubigisha yuko gukoresha amafaranga mu byo badakeneye ari ukuyigomwa icyo yari gukoreshwa gikwiriye.13

Inama Igirwa Abagabo n'Abagore ku Byerekeye Amafaranga

Bose bakwiriye kwiga kwandika uko amafaranga akoreshejwe. Bamwe birengagiza kubikora ngo ntacyo bimaze, ariko ibyo ni bibi. Amafaranga yose yakoreshejwe ni ngombwa gusobanura neza icyo yakoreshejwe.14

Bishoboka yuko uyu munsi waba ufite amafaranga yo gukoresha mu bigutunguye no gufasha umurimo w'Imana, ubaye warazigamye nk'uko bikwiriye. Umugabane w'igihembo cyawe ukwiriye kubikwa buri cyumweru ntugire ubwo uyakoramo keretse uyakeneye bibabaje, cyangwa se ukayatura uwayaguhaye, ari we Mana.

Amafaranga wabonye ntiyakoreshejwe mu bwenge ngo uyazigame, uyazigamiye igihe uzaba urwaye cyangwa ab'urugo rwawe bagize icyo bakenera ngo uyagikoreshe. Ab'urugo rwawe bakwiriye kugira icyo bizigira mu gihe ugeze ahagukomereye.15

Mukwiriye gufashanya. Ntutekereze ko ari byiza gukomeza imigozi y'uruhago rw'amafaranga ngo utagira ayo uha umugore wawe. Ukwiriye kugira amafaranga uha umugore wawe buri cyumweru maze ukamureka akayakoresha ikimunejeje. Ntiwigeze umuha umwanya wo gukoresha ubwenge bwe cyangwa igitekerezo cye kuko utazi neza inshingano y'umugore. Umugore wawe afite ubwenge bw'agatangaza kandi buzi kuzirikana.

Jya uha umugore wawe ku mafaranga ubona. Reka na we ayagireho urutabi abe aye, kandi umureke ayakoreshe uko ashaka. Yari akwiriye kuba yarahawe uburenganzira bwo gukoresha ayo abonye nk'uko yumva mu bwenge bwe bimubereye byiza. Iyo agira amafaranga ahabwa ngo ayakoreshe nk'aye bwite, atarebwa nabi, mu bwenge bwe haba harakuwemo uburemere bukomeye. 16

(I) AH 379-384; (5) CG 135; (3) AH 392 (4) 5T 179-182; (5) AH 374;(6) AH 392,393; (7) MH 322; (8)AH 378,379;(9) CG 134; (10) 5T 400;(11)CS 294 (12) AH 387; (13) AH 374,375;(14) AH 374;(15) AH 395, 396; (16) AH 378.

IGICE CYA 28

IMIRIMO Y'AB'URUGO MU GIHE CY'IBIRUHUKO N'IMINSI Y'AMASABUKURU YO KUVUKA

Nabonye yuko iminsi yacu y'ibiruhuko idakwiriye gukorwamo ibyo kwigana ab'isi, ariko kandi ntikwiriye gushira ititaweho, kuko ibyo byatera abana bacu kubabara. Iyi minsi irimo akaga kuko abana bacu bareba ibibi maze bakanduzwa n'umunezero no gusamarira iby'isi ababyeyi bakwiriye kwiga ikintu kibasha kujya mu mwanya w'ibiganiro byinshi biteye akaga. Menyesha abana bawe yuko ugambiriye kubaha ibyiza kandi binejeje.

Mu byo gukomeza iyo minsi y'ibiruhuko, abantu bo mu isi n'abo mu itorero bamenyerejwe kwizera yuko iyo minsi y'ubunebwe ari myiza ku magara no kuzana umunezero,ariko amaherezo bigaragara ko iyo minsi yari yuzuye ibibi. Twashyizeho umwete wo kugerageza gutuma iminsi y'ibiruhuko iba iyo kunezeza abasore n'abana uko bishobotse kose, ubwo twahinduraga gahunda y'iyo minsi. Umugambi wacu wari uwo kubabuza kuganira n'abatizera.

Iyo umunsi wo gushaka umunezero ushize, kunyurwa k'uwawushakaga kuba hehe? Abakozi b'abakristo bafashije bande kugira ngo bagire imibereho myiza biruseho, kandi yera biruseho? Mbese icyo babona ni iki baramutse barebye ibyo marayika yanditse? Uwo munsi wapfuye ubusa! Ku by'ubugingo bwabo uwo munsi wapfuye ubusa, uwo munsi wapfuye ubusa ari ntacyo umariye Kristo, kuko nta cyiza cyawukozwemo. Ahari bazagira indi minsi, ariko ntabwo ari uwo banebwemo baganira ibiganiro by'amanjwe by'ubupfapfa, by'abakobwa baganira n'abahungu, n'abahungu baganira n'abakobwa.

Ntabwo iyo myanya izongera kuboneka ukundi. Baba barakoze umurimo ukomeye cyane kuri uwo munsi w'ikiruhuko. Ntibakoresheje umunsi wabo w'ikiruhuko neza, none wahise ubutazagaruka, ujya kubatanga imbere mu rubanza ko wabaye umunsi wapfuye ubusa.

Kugira Umurimo w'Imana Nyambere

Mbese ntibyaba byiza. Kurutaho duhaye Imana iminsi y'ibiruhuko, tukavugurura ubwange bwacu twibuka ibyo yadukoreye? Mbese ntibyaba byiza kuzirikana imigisha yaduhaye mu bihe byashize, tukibuka imiburo iteye ubwuzu yaje mu mitima yacu kugira ngo twe kuzibagirwa Imana?

Ab'isi bafite iminsi y'ibiruhuko myinshi, maze abagabo bagahugira mu bikino no gusiganwa ku mafarashi, no gutera urusimbi, no kunywa itabi, no gusinda. Mbese abantu b'Imana ntibari bakwiriye guhora bagira amateraniro yera yo gushimiramo Imana imigisha yayo myinshi?

Dushaka abagabo mu itorero bafite ubwenge bwo gukoresha mu byo kuringaniza no guha abasore n'inkumi imirimo ikwiriye yo korohereza abantu ubukene no guhesha abagabo n'abagore n'abasore n'abana agakiza. Ntibizashobokera bose kwegurira umwanya wabo wose mu murimo kubera yuko bakwiriye gukora umurimo wo kubahesha ikibatunga buri munsi. Nyamara bafite iminsi y'ibiruhuko n'ibihe bashobora gutanga kugira ngo bakore umurimo wa gikristo no kugira ibyiza bakora muri ubwo buryo niba badashobora kugira amafaranga yabo menshi batanga.

Igihe ufite umunsi wo kuruhuka, jya uwugira umunsi mwiza kandi unejeje abana bawe, kandi ujye uwugira umunsi mwiza ku bakene n'ababababaye. Uwo munsi ntugashire utazaniye Yesu amaturo y'ishimwe.

Iminsi yo Kuvuka- Igihe cyo Guhimbaza Imana

Ku mari Umuyuda yagaba yarazigamye, igihe umwana yabaga yavutse bakuragamo ituro ryo gutura Imana, nk'uko yabitegetse. Ubu tubona ababyeyi bihatira gushaka impano zo guha abana babo ku munsi wo kuvuka kwabo, ibyo babikorera kubahiriza umwana, nkaho icyubahiro gikwiriye umuntu. Ibyo Satani yabibonyemo iye nzira; yayobeje ubwenge bwabo n'impano abyerekeza ku bantu; uko ni ko intekerezo z'abana ziba izo kwihugiraho, nk'aho ari bo bakwiriye guhabwa izo mpano.

Mu gihe cy'umunsi wo kuvuka, abana bakwiriye kwigishwa yuko bakwiriye gushimira Imana ineza y'urukundo rwayo kuko yarinze ubugingo bwabo ikabageza mu wundi mwaka. Uko ni ko ibyigisho by'ingenzi bishobora kwigishwa. Dukwiriye gushimira Utanga imigisha yose, ubugingo, amagara mazima, ibyokurya n'imyambaro, kandi cyane cyane tukamushimira ibyiringiro yaduhaye by'ubugingo buhoraho. Imana ikwiriye guhabwa impano ziyikwiriye kandi tugatura amaturo y'ishimwe kuri nyir'ubuntu waduhaye ibyo dufite byose. Impano zitangwa ku munsi wo kuvuka zishimirwa cyane n'ijuru.

Mujye mubigisha kwibuka imibereho yabo y'umwaka ushize, bazirikane ko banezezwa no kubona imimuriko y'ibyo bakoze uko biri mu bitabo byo mu ijuru. Mubatere umwete wo kwibaza cyane yuko ingeso zabo, n'ibyo bavuga n'ibyo bakora binezeza Imana. Mbese bahirimbanira gutuma ubugingo bwabo burushaho gusa n'ubwa Yesu, buba bwiza kandi bunezeza imbere y'Imana? Mubigishe kumenya Umwami n'inzira ze, n'amategeko ye.

Nabwiye ab'urugo rwanjye n'incuti zanjye yuko ndashaka ko hagira n'umwe umpa impano y'umunsi wo kuvuka cyangwa iy'umunsi wa Noheli, ahubwo ko byanshimisha bazishyize mu bubiko bw'Uwiteka, kugira ngo zizakoreshwe umurimo wo guhanga amatorero.1

(1) AH 472-476.

IGICE CYA 29

GUKINA BIGARURA UBUYANJA

Abakristo bafite uburyo bwinshi baboneramo umunezero baramutse babishatse, kandi bakwiriye kuvuga mu kuri kutagira amakemwa ibikino binezeza byemerwa kandi by'ukuri. Bakwiriye kwishimira ibikino byongera imbaraga niba bidashobora kubayobya cyangwa ngo byonone umutima, niba byasiga bitabacogoje kandi ntibibasigire agahinda nyuma yo kubikina, niba bitasiga bibandavuje kandi ngo bisibe amayira y'ukuri. Baramutse bemeye kujyana na Yesu kandi bakagira umutima usenga bagira amahoro.

Ibikino ibyo ari byo byose byo kunezeza, ubigiyemo ubisabiye Imana umugisha wizeye, ntibyakuzanira akaga. Ariko ibikino byo kunezeza ibyo ari byo byose bikubuza gusengera mu rwiherero, bikakubuza gusengera Imana ku gicaniro cy’amasengesho, cyangwa bikakubuza kubona umwanya wo kujya mu iteraniro ryo gusenga si iby’amahoro, ahubwo ni ibizana akaga.

Turi muri wa mutwe w’abantu bizera yuko ari amahirwe yacu ko umunsi wose turiho twubahiriza Imana mu isi, kugira ngo twe kuba muri iyi si twinezeza gusa twikorera ibyo twishakiye gusa. Tubereye mu isi kugirira abantu akamaro no guhesha abo turi kumwe umugisha; kandi niba tureka ibitekerezo byacu bikirukira mu nzira mbi, iyo abashaka ibitagira umumaro kandi by’ubupfapfa bemerera ibitekerezo byabo kunyuramo, twabasha dute kugirira bene wacu n’ab’iki gihe umumaro? Twabasha dute kubera abatuzengurutse umugisha? Ntidushobora kwinezeza mu bikino ibyo ari byo byose bitadukwiriye ngo tube tuboneye kandi ibyo ari byo bishobora kudukuraho rwose inshingano dushinzwe.

Hariho ibintu byinshi byiza kandi bibonereye abantu, ariko byangizwa na Satani, bikabera umutego abatitonze. Mu gihe cyo gushaka kugarura ubuyanja hakenewe cyane kwirinda gushogesha, nk’uko bikwiriye mu bikino bindi byose. Kandi imimerere y'ibyo bikino ikwiriye kuzirikanwa yitondewe kandi ishishikariwe. Umusore wese akwiriye kwibaza ati: Mbese ibi bikino binezeza bifite bubasha ki ku mubiri no mu bwenge no ku ngeso? Ubwenge bwanjye buzahwisha bitume nibagirwa Imana? Mbese nzareka kujya ndebera ubwiza bwayo imbere yanjye? 1

Ni ihirwe kandi ni inshingano ku bakristo gushaka kuvugurura imitima yabo no gutera imibiri yabo imbaraga babikoresheje ibikino bitarimo icyaha, bafite umugambi wo gukoresha imbaraga zabo z’umubiri n'iz’ubwenge mu buryo bwo guhimbaza Imana. Ibikino byacu byo kongera imbaraga ntibikwiriye kuba ibintu by’umunezero w'ubupfapfa, bifite ishusho yo gusetsa gusa. Dushobora kubikora mu buryo buzatuma bigirira akamaro kandi bikigisha incuti zacu, bigatuma twebwe na bo, tuba abashoboye cyane kugera ku nshingano zidukwiriye. twebwe abakristo.2

Igihe gikoreshwa mu bikino byo kugorora ingingo z'umubiri ntikiba gipfuye ubusa. Imikino ikwiriye igorora ingingo zose n'ubushobozi bwose bw'umubiri ni ingenzi cyane ku muntu wese. Igihe ubwonko buhora buremerewe kandi iyindi myanya mizima y'umubiri ikora, umuntu abura imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. Imyanya y'umubiri ibura imbaraga zikwiriye, ubwenge bubura imbaraga n'umwete, maze bigatera ibitekerezo biteye agahinda no kwiheba.

Abahora biga bakwiriye kugira umwanya wo kuruhuka bagakina. Ubwenge ntibukwiriye guhora bukubwe n'ibitekerezo byinshi, kuko ibikoresho by'ubwenge bwiza bigabanuka. Umubiri n'ubwenge bikwiriye kugira imyitozo y'ibikino.3

Ibikino Bigarura Ubuyanja Bishobora Kwishimirwa n'Abakire Kimwe n'Abakene Ibyo Ari Byo

Abasore ntibashobora kwigengesera nk'abasaza, abana ntibashobora kuguma hamwe nk'abakuru. Igihe ibinezeza by'ibyaha biciriweho iteka nk'uko bikwiriye, ababyeyi n'abigisha n'abarezi b'abasore bakwiriye kuringaniza mu kigwi cyabyo ibindi binejeje bitazonona ubwenge bwo gutekereza ibyiza. Mwe kubohera abasore ku mategeko akomeye no kubashyiraho ibihindizo bibatera kwiyumvamo yuko batwazwa igitugu, badacika bakiroha mu nzira y'ubupfapfa no kurimbuka. Mubayobore mukomeje, mufite ubugwaneza n'ibambe, muyobore ubwenge bwabo n'imigambi yabo mufite ubupfura cyane, n'ubwenge bwinshi, n'urukundo rwinshi kugira ngo bakomeze bamenye yuko mugambiriye kubakorera ibyiza cyane.4

Hariho uburyo bw'ibikino byo kugarura ubuyanja bifite icyo bimariye ubwenge n'umubiri cyane. Ubwenge bujijutse kandi busobanukiwe buzabona akamaro kenshi gaturuka ku bikino n'ibiganiro bigira aho bikomoka bitari ibiziranenge gusa, ahubwo bigira icyo byigisha. Gukinira hanze, kwitegereza imirimo y'Imana mu byaremwe, ni byo bizagira inyungu ikomeye cyane.5

Nta bikino byongera imbaraga bifashije abantu ubwabo gusa bibasha kubera abana n'abasore umugisha ukomeye nk'ibibatera gufasha abandi. Uko bisanzwe, abasore b'abanyamwete n'abanyabwuzu bemera vuba inama bagiriwe.6

Imana yageneye umuntu wese umunezero wo kwishimirwa n'umukire kimwe n'umukene; umunezero uturuka ku kwimenyereza kugira ibitekerezo biboneye n'imirimo itarimo ubwiko, umunezero uturuka ku kuvuga amagambo y'impuhwe no gukora imirimo y'ubugwaneza. IJmucyo wa Kristo urabagiranira ku bakora iyo mirimo, kugira ngo umurikire abari mu mwijima w'imibabaro myinshi.7

Hariho ibintu byinshi bya ngombwa kandi by'ingiramumaro bikwiriye gukorerwa muri iyi si, bishobora gutuma akamenyero ko kwinezeza mu bikino kataba ngombwa rwose. Ubwonko n'amagufa n'imihore bizaterwa gukomera n'imbaraga bitewe no kubikoresha mu mugambi wo gukora ibyiza, no gutekereza cyane, no gushaka inama zungura kujijuka, n'izo gukomeza ingingo z'umubiri mu buryo butuma impano z'ingingo z'umubiri zikoreshwa mu buryo bwo guhesha Imana icyubahiro .8

Imyitozo y'ingororamubiri nubwo yaba iyobowe neza cyane, ntabwo yasimbura umwanya wo kuruhukira ahari umwuka mwiza. Singaya imyitozo yoroshye yo gutera umupira, ariko na wo nubwo wateranwa kwitonda, bishoboka ko barenza urugero.

Mpora nanga rwose ingaruka ikunda gukurikira ibikino byo kwinezeza. Bitera gukoresha imari nyinshi yari ikwiriye gukoreshwa mu byo kuzanira abantu barimbuka badafite Kristo umucyo w'iby'ukuri. Ibikino byo kwinezeza n' imari ikoreshwa mu byo kwinezeza bihora bijyana umuntu niruto niruto ku ntambwe yo kwihimbaza, no kwigira muri iyo mikino gukunda ibinezeza bituma akunda kandi akagira irari ry'ibyo bintu bitagira aho bihuriye n'ingeso zitunganye z'umukristo.9

Kugira Umubano n'ingeso Ziboneye

Abasore bashyirwa mu rugaga rw'abandi, bashobora kubera ab'urugaga rwabo umugisha cyangwa umuvumo. Bashobora kwigishanya, no guheshanya umugisha, no gukomezanya, bagakuza amajyambere mu ngeso, no mu mico, no mu bwenge; ubundi kandi, babaye batitonze ntibabe abizerwa, bashobora kubabera ikigusha kizabageza ku kurimbuka.

Yesu azabera abamwiringira bose umufasha. Abifatanije na Kristo bagira umunezero mu byo bakora. Bakurikira inzira Umukiza wabo abayoboyemo, babamba kamere n'iruba n'irari ku bwe. Abo bantu bubatse ibyiringiro byabo kuri Kristo, maze umuraba wo mu isi ubura imbaraga zo kubakura ku rufatiro rw'ukuri.

Yemwe basore n'inkumi, ahasigaye ni ahanyu, niba mushaka kuzaba abantu biringirwa, bakiranuka, kandi b'ingiramumaro. Mukwiriye kwitegura kandi mukagambirira yuko muzashikama mu kuri,mubizababaho byose. Ntitubasha kujya mu ijuru tugifite ingeso zacu mbi, keretse zineshejwe tukiri mu isi, naho ubundi zizadukingiranira inyuma y'ubuturo bw'abera. Iyo ingeso mbi zirwanijwe zirushaho kwanga gutirimuka. ariko iyo ntambara, iyo irwanishijwe imbaraga no kutanambuka, amaherezo ziraneshwa.

Kugira ngo tugire ingeso ziboneye, dukwiriye gufatanya n'abantu bafite ingeso zo gukiranuka kandi bakunda iby'idini.10

Iyaba abasore bakururwaga no gufatanya n'ababoneye, bitonda, b'abagwaneza, amaherezo yaba meza cyane. Iyaba bahitagamo incuti zubaha Imana, byabateye kuyoboka ukuri, no gukora imirimo yabo, no kuba abera. Imibereho nyakuri ya gikristo ni imbaraga y'ibyiza. Ariko kandi, abafatanya n'abagabo n'abagore badafite ingeso nziza, kandi bakora ibibi, nabo bazagendera muri iyo nzira bidatinze. Ibyerekeye ku kugira umutima mwiza biracuba. Uwifatanya n'utizera na we ahinduka utizera bidatinze; uhitamo incuti y'inkozi y'ibibi ahinduka rwose inkozi y' ibibi. Kugendera mu nama y'abatubaha Imana ni yo ntambwe ya mbere iganisha umuntu mu nzira y'abanyabyaha no kwicarana n'abakobanyi.

Abashaka kugira ingeso ziboneye bose bakwiriye guhitamo incuti z'ingirakamaro, zitonda, zitekereza zitonze, kandi zikunda iby'idini. Ababyitayeho kandi bifuza kwiyubakira aho bazaba iteka bakwiriye kubakisha inzu yabo ibintu byiza. Niba bemera kubakisha ibiti biboze, niba banyurwa n'ingeso zidashyitse, inzu bubaka amaherezo yagwa. Bose bakwiriye kwitondera uko bubaka. Umugaru w'ibishuko uzagusha inzu, kandi niba itubatswe ngo ikomere kandi ngo yubakanwe gukiranuka, ntizabasha kwihanganira ibishuko.

Izina ryiza rigira igiciro kiruta icy’izahabu. Abahungu bagira irari ryo gufatanya n'abanyabwenge buke n’abanyangeso mbi. Mbese umusore yatega kuzabona umunezero ki mu gugatanya n’abantu bafite ibitekerezo bigufi, badasobanukiwe neza kandi bafite ingeso zidashyitse? Bamwe bagira ubwenge bubi kandi bagira ingeso mbi, kandi abahitamo bene izo ncuti bose bakurikiza icyitegererezo cyazo.11

Ntubasha kumenya akaga gakomeye ugiyemo mu gihe uteye intambwe ya mbere ujya mu bintu by’amanjwe no mu gushaka kwinezeza, ukibwira yuko aho uzashakira guhindura imigenzereze yawe bizakorohera gukora ibyiza nk’uko byari kukorohera mu gihe wari utaritangira gukora ibibi. Ibyo si ko biri rwose. Ahubwo ku bwo guhitamo incuti mbi, abenshi bavuye mu nzira y’ukuri buhoro buhoro kugeza ubwo bagwa mu mworera wo kutumvira no kuzimira, ibyo bibwiraga mbere hose ko badashobora kugwamo.

Ntimugatekereze yuko Imana itwifuriza kureka ikintu cyose kibasha kutuzanira umunezero mu isi. Ibyo ishaka yuko tureka byose ni ibitaduhesha ibyiza n'umunezero13

Kuruhuka Bisesuye no kwinezeza

Abasore bose bakwiriye kwibuka yuko bazabazwa uko bakoresheje amahirwe bagize yatuma bakoresha igihe cyabo n’ubushoboze bwabo. Bashobora kubaza bati: “Mbese ntidukwiriye kugira ibihe byo kwinezeza cyangwa ibiruhuko? Mbese twahora dukora, dukora, tugakora ubudahinduranya?” 14

Guhinduranya igihe gito imirimo y'umubiri yananije imbaraga cyane byaba byiza, kugira ngo bongere babone uko baza kuyikora, bashyizeho umwete wo kuyitunganya cyane biruseho. Ariko kuruhuka bisesuye ntabwo ari ngombwa, nubwo baba bibwira yuko amaherezo yabyo yaba meza ukurikije uko imbaraga zabo z'umubiri zimeze. Ntibakwiriye gukinisha ibihe byabo by’igiciro cyinshi, nubwo baba bananijwe n’umurimo w’ubwoko bumwe. Benda bashaka gukora ikindi kitabananije cyane, ariko kikaba cyabera nyina na bashiki babo umugisha. Baramutse bikuyeho kwibabarira bakemera kwikorera imitwaro iremereye ari yo bakwiriye kwikorera, ubwo ni bwo babona ibikino bikomotse ku mpamvu nyakuri maze bikabazanira umunezero

nyakuri, kandi rero igihe cyabo ntikizaba cyapfuye ubusa cyangwa se cyakoreshejwe mu byo kwinezeza. Umwanya wabo uba ukoreshejwe ku bigize akamaro, bitewe no guhinduranya, baba bacunguye igihe kandi rero umwanya wose uba ugize uwo ugiriye akamaro. 15

Abenshi bavuga yuko kurinda umubiri neza biterwa no kwinezeza mu bikino. Ni iby ukuri koko, hakwiriye kubaho guhinduranya kugira ngo umubiri ubone uko ukuza amajyambere cyane, kuko ubwenge n'umubiri bisubizwamo imbaraga kandi bigakomezwa no guhinduranya; ariko ibyo ntibiboneshwa kwinezeza mu bupfapfa. Ngo umusore yirengagize imirimo ikwiriye gukorwa ya buri munsi.16

Ahantu henshi hateye akaga cyane hashakirwa umunezero ni mu nzu yo gukiniramo. Mu kigwi cy'aho habaye ishuri ryo kwigiramo kubonera no kwera, nk'uko bivugwa kenshi cyane, ahubwo ni ahantu ho gukorera ibyaha bibi. Ingeso z'ubusambanyi n'irari ry'ibyaha bikururwa kandi bigatcrwa imbaraga n'ibyo birori. Indirimbo mbi, gukoresha amaboko ibimenyetso by'ubusambanyi, imvugo, nMngiroy'ibintu byonona ibitekerezo bigasubiza hasi ingeso nziza.

Umusore wese ujya aho berekanira ibyo, bizatera ingeso ze kononekara. Nta kintu kiri mu gihugu cyacu gifite imbaraga cyane zo kuroga ibitekerezo, no konona ibishakwa n'idini, no gucubya uburyohe bw'umunezero utuje nMngeso y'imibereho yirinda ibisindisha, cyaruta kwinezeresha ibikino byo mu nzu ikinirwamo. Gukunda ibyo ureba kuriyongera ukabyifuza cyane nk'uko irari ry'ibinyobwa by'uburozi bigwizwa no kubikoresha. Inzira y'amahoro gusa, ni ukwitandukanya no kujya mu nzu ikinirwamo, n'ibibuga bikinirwamo n'ahandi hose habarizwa ibyo kwinezeza.17

Kwiyerekera imbere y'Imana kwa Dawidi agaragaza umunezero yiyorojeje kwavuzwe n'abakunda kwinezeza batsindishiriza imbyino zo muri iki gihe. ariko ibyo si ibyo kujyamo impaka. Kubyina ko muri iyi minsi yacu kugendana n'ubupfapfa no kurema ibirori byo kwinezeza byo mu gicuku. Amagara mazima nMngeso nziza bikamarwaho no kwinezeza. Abajya mu mbyino z'abagabo hamwe n'abagore ntibatekereza Imana ngo bayubahe; aho bateraniye nta masengesho cyangwa indirimbo zo guhimbaza zihumvikana. Icyo kigeragezo kirakomeye. Ibikino byo kwinezeza bicogoza umuntu ntabe agikunda

ibyera kandi bikagabanura umunezero wo gukorera Imana, ntibikwiriye gushakwa n abakristo. Indirimbo no kwiyereka (imbyino) bitewe n'umunezero wo guhimbaza Imana igihe bimuraga isanduku y'isezerano ntibyari bifite ishusho na ntoya cyane yo gusa n'ibikino byo kwiyereka ko muri iki gihe. Uwo (Dawidi) yabikoze ashaka kwibuka Imana kandi yashyize hejuru izina ryayo ryera. Imbyino z'ubu ahubwo ni inama ya Satani ngo yibagize abantu Imana kandi be kuyubaha.18

Ubusanzwe abasore bifashe nkaho igihe cy'agaciro kenshi igihe cy'imbabazi tugifite, ari igihe cyo kwiruhukira, no kwibera mu isi binezeresha ibikino by'urwenya byo hirya no hino. Satani yashyizeho umwete mwinshi wo kubatera gushakira umunezero mu bikino byo mu isi kandi ngo bikirishe kwirekana yuko ibyo bikino ntacyo byangije, ko ari byiza ndetse ko bifitiye ubuzima akamaro.19

Abenshi bagira ishyushyu ryo kugira umugabane mu b'isi, bakiyandurisha kwinezeresha ibikino ijambo ry'Imana ribuzanya. Uko ni ko bitandukanya n'Imana bakishyira mu bakunda umunezero wo mu isi. Ibyaha byarimbuye abariho mbere y'urmvuzure n'imidugudu yo mu kibaya biracyariho n'ubu. Ntibiri mu bihugu by'abapagani gusa, si mu bantu biyita abakristo gusa, ahubwo biri muri bamwe bavuga yuko bategereje kuza k'Umwana w'umuntu. Iyaba Imanayari ikwiriye gushyira ibyo byaha imbere yawe nk'uko bigaragara imbere yayo, wakorwa n'isoni kandi ukagira ubwoba.20

Kurarikira gusamara no kujya mu birori byo kwinezezererwa ni igishuko n'umutego ku bwoko bw-Imana, cyane cyane ku basore. Satani ahora yiteguye ibintu byo gukurura ubwenge kugira ngo bwe kwita ku mwiteguro w'ibintu bizaboneka mu gihe kigiye kuza. Akoresha abakunda ibinezeza byo mu isi ngo babe ari bo bakomeza gutera abantu gusamara, bakururira abatitonda gufatanya na bo umunezero wo mu isi. Hariho ibyo berekana, n'ibyigisho n'ibirori by'uburyo bwinshi cyane bigambiriwe gutera abantu gukunda isi; nuko bahurira n'ab'isi muri ibyo, kwizera kukagabanuka,

Umuntu wishakira ibimunezeza si uw'Imana, si umuyoboke wayo. Abiyanze basa, ni abafite imibereho yanga ibisindisha. yicisha bugufi, kandi yerani bo bayoboke nyakuri ba Yesu. Kandi bene abo

ntibashobora kwishimira ibiganiro by'amanjwe bitagira umumaro by'ukunda isi.21

Niba uri uwa Kristo by'ukuri, uzagira ibihe byo kumuhamya. Uzararikirwa kujya aho bakinira, maze abe ari bwo uzaba ubonye umwanya wo guhamya Umwami wawe. Niba uri umunyakuri wa Kristo, noneho ntuzashake urwitwazo rwo kutajyayo, ahubwo uzavuga weruye kandi ufite ikinyabupfura yuko uri umwana w'Imana, kandi yuko umutima wawe utagukundira ko uba ahantu baba na rimwe, utabasha kurarikira Umwami wawe kuhaba.22

Hagati y'urugaga rw'abayoboke ba Kristo bateraniye gukina ibikino byo kugarura ubuyanja bya gikristo n'inteko y'ab isi bateraniye kugira ibirori byo kwinezeza haba itandukaniro rinini. Mu kigwi cyo gusenga no kuvuga ibya Kristo n'ibyera, uzumva mu minwa y'ab'isi havamo igitwenge cy'ubukubaganyi n'ibiganiro by'amanjwe. Umugambi wabo ni ukugira igihe cyiza cyo kunezerwa kwa bose. Umunezero wabo utangira mu bupfu kandi ukarangirira mu bitagira umumaro23

(I) AH 512-514; (2) AH 493; (3) AH 494, 495; (4) CT 335; (5) 4T 653; (6) Ed. 212; (7) 9T57;(8)AH 509; (9) 4T 655; (10) 4T 655; (11) 4T 587-588; (12) CT 224; (13) AH 502; (14) CT 337; (15) 3T 223; (16) AH 508; (17) CT 334, 335; (18) PP 707; (19) IT 501; (20) 5T 218; (21) CT 325 328; (22) AH 519 (23) AH 512

IGICE CYA 30

INZIRA Z’UBWENGE ZIKWIRIYE KURINDWA IZO ARI ZO

Bose bakwiriye kurinda ubwenge, kugira ngo Satani atabanesha; kuko ari bwo nzira z’umutima. Uzaba ubaye umurinzi ukiranuka wo kurinda amaso n’amatwi yawe n’ubwenge bwawe bwose, nushobora kurinda umutima wawe ukabuza ibitekerezo by’amanjwe kandi bibi kwanduza umutima wawe. Imbaraga y’ubuntu bw’Imana ubwayo ni yo ishobora kurangiza uyu murimo w’ingenzi.

Satani n'abamarayika be bahirimbanira kuremaza ubwenge bwo kumenya kugira ngo inama, n’imiburo, no gucyaha bititabwaho; cyangwa ngo nibabyumva, bye kugira icyo bimarira umutima kandi bye kugorora imibereho.

Satani Ntashobora Kwinjira mu Bwenge Bwacu Tutamwemereye

Imana yagennye mbere hose yuko tutazageragezwa ibiruta ibyo dushobora kwihanganira, ahubwo mu kigeragezo cyose izashyiraho ubuhungiro. Niba tugira imibereho irundukiye ku Mana, ntituzakundira ubwenge bwacu kwishimira kwitekereza .

Niba hari inzira iyo ari yo yose Satani abasha gucamo akemererwa kwinjira mu bwenge, azabiba urukungu rwe maze arutere gukura ruzageze aho rwera umusaruro mwinshi. Nta buryo Satani abasha gutegeka ibitekerezo, n'amagambo, n’imirimo, keretse nidukingura urugi tukamurarikira kutwinjiramo ku bushake bwacu. Ubwo ni bwo azinjira, maze ukuri aguhinduze kuba imburamumaro kurandura imbuto nziza yabibwe mu mutima.

Ntabwo byatugwa amahoro kumara igihe kirekire dutekereza ingaruka ikomoka ku kumvira inama za Satani. Icyaha gikoza isoni kandi kikarimbura umuntu wese ucyishimira; nyamara kamere yacyo ni uguhuma amaso no kuriganya, kandi kitwohesha ingororano zo laidushyeshyenga. Niba duhangara kujya aho Satani ari, nta byiringiro luba tugifite byo kurindwa imbaraga ye. Aho bigereye ubu ngubu, dukwiriye kwica inzira yose umushukanyi abasha gucamo adusanga.

Umukristo wese akwiriye guhora yirinze, agenzura inzira yose y'umutima aho Satani abasha kunyura. Akwiriye gusaba gutabarwa n’Imana kandi ubwo nyine akarwanya irari ryose ry’icyaha ashikamye. Abasha kuneshesha umuhati w’ubutwari, n’uwo kwizera, n’uwo kwihanana. Ariko akwiriye kwibuka yuko kugira ngo aneshe intambara, Kristo akwiriye kuguma muri we na we akaguma muri Kristo.

Ikintu cyose gishobora gukorwa gikwiriye gukorerwa kwishyira ubwacu n’abana bacu aho tutareba gukiranirwa gukorerwa mu isi. Dukwiriye kwirinda twitonze ibyo amaso yacu areba n’ibyo amatwi yacu yumva kugira ngo ibyo bintu bibi cyane bitatwinjira mu bwenge. Ntukarebe uko wabasha kugenda hafi y’imanga mbi ngo wibwire ko uri bube amahoro. Wirinde kwegera ahari akaga. Ibifitiye umutima umumaro ntibikwiriye gukinishwa. Ubutunzi bwawe ni ingeso zawe. Zirinde nk'uko warinda ubutunzi bw’izahabu. Kwera, kwiyubaha, imbaraga ikomeye yo kudacogora, bikwiriye guhora bigundiriwe kandi bikomejwe. Mu byo ubitse. Ntihakwiriye kuvamo na kimwe; akamenyero, n’ubwenge buke bishobora gushyira umutima mu kaga wemeye gukingurira ibishuko urugi, maze imbaraga yo kurwana ikagabanuka.1

(I) AH 401-404.

IGICE CYA 31

GUHITAMO IBYO DUSOMA

Kujijuka gutegurira imbaraga z’umubiri, iz’ubwenge, n’iz’umwuka kuzakora neza cyane imirimo yose y’ubugingo. Imbaraga zo kwihangana, n’imbaraga n’imirimo by’ubwonko bigabanurwa cyangwa byongerwa n’uburyo bikoreshejwe. Ubwenge bukwiriye kwigishwa neza cyane kugira ngo ububasha bwabwo bwose bukuze amajyambere neza.

Abasore benshi bagirira ibitabo ishyushyu. Bifuza gusoma ikintu cyose babashije kubona, Bakwiriye kwitondera ibyo basoma nk’uko bitondera ibyo bumva. Nigishijwe yuko bari mu kaga gakomeye cyane ko kwangizwa n'ibyo basoma byanduye! Satani afite inzira igihumbi zo

kurushya ubwenge bw'abasore. Ntabwo bashobora kuba amahoro akanya na gato babaye batirinze. Bakwiriye kurinda imitima yabo kugira ngo badashukwa n'ibigeragezo by'umwanzi.1

Uko Gusoma Ibitabo Bibi Bigenza Umuntu

Satani azi yuko ubwenge buhindurwa cyane n'ibyo bugaburiwe. Ashakashaka uko yatera abasore n'ingaragu gusoma ibitabo by'ibitekerezo, imigani y'ibihimbano, n'ibindi bitabo. Abasomyi ba bene ibyo bitabo bahinduka abantu batagikwiriye gukora umurimo wabashyizwe imbere. Bagira imibereho ihuzagurika, ntibifuze gushakashaka mu byanditswe, ngo bigaburire kuri manu yo mu ijuru. Ubwenge bukeneye kongerwamo imbaraga bugira intege nke,bukabura imbaraga zo kwiga iby'ukuri gukomeye k'ubutumwa n'umurimo wa Kristo-ukuri gukomeza umutima, kugakangura ibitekerezo, kugatuma umuntu agira ubushake bwo kunesha nk'uko Kristo yanesheje.

Iyaba ibitabo byinshi bicapwa byatwikwaga, icyago gikora umurimo uteye ubwoba mu bwenge no mu mutima kiba cyarazitiwe. Gukunda ibitekerezo, imigani y'ibihimbano y'amanjwe ndetse n'ibitabo byitwa ibinyamakuru by'idini-ibitabo nyira byo yandika igitekerezo cye akakigira icyigisho-ibyo bibera abasomyi umuvumo. Ibitekerezo by'idini bishobora kugaragarizwa mu bitabo by'ibitekerezo, ariko akenshi Satani yiyambika umwambaro wa marayika, maze akabona uko yoshya abantu abashukashuka. Nta baba baratsinze ibishuko, byatuma baba amahoro baramutse basomye ibyo bitekerezo.

Abasomyi b'ibitekerezo by'ibinyoma biha ibibi byonona ingeso z'iby'umwuka, byijimisha ubwiza bw'ibyanditswe byera. Bitera kugira amagara mabi yo guhagarika umutima, no kugira ibitekerezo bitarimo ituza, bigatuma ubwenge buba imburamumaro, bigatandukanya umutima n'amasengesho, kandi bikawubuza gukora ibikwiriye by'umwuka.

Imana yahaye abasore bacu ubushobozi bwinshi cyane; ariko kenshi cyane bateye imbaraga zabo kugira intege nke, bakayobya ubwenge bwabo kandi bakabucogoza, ni cyo cyatumye baramaze imyaka myinshi badakurira mu buntu no kumenya impamvu zo kwizera kwacu, bitewe no guhitamo gusoma ibitabo by'ubupfapfa. Abategereje kuza k'Umwami kudatinze, bategereje kwa guhinduka gutangaje, ubwo "uyu

mubiri ubora uzambikwa kutabora, “bakwiriye guhagarara ahirengeye biruseho bakora cyane muri iki gihe cyo kugeragezwa.”

Basore ncuti zanjye nkunda, nimwibaze ubwanyu iby’ibitekerezo bisamaza musoma. Mbese iyo mumaze gusoma ibitabo nk’ibyo, mushobora kubumbura Bibiliya maze mugasoma ijambo rihesha ubugingo mubikunze? Mbese ntimusanga ijambo ry’Imana ritakinejeje? Gukunda ibitekerezo kuguma mu bwenge, bikonona ibyiza, bikagutera kutabasha kwita ku by’ukuri by’ingenzi byerekeye ku bugingo bwawe buhoraho.

Anga ibitabo by’amanjwe ukomeje. Ntabwo bizatera imbaraga ingeso zawe z’iby'umwuka, ahubwo bizashyira mu bwenge inama ziyobya ibitekerezo, bigutere gutekereza bike by’ibya Yesu no kudebuka mu byigisho bye byiza. Rinda ubwenge bwawe ikintu cyose cyabasha kubuyobora mu nzira mbi. We kuburemeresha ibitekerezo bitagira umumaro, bidatera ubwenge imbaraga. Ibitekerezo byo mu bwenge bimeze nk’ibyokurya byaringanirijwe umutima.2

Gusoma Konona Ubwenge Uko Ari Ko

Kubw’ibitabo byinshi bihora byoherezwa biva mu icapiro. abasaza n’abasore bagira ingeso yo gusoma bafite ubwira kandi bagasoma ibyo hejuru gusa, maze ubwenge bukabura imbaraga yabwo yo gutekereza ibigize umumaro. Ikindi kandi, ibinyamakuru ifibitabo byinshi bimeze nk'ibikeri byo mu Egiputa byuzuye mu gihugu, si uko ntacyo bimaze gusa. bikaba bitagize icyo byungura, ahubwo biranduye kandi byangiza umutima. Amaherezo yabyo si ukwangiza ubwenge gusa, ahubwo byonona kandi byica umutima.3

Mu by’abana n'abasore bigishwa, umwanya munini uhabwa ibitekerezo bitari iby’ukuri, birimo ibinyoma n'ibitekerezo by’ibihimbano. Ibitabo bimeze bityo ni byo bikoreshwa mu mashuri kandi biri mu ngo nyinshi. Ababyeyi b’abakristo bashobora bate kwemerera abana babo gukoresha ibitabo byuzuye amagambo y’ibinyoma? Igihe abana babajije ubusobanuro bw'ibitekerezo binyuranye cyane n'iby'ababyeyi babo bigisha, icyo basubizwa ni uko ibyo bitekerezo atari ukuri; nyamara ibyo ntibikuraho ingaruka mbi iturutse ku kubikoresha. Ibitekerezo byo muri ibyo bitabo biyobya abana. Byerekana

imibereho mu buryo bw’ibinyoma, bigatera ubushake bwo kwemera ibinyoma.

Ntabwo ibitabo birimo amagambo ahindura iby’ukuri bikwiriye gushyirwa mu maboko y’abana n’abasore. Mu byerekeye kujijurwa, abana bacu ntibakwiriye kugira inama bahabwa zibasha kuba imbuto z’icyaha.4

Ahandi akaga gakomoka dukwiriye guhora twirinda ni ugusoma ibitabo byanditswe n’abatari abakristo. Bene iyo mirimo iyoborwa n’umwanzi w'iby’ukuri, kandi nta n’umwe wabisoma ngo abure gushyira umutima we mu byago. Ni iby’ukuri yuko abo byamaze guhindura hanyuma bakira; ariko abamaze gukururwa n’ibibi byabyo, baba bishyize mu butware bwa Satani, maze akabagira abe rwose. Igihe bararikira ibishuko bye kubazaho, nta bwenge baba bafite bwo kubisobanukirwa cyangwa imbaraga zo kubitsinda. Imbaraga ireshya kandi iroga, no kutizera no gukiranirwa byibohera ku bwenge bwabo.

Akaga ko Gusoma Ibitekerezo Bisamaza

Abana bacu bazasoma iki? Iki ni ikibazo gikomeye gikwiriye gusubirishwa igisubizo gikomeye. Birambabaza iyo mbonye ab'ingo bakomeza isabato bafite ibinyamakuru n’amagazeti arimo ibitekerezo bitagira icyiza bisiga mu bwenge bw’abana n’abasore. Nitegereje abafite irari ry’ibitekerezo by’ibinyoma bimenyereje batyo. Bagize amahirwe yo kumva iby’ukuri, bamenye neza impamvu zo kwizera kwacu; ariko barakuze bageze ku myaka ishyitse bareka kubaha Imana k'ukuri no gukora ibyiza.

Abasomyi b’ibitekerezo by’amanjwe by’ibihimbano bahinduka abadakwiriye inshingano z’imibereho ikwiriye. Bibera mu isi y’ibihimbano. Nitegereje abana bemerewe kugira akamenyero ko gusoma bene ibyo bitekerezo. Ari iwabo imuhira, cyangwa ahandi ntibaba bafite amahoro, basa n’abasinziriye. batabasha kugira icyo baganira kitari ibintu bisanzwe. Ibitekerezo by’idini n’ibiganiro byayo byari inzaduka rwose mu bwenge bwabo. Kuko barereshejwe kugira irari ry'ibitekerezo biteye ubwoba, irari ry’iby’ubwenge ryarahindutse, maze bituma ubwenge butanyurwa keretse bugaburiwe ibyokurya bigirira amagara nabi. Nta rindi zina nabona rikwiriye abishimira bene uko gusoma rirenze kubita

abasindishabwenge. Ingeso zo kutirinda mu byo gusoma zifite icyo zitwara ubwonko zimeze nk'uko ingeso zo kutirinda mu byokurya no mu kunywa zifite icyo zitwara umubiri.6

Bamwe bataremera ukuri ko muri iki gihe bari baramenyereye gusoma ibitabo by'ibitekerezo, bamaze gufatanya n'itorero bagira umuhati wo kunesha iyo ngeso. Bene abo kubaha ibyo basoma bihwanye n'ibyo baretse bihwanye no guha umusinzi ibisindisha. Bahora bishyira ibishuko, bidatinze bakabura uburyohe mu gusoma ibikomeye. Ntibaterwa ubwuzu no kwiga Bibliya. Imbaraga yabo y'ubutungane irazongwa. Icyaha kikagaragara ko ari kibi buhoro buhoro. Bikagaragara yuko gukiranirwa byiyongera. no kwanga inshingano zikwiriye mu mibereho bigakura. Iyo ubwenge bumaze kuyobywa, buba bwiteguye gusoma igitabo cyose gitera ugisomye ibitekerezo bibi. Uko ni ko inzira yugururwa, Satani akigarurira umutima burundu.7

Igitabo Kiruta Ibindi Byose

Kamere y'iby'idini ry'umuntu ihora igaragazwa n'uko igitabo umuntu ahisemo gusoma kimeze muri icyo gihe. Kugira ngo abasore bagire ubwenge buzima n'ingeso z'ukuri z'idini, bakwiriye kubaho basabanye n'Imana mu ijambo ryayo. Bibiliya yerekana inzira y'agakiza kabonerwa muri Kristo, ni yo muyobozi wacu utugeza ku bugingo bwo hejuru burushijeho kuba bwiza. Irimo ibitekerezo by'ibyabaye, n'ibitekerezo by'ibitekerezo by'imibereho y'abantu binejeje cyane kandi bigira icyo byigisha kuruta ibindi byigeze kwandikwa byose. Abafite ubwenge butayobejwe no gusoma ibitekerezo by'ibihimbano bazasanga Bibiliya ari igitabo giteye ubwuzu kuruta ibindi bitabo byose.

Bibiliya ni igitabo kiruta ibindi byose. Niba ukunda ijambo ry'Imana, ukaricumunguturanya uko ubonye umwanya, kugira ngo wironkere ubutunzi bwayo bwinshi, kandi ngo ube ufite ibigukwiriye ukore imirimo myiza yose, ubwo ni bwo ubasha kwiyemeza neza yuko Yesu ari we ukwikururira. Ariko gupfa gusoma ibyanditswe, udashaka gusobanukirwa n'ibyo Kristo yigishije kugira ngo ubisohoze, ibyo ntabwo bihagije. Mu ijambo ry'Imana harimo ubutunzi bushobora kubonwa n'umuntu ucukura yimbitse cyane mu rwobo rucukurwamo ukuri.

Umutima wa kamere y’umubiri wanga iby’ukuri; ariko umutima wahindutse ugira guhinduka gutangaje. Igitabo cyahoze ari kibi kuko cyahishuraga iby’ukuri cyahamyaga umunyabyaha, noneho gihinduka ibyokurya by’umutima, n'umunezero n’ihumure by'ubugingo. Zuba ryo gukiranuka amurikira impapuro z’lbyanditswe Byera, maze Umwuka Wera akazivugiramo abwira umutima.

Abakundaga gusoma ibitagira umumaro bose nibahugukire noneho ijambo ry’ukuri ry’ubuhanuzi. Nimwende Bibiliya zanyu, maze mutangire gusomana ubwuzu ibitekerezo byera byo mu Isezerano rya Kera n'lrishya. Uko uzajya urushaho kwiga Bibiliya yawe kenshi kandi ukarushaho kugira umwete ni ko izarushaho kukubera nziza, kandi ni ko uzagira urukundo ruke rwo gusoma ibitagira umumaro. Nimuhambirire icyo gitabo cyiza ku mitima yanyu kizababera incuti ivUmuyobozi.8

(I) MYP 271; (2) MYP 271-273; (3) Ed. 189, 190; (4) CT 384, 385, 385; (5) CT 135, 136; (6) CT 132-135; (7) 7T 203; (8) MYP 273, 274

IGICE CYA 32

INDIRIMBO

Umwuga wo kuririmba indirimbo zera wakurikizanywaga umwete (mu mashuri y’abahanuzi). Ntihumvikanaga ingoma zivuzwa nta mpamvu, nta ndirimbo z'amanjwe zo kogeza umuntu no gukura ibitekerezo ku Mana zaharangwaga; ahubwo haririmbwaza Zaburi zo guhimbaza Umuremyi, no kogeza izina rye no gusobanura imirimo ye itangaza. Uko ni ko indirimbo zakoreshwaga umugambi wera, kugira ngo zerekeze ibitekerezo ku byera n’iby'icyubahiro n iby'ubwiza, no gukangurira umutima gusenga Imana no kuyishima.1

Indirimbo zifite umugabane mu gihe cyo gusenga Imana mu bikari byo mu ijuru, kandi natwe dukwiriye guhirimbana uko dushoboye kose kugira ngo dufatanye n’abaririmbyi bo mu ijuru mu gihe turirimba indirimbo zo guhimbaza. Kwigisha ijwi kuririmba neza ni ikintu cy’ ingenzi mu mashuri, kandi ntibikwiriye kwirengagizwa. Nkuko kuririmba ari umugabane umwe wo mu mihango ikorwa n’idini, ni nako ari

uguhimbaza no gusenga. ***Umutima ukwiriye kwita ku cyo indirimbo ivuga kugira ngo iwusobanurire ibikwiriye***.2

Neretswe gahunda, gahunda itunganye yo mu ijuru, maze nshimishwa cyane no kumva indirimbo z'ihoho ziririmbirwayo. Mvuye mu iyerekwa, indirimbo zo mu isi zimbera umwaku kandi ntizanezeza. Nabonye urugaga rw'abamarayika, bari bahagaze ku ruhushya rufite imitwe ine, marayika wese afite inanga y'izahabu. Ku mutwe w'inanga hari icyuma cyo guhindukiza ngo batunganye inanga cyangwa bahindure ijwi ryayo. Ntabwo intoke zabo zacuranganaga imirya y'inanga urutebwe, ahubwo bacurangaga imirya itari imwe ngo ibone uko izana amajwi atari amwe. Hariho marayika umwe uhora ayobora, ukora ku nanga bwa mbere maze akabaha ijwi, ubwo bose bagafataniriza hamwe kuririmba indirimbo nziza iboneye yo mu ijuru. Nta wabasha kubisobanura. Ni indirimbo yo mu ijuru, y'Imana, iririmbwa mu maso ha bose harabagiranishwa n'ishusho ya Yesu, ifite ubwiza butabona uko buvugwa.3

Neretswe yuko abasore bakwiriye guhagarara bashikamye bakagira ijambo ry'Imana umugabo wo kubagira inama no kubayobora. Inshingano zikomeye cyane ziri ku basore, n'uko bazirebana ibambe rike. Kuririmba indirimbo iwabo, nkaho byabateye kwera no kugira ingeso z'umwuka, byatumye ubwenge bwabo buyoba mu by'ukuri. Indirimbo z'amanjwe n'indirimbo za rubanda z'iminsi barimo zisa naho zibanejeje. Ibicurangwa byo kuririmbisha byatwaye umwanya wari ukwiriye gusengwamo. Indirimbo iyo zikoresheiwe neza zihinduka umugisha ukomeye; ariko iyo zikoreshejwe mu buryo bubi umuvumo uteye ubwoba. Zirasamaza, ariko ntizitanga ya mbaraga n'ubutwari umukristo abasha kubonera ku ntebe y'ubuntu gusa, igihe avuga ibyo ashaka yicishije bugufi, arira cyane kandi abogoza amarira, asaba imbaraga yo mu ijuru ngo imukomeze cyane imurinde ibishuko bikomeye by'umubi. Satani ni we uyobora abasore yagize imbata. Yemwe, sinzi icyo navuga cyabatera kunesha imbaraga ye yo ijijisha ubwenge! Ni umunyabwenge uryohereza, agakururira abantu ku kurimbuka.4

(1) FE 97, 98 (2) PP 594; (3) 1T 146; (4) 1T 496. 497.

IGICE CYA 33

INGARUKA YO KUNEGURANA

Abakristo bakwiriye kwitondera amagambo yabo. Ntibakwiriye kujyana amagambo adakwiriye y'incuti yabo imwe ku yindi, cyane cyane igihe bazi yuko nta bumwe izo ncuti zifitanye. Ni bibi kuvugira utugambo mu rwihisho no guca amarenga nkaho hari ibyo uzi kuri izo ncuti zombi abandi batazi. Amazimwe ajya hirya no hino, kugeza ubwo azana umwuka mubi, kuruta kuvuga ikintu uko kiri bitari amakabyankuru. Hari ubwo itorero rya Kristo ritagize ayo magorwa se! Imigenzereze idakwiriye no kutitonda kw'abakristo bo mu itorero kwatumye rigira intege nke rimera nk'amazi. Abakristo bahuriye mu itorero rimwe bananiwe kwiringirana, nyamara ayo mafuti ntiyabaga atewe no kugambirira kugira icyo yangiza. Kubura ubwenge bwo gutoranya ibikwiriye kuganirwa kwangije byinshi.

Ibiganiro byari bikwiriye kuba ibyerekeye ku by'umwuka no ku bintu byo mu ijuru; nyamara si ko biri. Gufatanya n'incuti z' abakristo, nikuberaho kungura ubwenge mu bitekerezo no mu mutima, ntabwo hazabaho kwicuza hanyuma, kandi bashobora kureba inyuma ibyo babonye bigatuma banyurwa.

Ariko niba amasaha akoreshwa mu by'imburamumaro n'ibiganiro by'amanjwe, kandi igihe cyiza kigakoreshwa mu byo gutandukanya imibereho n'ingeso by'abandi, ubucuti buzaba isoko y'ibibi, maze mube impumuro y'urupfu izana urupfu.1

Mutekereze Ibyiza ku Bantu Bose

Igihe twumvise inkuru ya mwene Data, natwe turayishyushya. Ikibazo kibaza ngo; "Uwiteka, ni nde uzaguma mu ihema ryawe? Ni nde uzatura ku musozi wawe wera?" Umunyazaburi yaragishubije ati: "Ni ugendera mu bitunganye, agakora ibyo gukiranuka, akavuga iby ukuri nk'uko biri mu mutima we. Utabeshyeresha abandi ururimi rwe, ntagirire nabi mugenzi we, ntashyushye inkuru y'umuturanyi we. "Zaburi 15:1-3.

Mbega ukuntu amagambo y'amanjwe yakwimirwa, iyaba umuntu wese yabashije kwibuka yuko abamubwira ibicumuro by'abandi

bazabasha kuvuga ibye mu gihe bazaba babibonye. Dukwiriye guhirimbanira gutekereza abantu bose ho ibyiza, cyane cyanc bene Data, kugeza ubwo duhatirwa gutekereza' ibinyuze indi nzira. Ntidukwiriye kwemera vuba amakuru y'ibibi tubwiwe. Ibyo kenshi biterwa n'ishyari cyangwa kudasobanukirwa, cyangwa bishobora guturuka ku gukabya cyangwa ku kumenya agace gato k'ibyabaye. Iyo ishyari no gushidikanya bihawe akito, bikwira hose vuba nk'igitovu. Niba mwene Data ayobye, ni bwo uba ubonye umwanya wo kugaragaza urukundo nyakuri umufitiye. Masangane ineza, usabire hamwe na we kandi umusabire, wibuka igiciro gihoraho Kristo yatangiye kumucungura. Muri ubwo buryo ushobora gukiza ubugingo urupfu, kandi ugahisha ibyaha byinshi.

Kwica ijisho, ijambo rimwe, ndetse uburyo ijwi rivuga bishobora kubamo ibinyoma bikomeye, bikinjira mu mutima nk'umwambi w'ingobe, bigatera igikomere kidakira. Uko ni kogushidikanya, n'umugayo bishoboVa gushyirwa ku muntu Imana yabashije gukoresha umurimo mwiza, nuko imigirire ye myiza ikanduzwa, kuba ingiramumaro kwe kukangizwa. Hariho inyamaswa zimwe, iyo imwe muri zo ikomerekejwe ikitura hasi, izindi nyamaswa zene wabo ziyiraraho zikayitanyaguza. Bene uwo mutima ugirwa n'abagabo n'abagore bafite izina ry'abakristo. Bagira ishyaka ryo gutera amabuye abandi bafite ibicumuro bike ku byabo. Hariho bamwe berekana ibicumuro n'ibidakwiriye abandi bakoze ngo bahuze abantu be kureba ibyabo, cyangwa se ngo bereke abandi ishyaka rikomeye bagirira Imana n'itorero.2

Igihe gikoreshwa mu kunegura imico n'imirimo y'abakoze ba Kristo byaba byiza biruseho kugikoresha mu gusenga. Kenshi iyaba abashaka ibicumuro ku bandi bari bazi iby'ukuri byerekeye kuri abo bashakaho ibicumuro, babazirikanyeho ibinyuranye n'ibyo rwose. Yemwe ukuntu byaba byiza biruseho, iyaba mu kigwi cyo kunegura abandi no kubaciraho iteka umuntu wese yavugaga ati: "Nkwiriye guhirimbanira agakiza kanjye. Nimfatanya n'ushaka gukiza ubugingo bwanjye, nkwiriye kugira umwete no kwitonda cyane. Nkwiriye kwamurura ikibi cyose mu bugingo bwanjye. Nkwiriye guhinduka icyaremwe gishya muri Kristo. Nkwiriye kunesha igicumuro cyose. Ni bwo, mu kigwi cyo guca integc uluiharanira kurwanya ikibi, mbasha kubakomeresha amagambo''3

Umunyeshyari Nta Cyiza Abona ku Bandi

Ntidukwiriye gukundira impagarara n'imibabaro byacu kumunga Imitima yacu, ngo bidutere gushoberwa no guhagarika umutima. Ntihakagire impagarara zibaho, cyangwa gutekereza ibibi ku bandi, i vangwa kubavuga nabi hato tutarakaza Imana. Mwene Data, niba ukingurira umutima wawe ishyari no gukeka ibibi, Umwuka Wera nlabasha kuba muri wowe. Shaka kuzura kuri muri Kristo. Kora mu buryo bwe. Ureke igitekerezo cyose n'ijambo n'umurimo bimugaragaze. Ukennye kubatizwa uko bukeye n'uko bwije na rwa rukundo rwateye Intumwa kumvikana mu gihe cyazo. Uwo rukundo ruzatuma umubiri n ubwenge n'umutima bihonjoka. Zengurutsa ubugingo bwawe umwuka uluma imibereho y'iby'umwuka igira imbaraga. Komeza ukuze kwizera, n ibyiringiro, n'ubutwari, n'urukundo. Reka amahoro y'Imana ategekere mu mutima wawe.4

Ishyari si ifuti ry'ingeso gusa, ahubwo ni ingeso mbi yangiza ubwenge bwose. Ryatangiriye muri Satani. Yashatse kuba uwa mbere mu ijuru, kuko rero atabashije kubona ububasha n'ubwiza yashakaga, yagomeye ingoma y'Imana. Yagiriye ishyari ababyeyi bacu ba mbere, jihoshya gucumura maze abarimburana atyo n'ubwoko bw'abantu bwose.

Umunyeshyari ahumiriza amaso ye kugira ngo atareba ingeso nziza n'imirimo by'icyubahiro by'abandi. Ahorayiteguye gushyashyariza abandi no kuvuga nabi abeza cyane. Kenshi abantu baricuza bakareka Ibibi bakoraga, ariko umunyeshyari yiringirwa buhoro. Kuko ishyari ritera umuntu kwemera ko asumba abandi, ubwibone ntibukundira umuntu kwigaya. Iyo bagerageje kwemeza umunyeshyari icyaha cye, arushaho kwanga umuhannye ibibi bye, ndetse akenshi akanga kubivaho.

Umunyeshyari akwiza uburozi aho agiye hose, atandukanya incuti kandi ubyutsa urwango no kugomera Imana n'umuntu. Ashaka ko atekerezwaho ko ari we mwiza kuruta abandi kandi ko akomeye cyane, ntabikoreshe ubutwari, cyangwa umuhati wo kwiyanga kugira ngo yigeze ku rugero rwo kubonera cyane, ahubwo akabikoresha kwigumira aho ari no gupfobya imirimo myiza ikwiriye imihati abandi bagize.

Ururimi rwishimira amahane, ururimi rumena ibanga ruvuga ruti: Bivuge, nanjye nzabivuga, intumwa Yakobo ivuga yuko rukwiriye

gukongezwa na Gehinomu. Rukwiza inkwi zigurumana umuriro ahantu hose. Umucuruzi w'amazimwe usebya utariho urubanza yitaye kuki? Ntazareka umurimo we mubi nubwo yatsemba ibyiringiro n'ubutwari mu bamaze kurambarara munsi y'imitwaro yabo. Icyo yitaho gusa ni ukubera abandi ikigusha. Ndetse n'abitwa abakristo bahumiriza amaso yabo ngo batareba ibyera, ibyo kwizerwa, ibishimwa n'ibikundwa, maze bakikomereza ibifutamye n'ibigayitse, kandi bakabyamamaza mu isi.5

Ishyari no Gushaka Ibicumuro ku Bandi

Mbabajwe no kuvuga yuko mu bakristo bo mu itorero harimo abafite indimi zananiranye. Harimo indimi z'ibinyoma zitunzwe n'amahane. Harimo indimi ziryarya kandi zongorera. Hariho abaganira ibitagira icyo bisobanuye, n'abanyamashyengo, n'abahanga bo gusetsa. Mu bakunda kuvuga amagambo menshi bamwe bakururwa n'amatsiko, abandi bakururwa n'ishyari, abenshi bakabiterwa no kwanga abo Imana ivugiramo amagambo yo kubacyaha. Ibyo bibi byose, biriho ubu. Bamwe bahisha imigambi yabo nyakuri, abandi bo bakagira ishyushyu ryo kwamamaza ibyo bazi byose, ndetse n'ibibi bakeka ku bandi.

Nabonye yuko wa mutima wo kurahira ibinyoma, uhindura ukuri ibinyoma, ugira icyiza ikibi, uhindura gukiranuka gukiranirwa ko ubu uriho ukora. Satani yishimira uko abiyita ubwoko bw'Imana bameze. Igihe abenshi bariho birengagiza ubugingo bwabo. bagira ishushyu ryo gushakashaka umwanya wo kunegura abandi no kubaciraho iteka. Bose bafite icyo babuze mu ngeso, kandi ntibikomeye kubona icyo ishyari rigaragaza ku bubi bwabo. Abo biha kuba abacamanza bavuga bati: "Noneho, tubonye icyo tuvuga. Tuzabahambiriza ikirego batazigobotoramo. ''Bagategereza ko bazabona igihe maze hanyuma bakazana umurundo w'amazimwe.

Abantu bafite ibitekerezo byinshi mu buryo bwa kamere, igihe bafite umwete wo kujyana amazimwe ku bandi, baba mu kaga ko kwishuka no gushuka bagenzi babo. Batoragura amakuru bumvise ku bandi, batazirikanye yuko amagambo bihutiye kuvuga adashobora kwerekana neza uko nyiri kuyavuga ameze. Nyamara ibyo byose bikozwe bihubukiwe, akenshi biba ari amanjwe, iyo byitegerercjwe mu ipica itubura ya Satani, bigatekerezwa, bigasubirwamo hato na hato bigeza ubwo utununga duhinduka imisozi minini.

Mbese urwo ni urukundo rwa gikristo, kurundanya amakuru y’amanjwe, gushyira ku mugaragaro ikintu cyose kibasha gutera gushidikanya ingeso y’undi, maze hanyuma ukishimira kugikoresha ngo kimubabaze? Satani arishima iyo abashije gusebya cyangwa gukomeretsa umuyoboke wa Kristo. Ni we “murezi wa bene Data.” None abakristo bakwiriye kumufasha uwo murimo?

Ijisho ry’Imana rireba byose, rimenya amafuti ya bose, n’iruba ritegeka umuntu wese, nyamara yihanganira amafuti yacu kandi ikagirira ibambe intege nke zacu. Itegeka ubwoko bwayo kugira bene uwo mutima w’ubugwaneza no kwihangana. Abakristo nyakuri ntibazajya bishimira ibicumuro n’intege nke by’abandi. Bazahunga ibibi n’ubugoryi, berekeze imitima ku byiza n'iby’igikundiro. Umurimo wose wo gushaka ibicumuro ku bandi ijambo ryose ryo gucira undi ho iteka cyangwa kumucira ho urubanza, ku mukristo birababaza.6

Amaherezo yo Kunegura Itorero n’Abayobozi

Umutima wo kuzimura no kuvuga ibihimbano ni ikintu mu bintu by'ingenzi Satani akoresha kugira ngo abibe intonganya n’amahane, ngo atandukanye incuti, kandi ngo acogoze abari bafite kwizera. Bene Data bahora biteguye cyane kuvuga amafuti n'ibicumuro batekereza ku bandi, cyane cyane iby’abavuga ubutumwa badafite umususu wo kubaburira no kubahana bababwira imiburo yaturutse ku Mana.

Abana b’abo banyabugambo babangira amatwi maze bakakira ubwo bumara bw’urwangano. Uko ni ko ababyeyi bica inzira zikwiriye kunyurwamo n’abana badatekereje. Ibyo bisuzuguza Imana. Yesu yaravuze ati: “Ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y’abandi, ni njye mwabikoreye. “Matayo 25:40. Ni cyo gituma Kristo asuzugurwa kandi akagirirwa nabi n’abavuga ibinyoma abagaragu be.

Izina ry’abagaragu batoranijwe b’Imana ryarahinyuwe, kandi mu buryo bumwe risuzugurwa cyane n’abantu bamwe bafite inshingano yo kubakomeza. Abana ntibabuze kumva amagambo avuganwa agasuzuguro n’ababyeyi babo ibyo gucyaha n’imiburo bivugwa n’abagaragu b'Imana. Bumvise amashyengo yo gukoba n’amagambo yo guhinyura byahoraga bigera mu matwi yabo, ibyo babikoraga bashaka gushyira ibyera

n’ibizahoraho mu bwenge bwabo ariko babikoze mu buryo bw’iby’isi. Mbega umurimo ukorwa n'abo babyeyi wo gutuma abana babo bagomera Imana bakiri bato! Uko ni ko aba bigishwa gusuzugura no kugomera imiburo iturutse mu ijuru.

Gusubira inyuma mu by'umwuka gushobora kwiganza aho bene ibyo bibi biba. Ababyeyi b'abana bahumishijwe n’umwanzi batangazwa n’igituma abana babo bayobye bakareka kwizera kandi bagashidikanya ukuri kwa Bibiliya. Batangazwa nuko basanga biruhije kubumvisha ibyiza n’iby’idini. Iyaba baragize amaso y’umwuka bakayarebesha, baba barasobanukiwe n’uko ibyo byatewe n’imibereho yabo y’imuhira, ko ari ingaruka y’ishyari ryabo no kutizera. Uko ni ko abatizera benshi bigishirizwa mu ngo z’abitwa abakristo.

Hariho benshi banezezwa no kuvuga amakuru no kuganira byinshi byerekeye ku mafuti, yaba ari yo koko cyangwa se ibyo bibwira ubwabo, ku bafite inshingano iremereye yerekeye ku murimo w’Imana. Birengagiza ibyiza byakozwe, n’ibyakomotse ku mwete bakoranye umurimo badacogora, maze bakita ku mafuti amwe, nyamara aho amariye gukorwa yaba yaragize inkurikizi, bakibwira yuko biba byarakozwe neza kurutaho; nyamara mu kuri, iyaba ari bo bakoraga uwo murimo, baba baratinye kujya mbere bitewe no gucogozwa n’umurimo, cyangwa se bakaba baragize amafuti kuruta uko abo bakoze bayobowe n’Imana.

Ariko ibyo bigande by’ibinyamagambo bizihambira ku mirimo mibi iteye isoni, nk’uko isharankima zometse ku rutare. Abo bantu bagizwe imfunya mu by’umwuka no guhora batekereza cyane kandi baganira cyane amafuti n'ibicumuro by’abandi. Ntibashobora gutekereza neza imirimo myiza n’iy’icyubahiro, n’imihati itaranganwa kwikunda, n’ubutwari nyakuri no kwitanga. Ntibahinduka abanyangeso nziza kandi ngo babe beza biruseho mu mibereho no mu byiringiro, ntibaba abanyabuntu n’abanyabwenge mu nama no mu migambi. Ntibagira rwa rukundo rukwiriye kugaragaza imibereho ya gikristo. Bahora bahenebera uko bukeye n’uko bwije kandi bakarushaho gusubira hasi mu byo kureba ibikwiriye n’inama. Icyabc ni intege nke, kandi imibereho yabo ni uburozi bwica amahoro n’umunezero.7

Ikigo gikorerwamo imirimo cyose kizagomba kurwana n'ibiruhanya. Ibigeragezo bihabwa akito kugira ngo bigeragezе ubwoko bw’Imana. Igihe ibyago byiroshye kuri umwe wo mu bakozi b’Umwami, bigaragaza kwizera nyakuri dufite mu Mana no mu murimo wayo. Mu gihe bimeze bityo ntihakagire ubibona nabi ngo ahereko ashidikanya kandi areka kwizera. Ntimukanegure abikoreye imitwaro y’inshingano. Ibiganiro byanyu imuhira ntibigahumanywe no kunegura abakozi b’Umwami. Ababyeyi bagira uwo mutima wo kunegura abandi, ntibashyira imbere y’abana babo ikizabazanira ubwinge bubahesha agakiza. Ibiganiro byabo si ibyo gucogoza kwizera n’ibyiringiro by’abana babo gusa, ahubwo bicogoza n’abakuze.8

Abayobozi b’imirimo yacu bafite umurimo ukomeye cyane wo gushyiraho amategeko na gahunda byo kuyobora abasore bayobora. Abakristo bo mu itorero baba bagize akamaro gakomeye cyane baramutse babafashije. Igihe abasore batemera kumvira ibyo bategetswe n’ababakoresha cyangwa ikindi cyose bategetswe n’ababayobora, bakagambirira gukora ibyo bishakiye, ababyeyi babo ntibakwiriye kubyirengagiza ngo babe mu ruhande rwabo.

Ibyiza biruseho, ndetse biruseho cyane, ni uko abana banyu bababara, ndetse ni uko bapfa, biruta kwigishwa kutitondera imfatiro ukuri gushingiyeho, no kutita kuri bagenzi babo no ku Mana.9

Kwinegura Ubwawe Bifite Agaciro

Iyaba abitwa abakristo bose babashaga-gukoresha imbaraga zabo bakareba ibibi bikwiriye gusubirwaho bibarimo, mu kigwi cyo kuvuga ibyaha by'abandi, habayeho ubuhonjoke buruseho mu itorero muri iki gihe. Mu gihe Uwiteka atunganya amabuye ye y’igiciro cyinshi, anezezwa n ukuri no gukiranuka no kwizera. Abamarayika bakoreshwa umurimo wo kurema amakamba ya bene abo, kandi kuri ayo makamba y’inyenyeri nziza cyane hazaba harabagiranishwa n’ubwiza n’umucyo bituruka ku ntebe y’Imana.

Uwiteka ariho arageragеza kandi aragenzura ubwoko bwe. Ukwiriye kurushaho cyane, uko ushoboye kose. kwinegura mu mico yawe idatunganye; ariko ujye uba umugwaneza, n'umunyebambe, n’imfura ku bandi. Jya uhora ubaza buri munsi uti: Mbese ndi

umunyakuri mu mutjma, cyangwa se uko niyumva ni ukwishuka? Saba Uwitekaakurinde udashukwa muri ubwo buryo. Ibyiza bihoraho birakubikiwe. Igihe abenshi cyane bariho bifuza icyubahiro kandi bagahorana agatima ko kwifuza inyungu, mbese mwebweho, bene data, murashakashakana umwete ubwishingizi bw'urukundo rw’Imana maze mugataka muti: Ni nde uzanyereka uko nakora kugira ngo guhamagarwa no gutoranywa kwanjye byemerwe?

Satani yiga ibyaha bya kamere by’abantu yitonze, maze agatangira umurimo we wo kubareshya no kubatega. Turi mu ngati y'ibishuko, ariko tuzanesha niba turwana intambara z'Umwami kigabo. Twese turi mu kaga. Ariko nimugenda mwicisha bugufi kandi musenga muzava mu ruganda rwo kubagerageza mufite igiciro kiruta icy’izahabu nziza cyane, ndetse murusha izahabu nziza ya Ofiri. Nimuba abanenganenzi kandi ntimusenge, muzamera nk’umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga.10

(1) 2T 186, 187; (2) 5T 58,59; (3) 8T 83, 84; (4) 8T 191; (5) 5T 56, 57; (6) 5T 94-96; (7) 4T 195, 196; (8) 7T 183; 7T 185, 186; (10) 5T 96-98.

IGICE CYA34

INAMA YEREKEYE KU MYAMBARO

Ni ihirwe ryacu gushimishiriza Umuremyi wacu mu myambaro ok’uko tumushimiriza mu bindi byose. Ashaka yuko imyambaro yacu itaba iboneye kandi mizima gusa. Ahubwo ko iba ikwiriye kandi myiza.

Dukwiriye gushaka kugaragara ko twambaye neza. Mu gihe cyo gukora imirimo mu ihema Imana yasobanuye akantu kose kerekeye ku myambaro y’abakoreraga imbere yayo Ibyo biratwereka yuko yitaye ku myambaro y’abamukorera. Aroni yahawe amategeko aciye indi nzira rwose yerekeye ku makanzu ye, kuko imyambaro ye yagiraga icyo isobanura. Ni ko n’imyambaro y'abayoboke ba Kristo ikiwiriye kugira icyo yerekana. Dukwiriye kumugaragaza muri byose. Ishusho. Yacu ikwiriye kugaragazwa n’isuku, n’ikinyabupfura no kubonera mu buryo bwose.

Ibintu byaremwe (uburabyo) ni byo Kristo ashushanirizaho ubwiza bw'ijuru, kwiyoroshya, ubugwaneza, kwera, kwemerwa, ni byo byatuma imyambaro yacu imunezeza.1

Gahunda zo Kutuyobora mu Buryo Bwo Kwambara

Imyambaro n’uko umuntu ayambaye ni byo n’ubundi bigaragaza ingeso z’umugabo n’umugore. Tumenyera ingeso y’umuntu ku myambaro yambaye. Umugore wiyoroshya wubaha Imana yambarana ikinyabapfura. Ubwenge bwarezwe neza bugaragazwa no gutoranya imyambaro yoroheje kandi ikwiriye. Umugore wiyoroshya kandi ntiyirate mu kwambara no mu ngeso ze, aba agaragaza yuko umugore nyakuri agaragarira ku kwirindan kuboneye. Mbega uburyo kwiyoroshya mu myambaro binezeza cyane kandi biteye ubwuzu, bikabasha kugereranywa n'uburabyo bwo mu gazozi ku bwiza!

Ndasaba abantu bacu kugenda bitonze kandi bigengesereye imbere y’Imana. Mukurikize imico yo kwambara niba imeze nk’uko amategeko yo kwitungira amagara ari: Abagore n'abakobwa bakwiriye kwambara batirimbisha nk'uko benshi bagenza, bambaye imyambaro myiza, y’igitambaro gikomeye, ikwiranye n’iki gihe, kandi igitekerezo cyo kwambara cye kuba ari cyo cyuzura mu bwenge. Abagore n’abakobwa bakwiriye kwambara mu buryo bworoheje. Bakwiriye kwambara imyambaro ikwiriye, bagira isoni kandi birinda. Muhe abo mu isi icyitegererezo kizima cy’ubuntu bw’Imana.

Niba abo mu isi bambaye imyambaro y’urugero, ikwiriye, kandi ikomeye, yemewe na Bibiliya, kuyikoresha ntibizahindura isano dufitanye n’Imana cyangwa n’ab’isi. Abakristo bakwiriye gukurikiza Kristo, kandi bakambara nk’uko ijambo ry'Imana ryemera Bakwiriye kwirinda gukabya mu iyambara. Bakwiriye gukurikiza ingeso zitunganye bicisha bugufi, batitaye ku kurangaririrwa cyangwa ku kunegurwa, kandi bakwiriye kugundira iby’ukuri kubw’ingeso zako ubwazo.

Ntimugakurikize uburyo bwadutse bw’ubupfapfa bwo kwambara. Mujye mwambara neza kandi mu buryo bukwiriye, ariko ntimukigire abo kurangarirwa, mubikoresheje kwambara by'akarenga, cyangwa kwambara mu buryo bubi butagira gahunda. Mujye mugenza

nkaho muzi yuko ijisho ry'Imana ribareba. Kandi yuko muriho ndetse mwemewe n'Imana.2

Ibyo Bibliya Itwigisha

Kristo yavuze iby'umutima wo kwambara, kandi yaburiye abayoboke be, ni koko, yabategetse kutiganyira. "None se, ikibaganyisha imyambaro ni iki? Mutekereze uburabyo bwo mu gasozi, uko bumera; ntibugira umurimo, ntibuboha imyenda; kandi ndababwira yuko Salomo mu bwiza bwe bwose atarimbaga nk'akarabyo kamwe ko muri ubu." Ubwibone no gushayisha mu byo kwambara n'ibyaha umugore akunda cyane; kubw'ibyo aya mategeko ni we abwirwa. Mbega ukuntu agaciro k'izahabu cyangwa imaragarita cyangwa imyenda y'umurimbo y'igiciro cyinshi ari gake, iyo ukagereranyije n'ubugwaneza n'ubwiza bwa Kristo!

Neretswe ibyanditswe bikurikiyeho. Marayika yaravuze ati: "Birakwiriye kwigisha ubwoko bw'Imana. "1 Timoteyo 2:9, 10. "kandi n'abagore nuko ndasha ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda; kandi batirimbisha kuboha umusatsi, cyangwa izahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi, ahubwo birimbisha imirimo y'ingeso nziza, nk'uko bikwiriye abagore bavuga yuko bubaha Imana."

1 Petero 3:3-5. "Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha umusatsi, cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa uwo gukanisha imyenda: ahubwo ube uw'imbere, uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w'umwuka ufite ubugwaneza n'amahoro, ni wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Jmana. Abagore bera ba kera biringiraga Imana ni ko birimbishaga."'

Benshi babona ko ayo mategeko ari aya kera cyane adakwiriye kwitabwaho; ariko uwayahaye abigishwa be yari azi akaga gaturuka ku gukunda imyambaro ko mu gihe cyacu, maze atwoherereza urwibutso rwo kutuburira. Mbese tuzita kuri uwo muburo tube abanyabwenge?

Abashakashaka gukurikiza Kristo by'ukuri bazitonda cyane ku byerekeye imyambaro bambara; bazahirimbanira gusohoza ibishakwa by'iri tegeko (1 Petero 3:3-5) ryatanzwe n'Umwami ku mugaragaro.

Kwiyanga mu myambaro ni umugabane w'inshingano yacu ya gikristo. Kwambara bidakurura amaso, kwivutsa umunezero w'umurimbo w'ibintu byakozwe mu izahabu n'umurimbo w'uburyo bwose, bigira icyo bihuriraho no kwizera kwacu.4

Abenshi bakennye kwigishwa uburyo bakwiriye gusa mu iteraniro ryo gusenga ku munsi w'isabato. Ntibakwiriye kuza imbere y Imana bambaye imyambaro isanzwe yambawe mu mibyizi. Bose bakwiriye kugira umwambaro unyuranye n'undi wo ku isabato, kugira ngo ujye wambarwa mu gihe cyo mu iteraniro mu nzu y' Imana. Mu gihe tudakwiriye gushushanywa n'ab'isi, ntidukwiriye kwirengagiza ibyerekeye ku buryo dukwiriye gusa inyuma. Dukwiriye kubonera dufite isuku, n'ubwo tutirimbishije. Abana b'Imana bakwiriye kubonera imbere n'inyuma.5

Cyane cyane abagore b'abagabura bacu bakwiriye kwitonda ntibitandukanye n'ibyo Bibiliya yigisha byerekeye imyambaro. Abenshi babona ko ayo mategeko ari aya kera cyane adakwiriye kwitabwaho; ariko uwayahaye abagishwa be yari azi akaga gaturuka ku gukunda imyambaro ko mu gihe cyacu, maze atwoherereza urwibutso rwo kutuburira. Mbese tuzita kuri uwo muburo tube abanyabwenge? Kurenza urugero mu myambaro bihora byiyongera. Imperuka ntiragera. Ibintu bihora bihinduka bishya, kandi abagore n'abakobwa bakurikiza uko igihe kimeze, ntibite ku gihe cyangwa ku mari bakoresha. Imari nyinshi ikoreshwa ku myambaro, nkaho yahawe Imana yayitanze.6

Ububasha bw'Imyambaro

Gukunda kwambara kwangiza ingeso nziza maze bigatuma umugore aba atakibaye umukristokazi mwiza, ukwiriye kandi wirinda. Imyambaro ibengeranay'igiciro cyinshi kenshi iteraumutima w'uyambaye uburaya kandi ikabyutsa iruba mu mutima w'umureba. Imana ibona yuko kwangirika kw'ingeso akenshi kubanzirizwa no kwibona no kwirata mu myambaro. Ibona yuko imyambaro y'igiciro cyinshi iniga ubushake bwo gukora ibyiza.7

Imyambaro yoroheje, idakurura amaso kandi itari iy'umwirato ni yo yizihiye abakobwa barumuna banjye b’amakumi. Nta nzira nziza iruseho mushobora kurabagiranishiriza abandi iruta kwiyoroshya mu myambaro no mu ngeso. Ushobora kwereka bose yuko wishimira cyane ibintu by’ubu bugingo, mu cyimbo cy’ibizahoraho.8

Abenshi bambara nk’ab’isi kugira ngo bareshye abatizera, ariko aho bahagira ifuti riteye agahinda. Niba bashaka kugira ubwenge bw’ukuri kandi bukiza, bakwiriye kugira imibereho ihwanye n’uko bavuga, bakagaragarisha kwizera kwabo imirimo yo gukiranuka, bakagira itandukaniro rigaragara riri hagati y’umukristo n’iby’isi. Amagambo, imyambaro, n’imirimo, bikwiriye kuvugira Imana. Nibwo imibereho * myiza izamamazwa ahabazengurutse hose, ndetse n’abatizera nibwo bnzamenya ko babanaga na Yesu. Niba hari abashaka ko imibereho yabo yerekana ukuri, bakwiriye kugira imico ihwanye n’uko bizera bakigana uwababereye icyitegererezo wicishaga bugufi.9

Bagore, namwe bakobwa, mwitandukanye n’igisa n’ikibi cyose. Muri iki gihe cyihuta, kinukishwa n’ibiboze, ntimuzaba amahoro, keretse nimurindwa. Kwera n'ubupfura ni ingume. Ndahendahenda abayoboke ha Kristo, ngo mukore umurimo ufite agaciro gakomeye, ngo mufate neza ibuye ry’igiciro cyinshi ryiza, ritagira icyo rigurwa ry’ubupfura. Ni byo bizatuma muba abera. Kwiyoroshya mu myambaro nigufatanya n’ubupfura bwo mu ngeso, bizagendana n’inkumi ifite ingeso zera maze biyibere ingabo iyikingira ibyago igihumbi.10

Kwiyoroshya mu myambaro kuzatuma umugore w’ubwenge agaragara ko ari umunyamahirwe. Mujye mwambara nk’uko abakristo bakwiriye kwambara byoroheje, mutirimbishije byo gukurura amaso ahubwo mwambare nk’abagore bizihiwe bavuga yuko bubaha Imana bagakora imirimo myiza.

Abenshi, kugira ngo bagendane n’ibyadutse by’ubupfayongo, baretse umurimbo basanganywe uvanze no kwiyoroshya maze barangamira ibyadutse. Batanga igihe n’imari n’imbaraga z’ubwenge n’ubutungane bw'umutima, maze begurira impagarike yabo yose ku byadutse. Basore n’inkumi nkunda, ingeso ibarimoyo kwambara bikurikijeuburyo bwadutse bw’iby’umurimbo, n'izahabu,n’imyendaitatswe yo kurimbana,ntibizatera abandi gushima

idini yanyu cyangwa ukuri muvuga ko mukurikiza. Abantu bazi kugenzura bazareba umwete wanyu wo kwirimbisha inyuma bibahamirize ko muri abanyantege nke n'abirasi.11

Hariho umwambaro umwana wese n'umusore n'inkumi bakwiriye kubona. Uwo mwambaro ni ugukiranuka kw'abera Nibemera kandi bakihanganira kuwubona nk'uko bagenza bahimba imyambaro yabo bakurikije uko ab'isi bagenza, bazambikwa vuba cyane umwambaro wo gukiranuka kwa Kristo, kandi amazina yabo ntazahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo. Ababyeyi b'abagore, n'abasore n'inkumi n'abana, bakwiriye gusenga bati: "Mana undememo umutima wera, unsubizemo umutima ukomeye." (Zaburi 51:10). Uko kwera k'umutima n'ubwiza bw'umwuka bifite igiciro kiruta icy'izahabu nziza, muri iki gihe no mu gihe kizaza. Abafite imitima iboneye basa ni bo bazabona Imana.12

(1) CG 413; (2) CG413-415; (3) CG415,416; (4) 3T 366; (5) 6T 355; (6) 4T 630, 631; (7) 4T 645; (8)3T376: (9) 4T 633, 634; (10) CG417; (11) CG 421; (12) CG417,418.

IGICE CYA 35

ICYO ABASORE BAHAMAGARIRWA GUKORA

Basore, ncuti nkunda, icyo mubiba ni cyo muzasarura. Ubu ni igihe cyanyu cyo kubiba. Mbese umusaruro uzaba iki? Mbese icyo mubiba ni iki? Ijambo ryose muvuga, ni imbuto nziza cyangwa imbuto mbi kandi amaherezo ikazazanira umubibyi umunezero cyangwa umubabaro. Imbuto yabibwe ni yo izasarurwa. Imana yabahaye umucyo ukomeye n'amahirwe menshi. Uwo mucyo umaze gutangwa, akaga kanyu mumaze kukerekwa neza, inshingano isigaye iba ari iyanyu. Uko mugenza umucyo Imana yabahaye, ni byo bizaba urugero rwo kubahesha umunezero cyangwa se umubabaro.

Mwese mufite ibyiza cyangwa ibibi mushobora gushyira mu bwenge no mu ngeso z'abandi. Icyakora uko mugenza byandikwa mu gitabo cy'urwibutso cyo mu ijuru. Marayika abana namwe akandika ibyo muvuga n'ibyo mukora. Igihe mubyutse mu gitondo, mbese

mwiyumvamo ko mubuze shinge na rugero kandi ko mukennye imbaraga ivuye ku Mana? Mbese aho mumenyesha So wo mu ijuru ibyo mukennye mwicishije bugufi kandi mubikuye ku mutima? Niba ari ko mubigenza, abamarayika bandika amasengesho yanyu, kandi niba ayo masengesho atavuye mu minwa iryarya, mu gihe muzaba muri mu kaga ko gukora ikibi mutagambiriyc cyatuma imibereho yanyu ituma abandi bakora ibibi, marayika ubarinda azababa iruhande, abayobore mu nzira nziza, abashakire amagambo muvuga, kandi abatere gukora ibyiza.

Niba wiyumvamo ko nta kaga urimo kandi niba udasaba gufashwa no guhabwa imbaraga yo kunesha ibishuko, umenye neza yuko uzateshuka inzira; mu gitabo cy'Imana cyo ijuru hazandikwamo ko wirengagije inshingano yawe, kandi ku munsi wo kugeragezwa uzasangwa udashyitse.

Hariho bamwe babazengurutse bigishijwe iby'idini, n'abandi kandi bagiriwe neza, bashyeshyenzwe, bagizwe shyashya, kandi barashimagizwa kugeza ubwo bononekaye rwose ntibaba bakigira imibereho ikwiriye. Ndavuga ibyerekeye ku bantu nzi. Ingeso zabo zayobejwe no kwishakira umunezero, no gushyeshyengwa n'ubunebwe bituma baba imburamumaro muri ubu bugingo. Niba babaye imburamumaro muri ubugingo, twagira byiringiro ki byo muri bwa bugingo aho byose bizaba biboneye kandi byera, kandi aho bose bazaba bafite ingeso zishyize hamwe? Nasabiye abo bantu; naganiriye na bo umwe umwe. Nabonye yuko bakora ibiyobora abandi mu bitagira umumaro, mu gukunda imyambaro, no kutita ku byo bazahabwa bihoraho. Ibyiringiro by'abo bantu ni uko bakwitondera inzira zabo, bagacisha bugufi ubwibone bwabo n'imitima yibona. bakabishyira imbere y'Imana, bakicuza ibyaha byabo, maze bagahinduka.1

Mukuze Ubwenge bw' Iby'Umwuka

Abasore bashobora kubonera amahoro mu guhora bari maso no mu gusenga bicishije bugufi. Ntibakwiriye kwigira shyashya ngo babone ko baba abakristo badafite ibyo. Satani ahisha ibishuko bye n'inama ze munsi y'igitwikirizo cy'umucyo, nk'igihe yazaga aho Yesu ari mu butayu, ubwo yasaga n'umwe wo mu bamarayika bo mu ijuru. Umwanzi w'imitima yacu aza adusanga asa n'umushyitsi uvuye mu ijuru, kandi intumwa iduha inama yo kwirinda no kuba maso kuko ari byo bizatuma

tuba amahoro gusa. Abasore batagira icyo bitaho kandi badashikamye, kandi bakirengagiza inshingano za gikristo, bahora bagushwa n'ibishuko by'umwanzi, mu kigwi cyo kunesha nk'uko Kristo yanesheje.2

Abenshi bavuga ko bari mu ruhande rw'Uwiteka, ariko batarurimo; imbaragay'imirimoyaboyose iri mu ruhande rwa Satani. Tuzagaragarisha iki nyir'uruhande turimo uwo ari we? Ni nde utegeka umutima wacu? Ibitekerezo byacu bibana na nde? Dukunda kuganira ibyerekeye kuri nde? Ni nde dukunda urukundo rushyushye cyane kandi akaba nyif imbaraga zacu zose? Niba turi mu ruhande rw'Uwiteka, ibitekerezo byacu bibana na we, kandi ibyiza biruse ibindi dutekereza ni ibye. Nta bucuti dufitanye n'ab'isi; twatanze ibyo dufite byose none ni ibye. Twifuza kugira ishusho ye, guhumeka umwuka we, gukora ibyo ashaka, no kumunezeza muri byose.

Ubwenge nyakuri ni imbaraga yo gukoresha ubuhanga bwacu kugira ngo dusohoze ibikwiriye. Ni kuki tutita ku by'idini cyane mu gihe iby'isi ari byo bitegeka ubwonko n'amagufa n'imihore? Ni kuko imbaraga zacu zose zibogamiye muri urwo ruhande. Twimenyereje gukorana umwete wose n'imbaraga zose iby'isi kugeza ubwo byorohera ubwenge bwacu kuba ari ho bwerekeza. Ni cyo gituma abakristo babona ko iby'idini bibakomereye naho iby'isi bikaborohera. Ubwenge bwamenyerejwe gukoresha imbaraga zabwo kuba ari ho zerekeza. Mu mibereho y'iby'idini hagiye habaho ubushake bw'ukuri ko mu ijambo ry'Imana, ariko ntihabayeho ibyerekana ko iryo jambo rikurikizwa.

Kwimenyereza gutekereza iby'idini no gukunda gusenga ntibyagizwe umugabane w'ubwenge. Ibyo ni byo bikwiriye gutegeka no kuyobora impagarike yose y'umuntu. Ingeso yo gukora ibikwiriye iragumye. Haba ubwo habaho gukora neza mu gihe bimeze neza, ariko gutekereza iby'Imana ntabwo byagizwe akamenyero.

Ubwenge bukwiriye kwigishwa kandi bukamenyerezwa gukunda kubonera. Gukunda iby'umwuka bikwiriye gushishikarirwa; koko bikwiriye gushishikarirwa niba ushaka gukurira mu buntu no kumenya iby'ukuri. Gushaka ibyiza n'ukuri no kwera ni ingenzi rwose, ariko ugarukiye aho ntacyo byamara keretse ubikoze. Abenshi bazarimbuka bacyiringiye kandi bacyifuza kuba abakristo; nyamara kuko nta mwete bagize, bazashyirwa ku gipimo basangwe badashyitse. Ubushake

bukwiriye kumenyerezwa mu nzira ikwiriye. Nzaba umukristo ubikuye ku mutima Nzamenya uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo n'ubureburc bw'ikijyepfo by'urukundo nyakuri. Umva uko Yesu yavuze ati "Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka kuko ari bo bazahazwa, Matayo 5:6. Ibyokurya byinshi byaringanijwe na Kristo ngo bihaze umutima ushonje kandi ukagira inyota yo gukiranuka.3

Nimugere ku Bwenge Busumbyeho bw'Iby'Umwuka

Urukundo nyakuri ruzuzuza mu mutima ubwenge burushijeho kuba bwinshi, ruzongera ubumenyi bw'ibyo mu ijuru, kugira ngo umutima utanyurwa kandi urimo bikeya. Abenshi cyane bavuga yuko ari abakristo, ntibazi imbaraga z'umwuka bari guhabwa iyo bagira umwete n ishyaka no kudacogora bashaka kugira ubwenge bw'iby'Imana nk uko babigenza bashaka ibintu bishiraho by'iki gihe. Abantu benshi bitwa abakristo banyuzwe no kuba ibikuri mu by'umwuka. Ntabwo bafite umugambi wo kubanza gushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo; nuko rero kuri bo iyobokamana ni ubwiru badashobora gusobanukirwa. Ntabwo bazi Kristo bamumenyeye ku byababayeho.

Abagabo n'abagore banyuzwe no kuba ibikuri, mu byerekeye Imana bakaba barabaye ibirema, uwabanyarukana akabageza mu ijuru mu kanya gato, maze bakirebera ubutungane no kwera bihari. bakareba uburyo uhari wese yuzuwemo n'urukundo; ukuntu umuntu wese arabagiranishwa n'umunezero; n'ukuntu abaho baririmba bahimbaza Imana n'umwana w'Intama; bakabona imyambi y'umucyo irasira ku bera iturutse k'Uwicaye ku ntebe y'ubwami no ku Mwana w'Intama; bakabona umunezero mwinshi cyane uhari, kuko uko babona umunezero uturutse ku Mana, ni ko barushaho kunezerwa cyane, kandi bakarushaho kwakira ibindi bishyashya kandi bikomeye biturutse ku isoko y'ubwiza n'umunezero udashobora gusobanurwa, nuko ndibaza nti, mbese abantu nkabo bashobora gutcrana n'inteko y'abo mu ijuru, bagafatanya na bo kuririmba, bagahangara kubona ubwiza burabagirana buturuka ku Mana no ku Mwana w'Intama? Reka da! Bihanganiwe igihe kirekire imbabazi zikiriho kugira ngo bige ururimi rwo mu ijuru, kugira ngo bazabashe gufatanya na kamere y'Imana. bamaze guhunga no gukira kononekara kwazanwe mu isi no kwifuza," 2 Petero 1:4 Ariko bagize imirimo yabo ubwabo yo kwishimira ubushobozi bw'ubwenge bwabo n'ubabasha bw'imibereho yabo. Ntabwo bashoboye gukorera Imana bitanze rwose

ngo bibe ari byo begukiramo. I by' isi ni byo bagize nyambere kandi babyegurira ubushobozi bwabo bwose, maze akanya gato k'ibitekerezo byabo akaba ari ko baha Imana. Mbese bene abo bazahindurwa bikurikije aya magambo aheruka ngo: "Uwera agumye yezwe. uwanduye mu mutima agumye yandure."? Igihe nk'icyo kigiye kuza.

Abigishije ubwenge bwabo kwishimira iby'umwuka ni bo bazabasha kujyanwa mu ijuru batarimbuwe no kwera n'ubwiza burabagirana bwo mu ijuru. Wabasha kumenya imyuga neza, waba uzi neza ubwenge bw'ibyaremwe, waba uri umuhanga wo kuririmba no kwandika, ingeso zawe zibasha kunezeza incuti zawe, ariko se ibyo bikumariye iki mu byo kwitegura kujya mu ijuru? Bimaze iki mu kugutegurira guhagarara mu rukiko rw'Imana?4

Ingeso zo mu ijuru Zikwiriye Kubonerwa mu Isi

Ntimuyobe. Imana ntinegurizwa izuru. Nta kintu kizabategurira kujya mu ijuru kitari ukwera. Kubaha Imana k ukuri ni ko konyine kubasha kubaha kubonera n'ingeso inziza kandi kukababashisha kwinjira mu bwiza bw'Imana, iba mu mucyo utegerwa. Ingeso zo mu ijuru zikwiriye kubonerwa mu isi, niba atari ko biri ntizibasha kubonwa na gato. Nuko herako utangire. We kwishuka wibwira yuko hazaza igihe ubwo uzagira umwete mwinshi bikoroheye kuruta ubu. Uko umunsi ukeye ni ko wongera ikirere kigutandukanya n'Imana. Itegure guhabwa ubugingo buhoraho ufite umwete utigeze ugira. Igisha ubwenge bwawe gukunda Bibiliya, gukunda amateraniro yo gusenga, gukunda amasaha yo gutekereza iby'Imana kandi kuruta byose ukunde igihe umutima wawe uvuganiramo n'Imana.

Jya utekereza ibyo mu ijuru niba ushaka gufatanya n'abaririmbyi bo mu ijuru mu mazu yo mu ijuru.5

Ironkere Urukundo rw'Imana Uko Ubishoboye

Ubwenge bwanjye busubiza amaso inyuma bugatekereza umukiranutsi Aburahamu, wumviye itegeko ry'Imana yahawe mu iyerekwa rya nijoro ari I Beerisheba, akajya mu rugendo ari kumwe na Isaka iruhande rwe. Areba umusozi imbere ye Imana yamubwiye ko izamwereka ngo azayitambire igitambo kuri uwo musozi.

Isaka abohwa n'amaboko y'urukundo ya se wamukundaga ahinda umushyitsi, ariko abikora kuko Imana yabitegetse. Umwana yemera kuba igitambo kuko yizeye gukiranuka kwa se. Ariko igihe byose byari byiteguwe, igihe kwizera kwa se no kumvira k'umwana byari bimaze kugeragezwa byimazeyo, marayika w'Imana yahagaritse ukuboko kwa Aburahamu kwari kumaze gushyirwa hejuru kugiye gusogota umwana we, amubwira ko bihagije ati "Ubu menye yuko wubaha Imana, kuko utanyimye umwana wawe w'ikinege. "Itangiriro 22:12.

Icyo Aburahamu yakoze cyo kwizera yandikiwe kutugirira umumaro. Bitwigisha icyigisho gikomeye cyo kwemera iby?Imana ishaka, nubwo byaba ari ibidukomereye kandi bibabaje; kandi byigisha abana kumvira ababyeyi babo no kumvira Imana. Kumvira kwa Aburahamu kutwigisha yuko nta kintu cyatubera cyiza cyane byatuma tutagiha Imana.

Imana yatanze umwana wayo agira imibereho yicisha bugufi, ariyanga, aritindahaza, araruha, agirirwa nabi, kandi apfa urupfu rubi cyane rwo ku musaraba. Ariko nta marayika waje afite ubutumwa buteye umunezero ngo: "Birahagije wikwiririrwa upfa, Mwana wanjye nkunda." Abamarayika ibihumbi byinshi bari bategereje bababaye, biringiye yuko nk'uko byagenze kuri Isaka, Imana iza kumubuza gupfa urupfu rukojeje isoni mu mwanya uheruka. Ariko abamarayika ntibemerewe gushyira Umwana w'Imana ukundwa ubutumwa nk'ubwo. Kwicisha bugufi yari afite ari mu rukiko no mu nzira igana I Kalvari kwarakomeje. Yarakobwe arasuzugurwa, acirwa amacandwe n'abamwangaga, kugeza ubwo yacuritse umutwe ari ku musaraba, aratanga.

Mbese hari ikindi gihamya gikomeye biruseho Imana yajyaga kuduha kigaragaza urukundo rwayo kiruta icyo gutanga Umwana wayo ngo anyure mu kababaro nk'ako? Kandi nk'uko impano y'Imana yahaye umuntu yari impano y'ubuntu, y'urukundo rwayo rutagira iherezo, ni nako ishaka ibyiringiro byacu, kumvira kwacu,umutima wacu wose, n'ubutunzi bw'urukundo rwacu na byo bikaba ibitagira iherezo. Ibyo ishaka byose ni ibyo umuntu ashobora gutanga. Kumvira kwacu gukwiriye kungana n'impano y'Imana; gukwiriye kuba ugushyitse kutagira icyo kubuze. Twese turimo umwenda w'Imana. Ifite icyo idushakaho tubasha kubona tutagombye kwitanga ngo tube igitambo. Ishaka kumvira k'uwo mwanya kandi guturutse ku bushake, icyo kibuze

nta kindi yemera. Ubu dufite uburyo bwo gutuma Imana idukunda kandi ikadutonesha. Uyu mwaka wenda waba umwaka uheruka mu mibereho y'usoma ibi. Mbese mu basore basoma uku guhendahenda hari uwahitamo umunezero w'isi awuguranye amahoro Kristo aha uyashakana umwete n'ukora ibyo akunda anezerewe?6

Wapimwe ku Bipimo

Imana iriho iragera ingeso zacu, imigenzereze yacu, n'imigambi yacu ku bipimo byo mu buturo bwera. Bizaba biteye ubwoba kubwirwa yuko udashyitse mu rukundo no kumvira Umucunguzi wapfiriye ku musaraba kwikururiraho imitima yacu. Imana yaduhaye impano zikomeye kandi nziza. Yaduhaye umucyo no kumenya icyo ishaka. Kugira ngo tutayobagurika cyangwa tukagendera mu mwijima. Gupimwa ku bipimo ugasangwa udashyitse ku munsi uheruka wo guhabwa aho kuba no kugororerwa ni ikintu giteye ubwoba, ni ifuti ribi cyane ritabasha gutunganywa na hato. Ncuti basore, mbese bazarushywa n'ubusa bashaka amazina yanyu mu gitabo cy'ubugingo?

Imana yabahaye umurimo wo kuyikorera, uzabagira abakozi bakorana na yo. Ahabazengurutse hose hari imitima ikwiriye gukizwa. Hariho bamwe mushobora gukomeza no kubahesha umugisha kubw'umuhati wanyu mwinshi. Mushobora kuvana imitima y'abantu mu byaha mukayijyana ku gukiranuka. Igihe uzi inshingano yawe Imana yaguhaye, ni bwo uziyumvamo ko ukwiriye gusaba ubikiranutsemo no gukiranuka mu byo kwirinda ibishuko bya Satani. Niba uri umukristo nyakuri, uzumva waborozwa n'umwijima wagose isi kuruta kwishimira uburangare no kwibona ku myambaro. Uzaba muri ba bandi basuhuza umutima kandi bakaborozwa n'ibizira bikorwa mu gihugu.

Uzarwanya ibishuko bya Satani byo kwishimira ibitagira umumaro byo kwirimbisha no kwambara neza kugira ngo bakurebe. Ibitekerezo byaragabanutse ubwenge burabyira kugeza ubwo byishimira ibintu by'amanjwe maze bikirengagiza inshingano zikomeye cyane.

Abasore bo muri iki gihe cyacu bashobora kuba abakozi bakorana na Kristo niba bashaka; kandi igihe bakora kwizera kwabo kurakomera n'ubwenge bwabo bukongerwa n'Imana. Umugambi uboneye wose n'umurimo utunganye wose bizandikwa mu gitabo

cy'ubugingo. Icyampa ngo nkangurire abasore kureba no kwiyumvamo ukuntu imibereho yo kwinezeza ubwabo ari icyaha kandi bigatera ubwenge bwabo kubyigwa n'ibintu by'amanjwe bitagira umumaro. Iyaba babashaga kuzamura ibitekerezo byabo n'amagambo yabo maze bakabisumbisha ibibakurura bitagira umumaro byo muri iyi si, umugambi wabo ukaba gushimisha Imana, amahoro yayo aruta uko amenywa yaba ayabo.7

Imana ishaka ko abasore baba abagabo b'abanyabwenge bwinshi, kugira ngo bitegurire gukora umurimo wayo ukomeye, kandi ngo babe abakwiriye gusohoza inshingano. Imana ihamagara abasore bafite imitima itononekaye, bafite imbaraga kandi b'intwari, kandi bagambiriye kurwana kigabo mu rugamba ruri imbere yabo, kugira ngo babashe gushimisha Imana, kandi baheshe abari mu isi umugisha. Iyaba abasore bigaga Bibliya, byabururukije ibitekerezo byabo bigurumana, maze bakumva ijwi ry'Umuremyi wabo n'Umucunguzi, ntibagirane amahoro n'Imana gusa, ahubwo bagahabwa ikuzo n'icyubahiro.

Jya ujyana umucyo aho ujya hose; werekane ko ufite imbaraga z'umugambi, ko utari umuntu utazi icyo ukora, ukururwa vuba n' ibitekerezo by'incuti mbi. Ntukemere vuba inamaz'abantu basuzugura Imana, ahubwo ushake guhinduka, kuba mwiza, kandi ukize imitima umubi.

Jya uhora usenga, uhendahende abitandukanya, mu bugwaneza n'umutimaworoheje. Umuntu ukijijwe icyaha, akazanwamunsiy'ibendera rya Kristo, azatuma mu ijuru haba umunezero, no ku ikamba ryawe hashyirweho inyenyeri y'umunezero. Abantu bakijijwe, kubwo kubaha Imana kwabo bazatera abandi kumenya agakiza, maze umurimo w'Imana wiyongere utyo, kandi umunsi w'urubanza wonyine ni wo uzagaragaza ubugari bw'uwo murimo.

Ntugashidikanye gukorera Imana ubitewe no kwibwira yuko ubasha gukora akarimo gato. Jya ukora akarimo gato ushoboye ukiranutse; kuko Imana izakorana n'umuhati wawe. Izandika izina ryawe mu gitabo cy'ubugingo yuko uri umuntu ukwiriye kwinjira mu munezero w'Umwami.8

(I) 3T 367, 364; (2) 3T 374; (3) 2T 262-266; (4) 2T 266-267; (5) 2T 267, 268; (6) 3T368-370; (7) 3T 370,371 (8) MYP 21-23.

IGICE CYA 36

KURERA ABANA BACU NEZA NO KUBIGISHA

Mu isi, uko bisanzwe bigenda, bareka abasore bakikurikiriza uko ubwenge bwabo bubabwirije. Kandi iyo ari abanyamahane bakiri bato, ababyeyi bavuga ko bazakira hanyuma y'igihe gito, bamaze imyaka cumi n'itandatu cyangwa cumi n'umunani y'ubukuru, bakagira ibyabo bitekerezo, bakareka ingeso zabo mbi, hanyuma bakaba abagabo n'abagore b'ingiramumaro. Mbega ifuti! Bamara imyaka myinshi bemerera umwanzi kubiba mu murima w'umutima; bakareka ingeso mbi zigakura, kandi akenshi, umurimo wose wazakorwa muri ubwo butaka ntacyo wazamara.

Satani ni incakura, ni umukozi wihangana, ni umwanzi wica, igihe cyose hagize ijambo rirakaza ribwirwa abasore, ryaba ijambo rvo kubashyeshyenga cyangwa iryo kubatera kurebana icyaha urwango ruke, Satani abiheraho maze akagaburira imbuto mbi kugira ngo ibashe gushora imizi kandi yere umusaruro mwinshi. Ababyeyi bamwe bakundiye abana babo kugira ingeso mbi, zikaba ibimenyetso bigaragara mu mibereho yose. Icyo cyaha kiri ku babyeyi. Abo bana bashaka kuvuga ko ari abakristo, nyamara batagira umurimo runaka w'ubuntu mu mutima, kandi iyo bahindutse mu mibereho, ingeso zabo za kera zigaragara mu byo bakora byose, maze bakagaragaza rwose ingeso ababyeyi babo babemereye kugira.1

Ababyeyi bakwiriye gutegeka abana babo, bakareka irari ryabo, bakarinesha, nibatagira batyo, Imana izarimbura rwose abo bana ku munsi w'uburakari bwayo bukaze, kandi ababyeyi batayoboye abana babo neza ntibazabarwa ko batacumuye.

Cyane cyane abagaragu b'Imana bakwiriye gutegeka abo mu ngo zabo babigisha kwicisha bugufi. Nabonye yuko batiteguye guca imanza no gutunganya ibyo mu itorero, mu gihe batarabasha gutegeka neza ingo

zabo. Bakwiriye bwa mbere kugira gahunda imuhira, maze hanyuma inama yabo no gutegeka kwabo bikabona gukorwa mu itorero.2

Umuhungu wese n'umukobwa wese niba batabaye imuhira nijoro bakwiriye kubazwa icyatumye batahaba. Ababyeyi bakwiriye kumenya abafatanije n’abana babo abo ari bo kandi bakamenya na bene amazu bagiyemo mu majoro.3

Ubwenge bw’umuntu ntiburamenya ibirenze ibyMmana izi, cyangwa se ngo butange inama nziza yerekana uko abana bakwiriye kugenzerezwa, irenze iyatanzwe n’Umwami wacu. Ni nde Wabasha kumenya neza iby’abana bakeneye kurusha Umuremyi wabo? Ni nde wakwibwira ko yabagirira neza akarusha uwabaguze amaraso ye? lyaba ijambo ry’Imana ryigwaga ryitondewe kandi rigakurikizwa mu buryo bukiranutse, habayeho umubabaro muke wo mu mutima utewe n’ingeso mbi z’abana babi.

Hariho iby’abana bakwiriye gukorerwa n'ababyeyi babo, ibyo ababyeyi bakaba bakwiriye kubimenya kandi bakabyitaho. Bakeneye kwigishwa no guhugurwa ngo na bo bazabe ingiramumaro, bubahwe, kandi ngo bakundwe n’abo babana, kandi ngo babe abafite imico iboneye kandi yera no mu bihe bizaza. Abasore bakwiriye kwigishwa yuko imibereho yabo myiza y’ubu bugingo n'iyo mu bihe bizaza byose bishingiye ku mico yo mu bwana no mu busore.4

Abagabo n'abagore bavuga ko bubaha Bibiliya kandi bagakurikiza ibyo yigisha bananirwa mu buryo bwinshi gusohoza ibyo ivuga. Igihe bigisha abana bikurikirira kamere yabo mbi bakayirutisha ubushake bw’Imana bwerekanywe. Uko kwirengagiza inshingano gutuma imitima ibihumbi byinshi izimira. Bibiliya ifite amategeko yigisha uburyo bwiza bwo kuyobora abana. Iyaba iby’Imana ishaka byitonderwaga n'ababyeyi, twabona muri iyi minsi umutwe w’abasore bakora umurimo. Ariko ababyeyi bavuga ko ari abasomyi ba Bibiliya kandi ari abayoboke yayo bakora ibinyuranye rwose n’ibyo yigisha. Twumva imiborogo y’umubabaro n'agahinda by’ababyeyi b’abagabo n’ab'abagore barizwa n’ingeso z’abana babo. bakamenya ho gatoya gusa yuko ari bo bitera uwo mubabaro n'agahinda, kandi ko barimburisha abana babo kubakunda urukundo rutari urw’ukuri. Ntibazi inshingano zabo Imana yabahaye zo kwigisha abana babo kugira ingeso zitunganye bakiri impinja. 5

Abana babaye abakristo bazajya bahitamo urukundo n’ingeso nziza by’ababyeyi babo bubaha Imana babirutishe imigisha yose yo mu isi. Bazajya bakunda kandi bubahe ababyeyi babo. Icyigisho kimwe mu byigisho by’ingenzi mu mibereho yabo gikwiriye kuba uburyo bwo kunezeza ababyeyi babo. Muri iki gihe cy'ubugome, abana batigishijwe icyigisho gikwiriye ngo barerwe neza bazi bike gusa by’inshingano bafite ku babyeyi babo. Akenshi uko ababyeyi babo bagize ibyo babagirira. barushaho kuba indashima no kutabubaha.

Rwose, ababyeyi ni bo bafite mu ntoke zabo umunezero w’abana babo wo mu gihe kizaza. Bahawe umurimo w’ingenzi wo kurema ingeso z'abana. Inyigisho bigishijwe mu bwana zizabakurikira mu mibereho yabo yose. Ababyeyi babiba imbuto zizakura zikera imbuto mbi cyangwa nziza. Bashobora gutuma abahungu n’abakobwa babo bagira umunezero cyangwa umubabaro.6

Ababyeyi Bakwiriye Kumvikana

Abana bafite kamere ibasha guhinduka vuba, yo gukunda. Banyurwa vuba kandi bakababara vuba. Ababyeyi b’abagore bashobora kwiboheraho imitima y’abana babo, babikoresheje kubayobora neza mu magambo no mu mirimo. Kubagaragariza ubukana no kubarushya ni amafuti akomeye. Gushikama gushyize hamwe no kuyobora gutuje ni hyo bikwiriye mu byo kuyobora abo mu rugo bose. Vugana iby’ushaka ububwaneza, uyobore utekereza, kandi ukore icy'uvuze utagamburuye.7

Ababyeyi ntibakwiriye kwibagirwa imyaka y’ubwana, uko bifuzaga kugiririrwa impuhwe no gukundwa, n’uburyo babababaraga iyo bakangarwaga bagacyahanwa uburakari. Bakwiriye kongera kuba bato mu bitekerezo byabo maze bagasubiza ubwenge bwabo hasi kugira ngo basobanukirwe n’ibyo abana babo bashaka. Nyamara bakwiriye kubahwa ifabana babo biturutse ku gukomeza iyo bavuze bivanze n'urukundo. Ijambo ry'ababyeyi rikwiriye kubahwa rwose. 8

Ubutegetsi bw’urugo budashikamye burababaza cyane, rwose ni bubi nkaho butabayeho rwose. Kandi hahora habazwa ikibazo ngo: Kuki ubana bafite ababyeyi b'abanyadini ari bo bananirana, basuzugura, kandi baba abagome? Impamvu ibitera ituruka mu mimirere y’iwabo.

Niba ababyeyi batumvikanye bakwiriye kuva aho abana bari kugeza ubwo baza kuba bumvikanye. Niba ababyeyi bafatanije muri uyu murimo wo kurera, umwana azamenya icyo ashakwaho. Ariko niba se agaragarishije amagambo cyangwa indoro yuko atemeye uburyo nyina w'umwana amurera; akiyumvamo yuko nyina akabije cyane maze agatekereza vuko akwiriye gukora abikoresheje kumushyeshyenga no kumunezeza, umwana azononekara. Bidatinze aziga yuko abasha gukora uko yishakiye. Ababyeyi bakorera aba babo icyo cyaha babarwaho ko ari bo barimbuye imitima yabo.9

Ababyeyi bakwiriye kubanza kwiga kwitegeka, nibwo bazarushaho gutegeka abana babo. Igihe cyose bananiwe kwitegeka, bakavugana kandi bagakorana uburakari, baba bacumuye ku Mana. Bakwiriye kubanza kujya inama n'abana babo bakabereka neza ibibi bakoze, bakabereka icyaha cyabo, bakabumvisha yuko batacumuye ku babyeyi babo gusa, ahubwo bacumuye no ku Mana. Mujye musabira abana banyu mufite imitima yorohejwe n'impuhwe n'umubabaro w'ibibi byabo mbere yo kubamenyesha ikibi bakoze. Ubwo ni bwo kubahugura kwanyu kuzatuma abana banyu batabanga. Bazabakunda. Bazabona yuko mutabahaniye ko babaruhije, cyangwa kubwo kubagaragariza ko mubanze, ahubwo bazamenya ko ari inshingano ko mubahaniye kubagirira neza, kugira ngo be kurekerwa aho ngo bakurire mu cyaha.10

Akaga ko Kurerana Ubukana Bwinshi Cyane

Hariho imiryango myinshi ifite abana bagaragara ko bigishijwe neza mu gihe barerwaga; ariko iyo imbaraga yabateraga kumvira amategeko ivuyeho, bagaragara ko badashoboye gutekereza, no gukora cyangwa kwihitiramo ubwabo

Kureresha abasore igitsure, utabateye gutekereza ubinyujije mu buryo buboneye no gukora ubwabo nk'uko babashije, nk'uko ubwenge bwabo bungana, kugira ngo ibyo bibabashishe gukura mu bitekerezo, no kwiyumvamo ko bakwiriye kwiyubaha, no kwiyiringira mu bwenge bwabo ko bashobora kugira icyo bakora, bizatuma baba abantu bafite intege nke mu bwenge no mu ngeso. Ni bageza mu gihe cyo kwikorera, bazagaragaza ko barezwe nk'inyamaswa, batigishijwe. Ubushake bwabo, mu kigwi cyo kuba bwarayobowe, bwahatiwe kumvira babikoreshejwe n'ababyeyi n'abigisha babikoresha ubukana. Abo babyeyi n'abigisha

birata yuko bafite ubutegetsi busesuye ku bwenge, no ku bushake bw’abana barera, baretse uko kwirata kwabo, batunganya imibereho yo mu gihe kizaza y’abana bariho bahatwa cyangwa batinyishwa kugira ngo bumvire. Abo bameze rwose nk'aho batiteguye gufatanya inshingano zo mu mibereho iruhije. Abigisha nk’abo banezezwa nuko bafite ububasha ku bwenge bw’abigishwa babo si abigisha beza, nubwo imigirire yabo yo muri icyo gihe ari iyo gushyeshya.

Akenshi bakunda kwifata, bagakoresha ububasha bwabo basuherewe, batagira ibambe, ibyo bigatuma batabasha kwigarurira imitima y’abana babo n’abigishwa. Iyaba biyegerezaga abana, maze bakabereka ko babakunda, kandi bakagaragaza ko bishimiye ibyo bahirimbanira byose, ndetse n’ibikino byabo, rimwe na rimwe ndetse bakaba nk’abana mu bandi, babashije gutera abana kunezerwa cyane, bigatuma babakunda kandi bakabiringira. Abana bakubaha, kandi bagakunda ubutegetsi bw'ababyeyi n’ubw’abigisha babo.

Ubundi kandi, abasore ntibakwiriye kwihorerwa ngo batekereze kandi bakore ibinyuranye n’inama z'ababyeyi babo n’iz'abigisha babo. Abana bakwiriye kwigishwa kwemera kugirwa inama no kuyoborwa n'ababyeyi babo n'abigisha babe. Bakwiriye kwigishwa yuko ibitekerezo byabo bikwiriye kumvikana n’ ibitekerezo by’ababyeyi babo n’ iby’abigisha babo, kandi ngo bamenye akamaro ko kwitondera inama zabo. Maze mu gihe bazaba batakiyoborwa n’ababyeyi babo n’abigisha babo ingeso zabo ntizizasa n’urubingo runyeganyezwa n’umuyaga."

Gukundira Abana Gukurira mu Bujiji Ni Icyaha

Ababyeyi bamwe bananiwe kwigisha abana babo ubwenge bw’iby’idini, kandi birengagije ubwenge bwabo bw’ishuri. Byombi ntibyari bikwiriye kwirengagizwa. Ubwenge bw’abana bukunda gukora, ariko iyo budakoreshejwe imirimo y’umubiri, cyangwa ngo buhugire mu kwiga, bujya mu kaga k'ingeso mbi. Ni icyaha ku babyeyi kwemerera abana gukurira mu bujiji. Bakwiriye kubabonera ibitabo by’ingiramumaro kandi binejeje, kandi bakwiriye kubigisha gukora, no kugira amasaha yo gukoresha umubiri, n’amasaha yo kwiga gusoma. Ababyeyi bakwiriye gushaka kungura ubwenge bw'abana babo no gushyira mbere ubuhanga bw’ubwenge bwabo. Ubwenge bwaterewe iyo,

butigishijwe, ntibukura kandi burononekara. Satani akoresha umwanya we, maze akigisha ubwenge bunebwa. 12

Umurimo w'umubyeyi w'umugore utangirira ku ruhinja rwe, akwiriye kuyobora ubushake n'ingeso z'umwana we, akazitegeka, akamwigisha kumvira. Uko umwana akomeza gukura, ntiyoroshye ukuboko kwe. Umubyeyi wese w'umugore akwiriye kugira umwanya wo kujya inama n'abana be, akabamenyesha ibibi byabo maze akabigisha uburyo butunganye. Ababyeyi b'abakristo bakwiriye kumenya yuko bigisha kandi batunganiriza abana babo kuba abana b'Imana. Kuba umunyadini ushyitse kw'abana guterwa n'inyigisho bigishijwe, n'ingeso batojwe bakiri bato. Niba ubushake bwabo butorohejwe ngo bwemere kumvira ubushake bw'ababyeyi, bizaba umurimo ukomeye kwjga icyigisho mu myaka izakurikiraho. Mbega umuruho ukomeye, mbega intambara. gutera ubushake butigeze kumenyerezwa kumvira iby'Imana ishaka! Ababyeyi birengagiza uyu murimo w'ingenzi bakora ifuti rikomeye, kandi bagacumura ku bana babo no ku Mana.13

Babyeyi, nimunanirwa kwigisha abana banyu ubwenge Imana yagize inshingano yo kubigisha, amaherezo muzabibazwa. Amaherezo yabyo ntazaba ku bana banyu gusa. Nk'uko iyo igitovu kimwe cyemerewe gukurira mu murima cyera ubwoko bwacyo, ni ko ibyaha byaha byatewe no kwirengaza kwanyu birimbura ababishimikiriye bose.14

Umuvumo w'Imana uzagera ku babyeyi bakiranirwa. Ntibatera amahwa azababakomeretsa bakiri mu isi gusa, ahubwo bazabona ibyo gukiranirwa kwabo ubwo imanzazizaterurwa. Abana benshi bazahaguruka mu rubanza bacireho iteka ababyeyi babo kuko batababujije gukora ibibi. maze bavuge ko ari bo babarimbuje. Ibambe ritari iry'ukuri, n'urukundo ruhumye by'ababyeyi bibatera kugira urwitwazo rw'amafuti y'abana babo maze bakirengagiza kubahana, ibyo bigatuma abana bazimira, maze amaraso yabo akazaba ku babyeyi bakiranirwa.15

Ububi bw'Ubunebwe

Neretswe yuko ibyaha byinshi biterwa n'ubunebwe. Amaboko n'ubwenge bikora ntibibona igihe cyo kwita ku gishuko cyose umwanzi azana, ariko amaboko n'ubwonko binebwa byose bihora byiteguye gutegekwa na Satani. Iyo ubwenge budakoreshejwe neza, bwibera mu bidatunganye. Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana yuko ubunebwe ari icyaha.16

Nta kintu gitera gukora ibibi rwose kiruta kurekera abana aho bakaba ibyigenge, bakabihorera bakanebwa, bakagira imibereho itagambirira, ntibagire icyo bakora, cyangwa bakikorera uko bishakiye. Ubwenge bw'abana bugira umuhati, none niba budakoreshejwe ibyiza ifiby'ingiramumaro, ntibuzabura kwerekera ku bibi. Mu gihe ari byiza kandi bikwiriye kuruhuka, bakwiriye kwigishwa gukora, bakagira amasaha y'akamenyero yo gukora imyitozo y'umubiri bakagira kandi n'ayo gusoma no kwiga. Mujye mureba ko bahabwa ibitabo by'ingiramumaro kandi bishimishije.17

Abana benshi, kubwo gushaka guteteshwa no gufashwa mu byo bakora, bakunda gucika intege no gushaka kuva ku murimo umwe bajya ku wundi. Nuko iyo ngeso mbi bakayikurana. Icyo bakoze cyose kikabananira. Kuko batigishijwe kudacogora mu gihe bageze mu bibakomereye. Ababyeyi ntibakwiriye kwemerera abana babo gutegekwa n'ubwo bushake bwo guhinduranya. Ntibakwiriye guhugira mu bindi ngo bibabuze igihe cyo kubigisha. Amagambo make yo kubakomeza, cyangwa sc ubufasha buke mu gihe gikwiriye, byababakomeza mu gihe cy'akaga no gucogora, maze bamara kubona umurimo bibwiraga ko ukomeye urangiye, bikabatera kurushaho gukora neza.18

Abana bateteshejwe kandi bamenyereye gukorerwa bahora babyiringiye; maze icyo bari biringiye batakibona bakababara kandi bagacogora. Bene iyo ngeso izajya iboneka mu mibereho yabo; ntacyo bazimarira, bazajya bisunga abandi ngo babafashe, biringire ko ari bo bagira icyo babamarira. Kandi iyo bahakaniwe, ndetse n'igihe bamaze gukura bakaba abagabo n'abagore, batekereza yuko bagiriwe nabi, nuko bakabunza imitima mu isi, bakananirwa kubyihanganira, bakivovota kandi bagahagarika umutima kuko ikintu cyose kitabamereye nk'uko bashaka.19

Umugore aba yigiriye nabi cyane kandi ayigiriye n'ab'urugo rwe igihe akora imirimo ye n'iyabo, igihe atashya inkwi kandi akavoma amazi, ndetse akabatura intorezo akasa, naho umugabo n'abahungu bakicara iruhande rw'umuriro bakaganira, bakanezerwa. Ntabwo Imana yagambiriye yuko abagore n'abategarugori baba ibiretwa by'ab'ingo zabo. Akenshi umubyeyi aremererwa no guhagarika umutima mu gihe abana be batigishijwe gufatanya mu mirimo y'imuhira. Amaherezo yabyo arasaza maze agapfa akenyutse, agasiga abana be ari cyo cyari igihe umubyeyi yari akwiriye kuyobora ibirenge byabo bitaramenya iyo bijya. Iryo futi ni irya nde?

Abagabo bakwiriye gukora uko bashoboye kose kwatuma abagore badahagarika umutima ahubwo bakanezerwa. Ntabwo ubunebwe bukwiriye guhabwa akito cyangwa kwemerwa mu bana, kuko bidatinze buba ingeso.20

Babyeyi Nimuyobore Abana Banyu Kuri Kristo

Abana bashobora kwifuza gukora ibyiza bashobora kugambirira mu mitima yabo kumvira no kugirira neza ababyeyi cyangwa abarezi babo ariko bakennye gufashwa no guterwa ubutwari na bo. Bashobora kugira imigambi myiza; ariko keretse ingeso zabo zitewe imbaraga n'idini n'imibereho yabo itegetswe n'ubuntu buvugurura bw'Imana, naho ubundi bazananirwa kugera ku gikwiriye.

Ababyeyi bakwiriye kongera umwete wabo kubw'agakiza k'abana babo. Bakwiriye kubigisha bakiranutse, bataretse ngo babe ari bo bishakashakira ubwenge nk'uko bashoboye. Abasore ntibakwiriye kwemererwa kwiga ibyiza bivanze n'ibibi bibwira yuko mu gihe kizaza ibyiza bizanesha maze ibibi bikaneshwa. Ibibi ni byo biziyongera kurusha ibyiza.

Babyeyi, mukwiriye gutangira kwigisha abana banyu bakiri bato cyane, kugira ngo amaherezo bazabe abakristo. Umuhati wanyu wose ukwiriye kuba uwo kubahesha agakiza. Mugenze nkaho bashyimu mu maboko yanyu kuba abakwiriye kuba amabuye y'igiciro cyinshi yo kurabagiranira mu bwami bw'Imana. Mwitonde uko mubaryamisha ngo basinzirire hejuru y'umwobo wo kurimbuka mwibwira ibitari byo ngo

ntabwo baragera ku rugero rwo kugira icyo bamenya, cyangwa ngo ntibarakura bihagije ngo bihane ibyaha byabo kandi ngo bemere Kristo.

Ababyeyi bakwiriye gusobanurira abana babo no kubumvisha iby'inama y'agakiza kugira ngo ubwenge bwabo bukiri buke bumenye ibyayo neza. Abana bafite imyaka munani, cyangwa cumi n'ibiri y'ubukuru, baba bakuze bihagije byatuma babwirwa ibyo kwizera kwabo. Ntimukigishe abana banyu ngo mu gihe kizaza nibwo bazaba bakuze ngo bihane bizere iby'ukuri. Iyo abana bato bigishijwe neza, bashobora gutunganya ingeso zabo bakemera ko ari abanyabyaha kandi bakemera iby'inzira y'agakiza muri Kristo. Abagabura kenshi cyane ntibita ku by'agakiza k'abana kandi ntibabitaho nk'uko bikwiriye. Imyanya ifite agaciro k'izahabu yo gususurutsa imitima y'abana, akenshi ishira nta cyo imaze.21

Yemwe babyeyi b'abagabo n'abagore, mbese musobanukirwa n'akamaro ko kurinda abana banyu uburangare n'ingeso zonona? Mwemerere abana banyu kubana n'abantu bafite ingeso zikwiriye bonyine. Ntimukabakundire ko bazerera nimugoroba keretse muzi aho bari n'icyo bakora. Mujye mubigisha ingeso zo kwera. Niba mwarirengagije kubigisha umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, aha bikeya, hariya hikeya, ngaho nimutangire gukora inshingano zanyu nonaha. Nimukore ibyo mwashinzwe mukorere iki gihe n'igihe kizahoraho. Ntihakagire undi munsi uhita muticujije ku bana banyu ko mwabirengagije. Mubabwire ko mushaka noneho gukora umurimo wanyu mwahawe n'Imana. Mubasabe kubafasha guhindura ingeso. Mugire umwete mwinshi wo gucungura igihe cyashize. Ntimukongere kugira ingeso y'itorero ry'I Laodikiya. Ndahendahenda ab'urugo rwose mu izina ry'Umwami ngo berekane ishusho yabo nyakuri. Mugorore itorero imuhira iwanyu. 22

Ntimukirengagize Iby'Ubwenge Bukennye

Neretswe yuko mu gihe ababyeyi bubaha Imana bacyaha abana babo, bakwiriye kwiga imico n'ingeso byabo, kandi bagashakashaka kumenya ibyo bifuza. Ababyeyi bamwe bamenya neza cyane ibyo abana babo bifuza byerekeye iby'imibereho yo mu isi; igihe barwaye babarwaza neza kandi babikiranutsemo, maze bagatekereza yuko inshingano yabo irangiye. Aha barafudika. Niho umurimo wabo uba ugitangira.

Iby’ubwenge bukennye bikwiriye kwitabwaho. Bibomba ubuhanga kugira ngo ukoreshe imiti ikwiriye gukiza umutima wakomeretse.

Abana bafite ibigeragezo bikomeye byo kwihanganirwa, bibabaza byo mu mico yabo nk’uko biba no ku bakuze. Ababyeyi nabo ntabwo bahwanye mu bihe byose. Akenshi bahora bashobewe. Bakora bahuzagurika kandi bashidikanya. Satani arabarwanya, maze bakumvira ibishuko bye. Bavugana ubukana, mu buryo burakaza abana babo, maze rimwe na rimwe bakaba abanyamwaga n’abinuba. Abo bana nabo bakagira uwo mutima, ababyeyi batiteguye kubafasha, kuko ari bo ntandaro y’ako kaga. Rimwe na rimwe ibintu byose bisa n’aho bigenda nabi. Habaho kwinuba impande zose, maze bose bakagira igihe kiruhanya kibabaje. Ababyeyi baherereza umugayo ku bana babo bakabatekereza ko ari abanyagasuzuguro cyane n’ibigande, ko ari abana babi cyane mu isi, kandi ari bo ubwabo bateye uwo muvurungano.

Ababyeyi bamwe babyukisha impagarara nyinshi kunanirwa kwitegeka kwabo. Mu kigwi cyo kubwirana abana ineza ngo bakore iki cyangwa kiriya, babategekesha ijwi ribakangara, maze muri icyo gihe mu minwa yabo hakavamo gucyaha no gukangara kandi abana batari babikwiriye. Babyeyi mwe, iyo ngeso mugirira abana banyu yonona umunezero n'irari ryo gukora ibyiza bari bafite. Bakora ibyo mubategetse, bidatewe n’urukundo, ahubwo bitewe n’uko batahangara gukora ibinyuranye na byo. Umutima wabo utabirimo. Biba umurimo uruhije mu kigwi cyo kunezeza, maze akenshi ibyo bikabatera kwibagirwa ibyo mubategetse, bikabongerera uburakari, bigatuma abana barushaho kuba babi cyane, Amafuti yabo akomeza kugenzurwa, ingeso zabo mbi zikarushaho kubagaragarira, kugeza ubwo bacogora, ntibabe bacyita ku kuba beza cyangwa kutaba bo.

Abana bawe ntibakabone wije mu maso. Niba baguye mu gishuko, maze hanyuma bakabimenya bakihana ikibi bakoze, ubababarire nk’uko wiringiye kubabarirwa na so wo mu ijuru. Ubigishanye ineza, maze ubabohere ku mutima wawe. Iki ni gihe cy’akaga ku bana. Ibishuko bizabazenguruka impande zose kugira ngo bibakwambure, nyamara ukwiriye kubirwanya. Jya ubigisha kukugira ibyiringiro byabo. Jya ureka bakongorere mu matwi ibibababaza n’ibibanezeza. Nubakomeza muri ibyo, uzabakiza imitego myinshi Satani yaringanirije ibirenge byabo hitaramenya iyo byerekeza. Ntugakomerere abana bawe ngo wibagirwe

ko nawe wari umwana, kandi ngo wibagirwe yuko ari abana. Ntukabategeho ko baba intungane cyangwa ngo ugerageze kubagira abagabo n'abagore mu mwanya muto mu byo bakora. Nugenza utyo, uzakinga urugi rw'inzira y'ibyo wari kubakorera, maze ubayobore ahari ibishuko bibagirira nabi, maze abandi bahumane ubwenge bwabo bukiri butoto utarakanguka ngo ubakize akaga.23

Ntihakagire Ubwo Uhana Umwana Urakaye

Niba abana banyu ari abanyagasuzuguro, bakwiriye guhanwa. Mu gihe mutarabahana, mujye mujya ahiherereye, musabe Imana koroshya no gutuza imitima y'abana banyu kandi ibahe ubwenge bwo kumenya kubafasha. Ntabwo nari nabona na rimwe iyi nzira ibura kugira umumaro. Ntabwo mushobora kumvisha abana banyu iby'umwuka igihe umutima w'umubyeyi wuzuwe n'uburakari.

Mukwiriye guhanisha abana banyu urukundo. Ntimukabakundire ko bakora ibyo bishakiye kugeza ubwo murakara, ngo mubone kubahana. Bene uko guhana gufasha ibibi gusa mu kigwi cyo kubivura.

Kurakarira umwana wacumuye byongera ibibi. Bibyutsa uburakari bukaze bw'umwana kandi bikamutera kwiyumvamo yuko utamwitayeho. Yibwira yuko iyaba wari umwitayeho utaba wamugenjeje utyo.

Mbese mutekereza yuko Imana itazi uburyo abo bana bahanwa? Irabizi, kandi izi n'umugisha wari kuboneka iyo uwo murimo wo guhana ukorwa mu buryo bwo kumwiyegereza kuruta kumuhata.24

Umumaro wo Kuba Umunyakuri ku Bana

Ababyeyi bakwiriye kuba ibyitegererezo byo kuba abanyakuri, kuko iki ari icyigisho cya buri munsi gikwiriye gushimangirwa mu mutima w'umwana. Gahunda itayoba ni yo ikwiriye gutegeka ababyeyi mu byo bakora byose mu mibereho yabo, cyane cyane igihe bigisha kandi barera abana babo. "Umuntu, naho ari umwana, amenyekanira ku byo akora, Niba umurimo we uboneye, kandi utunganye. Umutegarugori ukeneye ubwenge bumukwiriye, kandi udakurikiza uko ayobowe n'Uwiteka, ashobora kwigisha abana be kuba abashukanyi n'indyarya. Ingeso zakunzwe zishobora gukomera cyane kugeza aho kubeshya biba

ingeso ibaye nko guhumeka. Kuryarya kukaba mu mwanya wo gukiranuka n'ukuri.

Babyeyi ntimukabeshye na gato: ntimukavuge ibinyoma na gato mu byo mwigisha cyangwa mu cyitegererezo mutanga. Nimushaka ko abana banyu baba abanyakuri, mube abanyakuri ubwanyu. Mube abakiranutsi n'abatayobagurika. Kuko iyo abategarugori bamenyereye kubeshya no kutaba abanyakuri, abana bakurikiza icyitegererezo cyabo. Ni ikintu cy'ingenzi ko mu mibereho y'umutegarugori habamo gukiranuka mu bintu byose, kandi ni ingenzi mu byo kurera abana kwigisha abakobwa n'abahungu bakiri bato ko badakwiriye kubesha cyangwa guhenda na gato mu tuntu duto hanyuma y'utundi.25

Akamaro ko Gukuza Ingeso Nziza

Imana yahaye ababyeyi umurimo wabo, wo gutera ingeso z'abana babo gukurikiza icyitegererezo cyo mu ijuru. Kubwo ubuntu bwayo bashobora gusohoza umurimo wabo; ariko bizagomba kwihangana, umwete mwinshi, gushikama no guhitamo bitabuze ngo bayobore ubushake kandi bigomwe kurakara. Umurima waraye umeramo amahwa n'imikeri.

Ushaka kubona umusaruro ugize umumaro cyangwa mwiza, akwiriye kubanza kuringaniza ubutaka maze akabiba imbuto, hanyuma akajya azibagara akarandura urwiri kandi agahinga ubutaka ngo bworohe, nibwo imyaka myiza izarabya ururabo maze imwishyure cyane uburyo yafashe neza umurima we n'uko yakoze.

Kurema ingeso ni wo murimo w'ingenzi uruta iyindi abantu bahawe, kandi ntabwo kwiga ibyawo cyane byigeze kuba ingenzi nk'ubu. Nta gihe cyigeze kubaho kimeze nk"iki; ntabwo abasore n'inkumi bigezc guhura n'akaga gakomeye mbere hose nk'ako muri iki gihe.26

Imbaraga y'ingeso ikomoka ku bintu bibiri, ari byo imbaraga y'ubushake n'imbaraga yo kwitegeka. Abasore benshi barafudika igihe bahwanya imbaraga y'irari ribi n'imbaraga itera ingeso nziza, ariko mu kuri umuntu utegekwa n'irari ribi aba ari umunyantegenke. Gukomera nyakuri n'ubupfura bw'umuntu bigaragarira ku mbaraga z'ibyo yanesheje si ku mbaraga z'ibyamunesheje. Umuntu urusha abandi imbaraga ni

unesha irari rimutera gushaka kwangiza, maze akemera kubabarira abanzi be. Bene abo nibo ntwari nyakuri.

Abenshi bagira imigambi mike y'uko bazamera bagira ngo bazakomeze babe ibibyira n'abanyabwenge buke, nyamara iyaba bakoreshaga neza imbaraga Imana yabahaye, babashije gukuza ingeso nziza kandi bagakoresha imbaraga ibasha gukiriza Kristo imitima. Ubwenge ni imbaraga; ariko ubwenge bujijutse butagira ubwiza bw'umutima ni ubwenge bubi.

Imana yaduhaye imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri, ariko umugabane munini ni uko umuntu wese ari umwubatsi w'umuhanga w'ingeso ze. Unyubako ihora ikura buri munsi. Ijambo ry'Imana riratuburira ngo twirinde uko twubaka. kugira ngo turebe yuko inyubako yacu ishinzwe ku rutare ruhoraho. Hagiye kuza igihe ubwo umurimo wacu uzahagarara ukerekana ukuri. Ubu ni igihe bose bakwiriye kongera imbaraga Imana yabahaye, kugira ngo babashe kugira ingeso zifite umumaro hano mu isi, no mu bugingo bwo mu isi izaza.

Icyakora, igikozwe cyose cyo mu mibereho nubwo cyaba gito gifite imbaraga zo kurema ingeso, Ingeso nziza zifite igiciro kiruta icy'ubutunzi bwo mu isi, kandi umurimo wo kuzirema ni wo ufite agaciro gakomeye kuruta ikindi cyose umuntu yakora.

Ingeso zipfuye kuza gusa zirahinduka kandi ni mbi, ni ibihabane gusa. Bene zo nta migambi ishyitse baba bafite cyangwa icyo bagamije mu mibereho yabo. Ntibafite imico ishobora kuyobora neza imico y'abandi. Ni ibirimarima n'abanyantegenke.

Umwanya muto wo kubaho twaherewe hano mu isi ukwiriye gukoreshanwa ubwenge. Imana ishaka ko itorero ryayo riba rizima, rikiranuka, kandi rikora. Ariko abantu bacu, ari bo mubiri waryo, bari kure yabyo ubu. Imana ihamagara abantu bafite imbaraga, b'intwari, b'abanyamwete, b'abakristo bazima, bakurikiza Cyitegererezo nyakuri, bakorana umwete bahamya Imana n'ukuri. Imana yadushinze inshingano ikomeye kandi y'ingenzi, y'ukuri, dukwiriye kuyigaragariza mu mibereho yacu no mu ngeso.27

Ibyambayeho mu Mirerere y'Abana Banjye

Abategarugori bamwe ntibahwanya mu byo bagenzereza abana babo. Rimwe na rimwe barabababaza, ubundi kandi banga kubaha ibyo kubanezeza bikwiriye byari gutuma umutima w'umwana unezerwa. Igihe bagenza batyo ntibaba bigannye Kristo; yakundaga abana; yasobanukirwaga n'uko bamerewe kandi akabagirira ibambe mu gihe banezerewe no mu gihe bababaye.28

Igihe abana basabye kujya mu rugaga runaka cyangwa mu ishyaka runaka ryo gukina mujye mubabwira muti: "Simbakundira ko Mugenda, bana nimwicare hasi aha mbabwire impamvu. Ndakora umurimo wo kuzababeshaho iteka, kandi ndakorera Imana. Imana yarabampaye kandi irabanshinga. Mpagaze mu mwanya w'Imana mbarera, bana banjye; ni cyo gituma mbarinda kuko nzababazwa ku munsi w'Imana. Mbese murashaka ko izina rya nyoko ryandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko yananiwe gukorera abana be inshingano ye, ko yakundiye umwanzi kwinjira agakora umurimo nkwiriye gukora? Bana banjye, ngiye kubabwira inzira ikwiriye iyo ari yo, maze niba mushaka kureka ibyo nyoko abigisha maze mukigira mu nzira y'ibibi, nyoko azahagarara nta kibi kimuriho, ariko mwclmelm muzababazwa n'ibyaha byanyu ubwanyu."

Uko niko nagenjereje abana banjye, kandi igihe nabaga ntararangiza, barariraga, bakambwira bati: "Mbese ntiwadusabira?" Ntabwo nigeze nanga kubasabira. Napfukamye iruhande rwabo, ndabasabira. Hanyuma naragiye, mpendahenda Imana ijoro ryose ngeza ku gasusuruko, ngira ngo ibinezeza by'umwanzi bidohoke, kandi naranesheje. Nubwo byatumye nkora ijoro ryose, nyamara niyumvisemo ko nishyuwe cyane igihe abana banjye bamfashe ku ijosi bakambwira bati: "Mama, turanezerewe cyane kuko utadukundiye kugenda igihe twabishakaga. Noneho tubonye yuko byajyaga kutubera icyaha."

Babyeyi, nguko uko mukwiriye gukora, mukwiriye gukora, mubikomeje. Ukwiriye gukora uyu murimo niba wiringiye gukiriza abana bawe mu bwami bw'Imana.29

Ntabwo abasore bashobora kwigira ubwenge bukwiriye muri iki gihugu, cyangwa mu kindi icyo ari cyo cyose keretse bajyanywe kure

y’imidugudu. Ingeso n’imigenzereze byo mu mugi bituma ubwenge bw'abasore butabasha kwinjirwamo n'iby'ukuri.30

Ababyeyi Bakeneye Kuyoborwa n’Imana Biruseho

Ntimwakwirengagiza kwigisha abana banyu neza ngo muzabure guhanwa. Ingeso zabo zidashyitse zigaragaza gukiranirwa kwanyu. Ibibi mwemera ko bikorwa bidahanwe, ingeso za gipagani, imigenzereze ibabaza, agasuzuguro no kutumvira, ingeso z’ubunebwe n’ubupfayongo bizakoza isoni amazina yanyu kandi zibasharirire mu mibereho yanyu. Imimerere y’abana banyu umugabane munini iri mu maboko yanyu. Nimunanirwa ishingano yanyu, muzaba mubashyize mu ruhande rw’umwanzi maze abakoreshe umurimo wo kurimbura abandi, ubundi kandi, nimubigisha mu buryo bukiranutse, mu kababera icyitegererezo cyo kubaha Imana mu mibereho yanyu, mushobora kubayobora aho Kristo ari kandi na bo bakareshya abandi, maze abenshi bagakizwa ku bwanyu.31

Imana ishaka yuko tworohera abana bacu. Tujya twibagirwa yuko abana batamaze imyaka myinshi biga nk’iyo ababaruta bamaze. Mu gihe abana badakoze ibihwanye n’ibyo dutekereza mu buryo bwose, rimwe na rimwe dutekereza yuko bakwiriye gukangarwa. Ariko ibyo si byo bizabatunganya. Bishyire Umukiza, maze ubimubwire byose, maze wizere yuko umugisha we uzabagumaho. 32

Abana bakwiriye kwigishwa kubaha igihe cyo gusenga. Ab’urugo bose batarava imuhira ngo bajye gukora, bakwiriye gukoranyirizwa hamwe, maze se cyangwa nyina, niba se atahari, akabahendahendera Imana ashyizeho umwete kugira ngo ibarinde muri uwo munsi, Muze mwicishije bugufi mufite imitima yuzuye ubugwaneza kandi muzi ibishuko n’akaga biri imbere yanyu n’abana banyu; kwizera kubatere kubateraniriza ku gicaniro, mubahendahendere Uwiteka kubarinda. Abamarayika bakorera abantu bazarinda abana banyu beguriwe Imana. Ni inshingano y’ababyeyi b'abakristo kubaka uruzitiro rwo kuzitira abana babo mu gitondo na nimugoroba, barwubakisha amasengesho y'umwete no kwizera kudacogora. Bakwiriye kubigisha bihanganye, bakabigisha kugira imibereho yo kunezeza Imana bafite ubugwaneza kandi badacogora.33

Mujye mwigisha abana banyu yuko ari amahirwe yabo yo guhora babatizwa n'Umwuka Wera buri munsi. Nimureke Kristo azasange mwaramubereye ukuboko gufasba gusohoza imigambi ye. Amasengesho azababashisha kugira imibereho ituma umurimo mukorera abana banyu utungana rwose.34

Imbaraga y'amasengesho y'umutegarugori ntiyabona uko ivugwa. Umutegarugori upfukamye iruhande rw'umuhungu we n'umukobwa we abitewe no guhindagurika ko mu bwana n'akaga ko mu busore, ntazamenya imbaraga y'amasengesho yasabiye imibereho y'abana be kugeza ku munsi w'urubanza. Niba kwizera kumufatanije n'Umwana w'Imana, ukuboko kw'ineza kwa nyina kubasha gufata umuhungu we kumukura mu mbaraga y'ibishuko, kubasha kubuza umukobwa we kwishimira icyaha. Igihe irari rirwanira kuba ari ryo ritegeka, imbaraga y'urukundo no gutesha, n'umwete, n'imico myiza itadebuka ya nyina bishobora kwerekeza umutima ku ruhande rw'ukuri. 35

Numara gukorera abana bawe inshingano zawe ubikiranutsemo, ubashyire Imana maze uyisabe kugufasha. Uyibwire yuko wakoze umugabane wawe, maze usabe Imana gukora uwayo mugabane, uwo utabasha gukora. Uyisabe koroshya ingeso zabo, ibagire abagwaneza n'imfura ibikoresheje Umwuka Wera. Izakumva usenga. Izakunda gusubiza amasengesho yawe. Yagutegekesheje ijambo ryayo kujya "uhana abana bawe, ariko atari ukubatakisha." "Kandi ijambo ryayo rikwiriye kumvirwa muri ibyo. 36

Mubigishe Kubaha n'Ikinyabupfura

Imana yategetse ko hakwiriye kubahwa cyane cyane abasaza. Iravuga iti: "Uruyenzi rw'imvi ni ikamba ry'icyubahiro. Biboneshwa no kujya mu nzirayo gukiranuka." Imigani 16:31.

Bivuga iby'intambara zarwanywe, no kunesha kwabayeho; iby'imitwaro yahetswe, n'ibishuko byarwanijwe. Bivuga iby'ibirenge birushye bigeze hafi yo kuruhuka, n'iby'imyanya yenda kubamo ubusa vuba. Mujye mufasha abana gutekereza ibyo, bazorohesha inzira y abasaza ubupfura no kubaha, kandi bazazana ubuntu n'ubwiza mu

mibereho yabo ya gisore nibita kuri iri tegeko ngo: “Ujye uhagurukira umeze imvi, wubahe umusaza. “ Abalewi 19:32. 37

Ikinyabupfura ni ubuntu bumwe mu mpano z’Umwuka, kandi gikwiriye kugirwa na bose. Gifite imbaraga zo koroshya kamere itari kubura kuba inkazi n’inkamba, kitahabaye. Abavuga yuko ari abayoboke ba Kristo, kandi bakaba ari inkazi, bagira nabi, basuzugura, ntibigiye kuri Yesu. Ukuri kwabo ntikwaba gushidikanywa, gutungana kwabo ntikwaba gufite amakemwa; ariko ukuri no gutungana ntibizahongerera ubuze ineza n’ikinyabupfura. 38

(I) IT 403; (2) IT 119; (3) 4T 651; (4) AH 306; (5) 4T 313; (6) IT 392, 393; (7) 3T 532; (8) 1T 388; (9) AH 310-315; (10) 1T 398; (11) 3T 132-135; (12) IT 398, 399; (13) IT 390, 391; (14) CG 115; (15) IT 219; (16) IT 395 (17) AH 284; (18) 3T 147, 148; (19) IT 392, 393; (20) 5T 180, 181; (21) 1T 396-400; (22) 7T 66, 67; (23) 1T 384-387; (24) CG 244, 245; (25) CG 151, 152; (26) CG 169; (27) 4T 656, 657; (28) MH 389-390; (29) AH 528, 529; (30) FE 312; (312; (31) 7T 66; (32) CG 287; (33) 1T 397, 398; (34) CT 131; (35) AH 266; (36) CG 256, 257; (37) Ed. 244; (38) PK 237.

IGICE CYA 37

UBWENGE BWA GIKRISTO

Turiho turasatira iherezo ry’isi vuba cyane, kandi ni ikintu cy’ingenzi ko tumenya akamaro k’ubwenge bwigishirizwa mu mashuri yacu ko bukwiriye gutandukana n’ubwigirwa mu mashuri yo mu isi.1

Ibitekerezo byacu ku by’ubwenge ni bikeya cyane kandi ni bigufi cyane. Hakenwe ubwenge buruseho, n’umugambi urushijeho gukomera. Ubwenge nyakuri bufite icyo busobanuye kiruta gusoma ibyigisho mu mashuri. Busobanura kwitegura kuruse uk’ubu bugingo buriho ubu. Bukwiriye gukoresha impagarike yose, kandi bugakoresha igihe cyose cyo kubaho gishobokeye umuntu. Ni ugufataniriza hamwe kw'imbaraga y'umubiri, n’iyTibwenge n’iy’iby’umwuka. Buringaniriza umwigisha

kwishimira umurimo akorera muri iyi si, n’umunezero uruseho w’umurimo urushijeho kuba mugari mu isi izaza.2

Mu buryo bwumvikana rwose, umurimo w’uburezi n’umurimo wo gucungura ni umwe; kuko mu burezi no mu gucungura. “nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho, keretse urwashyizwcho, ni Yesu Kristo.” 3

Kugarura umuntu ngo ashyire hamwe n’Imana, guhesha umuntu agaciro no gutunganya kamere ye, kugira ngo abashe kongera kugira ishusho y’Umuremyi, ni wo mugambi ukomeye w’ubwenge bwose no kurerwa byo mu mibereho. Uwo murimo w’ingenzi cyane ni wo watumye Umukiza asiga ijuru, akaza muri iyi si ari umuntu, kugira ngo abashe kwigisha abantu uburyo bwo kubona ubugingo burushijeho kuba bwiza.4

Biroroshye cyane kujyanwa n'inamaz’iby ’isi, n'ingeso n’imigenzo hyayo maze ntube ugitekereza ukundi iby’igihe turimo, cyangwa iby'umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa, kurusha uko abo mu minsi ya Nowa bari maze. Hariho akaga karenze ako twibwira kuko abigisha bacu bazanyura mu bimeze nk’iby’Abayuda bakoraga, bagakurikiza ingeso, n'imigenzo n'inyigisho Imana itatanze. Bamwe bagundira ingeso za kera bakazishikamaho, bagakunda n’ibyigisho bitari bimwe bitagira umumaro, nkaho ibyo ari byo bizabahesha agakiza. Iyo bagenje batyo, batera umugongo umurimo ukomeye w'Imana maze bakigisha abigishwa ubwenge budashyitse kandi bubi.5

Hakwiriye kubaho abagabo n'abagore bakwiriye gukora mu itorero kandi bakigisha abasore bacu kugira umurimo bakora w’ingenzi, kugira ngo abantu bababashe kuzanwa ngo barebe Yesu. Amashuri twahanze akwiriye kuba ari cyo agambirira, ntakurikize gahunda yashyizweho n'amashuri y’andi matorero, cyangwa iyashyizweho n'amasemineri n’amakoleji yo mu isi. Ayo mashuri akwiriye kugira gahunda yo hejuru rwose, muri yo ntihaboneke cyangwa ngo harangwe ingeso zo kutizera Imana. Abigishwa bakwiriye kwigishanywa ubukristo bukwiriye, kandi Bibiliya ikwiriye kuba ari yo iba igitabo cyo kwigiramo cy’ingenzi kiruta ihindi byose.6

Inshingano y'Itorero

Rimwe nijoro nari ndi mu nteko y'abantu, aho ikibazo cy'iby'uburezi cyateraga imidugararo mu mitima y'abantu bari aho hose. Umuntu umwe wari umaze igihe kirekire ari umwigisha wacu yatekererezaga abantu, maze aravuga ati "Ikibazo cy'iby'uburezi gikwiriye kunezeza Abadavantisti b'Umunsi wa Karindwi bose. "7

Itorero rifite umurimo w'ingenzi rikwiriye gukora mu byo kwigisha no kurera abana baryo, kugira ngo batazakururwa n'abafite ingeso zonona, ubwo bazaba bagiye mu ishuri cyangwa mu rundi rugaga. Isi yuzuye gukiranirwa no gusuzugura iby'Imana ishaka. Imidugudu yahindutse nk'I Sodoma, kandi abana bacu bahora batsiritana n'ibibi byinshi buri munsi. Abajya mu mashuri y'ubutegetsi kenshi bifatanya n'abandi bahinyutse kubarusha, abicikira ntibabe mu ishuri ku gihe, batahira ubwomanzi. Imitima y'abasore inyurwa manuma keretse abo babana bagize ingeso ziboneye naho ubundi Satani azakoresha abo bana bahinyurwa kwikururira abo bigishijwe neza kubarusha. Nuko rero mu gihe ababyeyi bakomeza isabato baba bataramenya ibikorwa, bakaba biga ibyigisho by'ibibi, maze imitima y'abana ikononekara.

Imiryango myinshi yimukira aho amashuri yacu manini yahanzwe, kugira ngo abana babo bigishwe, yaba igize neza biruseho yigumiye aho iri. Bakwiriye gutera itorero barimo ubutwari bwo guhanga ishuri ry'itorero, aho abana bari aho batuye bashobora kubonera ubwenge bwa gikristo bw'uburyo bwose kandi bukwiriye. Byabera abana babo byiza cyane, nabo ubwabo, n'umurimo w'Imana, baramutse bigumiye mu matorero matoya, aho bashakirwa gufasha, mu kigwi cyo kujya mu matorero yagogoye, hahora ibishuko iteka byo kugira intege nke mu by'umwuka kuko badakenewe.

Ahantu aho ari ho hose hari abakomeza isabato bakeya, ababyeyi bakwiriye gufatanya bakaringaniza ahantu ho kwigira ku manywa, aho abana n'abasore babo bashobora kwigira. Bakwiriye gukoresha umwigisha w'umukristo, w'umukozi w'Imana witanze uzigisha abana mu buryo bwo kubatera kuba abakozi b'Imana.8

Dutegekwa n'isezerano rikomeye kandi ryera ry'Imana kuyizanira abana bacu ngo twe kubajyana mu isi, tukabigisha kudashyira

amaboko yabo mu kuboko kw'isi, ahubwo ngo bakunde Imana kandi bayubahe, bakomeze amategeko yayo. Bakwiriye kwinjizwamo igitekerezo cy'uko baremwe ku ishusho y'Umuremyi kandi yuko baremwe ku ishusho ya Kristo ubwo baremwaga. Ubwenge bubahesha agakiza bukwiriye gutangwa mu buryo bwitondewe cyane, kandi bugatera imibereho n'ingeso . gusa n'iby'Imana.9

Kugira ngo haboneke abakoze bahagije, Imana yifuza yuko amashuri y'ubwenge ahangwa mu bihugu bitari bimwe, aho abigishwa b'ingenzi bashobora kwigishirizwa mu migabane yo kwimenyereza ubwenge n'ukuri kwa Bibiliya, Uko abo bantu bazajya bakora, bizatuma ukuri k'umurimo ukorwa ubu kugera mu bihugu bishya.

Usibye abantu bakwiriye koherezwa bavuye aho ishyirahamwe ry'umurimo wacu rimaze iminsi ngo babe abakozi b'Imana, abantu bo mu migabane itari imwe y'isi bakwiriye kwigishwa gukorera abo mu gihugu cyabo n'abaturanyi; kandi biramutse bishobotse, byaba byiza ko bigishirizwa iwabo aho bazakora. Ni rimwe na rimwe bibera byiza umukozi cyangwa se umurimo kugomba kohereza umukozi kujya kwigira mu bihugu bya kure.10

Itorero n'umuntu wese, niba tuzahagarara mu rubanza, dukwiriye kwihatira kwigisha abasore bacu kugira ngo babe bakwiriye gukora mu migabane y'uburyo bwose y'umurimo ukomeye twahawe. Dukwiriye kugira inama z'ubwenge kugira ngo ubwenge bushyitse bw'abafite impano bubashe gukomezwa no kuyoborwa neza, no gutunganywa mu buryo bukurikije gahunda yo hejuru cyane, kugira ngo umurimo wa Kristo udakomwa mu nkokora no kubura abakozi b'abanyabwenge, babasha gukorana umurimo wabo umuhati no gukiranuka.11

Ubufasha Bwiza bw'Amashuri Yacu

Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bakwiriye gufatanya n'umwigisha, bagakora bafite umwete kugira ngo abana babo bahinduke. Bakwiriye guhirimbanira kuvugurura ubushake bw'iby'umwuka mu rugo bukaba bushyitse kandi bakabarerersha ibyokurya no guhugura k'Uwiteka. Bakwiriye kugira umugabane w'umunsi batanga buri munsi wo kwiga ifuwo kwigana a'abana babo. Uko ni ko bashobora kugira igihe cyo kwiga igihe cy'umunezero kandi kigize icyo cyunguye, kandi

ibyiringiro byabo biziyongera muri ubwo buryo bwo gushakashaka agakiza k’abana babo.12

Abigishwa bamwe basubira iwabo bivovota kandi baganya, maze ababyeyi n’abakristo bo mu itorero bagategera amatwi amagambo yabo y’agakabyo yerekeye ku ruhande rumwe. Nyamara bari kuba bagize neza iyo bazirikana yuko ayo magambo afite impande ebyiri; ariko aho kuzirikana ibyo, bemerera ibyo bitekerezo biyobya ko byubaka urusika hagati yabo n’ishuri rikuru. Nuko bagatangira kugira ubwoba, bakabaririza, bakagira gushidikanya ku byerekeye uburyo ishuri riyoborwa. 'Bene ubwo buryo burangiza cyane. Amagambo yo kutanyurwa akwira nk’indwara yandura, kandi amagambo yamaze kugera mu bwenge kuyahanagura birakomeye. Icyo gitekerezo gikwizwa no kugisubiramo hato na hato, kugeza ubwo kingana umusozi, nyamara iyo baba barabigenzuye baba barasanze yuko nta futi riri ku bigisha. Ahubwo ko bakoraga umurimo wabo gusa, bashaka ko amategeko y’ishuri akurikizwa, bitamera bityo ishuri rikaba ryakwangirika.

Iyaba ababyeyi bishyiraga mu mwanya w’abigisha maze bakareba uburyo bigomba kurushya kwigisha ishuri ry’abigishwa amagana b’imyaka itandukanye kandi bafite ibitetekerezo bitandukanye, bababashije gutekereza bakareba ibintu mu bundi buryo. Baba bakwiriye kuzirikana yuko abana bamwe batigeze bigishirizwa iwabo. Kuba bararekewe aho batigishijwe kumvira, bigomba kuruhanya kubakura muri ubwo buryo bashyirwa mu mwanya ubashyira mu mategeko akomeye nk’ayigishwa umutwe w’abasirikari. Hatagize igikorerwa abana birengagijwe n’ababyeyi batabaye abizerwa, ntabwo bazemerwa na Yesu, hatabonetse imbaraga iyobora yo kubafasha, bazaba imburamumaro muri ubu bugingo kandi ntibazagire umugabane mu bugingo buzaza.13

Ababyeyi benshi b’abagabo n'abagore bagira ifuti ryo kunanirwa gufasha umwigisha ukiranuka. Abasore n’abana, kubwo kudasobanukirwa, no kuba bataraca akenge akenshi ntibasobanukirwa n’inama n’uburyo bw'umwigisha. Igihe bageze imuhira bavuga ibyavuzwe n’ibyakozwe mu ishuri, nuko abo mu rugo bakabiganira, nuko bagahinyura imigenzereze y’umwigisha bimazeyo, abo bana bahigira icyigisho kitaruhije iyigwa. Igihe cyose babwiwe gukora icyo batamenyereye, cyangwa se bakabwirwa kwiga ibikomeye, birukira ku babyeyi babo batazi ukuri kugira ngo babatere imbabazi. Uko niko

umutima uhagaze no kutanyurwa bitangira, maze umutwaro w'umwigisha ukarushaho kuremera. Nyamara ako kaga kose kaba gahagarikiwe n'ababyeyi batagira icyo bazi. Nuko amafuti yo mu ngeso yagombaga gukurwaho n'inyigisho, agakomeza akajya mbere uko imyaka itashye, yonona kandi yangiza ingeso z'uyafite kugeza ubwo azaba imburamumaro.14

Abigisha bayoborwa n'Imana

Uwiteka akorana n'umwigisha wese witanze; kandi kubimenya bifitiye umwigisha ubwe umumaro. Abigisha bayoborwa n'Imana baherwaubuntu n'ukuri mu Mwuka Wera kugira ngo babifatanye n'abana. Bategekwa n'Umwigisha uruta abandi bose bazwi mu isi, mbega uburyo kutayoborwa na we byabatera kugira umutima w'inabi n'ijwi rikaze ryuzuye umujinya! Bibaye bityo amafuti yo mu ngeso zabo bayanduza abana bigisha.

Imana izavugana n'umutima ibikoresheje Umwuka wayo. Mu gihe wiga, jya usaba uti "Hwejesha amaso yanjye kugira ngo ndebe ibitangaza byo mu mategeko yawe. "Zaburi 119:18. Umwigisha niyiringira Imana mu masengesho, Umwuka wa Kristo azamuzaho, Imana izamukoreramo ikoresha Umwuka Wera mu bwenge bw'umwigishwa. Umwuka Wera yuzuza ubwenge n'umutima ibyiringiro n'ubutwari n'ibitekerezo bya Bibiliya, maze bikagera ku mwigishwa. Amagambo y'iby'ukuri azaba ingiramumaro kandi azahabwa ikuzo n'agaciro gakomeye atigeze ahabwa. IJbwiza no kwera kw'ijambo ry'Imana bifite imbaraga yo guhindura ubwenge n'ingeso; ibishashi by'urukundo rwo mu ijuru bizagwa ku mitima y'abana bikomotse ku Mana. Tubasha kuzana abana amagana n'ibihumbi kuri Kristo nitubikorana umwete.15

Abantu batarabasha kuba abanyabwenge by'ukuri, bakwiriyc gusobanukirwa n'uko bateze amakiriro ku Mana, maze bakuzuzwa ubwenge bwayo. Imana ni yo soko y'imbaraga y'ubwenge n'iy'umutima Abantu bakomeye cyane bamaze kugera aho isi ibareba ko ari urugcro rutangaje rwo hejuru cyane mu bujijuke ntibakwiriye kugereranywa na Yohana ukundwa intumwa Paulo. Iyo imbaraga z'ubwenge n'iz'umutima bifatanyirije hamwe nibwo urugero rwo hejuru rwo kuba umuntu ushyitse

rugerwaho. Abameze batyo, Imana izemera ko ari abakofci bakorana na yo. 16

Umurimo w’ingenzi cyane w’amashuri yacu y’ubwenge ni ugushyira imbere y’ab’isi icyitegererezo gihesha Imana icyubahiro. Abamarayika bera ni bo bayobora umurimo bakoresheje abantu, kandi icyiciro cyose gikwiriye kugira ikimenyetso cy'ubwiza bw'Imana.17

Ingeso z’Umwigisha w’Ishuri

Nimwishakire umugabo wo kubabera umukuru w ishuri, umugabo ufite imbaraga z’umubiri zizamubashisha gukora umurimo wo kuba umurezi; umugabo ukwiriye kwigisha ingeso zo kugira gahunda, isuku n’umwete. Nimukore umurimo wose muwurangize ku cyo mutangiye gukora cyose. Niba muri abakiranutsi mu byo kwigisha ibyigisho rusange, abenshi mu bigishwa banyu bashobora gukora umurimo wo kugurisha ibitabo, bakaba n’ababwirizabutumwa. Ntidukwiriye kwiyumvamo yuko abakozi bose bagomba kugira ubwenge bwinshi.18

Mu byo gutoranya abigisha, dukwiriye kwitonda cyane, tukamenya yuko icyo ari ikintu cy’icyubahiro nko gutora abantu bo gukora umurimo w’ubugabura. Abantu b’abanyabwenge bashobora kugenzura ingeso, ni bo bakwiriye gutorwa; kuko impano iruta izindi ikenewe mu kwigisha no gutunganya ubwenge bw’abasore, no gukomeza neza imirimo ikwiriye gukorwa n'abigisha mu mashuri y’itorero. Ntimugashyire mu bana abasore. cyangwa abigishwa batamenyereye badafite ubwenge bwo gukoresha; kuko umurimo wabo uzana umuvurungano.19

Ntihakagire umwigisha ukoreshwa, keretse mufite ubuhamya bugaragazwa n’ibigeragezo n’ibishuko, by’uko akunda Imana kandi atinya kuyicumuraho. Niba abigisha bigishwa n’Imana, niba ibyigisho byabo byigirwa buri munsi mu ishuri rya Kristo, bazakora umurimo wa Kristo. Bazayobora abantu bababakurure bafatanije na Kristo; kuko umwana n’umusore wese bafite igiciro gikomeye.20

Ingeso n’imigirire by’umwigisha bikwiriye kuzirikanwa ko ari iby’agaciro gakomeye biruseho kuruta ubwenge bwe bwo mu bitabo.

Kugira ngo akoreshe ubwenge buboneye, akwiriye kwitegeka bisesuye, kandi umutima we ukwiriye gusabwa n’urukundo rwinshi akunda abigishwa be, rukagaragara ku ndoro ye, ku magambo ye no mu mirimo ye.21

Umwigisha akwiriye guhora yiyobora ari n’umukristo w’umugwaneza. Akwiriye kuba incuti n’umujyanama w’abigishwa be. Iyaba abantu bacu, abigisha, abapasitoro n’abakristo n’abatabazi bari bafite umutima w'ubupfura bwa gikristo, babashije kugera ku mitima y’abantu; abenshi cyane baba baragize umwete wo gusuzuma no kwakira iby’ukuri. Igihe umwigisha wese azibagirwa inarijye, maze akuzurwamo n’ubwuzu bwo kujya mbere kw’abigishwa be, azi ko ari ab’Imana, kandi akaba azi ko azabazwa uko yabahaye icyitegererezo mu bwenge no mu mico, tuzagira ishuri abamarayika bazakunda kubamo.22

Amashuri y’amatorero yacu akennye abigisha bafite ingeso zera cyane; bashobora kwiringirwa; bafite kwizera gushikamye, kandi bafite ubwenge no kwihangana; bagendana n’Imana, banga igisa n’ikibi cyose.

Guha abana bacu abigisha b'abibone kandi badafite urukundo ni icyaha. Umwigisha umeze atyo abasha kugirira nabi cyane abafite ingeso zigikura vuba vuba. Niba abigisha batagandukira Imana, niba b.idakunda abana bategeka, cyangwa niba bagaragaza ko batonesha ibabashyeshyenga,maze bakagaragariza abadafite igikundiro ko batabitayeho, cyangwa bakabigaragariza abadafite ituze cyangwa abararuka, ntibakwiriye gukoreshwa, kuko amaherezo yimirimo yabo azaba ayo kuvutsa abantu Kristo.

Abigisha barakenewe, cyane cyane kubwo kwigisha abana, abigisha bafite ituze mu mutima kandi b'abagwaneza, bagaragaza kwihangana n’urukundo ku babikeneye cyane.23

Umwigisha nadasobanukirwa n’akamaro k’amasengesho kandi ntacishe umutima we bugufi imbere y’Imana, ntazasobanukirwa n’agaciro gakomeye rwose k’ubwenge.24

Akamaro k’imimirere y’umubiri w’umwigisha ntawabasha kubona uko agasoganura; kuko uko ubuzima bwe bungana ari nako umurimo we uzarushaho gutungana. Ubwenge ntibubasha gutekereza

neza kandi ngo bukorane imbaraga mu gihe umubiri ubabajwc n'intege nkeya cyangwa indwara. Umutima utegekwa n'ibitekerezo; ariko iyo umubiri ufite intege nke, ubwenge bubura imbaraga, umuyoboro unyuzwamo ibitekerezo bikomeye n’imigambi ukaziba, maze umwigisha akananirwa kurobanura icyiza n’ikibi. Iyo arembejwe n’indwara, ntibimworohera kwihangana no kunezerwa, cyangwa gukorana gukiranuka no kutabera.25

Uruhare rwa Bibiliya mu Burezi bwa Gikristo

Mu bikoresho byo kwigisba ubwenge, Bibiliya ni yo ngirakamaro kuruta ikindi gitabo icyo ari cyo cyose, cyangwa ibindi bitabo byose bifatanirijehamwe. Gukomerak’umugambi wayo, koroshyakw'icyubahiro kw’amagambo yayo, ubwiza bw’ibyitegererczo byayo. bibyutsa kandi bishyira hejuru ibitekerezo kurusha ikindi icyo ari cyo cyose. Nta kindi cyigisho gishobora gutanga imbaraga y'ubwenge nk'umuhati wo gusobanukirwa cyane n’iby’ukuri bw’ibyahishuwe. Iyo ubwenge bumaze kwakira ibitekerezo by’Uhoraho. buraguka bukagira imbaraga.

Bibiliya ni yo ifite imbaraga ziruseho zo gukuza amajyambere ya kamere y’umwuka. Umuntu yaremewe kugirana ubucuti n'Imana, muri ubwo bucuti honyine ni ho ashobora kubonera ubugingo nyakuri no gukuza amajyambere. Yaremewe kubonera umunezero mwinshi cyane mu Mana, nta handi yabonera ibishobora kumara irari ryinshi ry’umutima, ngo yimare inzara n’inyota by’umutima. Uwiga ijambo ry’Imana akiranutse kandi afite umutima wemera kwigishwa, agashakashaka gusobanukirwa n’iby’ukuri byaryo, azamenya cyane nyiraryo; kandi nta kizamubuza kujya mbere, keretse aramutse yitengushye.26

Imirongo y ingenzi y’lbyanditswe Byera ikwiriye gufatwa mu mutwe, ntibigiririrwe ko ari umurimo ahubwo bikagiririrwa ko ari ihirwe. Nubwo bwa mbere kuyibuka byakurushya ariko hanyuma byakoroshywa no kubyimenyereza, ukanezezwa n’uko ubitsc ubutunzi bw’ijambo ry'ukuri. Nuko rero imico izahamya ubufasha bukomeye bwazanye gukura mu by’umwuka.27

Akaga ko Kohereza Abana mu Ishuri Bakiri Bato

Nk'uko abaturage bo muri Edeni bigiraga ku mpapuro z'ibyaremwe, nk'uko Mose yitegerezaga ukuboko kw'Imana kwandikaga mu bibaya no ku misozi ya Arabiya, n'Umwana Yesu uko yigiraga mu micyamu y'i Nazareti, ni ko n'abana bo muri iki gihe bakwiriye kwiga ibyayo. Ibitagaragara bigaragazwa n'ibigaragara.

Umwana, guhera akiri muto cyane akwiriye gushyirwa aho icyo gitabo gitangaje cy'ibyigisho gishobora kubumburirwa imbere ye, uko bishobotse kose. 28

Ntimukohereze abana banyu mu mashuri, bakiri bato cyane. Umubyeyi akwiriye kwitondera uburyo yiringira gutunganywa k'uruhinja ruri mu maboko y'abandi. Ababyeyi bakwiriye kuba abigisha b'abana babo baruse abandi bose kugeza ubwo bageza ku myaka munani cyangwa icumi y'ubukuru. Icyumba bigiramo gikwiriye kurangara, kikaba hagati y'uburabyo n'inyoni. maze igitabo cyabo cyo kwigiramo kikaba ubutunzi bw ibyaremwe. Ababyeyi bakwiriye kubabumburira igitabo gikomeye cy'Imana cy'ibyaremwe vuba uko ubwenge bwabo bubashije kubyumva. Ibyo byigisho, byigishirijwe hagati y'ibyo bibazengurutse, ntabwo bizibagirana vuba.29

Ubuzima bw'umubiri n'ubw'ubwenge by'abana si byo byonyine byashyizwe mu kaga no koherezwa mu mashuri bakiri bato cyane, ahubwo banahombye gusobanukirwa n'ingeso nziza. Bagize ibihe byo kumenyana n'abana batarezwe nka bo. Bajugunywe mu rugaga rw'ibyohe n'ibirara, babeshya, barahira, biba, bashukana, abantu bishimira gufatanya ingeso zabo n'abo baruta ubukuru. Abana bato iyo barekewe ukwabo, biga ibibi vuba kuruta uko biga ibyiza. Umutima wa kamere wemera ingeso mbi ko ari zo nziza kuruta izindi, kandi ibintu babona rfibyo bumva bakiri abana bato ni byo biterwa bigakomerera cyane mu bwenge bwabo; kandi imbuto mbi zitewe mu mitima yabo bakiri bato zishora imizi maze zigahinduka amahwa ahanda yo gukomeretsa imitima y'ababyeyi babo.30

Agaciro ko Kwigisha Iby'imirimo yo Gutunga Abantu mu Mibereho Yabo

Nk'uko byari biri mu gihe cy'Abisiraheli, n'ubu abasore bakwiriye kwigishwa iby'imirimo ikwiriye gukorwa mu mibereho. Umusore wese akwiriye kubona ubwenge bw'umgabane umwe wo mu mirimo ikoreshwa amaboko, abasha gukora kugira ngo abeho. Ibyo ni ingenzi, si ku bwo kurinda ubugingo gusa, ahubwo bifasha umubiri n'ubwenge, kandi bigatuma akuza amajyambere mu mico myiza. Imirimo y'uburyo butari bumwe ikwiriye gukorerwa mu mashuri yacu. Mu mirimo y'imyuga hakwiriye kubamo n'uw'ubucungamari, n'ububaji, n'indi yose yerekeye ku buhinzi. Hakwiriye kubaho imyiteguro yo kwigisha gucura, gusiga amarangi, gukora inkweto, guteka, kotsa imitsima, kumesa, kudoda, kwandikisha imashini, no kwandika ibitabo mu icapiro. Imbaraga zacu zose zikwiriye gukoreshwa muri uyu murimo wo kwigisha, kugira ngo abigishwa bazagende baringanirijwe gukora imirimo yo kubatunga mu bugingo bwabo.

Abigishwa b'abagore n'abakobwa, hariho imirimo myinshi bakwiriye gutegurirwa, kugira ngo babashe kugira ubwenge bubasha kumenya byinshi kandi bikwiriye. Bakwiriye kwigishwa kudoda imyambaro no gukora mu murima. Uburabyo bukwiriye guhingwa n'inkeri zigaterwa. Nibigishwa batyo imirimo y'ingirakamaro, bazagira akamenyero keza k'imirimo yo ku gasozi.31

Uruhare imbaraga y'ibitekerezo ifite ku mubiri, n'urw'imbaraga y'umubiri ifite ku bitekerezo, bikwiriye kwitabwaho. Imbaraga y'ubwonko ikoresha umubiri, ikoreshejwe n'ibitekerezo, itera imyanya yose y'umubiri kugira imbaraga, maze ukabasha kurwanya indwara.

Hariho ukuri kuvugwa ku byerekeye ku mubiri ukuri dukwiriye kuzirikana kuri mu byanditswe kuvuga ngo "Umutima unezerewe ni umuti mwiza "Imigani 17:22. 32

Kugira ngo abana n'abasore bagire amagara mazima, n'umunezero, nogukundagukina, n'imihore n'ubwonko bikuze amajyambere, bakwiriye kuba ahari umwuka mwinshi, kandi bakagira umurimo n'ibikino byaringanijwe neza. Abana n'abasore barekerwa mu ishuri bagahatirwa gusoma ibitabo, ntibashobora kugira umubiri muzima.

Gukorcsha ubwonko mu gihe cyo kwiga, udakoresha umubiri imyitozo iwukwiye, bituma amaraso ajya mu bwonko, maze urugendo rw'amaraso rwo mu mubiri wose ntirutungane. Mu bwonko huzura amaraso menshi cyane, maze mu migabane iheruka umubiri hakajya make. Hakwiriye kubaho amategeko agenga kwiga kw'abana n'abasore mu masaha runaka, maze ikindi gihe kikaba icyo gukora imyitozo y'umubiri. Kandi niba ingeso zabo zo kurya no kwambara no kuryama zishyize hamwe n'amategeko y'umubiri, bashobora kubona ubwenge batigomwe ubuzima bw'umubiri n'ubw'ubwenge. 33

Icyubahiro cyo Gukora

Abasore bakwiriye kumenyeshwa icyubahiro cyo gukora. Mujye mubereka yuko Imana ari umukozi udacogora. Ibyaremwe byose bikora umurimo wabyo byahawe gukora. Ni umurimo w'icyaremwe cyose, kandi kugira ngo dusohoze umurimo wacu natwe dukwiriye kuba abakozi. 34

Imirimo ikoreshwa imbaraga z'umubiri ifatanije n'iz'ubwenge kugira ngo ibe ingiramumaro, ni iyo kumenyereza imibereho, ikoranwe ubwitonzi kugira ngo ibe ikwiriye kwigisha ubwenge n'umubiri ngo bishobore gukora umurimo Imana yageneye abantu b'uburyo butari bumwe.35

Nta n'umwe wo muri twe ukwiriye guterwa isoni no gukora, nubwo umurimo waba muto kandi ukaba usuzuguritse. Umurimo wongera icyubahiro. Abakoresha umutwe cyangwa amaboko bose ni bo bagabo cyangwa abagore bakora. Kandi bose basohoza inshingano yabo bakubahisha idini ryabo mu bihe bamesa imyenda cyangwa boza amasahani nk'aho bariho bajya mu materaniro. Igihe amaboko akora imirimo isanzwe yoroheje, ubwenge bushobora kuyoborwa neza kandi bukamererwa neza bitewe n'ibitekerezo biboneye kandi byera.36

Impamvu imwe ikomeye ituma imirimo y'amaboko isuzugurwa ni uburyo butagira gahunda kandi budatekereza uwo murimo ukorwamo.

Ukorerwa ko umuntu abitegetswe, ntukorerwa ko awihitiyemo. Umukozi ntawushyiraho umutima, maze akumva atawikundishije cyangwa ngo awukundishe abandi. Kwigisha umurimo w'amaboko ni

byo bikwiriye gukuraho iryo futi. Gukwiriye gukuza ingeso zo gutungana no kugira umwete. Abigishwa bakwiriye kwiga kugira ubwenge na gahunda; bakwiriye kwiga kuzigama igihe no kubara akarimo kose gakozwe. Ntibakwiriye kwigishwa uburyo buruta ubundi bwose gusa, ahubwo bakwiriye kuyoborwa n'irari ryo guhora bashaka gukuza amajyambere. Bakwiriye kugambirira gutunganya umurimo wabo nk’uko ubwonko n’amaboko bishobora kubikora.37

Ni icyaha kureka abana bagakurana ubunebwe. Bakwiriye gukoresha ingingo n’imihore byabo. Nubwo byabananiza, ntacyo bitwaye. Niba badakoze cyane, umuruho ubasha kubarembya ute biruse uko ukurembya? Hari itandukaniro hagati yo kunanirwa no kuruha. Abana bakeneye guhora bahinduranyirzwa imirimo kandi bakagira imyanya yo kuruhuka kuruta uko abakuze bayigira; ariko n’igihe bakiri bato, bashobora gutangira kwiga gukora, kandi bazanezezwa cyane no gutekereza yuko ari bo bigirira umumaro. Nibamara gukora imirimo yo kugusha umubiri neza, ibitotsi byabo bizabaryohera, kandi bazongererwa imbaraga zo gukora umurimo w’umunsi uzakurikiraho.38

Ururimi Kavukire Ntirukwiriye Kwirengagizwa

Mu ishami ryose ry’uburezi harimo ibintu bikwiriye kumenywa by’ingenzi kuruta ibiboneshwa n’ubumenyi rusange. Nimufatire icyitegererezo ku rurimi. Ikintu cy’ingenzi kiruta kumenya indimi zo mu mahanga, ari izikivugwa cyangwa izitakivugwa, ni ukubasha kwandika no kuvuga ururimi kavukire utarushye kandi neza; ariko nta bwenge bubonerwa mu kwiga amategeko y’ikibonezamvuga washobora kugereranya n’akamaro ko kwiga ururimi urumazeyo. Kwiga nk’uku, akenshi kuzana umugisha cyangwa umuvumo. 39

Ibitabo byanditswe n’Abatagira Icyo Bemera Byangwa n’Imana

Mbese ni umugambi w’Imana ko inyigisho z’ibinyoma n’impaka z'ibinyoma n’amagambo y’ubuhenzi ya Satani bihora imbere y'ubwenge bw’abasore n'abana? Mbese ibitekerezo bya gipagani n'iby’abatizera Imana bikwiriye gushyirwa imbere y’abigishwa bacu nk’aho ari ibitabo by’ingiramumaro byo kongerwa mu bubiko bw’ubwenge bwabo? Imirimo y’umuhanga ushidikanya Imana, ni imirimo y’ubwenge bwiyeguriye umurimo w’umwanzi; none se abavuga ko ari abagorozi,

bashaka kuyoboraabana n'abasore mu nziray'ukuri, inzirayagenewe kunyurwamo n'abacunguwe n'Uwiteka, bikwiriye ko Imana yabemerera gushyira imbere y'abasore ibyigisho bizabayobya bikerekana Imana uko itameze? Mbese ibitekerezo by'abatizera kandi bafite ingeso mbi byakwemerwa ngo byigishwe abigishwa kuko byakomotse ku bantu bemerwa n'ab'isi ko ari abahanga? Mbese abavuga ko bizera Imana bazakoranya ibyo bitekerezo by'abanditsi badatunganye babibike nk'amabuye y'igiciro cyinshi abitswe mu butunzi bw'ubwenge? Ntibikabeho.40

Amaherezo y'Uburezi bwa Gikristo

Nk'uko abana baririmbiye mu miharuro y'urusengero bati "Hoziyana, hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka" (Mariko 11:9), ni ko no muri iyi minsi amajwi y'abana azarangururira kwamamaza ubutumwa buheruka bwo kuburira iyi si irimbuka. Igihe abo mu ijuru bazabona yuko abakuze batacyemerewe kwamamaza ukuri, Umwuka w'Imana azaza ku bana, maze bakore umurimo wo kwamamaza ukuri abakuze batakora ku mpamvu z'uko inzira yabo izazitirwa.

Amashuri yacu y'itorero yategetswe n'Imana kuringaniriza abana gukora uyu murimo ukomeye. Aho ni ho abana bakwiriye kwigishirizwa ukuri gukomeye kw'iki gihe, bakigishwa no gukora umurimo ukwiriye wo kwamamaza ubutumwa. Bakwiriye kubarirwa mu rugamba rw'abakozi bafasha abarwayi n'imbabare. Abana bashobora kugira icyo bakora mu murimo wo kubwiririsha ubutumwa umurimo w'ubuvuzi, kandi kubw'ubuto bwabo n'izina ryabo, umurimo uzajya mbere. Imari yabo ibasha kuba nkeya, ariko kubwo gufasha k'umwana wese no kubw'umwete wabo, abantu benshi bazemera ukuri. Bazamenyekanisha ubutumwa bw'Imana n'imbaraga yayo ikiza mu mahanga yose. Noneho itorero rikwiriye kwikorera imitwaro y'abana b'intama bo mu mukumbi. Abana nibigishwe kandi berekwe uburyo bwo gukorera Imana, kuko aribo murage w'Uwiteka.

Igihe amashuri y'itorero azayoborwa neza, ni yo azaba inzira yo gushyira hejuru ibendera ry'iby'ukuri ahantu yahanzwe; abana bigishwa ubwenge bwa gikristo bazabera Kristo abahamya nk'uko Yesu yasobanuriye mu rusengero ubwiru butari buzwi n'abatambyi n'abategetsi, ni ko no ku iherezo ryo kurangiza umurimo muri iyi si

abana bigishijwe neza bazavuga amagambo boroheje azatangaza abantu baganira iby'ubwenge bwo hejuru busumbyeho" muri iki gihe. 41

Neretswe yuko ishuri ryacu rya kaminuza ryashyiriweho n'Imana gusohoza umurimo ukomeye wo gukiza imitima. Italanto z'umuntu wese zigira umumaro uhagije rwose iyo zeguriwe imbaraga y'Umwuka w'Imana burundu. Amategeko na gahunda by'idini ni byo ntambwe ya mbere yo kubona ubwenge, kandi biri ku rufatiro rukomeye rw'ubwenge nyakuri. Ubwenge n'ubumenyi bukomeye bikwiriye guterwa imbaraga n'Umwuka w'Imana kugira ngo bikoreshwe umurimo w'icyubahiro gikomeye. Umukristo wenyine ni we ubasha gukoresha ubwenge neza. Kugira ngo ubuhanga bubashe kwishimirwa bihagije, bukwiriye gutekerezwa mu buryo bw'idini. Umutima uyoborwa neza n'ubuntu bw'Imana ni wo ubasha gusobanukirwa neza cyane n'agaciro nyakuri k'ubwenge. Imico y'Imana, nk'uko iboneka mu byo yaremye, ibasha kwishimirwa ari uko tuzi Umuremyi. Kugira ngo abigisha bayobore abasore ku isoko y'ukuri, ku Mwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi, ntibakwiriye kumenya neza ubusobanuro bw'iby'ukuri gusa, ahubwo bakwiriye kugira ubwenge bwo gukora iby'inzira yo kwera. Ubwenge bugira imbaraga iyo bufatanije no kubaha Imana by'ukuri.

Ishingano y'Umwigishwa yo Gutera Ishuri rye Gushikama

Abigishwa bavuga yuko bakunda Imana kandi bakubaha iby 'ukuri bakwiriye kugira rwa rugero rwo kwitegeka n' imbaraga ya gahunda y'idini bizababashisha gushikama mu bishuko no guhagararira Kristo mu ishuri rikuru, no mu mazu babamo, cyangwa aho bari aho ari ho hose. Idini ntirikwiriye kwambarwa nk'umwitero mu nzu y'Imana, ahubwo ingeso z' idini ni zo zikwiriye kwerekana imibereho yose.

Abanywa ku isoko y'ubugingo ntibazamera nk'ab'isi ngo bifuze kwigana ibyadutse cyangwa ngo bashake ibyo kwinezeza. Mu ngeso no mu mico yabo hazabonekamo uburuhukiro n'amahoro n'umunezero bironkeye muri Yesu babiboneshejwe no gutura ubwihebe n'imitwaro yabo ku birenge bye. Bazerekana yuko mu nzira yo kubaha no gusohoza inshingano hari umunezero ndetse n'ibyishimo. Bene abo bazajya banduza abigishwa bigana imico yabo myiza, ndetse bigere no mu ishuri ryose.

Abari muri izo ngabo zikiranuka, bazavugurura kandi batere imbaraga abigisha mu mirimo yabo babikoresheje gucogoza impamvu zose zizana kutizera no kutumvikana no kwirengagiza amategeko na gahunda. Imibereho yabo izaba iyo gukiza, kandi imirimo yabo ntizapfa ku munsi ukomeye w'Imana, ahubwo izabakurikirana barinde bagera mu isi izaza; kandi imimerere y'imibereho yabo izajya ivuga mu bihe bihoraho.

Umusore umwe w'umunyamwete, ufite umutima uhana kandi w'umukiranutsi mu ishuri, ni ubutunzi butarondoreka. Abamarayika bo mu ijuru bamurebana urukundo. Umukiza we mwiza aramukunda, kandi mu gitabo cyo mu ijuru yandikirwa umurimo. wose wo gukiranuka, n'igishuko cyose yatsinze, n'ikibi cyose yanesheje. Uko niko azaba yiyubakira urufatiro azashikamaho mu gihe kizaza, kugira ngo agundire ubugingo buhoraho.

Ku basore b'abakristo ni ho hari inshingano ikomeye cyane yo gutuma ibigo byashyiriweho n'Imana gutuma umurimo wayo ujya mbere bikomera. Iyo nshingano ikomeye cyane iri ku basore b'ubu bageze mu gihe bakwiriye gukora. Nta gihe cyigeze kibaho ubwo inshingano ikomeye nk'iyo yahawe abantu; mbega ukuntu abasore bakwiriye kuba bafite imico ikwiranye n'uwo murimo ukomeye kugira ngo Imana ibashe kubakoresha! Umuremyi wabo abafitiye iyo nshingano ikomeye kuruta izindi zose.

Imana ni yo yabahaye ubugingo n'ibyiza byose by'umubiri n'ubwenge bafite. Yabahaye ubwenge ngo babukoreshe ibyiza, kugira ngo bashobore gushingwa umurimo uzagumaho mu bihe bidashira. Kubw'impano zayo zikomeye yabahaye, ibashakaho ubwenge bukwiriye no kuyikoreshereza imbaraga z'ubwenge bwabo n'iz'imico yabo. Ntiyabahereye izo imbaraga kuzinezeresha gusa, cyangwa ngo zikoreshwe nabo mu buryo idashaka kandi itategetse, ahubwo yazibahereye kugira ngo bazikoreshe mu byo gushyira imbere ubwenge bw'iby'ukuri no gukiranuka mu isi. Ishaka yuko bayishima, bakayubaha kandi bakayikunda, kubw'ineza yayo ihoraho n'imbabazi yayo zidashira, ishaka rwose ko bubaha amategeko na gahunda z'ubwenge zose bizabasha gukingira no kurinda abasore inama za Satani bikabayobora mu nzira z'amahoro.

Iyaba abasore babashaga kumenya yuko iyo bumviye amategeko na gahunda z'amashuri yacu baba bakoze ikizatunganya imibereho yabo muri bagenzi babo, kikayobora imico, kigatunganya neza ubwenge, kandi kikongera umunezero wabo, ntibagomera amategeko n'ibyo bategekwa gukora, kandi ntibatera abantu gushidikanya no kugomera amategeko y'ishuri. Abasore bacu bakwiriye kugira umutima w'ubutwari no gukiranuka kugira ngo babashe gukora ibibakwiriye gukora, kandi bagenje batyo, batsinda ingorane. Imico mibi y'abasore benshi bo muri iki gihe igeze aho itera agahinda. Umugayo mwinshi uba ku babyeyi babo imuhira. Hatariho kubaha Imana nta n'umwe ubasha kunezerwa by'ukuri.43

(1) CT 56; (2) Ed. 13; (3) Ed. 30; (4) CT 49; (5) 6T 150, 151; (6) FE 231; (7) 6T 162' (8) CT 173, 174' (9) 6T 127; (10) 6T 171; (11) CT 43; (12) 6T 199; (13) 4T 428,429; (14) FE 64, 65; (15) CT 171; 172; (16) CT 66; (17) CT 57; (18) CT 213,214; (19) CT 174,175; (20) FE 260; (21) FE 19; (22) CT 93, 94; (23) CT 175, 176; (24) CT 231; (25) CT 177; (26) Ed 124, 125; (27) CT 137. 138; 28) Ed. 100, 101; (29) FE 156, 157; (30) CG 302; (31) CT 307-312; (32) Ed. 197; (33) CT 83; (34) Ed. 214; (35) FE 2991 (36) 4T 590; (37) Ed. 222; (38) AH 289; (39) Ed. 234; (40) CT 25, 26; (41) 6T 202, 203; (42) 4T 427; (43) 4T 432-435.

IGICE CYA 38

GUHAMAGARIRWA KUGIRA IMIBEREHO YO KWIRINDA

Amagara mazima ni umugisha utagira uko ungana, kandi agira icyo apfana cyane n'umutima uhana no kwizera Imana kuruta uko abenshi babizi.

Amagara mazima afite icyo akorera ubwenge bw'umuntu mu murimo, kandi akwiriye kurindanwa icyubahiro cyane nk'ingeso; kuko uko tuzarushaho kugira amagara mazima, ari ko tuzarushaho kugira umwete wo gushyira umurimo w'Imana imbere no guhesha abantu umugisha.1

Ku munsi wa 10 w'Ukuboza 1871, nongeye kwerekwa yuko kongera gutunganya iby'umuzemuke ari umugabane umwe w'umurimo ukomeye wo gutunganiriza abantu kuza k'Umwami. Amagara mazima ni isanga n'ingoyi ku butumwa bwa marayika wa gatatu nk'uko ukuboko n'umubiri bimeze. Umuntu yitaye ku mategeko cumi bya nikize, ariko Uwiteka ntiyahereyeko aza guhana abacumura amategeko atabanje kubohereza ubutumwa bw'imbuzi. Marayika wa gatatu yamamaza ubwo butumwa. Iyo abantu baba barumviye amategeko cumi, bagahorana mu mibereho yabo ingeso z'ayo mategeko, umuvumo w'indwara wuzuye isi ntuba uriho.

Abagabo n'abagore ntibakwica amategeko ya kamere bayicishije kwishimira irari ribi no kwifuza kubi, ngo babure kwica amategeko y'Imana. Ni cyo cyatumye yemera ko umucyo w'ibyerekeye umuze muke uturasira, kugira ngo tubashe kureba icyaha cyacu icyo ari cyo igihe twishe amategeko yashyize mu bugingo bwacu. Umunezero wacu wose cyangwa umubabaro bishobora kubonerwa mu kumvira cyangwa mu gucumura amategeko ya kamere. Data wa twese w'umugiraneza wo mu ijuru areba imimerere iteye agahinda y'abantu bafite imibereho yo kwica amategeko yashyizeho, bamwe bayica bayazi, ariko abenshi bakayica batayazi. Kandi kubw'urukundo n'impuhwe agirira abantu. Amurikisha umucyo wo kumurikira umurimo w'amagara mazima. Yatanze amategeko yayo n'igihano kizakurikira abayagomeye, kugira ngo bose babashe kwiga no kwitondera kugira imibereho ihuje n'amategeko ya kamere y'ibintu. Yamamaje amategeko yayo mu buryo

bwumvikana cyane maze iyashyira ahagaragara kugira ngo abe nk'umudugudu wubatswe mu mpinga y’umusozi. Abantu bose bashobora kuyasobanukirwa babishatse. Abantu b’ibicucu ntibazabibazwa. Kumvikanisha amategeko ya kamere no guhendahendera abantu kuyumvira, ni umurimo ugendana rv ubutumwa bwa marayika wa gatatu wo gutegurira abantu kuza k'Umwami.2

“Ntimuri Abanyu ngo Mwigenge”

Twizera tudashidikanya yuko Krsto agiye kuza vuba. Kuri twe ibyo si umugani ahubwo ni ukuri. Ubwo azaza ntazazanwa no kutwezaho ibyaha byacu, no gukura amafuti mu ngeso zacu, cyangwa kudukiza indwarayo mu ngeso n'imico byacu. Niba uwo murimo ari uwo dukwiriye gukora twese, ukwiriye gukorwa mbere y’icyo gihe.

Ubwo Umwami azaza, abazaba bera bazakomeza babe abera. Abarinze imibiri yabo n’imitima bikera, bikezwa kandi bigahabwa icyubahiro, amaherezo ni ukuzahabwa ubugingo buhoraho. Ariko abakiranirwa, abatejejwe, n’abanduye bazakomeza babe batyo iteka ryose. Nta cyo bazaba bagikorewe cyo kubakuraho ibibi ngo bahabwe ingeso zera. Ibyo ni byo bikwiriye gukorwa muri iki gihe cyo kugeragezwa. Ubu ni bwo uyu murimo ukwiriye kudukorerwa.

Dutuye mu isi yanze gukiranuka n’ingeso nziza no gukurira mu buntu. Aho turebye hose tubona kononekara no kwandura, n’ubumuga n’ibyaha. None se umurimo dukwiriye gukora ubu mbere yo guhabwa kudapfa ni uwuhe? Ni ukurinda imibiri yacu ikaba iyera, imitima yacu ikabonera, kugira ngo tubashe guhagarara tudafite ikizinga hagati yo kononekara kutugose muri iyi minsi y’imperuka.

Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z’Umwuka Wera, uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge; kuko mwacungujwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana. “I Abakorinto 6; 12.20.

Ntituri abacu. Twaguzwe igiciro gikonieye, ari cyo mibabaro n’urupfu by’Umwana w’Imana. lyaba twasobanukirwaga n’ibyo, maze tukabimenya neza. twakwiyumvamo inshingano ikomeye ituriho yo kwifata mu buryo bwo kugira amagara mazima cyane kugira ngo tubashe

gukorera Imana umurimo utunganye. Ariko igihe tugize ingeso iyo ari yo yose yangiza ubuzima bwacu. ikagabanura imbaraga zacu. cyangwa ikaduhumisha ubwenge. tuba ducumuye ku Mana. Igihe dukurikiranye iyo ngeso ntituba duhimbarije Imana mu mibiri n'imitima byacu ari byo byayo, ahubwo tuba dukoreye icyaha gikomeye imbere yayo.'3

Kubaha Ni Inshingano y'Umuntu Ubwe

Umuremyi w'umuntu yaringanije imibiri yacu mu buryo bwikoresha. Umurimo wose ukorwa mu buryo butangaje kandi bw ubwenge. Kandi Imana yasezeranye ubwayo yuko izarinda uwo mubiri w umuntu wikoresha ikawuha ubuzima niba umuntu yumvira amategeko y'Imana kandi agafatanya na yo. Kutagira icyo witaho, kutitonda kose, uburyo bwose bwangiza umubiri utangaje Uwiteka yaremeye kwikoresha. kwirengagiza amategeko yahawe umubiri w'umuntu ni ukwica amategeko y'Imana. Dushobora kwitegereza kandi tugatangazwa n'amategeko ya kamere ari mu isi, ariko umubiri w'umuntu ni igitangaza gihebuje.4

Kuko amategeko ya kamere ari amategeko y'Imana, ni icyumvikana neza yuko ari inshingano yacu kuyiga twitonze. Dukwiriye kwiga ibyo adutegeka byerekeye ku mibiri yacu ubwacu, kandi tukishushanya na byo. Kutamenya ibyo bintu ni icyaha.

Igihe abagabo n'abagore bazaba bamaze guhinduka by'ukuri, bazitondera amategeko y'ubugingo Imana yabashyizemo babyitayeho, uko ni ko bazahunga intege nke z'umubiri, n'iz'ubwenge, n'iz'ingeso. Kumvira ayo mategeko gukwiriye kuba inshingano y'umuntu wese. Twebwe ubwacu dukwiriye kubabazwa n'indwara zo kwica amategeko. Tuzabazwa n'Imana iby'ingeso n'imigenzereze byacu. Ni cyo gituma ikibazo kibazwa atari iki, ngo "Mbese abo mu isi bazavuga iki? Ahubwo ngo "Mbese jyewe uvuga ko ndi umukristo, ngenzereza nte umubiri nahawe n'Imana? Nzakora neza uko nshoboye kose mbigirira umubiri wanjye, kuko ari urusengero rw'Umwuka w'Imana, cyangwa se nzitangira gukurikiza imigambi n'imigenzo byo mu isi?"5

Ubugingo bw'Imana mu Mutima w'Umuntu Ni Bwo Byiringiro bye Gusa

Idini rya Bibiliya ntacyo ritwara ubuzima bw'umuntu, ari ku mubiri cyangwa mu bwenge Imbaragay'Umwuka w'Imana ni yo muti uruta iyindi yose uvura indwara. Abo mu ijuru bose bafite amagara mazima; kandi uko imbaraga zo mu ijuru zirushaho kumenywa cyane, ni ko hazabaho gukira k'umurwayi wizeye. Ingeso nyakuri z'ubukristo ni zo soko y'umunezero utagira icyo ugereranwaho. Idini ni isoko idakama, umukristo abasha kunywaho ashatse, ntigire ubwo ikama.

Isano iri hagati y'umubiri n'intekerezo irakomeye cyane. Iyo kimwe gihuganye, ikindi kibabarana na cyo. Uko intekerezo zimeze ni ko n'ubuzima bw'umubiri bumera. Iyo intekerezo zirimo amahoro, atewe no kwiyumvamo gukora ibyiza no kubana n'abandi amahoro, bitera umunezero ugera mu myanya yose y'umubiri, bigatuma amaraso agenda neza mu mubiri, maze umubiri wose ukagubwa neza. Umugisha w'Imana ni imbaraga ikiza, kandi rero abahesha abandi imigisha bazabona imigisha ibasesekaraho mu mutima no mu mibereho yabo.

Igihe abagabo bamenyereye kugira ingeso mbi no gukora ibyaha bumviye iby'ukuri kw'Imana, kwemera uko kuri mu mutima kuvugurura imbaragay'imicoyari yarabaye nk'iyanyunyutse. Uyihawe agira imbaraga ziruseho, akagira ubwenge busobanukiwe kuruta mbere atarakomereza umutima we kuri Rutare ruhoraho. Ndetse n'imbaraga ze z'umubiri zongerwa no kumenya yuko ari amahoro muri Kristo.6

Abantu bakwiriye kumenya yuko imigisha ituruka ku kumvira bashobora kuyihabwa nk'uko bahabwa ubuntu bwa Kristo. Ubuntu bwe ni bwo buha umuntu imbaraga yo kumvira amategeko y'Imana. Ni bwo bumubashisha gukira ububata bw'ingeso mbi. Iyo mbaraga ni yo imubashisha guhagarara ashikamye mu nzira itunganye.

Igihe ubutumwa bwakiranywe kwera n' imbaraga byabwo, buba umuti uvura indwara zikomoka ku cyaha. Izuba ryo gukiranuka rizabarasira "rifite gukiza mu mababa yaryo."

Ibyo iyi si itanga si ko bibasha gukiza umutima umenetse, cyangwa gutanga amahoro y'umutima, cyangwa gukuraho ibyago,

cyangwa gukuraho ibyago, cyangwa gukuraho indwara. Icyubahiro, ubwenge, amahirwe, byose ntibibasha kunezeza umutima ufite agahinda cyangwa kugarura ubugingo bwononekaye. Ubugingo bw'Imana mu mutima ni bwo byiringiro by'umuntu gusa.

Urukundo rwa Kristo aha umuntu ni rwo mbaraga itanga ubugingo. Umugabane wose w'ubugingo, ubwonko, umutima, n'imitsi yumva, ni rwo rubikiza. Ni rwo rukoresha imbaraga zose z'umuntu. Rubatura umutima rukawuvana mu bubata bw'icyaha n'umubabaro, no gushidikana n'ibyago bimenagura imbaraga z'ubugingo. Ni rwo rutera ituze n'umunezero. Rutera umunezero mu mutima utabasha kubuzwa n'ikindi icyo ari cyo cyose cyo mu isi, umunezero ukomoka ku Mwuka Wera, umunezero utanga amagara mazima,umunezero utanga ubugingo.

Umukiza wacu aravuga ati "Nimuze munsange, ndabaruhura," yabivugiye atyo kubwo gukiza indwara z'umubiri n'iz'ubwenge n'iz'umutima. Nubwo abantu ari bo biteje umubabaro imirimo yabo mibi bakoze, abarebana impuhwe. Muri we babasha kubona gufashwa. Abamwiringira azabakorera ibikomeye.7

Ubugorozi bw'Iby'Umuze muke Muri Iki Gihe

Mu murimo wacu, iby'ubugorozi bw'iby'umuzemuke bikwiriye kwitonderwa cyane. Umurimo wose ushaka ubugorozi ukeneye kwihana. kwizera no kumvira. Bisobanurwa ko ari ugutunganya umutima ukagira imibereho mishya kandi irushijeho kuba myiza. Uko ni ko ubugorozi bwose bufite umwanya mu murimo w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Cyane cyane ubugorozi bw'iby'umuzemuke bushaka ko twitonda kandi tugakomera. Mu materaniro yacu makuru dukwiriye kwita kuri uyu murimo maze tukawugira isoko nzima. Dukwiriye kwereka abantu ingeso zo kwirinda nyakuri kandi tugahamagarira abantu kwandika amazina yabo ku rupapuro rwanditsweho isezerano ryo kwirinda. Abagizwe imbata n'ingeso mbi bakwiriye kwitonderwa. Dukwiriye kubayobora ku musaraba wa Kristo.

Uko twegereza iherezo ry'igihe dukwiriye kurushaho gutunganya iby'ubugorozi bw'amagara mazima no kwirinda kwa gikristo. Tukabigaragaza mu buryo nyabwo kandi bugambiriye biruseho. Dukwiriye guhora duharanira kwigisha abantu, tutabigishisha amagambo

yacu gusa, ahubwo tubigishisha ingeso zacu. Itegeko n'ingeso bifatanye bifite imbaraga ivuga.8

(1) CT 294; (2) 3T 161; (3) 2T 354-356; (4) CD 17; (5) 6T 369. 370; (6) CH 28; (7) MH 115; (8) 6T 110,112.

IGICE CYA 39

AKAMARO K'ISUKU

Kugira ngo tugire amagara mazima, dukwiriye kugira amaraso meza; kuko amaraso ari yo bugingo. Asana ahasenyutse, kandi akagaburira umubiri. Iyo amaraso ababuriwe ibyokurya byiza kandi iyo yejejwe akongerwa imbaraga no kubona umwuka mwiza, aha umugabane wose w'umubiri ubugingo n'imbaraga. Amaraso n'agenda mu mubiri mu buryo butunganye biruseho, nibwo uwo murimo uzasohozwa neza biruseho.1

Kwiyuhagira amazi ni imwe mu nzirazoroshye cyane kandi inejeje kuruta izindi yo gutuma amaraso agenda neza mu mubiri. Kwiyuhagira amazi akonje ni umuti uruta iyindi yose utera imbaraga. Kwiyuhagira amazi ashyushye byasamura utwenge tw'uruhu, maze bigafasha bityo kuvana imyanda mu mubiri. Kwiyuhagira amazi ashyushye cyangwa ay'akazuyaze bigusha neza imitsi yumva kandi bigatuma amaraso agenda mu mubiri ku rugero rutunganye.

Ibikino byihutisha urugendo rw'amaraso bigatuma abonera, ariko,ubunebwe butuma amaraso atagenda neza, kandi guhinduka ko muri yo gukenewe kubw'ubugingo n'amagara mazima ntikubeho. Uruhu na rwo rubura imbaraga. Imyanda ntivanwe mu mubiri nk'uko byari kumera iyo urugendo rw'amaraso rwihutishwa n'ibikino by'imbaraga, uruhu rukarindwa mu buryo burutera kuba rwiza, n'ibihaha bikagaburirwa umwuka mwiza kandi uboneye.2

Ibihaha bikwiriye guhabwa umudendezo uhagije cyane uko bishobotse kose. Ubunini bwabyo buturuka ku gukora; biba bito iyo bihobewe kandi bigafunganywa. Guhoraukoraumurimo wicaye, cyangwa

se kutagira icyo ukora bizana uburwayi. Iyo umuntu amaze atyo, ntabasha guhumeka umwuka mwinshi. Bidatinze guhumeka umwuka muke biba ingeso, maze ibihaha bikabura imbaraga yatuma bibi bigari.

Uko ni ko umuntu abona umwuka mwiza udahagije. Amaraso agenda buhoro. Imyanda ari yo bumara bukwiriye kuvanwa mu bihaha mu gihe cyo guhumeka ugumamo, maze amaraso akandura. Ibihaha si byo byandura byonyine, ahubwo igifu n'umwijima n'ubwonko na byo birandura. Uruhu rureruruka, ibyokurya bigatinda mu gifu; umutima ukagira intege nkeya; ubwonko bugacura umwijima; ibitekerezo ntibisobanuke, agahinda kakuzura mu mutima; umubiri wose ugacika intege kandi ukananirwa gukora, cyane cyane ukabasha gufatwa n'indwara vuba.

Ibihaha bihora byivanamo imyanda, kandi bikennye guhora bibona umwuka mwiza. Umwuka mubi ntutanga ibikwiriye biba mu mwuka mwiza, maze amaraso agaca mu bwonko no mu yindi myanya y'umubiri atongerewe imbaraga. Icyo ni cyo gituma umwuka wo hanze ukwiriye kuboneka mu nzu. Kuba mu byumba by'inzu byegeranye bitagerwamo n'umwuka mwiza, birimo umwuka wanduye, binaniza umubiri wose. Cyane cyane bituma umubiri ugira imbeho bitagira impamvu, waba ukubiswe n'akabeho, ugaherako urwara. Kuguma mu nzu itagerwamo n'umwuka ni byo bitera abagore benshi kugira amaraso make mu mubiri no kugira intege nkeya. Bahora bahumeka hato na hato umwuka bahumetse mbere, kugeza ubwo uhindurwa mubi n'uburozi bwinjiye mu bihaha no mu myenge y'uruhu; maze imyanda ikagaruka mu maraso ityo.3

Abenshi bababazwa n'indwara bitewe n'uko banze kwakira umwuka mwiza nijoro mu mazu yabo. Umwuka mwiza utangirwa ubuntu ni umwe wo mu migisha myinshi cyane tubasha kwishimira.4

Isuku ni ingenzi cyane ku mubiri no ku bwenge. Imyanda ihora ivanwa mu mubiri, inyuze mu ruhu. Utwenge uduhumbagiza tw'uruhu tuziba vuba, iyo rutagiye rusukurishwa kwiyuhagira iminsi yose, kandi imyanda ikwiriye kunyura mu ruhu ibera indi myanya ivana imyanda mu mubiri umutwaro.

Abantu benshi bakwiriye kubona inyungu iturutse ku kwiyuhagira amazi akonje cyangwa ay'akazuyaze buri munsi, mu gitondo na nimugoroba. Kwiyuhagira kumara imbeho mu kigwi cyo gukonjesha, kuko gutuma amaraso agenda neza, amaraso aza mu ruhu, maze akarushaho kugenda neza kandi ku rugero. Ubwenge n'umubiri byombi byongerwa imbaraga. Imihore irushaho kubasha guhina no guhinuka neza, ubwenge bukarushaho gusobanukirwa. Kwiyuhagira kugusha neza imitsi yumva. Kwiyuhagira gufasha ubura, igifu n'umwijima. kugatera iyo myanya yose imbaraga, kandi kugafasha umurimo wo kugusha neza ibyokurya.

Ni ikintu cy'ingenzi na none ko imyenda igirirwa isuku. Imyenda yambarwa inyunyuza imyanda ivuye mu myenge y'uruhu; iyo idahinduranyijwe hato na hato kandi ngo imeswe, ya myanda na none yongera kunyunyuzwa n'umubiri.

Umwanda w'uburyo bwose utera indwara. Imbuto z'indwara zizana urupfu zibanda mu mwijima, no mu mfuruka zitarebwamo, mu myanda yaboze, ahatose kandi hari uruhumbu n'ibishishwa biboze. Nta cyavu gikwiriye kuba hafi y'inzu, kuko byanduza kandi bikaroga umwuka. Nta kintu cyanduye cyangwa kiboze gikwiriye kwemererwa kuba mu nzu.

Isuku isesuye, umucyo w'izuba mwinshi, kwitondera ibyo kwitungira amagara mu kantu kose ko mu mibereho yo mu rugo, ni ngombwa kugira ngo bikurinde indwara, kandi bitere ababa mu rugo kugira umunezero n'imbaraga. 5

Mujye mwigisha abana yuko Imana itanezezwa no kubabona bafite imyanda ku mubiri kandi bambaye imyambaro icitse. Kwambara imyambaro kuri gahunda kandi ikaba iboneye bizaba inzira imwe yo mu nzira zitera ibitekerezo kubonera no kuba byiza. Cyane cyane ikintu cyose cyegera uruhu rw'umubiri gikwiriye kubonezwa.

Ukuri ntabwo gukoza ikirenge cyako cyiza mu nzira irimo imyanda cyangwa yanduye. Uwahoraga yitaye ku bana b'Isiraeli kugira ngo bagire ingeso z'isuku ntazakundira umwanda w'uburyo bwose ko uba mu ngo z'ubwoko bwe muri iki gihe, Imana yanga umwanda w'uburyo ubwo ari bwo bwose.

Imyanda, kwirengagiza imfuruka zo mu nzu, byazatuma umuntu ageza aho yirengagiza n'imfuruka z'umutima. Ijuru riraboneye kandi rirera, kandi abazanyura mu marembo y'umudugudu w'Imana bakwiriye kugirira mu isi isuku y'imbere n'iy'inyuma. 6

(1) MH 271, (2) MH 237, 238; (3) MH 272-274; (4) 2T 528; (5) MH 276; (6) MLT 129.

IGICE CYA 40

IBYOKURYA TURYA

Imibiri yacu yubatswe n'ibyokurya turya. Inyama z'umubiri zihora zisaza; umurimo wose ukozwe n'urugingo rwose utuma hagira igitakara, kandi ahavuye igitawe cyose hasanwa n'ikivuye mu byokurya. Umwanya wose w'umubiri ushaka ibyokurya na wo. Ubwonko bukwiriye guhabwa ibyabwo bibugenewe. Amagufwa n'imihore n'imitsi yumva na byo bishaka ibyabyo. Ibyokurya bihinduka amaraso mu buryo butangaje, maze ayo maraso agakoreshwa kubaka imigabane itari imwe y'umubiri; ariko uwo murimo uhora ukorwa, ugaha umutsi wose wumva, n'utugabane duto tw'imyanya y'umubiri ubugingo n'imbaraga.

Dukwiriye guhitamo ibyokurya byiza cyane birimo ibikenewe byo kubaka umubiri. Muri iryo toranya, ntukwiriye kuyoborwa n'irari. Kubw'ingeso mbi yo kurya, irari ryabaye ribi. Akenshi ibyokurya ni byo byonza amagara bigatera integenke mu kigwi cyo gutera imbaraga. Ntidushobora kuyoborwa mu mahoro n'ingeso z'abo tubana. Indwara n'imibabaro byuzuye hose biterwa cyane cyane n'amafuti akorwa n'abantu bose mu byerekeye ku byokurya.

Ariko ibyo kurya byiza byose si ko bihwanije kuba ibidukwiriye mu buryo bwose. Hakwiriye kubaho kwitonda cyane mu byo gutoranya ibyokurya. Ibyokurya byacu bikwiriye kuba ibikwiranye n'igihe cy'umwaka, n'uko igihugu turimo kimeze mu by'ubushuhe n'ubukonje, n'uko umurimo dukora umeze. Ibyokurya bimwe byagenewe kuribwa mu gihe kimwe cyo mu bihe by'umwaka cyangwa mu gihugu kimwe, ntibikwiriye kuribwa mu kindi gihe cyangwa mu kindi gihugu. Ni ko

kandi hariho ibyokurya binyuranye bikwiriye abantu bakora imirimo itandukanye. Akenshi ibyokurya bishobora kugirira umumaro abakora imirimo y'umubiri ikomeye, ntibikwiriye abiyicarira gusa cyangwa abakoresha ubwenge cyane. Imana yaduhaye ibyokurya by'uburyo butari bumwe byiza bihagije, kandi umuntu wese ni byo akwiriye gutoranyamo ibyo yakoresha kandi azi neza ko ari byo byiza biruta ibindi bimukwiriye.1

Inama y'Imana ya Mbere na Mbere Yerekeye ku Byo Kurya by'Umuntu

Kugira ngo tubashe kumenya ibyokurya biruta ibindi ibyo ari byo, dukwiriye kwiga inama y'Imana ya mbere na mbere yerekeye ibyokurya by'umuntu. Uwaremye umuntu kandi akamenya ibyo akennye yageneye Adamu ibyokurya. Yaravuze ati: "Dore, mbahaye ibimera byose bycra imbuto,... n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizaba ibyokurya byanyu. "(Itangiriro 1:29).

Ubwo yari avuye muri Edeni yagombaga kubona ibimutungaahinze ubutaka kubw'umuvumo w'icyaha, na bwo yemererwa kurya imboga zo mu murima." (Itangiriro 3: 18). Ibyokurya by'impeke, amatunda, imbuto z'uburyo bw'ububemba n'imboga ni byo byokurya twatoranirijwe n'Umuremyi wacu. Ibyokurya byaringanijwe mu buryo bworoheje kandi busanzwe ni byo byiza kandi bitunga umubiri kuruta ibindi byose, Bitera imbaraga, no kwihangana, n'imbaraga z'ubwenge, zitabasha kuboneshwa ibyokurya by'uruvange rw'amoko menshi cyangwa ibikangura umubiri.2

Kugira ngo ugire amagara mazima ukwiriye kugira ibyokurya bihagije byiza, bitunga umubiri. Nitugira inama y'ubwenge, igikwiriye gutunga amagara kandi cyiza cyane kizabasha kuboneka mu gihugu cyose. Umuceri, ingano, ibigori, ni imyaka isa na sayiri byaringanijwe mu buryo butari bumwe byoherezwa hose, hamwe n'ibishyimbo n'amashaza n'ibindi bisa n'inkori. Ibyo hamwe n'amatunda ahingwa mu gihugu cyangwa ava mu mahanga, n'imboga z'uburyo butari bumwe zihingwa ahantu hose, birimo ibyokurya bikwiriye hatarimo inyama.

Ahantu hose hashobora kuboneka amatunda yumye...ku giciro cyiza, azaba akwiriye gukoreshwa kuko ari ubwoko bw' ibyokurya

bikwiriye bitari ibiririrwa umugenzo ahubwo kuko bitera ubuzima n'imbaraga abantu b'uburyo bwose bw'abakozi. 3

Kumenya Guteka

Guteka si ubwenge bw'agaciro gake ahubwo ni ikintu kimwe mu bintu by'ingenzi cyane bifitiye ubugingo akamaro. Ni ubwenge abagore bose bakwiriye kwiga, kandi bukwiriye kwigishwa mu buryo bugiriye akamaro abarushijeho kuba abakene. Guteka ibyokurya biryoshye kandi bikaba ari iby'igiciro cyiza kandi bigiriye umubiri akamaro, bigomba ubwenge; ariko bishobora gukorwa.

Abatetsi bakwiriye kumenya uburyo bwo kuringaniza ibyokurya byoroheje mu buryo bworoheje kandi bwiza, kugira ngo bibe biryoshye kandi ari byiza biruseho, kuko byoroheje.4

Nimutyo tugire amajyambere y'ubwenge yo gutuma ibyokurya byacu biba ibyoroheje. Ku bw'ineza y'Imana igihugu cyose cyera ibyokurya birimo ibikwiriye byubaka umubiri, biryoshye.5

Abenshi ntibiyumvamo ko iyi ari inshingano ikomeye, nuko ntibagerageze kuringaniza ibyokurya neza. Ibyo bishobora gukorwa mu buryo bworoheje, buteye imbaraga kandi butaruhije, batiriwe bakoresha amavuta y'ingurube, amavuta y'inka cyangwa inyama. Ubwenge bukwiriye gufatanywa no kwiyoroshya. Kugira ngo abagore bakore ibyo, bakwiriye gusoma, maze bakimenyereza gukurikiza ibyo basomye, kugeza ubwo biba akamenyero.6

Amatunda, n'ibyokurya by'impeke, n'imboga byaringanijwe mu buryo bworoheje, bitagezwemo n'ibintu byo kuryoshya (nk'ikinzari) n'urugimbu rw'amatungo y'ubwoko bwose, bigira ibyokurya bitunga amagara hamwe n'amata n'urukoko kurusha ibindi byose.7

Ibyokurya by'impeke n'amatunda byaringanijwe bitarimo amavuta, kandi mu buryo busanzwe uko bishobotse, bikwiriye kuba ibyokurya byo gushyira ku meza y'abantu bose bavuga ko bitegura kujyanwa mu ijuru.8

Isukari nyinshi cyane ihora ikoreshwa mu byokurya. Keke, udutsima turyohera, amandazi, konfitire y'amatunda, amatunda

yatekanwe n’isukari, bitera kugubwa nabi mu gifu. Ibigirira umuntu nabi cyane cyane ni ibyokurya n’aniandazi bikoreshejwe amata avanze n’amagi n’isukari. Kunywa amata avanze n’isukari bikwiriye kwirindwa. 9

Isukari nkeya nishyirwa mu byokurya bigitekwa ni ko n'impagarara ziterwa n’ubushyuhe zizaba nkeya. l0

Amata anyobwa akwiriye gutekwa akabira rwose; ni byitondcrwa hazaboneka akaga gakeya ko kwandura indwara zituruka ku kuyanwa." 11

Hazaza igihe, ubwo kunywa amata bitazaba birimo amahoro. Ariko niba inka zifite amagara mazima, n’amata agatekwa cyane nta kaga kaba kariho.12

Ibyokurya Bishyizwemo Ibyo Kubiryoshya Byinshi

Ibintu byo kuryoshya ibyokurya nk’umunyu n'urusenda, bikoreshwa hato na hato cyane n’ab’isi, bituma ibyokurya bidakorwa neza n'imyanya itunganya ibyokurya.13

Muri iki gihe cyihuta, ibyokurya bidatera amaraso kwihuta cyane ni byo birushaho kuba byiza. Kamere y’ibimeze nk’urusenda ni ukwangiza. Ifu y’akabuto ka sinapi, urusenda, utuntu duhumuza ibyokurya, umuti usharira utuma ibyokurya bitabora, n’ibindi bisa na byo, byokera mu gifu maze bigatuma amaraso agurumana umuriro kandi akandura. igifu cy’umusinzi iyo kirwaye akenshi biba bitewe n’inzoga zirimo alikolo. Ubundi kurwara mu gifu biterwa no gushyira ibintu byokera mu byokurya. Umuntu agasigara atakiryoherwa n’ibyokurya bisanzwe. Umubiri wumva wifuza kandi urarikiye ikintu kirushijeho kuwukangura.14

Bamwe bamaze kumenyera gutegekwa n’ibyo bibwira ko bibaryoheye bituma batabasha kunezezwa n’ibyokurya keretse babonye ibyo bifuza. Iyo bagaburirwa ibyokurya birimo urusenda n’ibihumura, bituma igifu gikoreshwa n’icyo kiboko cy’umuriro; kuko cyamenyerejwc uburyo kitabasha gukora kitabonye ibyokurya bikangura umubiri.15

Ibituma ibyokurya biryoha bibanza kokera agahu korohereyc gatwikira mu gifu, ariko hanyuma byonona imbaraga yumva y'ako gahu korohereye. Amaraso ahindamo umuriro, ubushake bwa kinyamaswa bugahaguruka kandi imbaraga y'umubiri n'iy'ubwenge bifite intege nkeya, maze bigahinduka imbata y'irari rirushijeho kuba ribi. Umutegarugori akwiriye kwiga kugaburira ab'urugo rwe ibyokurya byoroheje ariko kandi bifitiye umubiri akamaro.16

Gahunda yo Kurya

Igihe igifu kiryamye ngo kiruhuke, umurimo wacyo ukwiriye kuba warangiye, kugira ngo kiruhuke bisesuye nk'uko indi myanya y'umubiri iruhuka. Ntabwo umurimo wo kunoza ibyokurya ukwiriye gukorwa n'igifu mu gihe cyo kuruhuka umuntu asinziriye...Igifu gikwiriye kugira igihe cy'akamenyero cyo gukora n'icyo kuruhuka; kurya imburagihe, hagati y'ibihe byo kurya, ni ukwica rwose amategeko y'ubuzima bw'Umubiri. 17

Ibihe byo kurya bikwiriye kwitonderwa cyane. Nta kintu gikwiriye kuribwa hagati y'ibihe byo kurya, ari ibintu biryohereye, cyangwa ububemba, cyangwa amatunda, cyangwa ibindi byokurya by'ubwoko ubwo ari bwo bwose. Kuryagagura konona imbaraga y'imyanya igusha neza ibyokurya, bikagira icyo bitwara ubutaraga bw'umuntu n'umunezero. Kandi igihe abana baje ku meza, ntibanezezwa n'ibyokurya, nta rari ryo kurya baba bafite: ibyo rero bikaba ari bibi kuri bo.18

Igihe turyamye turuhuka, igifu gikwiriye kuba cyarangije gukora umurimo wacyo, kugira ngo cyo hamwe n'indi myanya y'umugiri bibashe kwishimira ikiruhuko. Abantu bahora biyicariye aho, kurya batinze cyane nimugoroba bibagirira nabi cyane.

Ibihe byinshi kugira intege nkeya ukumva ushaka ibyokurya biterwa n'uko imyanya igusha neza ibyokurya iba yaremerejwe cyane n'ibyokurya ku manywa. Hanyuma yo kurya, imyanya igusha neza ibyokurya ikwiriye kuruhuka, nibura amasaha atanu cyangwa atandatu ni yo akwiriye gushira ukabona kongera kurya; kandi abantu benshi cyane bagambirira kugerageza bazabona yuko kurya kabiri mu munsi ari byo byiza kuruta kurya gatatu ku munsi.19

Ingeso yo kurya kabiri mu munsi akenshi babonye ko ari yo ifitiye umubiri w'umuntu akamaro; ariko hariho impamvu ibiteye abantu bashobora kurya ubwa gatatu. Niba rero umuntu ariye ubwa gatatu, akwiriye kurya ibyokurya byoroshye cyane, kandi bishobora kugushwa neza mu gifu vuba.20

Mu gihe abigishwa bakora umurimo ukoreshwa amaboko n'ukoreshwa ubwenge, kubabuza kurya ubwa gatatu ntibikwiriye. Abigishwa bakwiriye kurya ubwa gatatu, bakarya ibyokurya byaringanijwe nta mboga, ahubwo ibyoroheje kandi bikwiriye, nk'amatunda n'umukati.21

Ibyokurya ntibikwiriye kuribwa bishyushye cyane cyangwa bikonje cyane. Iyo ibyokurya bikonje, imbaraga z'ubuzima bw'igifu zikoresherezwa cyane kubishyushya bitaranozwa. Ibinyobwa bikonje na byo byonona umubiri nk'uko ibishushye na byo biwangiza. Kunywa amazi menshi mu gihe cyo kurya bituma ibyokurya bitanozwa n'igifu neza; ni byiza kunywa amazi mbere yo kurya. Ntimukarye umunyu mwinshi, mwirinde gukoresha ibyokurya byashyizwemo umuti ubibuza kubora (vinaigre) n'ibyashyizwemo utuntu two gutuma bihumura (epices), mujye murya amatunda menshi maze icyaka gituma mushaka kunywa ibinyobwa byinshi mu gihe cyo kurya kizashira rwose. Ibyokurya bikwiriye kuribwa buhoro buhoro, kandi bikwiriye gutapfunwa cyane. Ibyo ni ngombwa, kugira ngo amacandwe abashe kuvangwa neza n'ibyokurya, kandi n'amazi agusha neza ibyokurya ngo abashe gukora. 22

Gukoresha Amategeko yo Kugorora Ibyo Kwitungira Amagara

Ibyo kuvugurura ibyerekeye ibiribwa ni ingenzi cyane. Ibyo bikwiriye kwiganwa ubwenge cyane, kandi nta muntu ukwiriye kunegura abandi ku mpamvu z'uko imigenzereze yabo idahwanye n'iye muri byose: Ntibishoboka gutanga itegeko ridahinduka ryo gutegeka ingeso z'umuntu wese, kandi nta n'umwe ukwiriye kwitekereza ko ari we ukwiriye kuba urugero rw'abandi bose. Si ko bose bashobora kurya ibintu bimwe. Ibyokurya biryohereye kandi bikwiriye umuntu umwe bishobora kubera undi umwaku ndetse bikamugirira nabi. Bamwe ntibashobora

kunywa amata, abandi bo abagwa neza. Abantu bamwe ntibashobora kugubwa neza ivamashaza n'ibishyimbo; abandi bo bikababera byiza. Ku bantu bamwe ibyokurya by'impeke bitasewe cyane ni byiza, nyamara abandi bo ntibababashe kubikoresha.23

Ahabaye ingeso mbi mu byerekeye imirire, ntibikwiriye gutinda kuhagorora. Igihe indwara yo kugubwa nabi mu gifu yaje itewe no gukoresha igifu nabi, hakwiriye kubaho umwete wo kwitondera kurinda imbaraga gisigaranye, bikoreshejwe gukuraho ikintu cyose cyikoreza igifu umutwaro uremereye. Bishoboka ko igifu kitakira rwose niba cyari cyarakoreshejwe nabi igihe kirekire; ariko kurya mu buryo bukwiriye bishobora kurinda ahakiri hazima, kandi benshi bashobora gukira rwose, cyangwa se koroherwa.

Abantu bafite imbaraga bakora imirimo ikomeye y'amaboko ntibahatirwa kwitondera ubwinshi n'ubwoko bw'ibyokurya barya nk'abantu bagira ingeso yo guhora biyicariye; ariko nabo babasha kugira amagara mazima cyane iyaba bimenyerezaga kwitegeka mu irya no mu inywa.

Bamwe bifuza yuko hagira itegeko rihamye ritegekerwa ibyokurya byabo. Nta muntu washyiriraho undi itegeko rihamye. Umuntu wese akwiriye kujya akoresha inama no kwitegeka kandi agakora nk'uko bikwiriye. 24

Ubugorozi bw'ibyokurya bukwiriye gukuza amajyambere. Kuko indwara zo mu matungo ziyongera, gukoresha amata n'amagi na byo bizarushaho kubamo akaga. Hakwiriye kubaho umwete wo gukoresha ibindi bintu bikwiriye gutunga umubiri kandi bidahenda mu mwanya w'ibyo. Ahantu hose abantu bakwiriye kwigishwa uburyo bwo guteka nta mata n'amagi uko bishoboka kose, kandi ibyokurya byabo bigakomeza kuba ibikwiriye umubiri kandi biryoshye.

Imana ntishimishwa igihe umubiri wirengagijwe cyangwa ukoreshejwe nabi, bituma uba udakwiriye mu murimo wayo. Gufata umubiri wawe neza ubikoresheje kuwuringaniriza ibyokurya binejeje kandi biteye imbaraga, ni inshingano imwe mu nshingano za mbere za nyir'urugo. Ni byiza rwose kugira imyambaro n'ibintu byo mu nzu by'igiciro gito kuruta kwigomwa ibyokurya.

Bene ingo bamwe bagomwa ab'urugo rwabo ibyokurya kugira ngo babike ibyo bazakoresha ibirori abashyitsi baje. Ibyo ni ubwenge buke. Mu birori by’abashyitsi hakwiriye kubamo kwiyoroshya cyane. Iby’urugo rukennye ni byo bikwiriye kwitabwaho mbere.

Kuzigama nabi n'ingeso zaduka, akenshi bizitira ingeso yo gucumbikira abashyitsi mu gihe bikwiriye kandi byari kuba umugisha. Ibyokurya bisanzwe bikoreshwa ku meza yacu bikwiriye kuba iby'umushyitsi tutiteguye abasha guhamagarirwa bitiriwe bivuna umugore kwitegura ibindi.

Mujye muzirikana ibyo murya mwitonze. Mujye mwiga ikintu muhereye ku ntangiriro mugeze ku iherezo ryacyo. Mujye mwimenyereza kwitegeka. Mujye mutegeka irari ryanyu muritegekanye ubwenge. Ntimukagirire igifu nabi mubikoresheje kurya mukarenza mbiga, ariko kandi ntimukiyime ibyokurya bigize umumaro, ibyokurya biryoshye bishakwa n’umubiri.

Abasobanukirwa n’amategeko yo kwitungira amagara kandi bategekwa na gahunda bazajya bahunga kurenza urugero mu kwinezeza no mu kwigomwa. Ibyokurya byabo ni ibitoranijwe, bidatoranirijwe kunezeza irari gusa, ahubwo bitoranirijwe kubaka umubiri.

Bashakashaka kuzigama imbaraga yose mu buryo bwiza cyane kugira ngo babashe gukorera Imana n’abantu umurimo wo hejuru cyane. Bagira irari rifite impamvu iritegeka n’umutima uhana,maze bakagororerwa kumererwa neza mu mubiri no mu bwenge. Igihe badashyira inama zabo imbere mu buryo busitaza abandi, icyitegererezo cyabo kibera ubuhamya ingeso nziza zitunganye. Abo bantu bafite ubwenge bwinshi bwo gukora ibyiza.25

Ntidukwiriye kuringaniriza ibyokurya byinshi cyangwa iby’amoko menshi kuribwa ku isabato biruta ibiribwa mu yindi minsi. Mu kigwi cyo kugenza dutyo, ibyo byokurya bikwiriye kuba ibyoroheje, kandi hakwiriye kuribwa bikeya, kugira ngo ubwenge bubashe kumva neza kandi bugire imbaraga yo gusobanukirwa n’iby’umwuka.

Guteka ku isabato bikwiriye kwirindwa, ariko kandi kurya ibyokurya bikonje ntibikwiriye. Mu gihe cy’imbeho, ibyokurya

byaringanijwe ku wanyuma bikwiriye gushyushywa. Kandi ibyo byokurya na none bikwiriye kuba ibyoroheje, biryoshye kandi binejeje. Cyane cyane mu ngo zirimo abana, ni byiza kuringaniza ikintu kizatekerezwa ko ari icy'umunezero cy'abo mu rugo batagira buri munsi. 26

Gutegeka Irari n'lruba

Igishuko kimwe cyo mu bishuko bikomeye kuruta ibindi byose bigerageza umuntu ni irari. Umutima n'umubiri bifitanye ubwiru n'isano itangaje. Birakorerana. Gutunga umubiri ukagira amagara mazima, kugira ngo ukuze imbaraga zawo, kugira ngo umugabane wose ukoreshwa n'ingingo ubashe gufatanya n'undi gukora ni byo bikwiriye kuba icyigisho cya mbere cyo mu mibereho yacu.

Kwirengagiza umubiri ni ko kwirengagiza umutima. Ntibishoboka ko abana b'Imana bayihimbaza bafite imibiri irwaragura cyangwa ubwenge budakura. Kunezeza irari ry'inda mu buryo bwica ubuzima byangiza ubwenge. Abakora ibyo kutirinda, ari mu kurya cyangwa mu kunywa, bapfusha imbaraga yabo y'umubiri ubusa kandi bagatera imbaraga y'ubwenge kugira intege nkeya. Bazagerwaho n'ingaruka yo kugomera amategeko y'umubiri.27

Abenshi bananirwa gukoresha umutima n'umubiri bitewe no kurya cyane no kunezeza irari ryo kwifuza. Iruba rya kinyamaswa rigira imbaraga mu gihe kamere y'ubwenge n'iy'umwuka bifite intege nke. Igihe tuzahagarara tuzengurutse intebe y'ubwami yera, imimuriko y'imibereho ya benshi izerekana iki? Bazabona ibyo baba barakoze iyo batangiza imbaraga bahawe n'Imana. Bazasobanukirwa n'ubwenge bwinshi baba barabonye iyo baha Imana imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge yabahaye. Mu gihe bazaba batakishwa n'umubabaro bazifuza kuba bakongera kubaho.28

Umukristo nyakuri wese azajya ategeka irari n'iruba bye. Ntiyabasha kuba umunyakuri keretse abatuwe ku bubata n'ubuhake bw'irari, akaba umugaragu wumvira wa Kristo. Gutegekwa n'irari ry'inda n'iruba ni byo bituma ukuri kutagira icyo kumarira umutima.29

Iherezo rikomeye ryo kwihangana Yesu yihanganiye mu butayu atarya ryari iryo kutwigisha akamaro ko kwiyanga no kwirinda. Uyu murimo ukwiriye gutangirira ku meza yacu maze ugakomeza mu mibereho yacu yose. Umucunguzi w'isi yavanywe mu ijuru no gufasha umuntu mu ntege nke ze, kugira ngo mu mbaraga Yesu yamuzaniye, abashe kunesha irari n'iruba, kandi ngo abashe kuba umuneshi mu bintu byose.30

(1) MH 295-296; (2) MH 295, 296 (3) MH 299; (4) MH 302, 303; (5) CD 94; (6) IT 681; (7) CH 115; (8) 2T 352; (9) MH 302; (10) CD 95; (11) MH 302; (12) CD 357; (13) CD 339; (14) MH 325; (15) CD 340; (16) CH 114; (17) CD 175; (18) MH 384; (19) MH 304; (20) MH 321; (21) CD 178; (22) MH 305, 306; (23) MH 319, 320; (24) MH 308, 310; (25) MH 319-323; (26) MH 307; (27) 3T 485, 486; (28) 5T 135; (29) 3T 569, 570; (30) 3T 488

IGICE CYA 41

INYAMA

Imana yahaye ababyeyi bacu ba mbere ibyokurya yagambiriye ko abantu bakwiriye kurya. Byari binyuranye n'inama yayo kwica ubugingo bw'ikintu cyose cyaremwe. Nta rupfu rwagombaga kuba muri Edeni. Imbuto z'ibiti byo mu murima ni byo byari ibyokurya byo kumara inzara y'umuntu. Imana ntiyemereye umuntu kurya inyama kugeza ubwo umwuzure wari umaze gushira. Ikintu cyose cyabashaga kubeshaho umuntu cyari cyararimbuwe, ni cyo cyatumye Uwiteka, kuko byari bikwiriye yemerera Nowa kurya ku nyamaswa zitazira yari yarajyanye mu nkuge. Ariko inyama ntizari ibyokurya by'umuntu birushije ibindi gutunga umubiri.

Hanyumay'umwuzureabantu bariye inyamacyane. Imanayabonye yuko inzira z'umuntu zononekaye, kandi yuko yihaye kwishyira hejuru y'Umuremyi we afite ubwibone, kandi yikurikiriye ibyo umutima we ushaka. Nuko yemerera abo bantu baramaga kurira inyama z'inyamaswa gutubya kubaho kwabo ku ibyaha. Ntibyateye kabiri umwuzure umaze gushira, ingano y'abantu n'imyaka yabo bitangira kugabanuka vuba! 1

Uwiteka ajya gutoranyiriza umuntu ibyokurya muri Edeni, yamweretse ibyokurya birushije ibindi byose kuba byiza; igihe abitoranirije Abisiraeli yigishije icyo cyigisho. Muri bo ni ho yashatse guhera abo mu isi umugisha no kubigisha. Yabahaye ibyokurya birushije ibindi kuba byiza byaringanirijwe uwo mugambi, ntibyari inyama, ahubwo byari manu, "umutsima wo mu ijuru. "Bahawe inyama ku bwo kutanyurwa no kwivovota bitewe n'inkono z'inyama zo mu Egiputa, kandi izo nyama zari iz'igihe gito gusa. Kuzirya byateye abantu ibihumbi byinshi kurwara no gupfa. Nyamara itegeko ryo kurya ibindi bitari inyama ntabwo ryigeze ryemerwa bivuye ku mutima. Ryakomeje kuba intandaro yo kutanyurwa no kwivovota, babikorera ku mugaragaro cyangwa mu rwihisho, nyamara ntiryagizwe iry'iteka.

Igihe Abisiraeli bari bamaze gutura i Kanani, bemerewe kurya inyama z'inyamaswa, ariko bagombaga kwirinda icyabazanira ingaruka mbi. Babujijwe kurya ingurube, n'izindi nyamaswa n'inyoni n'ifi byanduye. Ku nyamaswa bemerewe kurya, babujijwe rwose kurya urugimbu n'amaraso.

Izo nyamaswa kandi zagombaga kuribwa zifite amagara mazima gusa. Inyamaswa yatanyaguwe. n'iyipfushije, cyangwa itavanywemo amaraso neza, ntizagombaga kuribwa.

Abisiraeli, kubwo kureka inama Imana yabahaye yerekeye ku byokurya, bigomwe byinshi cyane. Bifuje inyama, maze basarura ingaruka yabyo. Ntibarakagera ku gitekerezo gishyitse cy'ingeso y' Imana cyangwa ngo basohoze umugambi wayo. Uwiteka "yabahaye icyo bamusabye, ariko imitima yabo iyishyiramo konda." Zaburi 106:15. Bahaye agaciro iby'isi babirutisha iby'umwuka, maze ibyera bifite agaciro gakomeye yabifurizaga ntibabigeraho.

Abarya inyama baba barya ibyokurya by'impeke n'imboga bishaje; kuko ibyo bintu ari byo bitunga inyamaswa bikayikuza. Ubugingo bwari mu byokurya by'impeke no mu mboga bijya mu cyabiriye. Natwe tukabibona turiye inyama z'inyamaswa. Mbega uburyo byarushaho kuba byiza tubyironkeye ubwacu, tubiboneshejwe no kurya ibyokurya Imana yaduhereye kurya!2

Inkomoko y'Umuze no Kurwara

Ntabwo inyama zigeze ziba ibyokurya biruta ibindi; noneho kuzirya ni bibi incuro ebyiri, kuko indwara zo mu nyamaswa zigwira vuba. Iyaba akenshi babashaga kubona izo nyamaswa zikiri nzima maze bakamenya uko nyama barya zimeze, baziretse bakazizinukwa. Abantu bahora barya inyama zuzuwemo n'igituntu n'udusimba tw'ikimungu (kanseri). Igituntu, ikimungu, n'izindi ndwara zica, uko ni ko zandura.3

Kurya inyama byongera kwandura indwara incuro cumi.4

Inyamaswa zifite indwara kandi iyo turiye inyama zazo, tuba twishyize imbuto z'indwara mu mubiri no mu maraso. Hanyuma twajya ahantu haba ubuganga, tukazirwara; ubundi kandi iyo tugiye aho indwara y'icyorezo cyangwa izindi ndwara zandura zateye, umubiri ntubasha kurwanya iyo ndwara.

Nkurikije umucyo Imana yampaye, gukwira kw'ikimungu n'ibibyimba biterwa cyane cyane no kurya inyama z'intumbyi.5

Ahantu henshi ifi zanduzwa cyane cyane n'imyanda zirya. ikaba ari yo mpamvu itera abantu indwara. Ibyo biba cyane cyane aho ifi zihurira n'imyanda iva mu midugudu minini. Ifi zirya ibiba mu miyoboro y'amazi zishobora kujya kure aho amazi ari maze zikarobwa ahari amazi aboneye kandi meza. Nuko zaribwa zigatera indwara n'urupfu abantu batibwiraga kubona.

Amaherezo yo kurya inyama ntibishoboka ko aherako amenyekana; ariko ibyo si byo bihamya yuko ntacyo zitwara. Abantu bake ni bo bashobora kwemezwa yuko inyama bariye ari zo zaroze amaraso yabo maze zikabatera uko kubabara. Abenshi bapfa bazize indwara zitewe no kurya inyama, ariko iyo impamvu ntibashe kuzirikanwa na bo cyangwa n'abandi.6

Ingurube Ni Igihumanya Kuri Mwe

Inyama z'ingurube zuzuwemo n'inzoka nyinshi. Imana yavuze iby'ingurube iti: "Ni igihumanya kuri mwe. Inyama zazo ntimukaziryе, n'intumbi zazo ntimukazikoreho. Gutegeka kwa Kabiri 14:8. Iri tegeko ryatangiwe kuko inyamaz'ingurube zidakwiriye kuba ibyokurya. Ingurube zikuraho imyanda yose, kandi ni yo mpamvu gusa yatumaga zitungwa. Ntabwo byigeze bibaho ku buryo ubwo ari bwo bwose, ngo inyama zazo ziribwe n'abantu. Ntibishoboka yuko inyama z'icyaremwe cyose ziba nziza kandi kamere yacyo ari umwanda, kandi kirya ibiteye isesemi.7

Inyama z'ingurube, nubwo ari ibyokurya biribwa n'abantu benshi cyane, ni zo mbi kurusha ibindi byokurya byose. Imana ntiyabujije Abaheburayo kurya inyama z ingurube ari ugushaka kwerekana ububasha bwayo gusa, ahubwo ni uko zitari ibyokurya bikwiriye umuntu. Zuzuza mu mubiri ibibyimba by'igituntu bikunda kuboneka ku ijosi, kandi zigatera ibibembe cyane cyane mu gihugu gishyuha, n'indwara z'uburyo butari bumwe. Uko zigenzereza umubiri mu gihugu gishyuha ni byo bibi kuruta uko ziwugenzereza mu gihugu gikonja... Inyama z'ingurube zitera amaraso kuba mabi kurusha izindi nyama zose. Abazirya uko bashaka nta kibabuza kurwara.8

Cyane cyane imitsi yumva mitoya yo mu bwonko igira intege nke, maze ubwonko bugacura umwijima ibyera ntibitekerezwe, ahubwo bigasubizwa inyuma nk'ibintu bindi bisanzwe.9

Abibcra mu gasozi ibihe byose ntibamenya amaherezo mabi yo kurya inyama z'ingurube. nk'abahora imuhira ibihe byose n'abakunda guhora bicaye. n'abakoresha ubwenge bwabo.10

Ingaruka y'Inyama z'Ingurube Mu Bwenge no mu Mutima

Ububi bwo kurya inyama ntibugira uko bwavugwa, birenze uko zitera indwara. Inyama zangiza ubuzima, kandi icyangije umubiri cyangiza ubwenge n'umutima.11

Kurya inyama bihindura umuntu bikamuteramo imico ya kinyamaswa. Turemwe mu byo turya, kandi kurya inyama bizagabanya imbaraga z'ubwenge. Abigishwa bashobora kwiga neza ibyigisho byabo

baramutse badakojeje inyama mu kanwa. Igihe umugabane wa kinyamaswa w'umuntu utewe imbaraga no kurya inyama, imbaraga z'ubwenge ziragabanyuka.12

Igihe ibyokurya bikwiriye kuba iby'ubwoko bworoheje cyane, ni iki. Abana bacu ntibakwiriye guhabwa inyama. Umumaro wazo ni ukubyutsa no gutera imbaraga iruba ribi, kandi zica imbaraga y'ubwenge bw'ingeso nziza.13

Ubugorozi bukomeye cyane bukwiriye kuboneka mu bantu bavuga yuko bategereje kugaruka kwa Kristo vuba. Ubugorozi bwMby' umuzemuke bukwiriye gukora umurimo butari bwakora mu bantu bacu. Hariho bamwe bakwiriye gukanguka bagahunga akaga ko kurya inyama, baracyarya inyama, bagashyira mu kaga ubuzima bw'umubiri, ubw'ubwenge n'ubw'iby'umwuka. Abenshi bahindutse by'igice gusa ku byerekeye ku kurya inyama bazava mu bantu b'Imana, be kongera kugendana nabo ukundi.14

Abavuga kobemeraiby'ukuri bakwiriye kurindaimbaragaz'umubiri n'iz'ubwenge bitonze. kugira ngo be gukoza isoni Imana n'umurimo wayo biturutse ku magambo cyangwa ku mirimo byabo. Dukwiriye kwitondera ibyokurya byacu. Neretswe yuko ubwoko bw'Imana bukwiriye guhagarara bushikamye mu byo kwanga inyama. Mbese mu myaka mirongo itatu Imana yahaye abantu ubutumwa buvuga yuko niba bashaka kugira amaraso meza rf ubwenge busobanukiwe bakwiriye kureka kurya inyama idashaka ko bumvira ubwo butumwa? Kurya inyama bitera kamere ya kinyamaswa gukomera maze kamere y'umwuka ikagira intege nkeya.15

Ibyigisho Byerekeye ku Guhinduranya Ibyokurya

Ni ifuti gutekereza yuko imbaraga z'imihore ziterwa no kurya inyama. Umubiri ubasha guhabwa ibyo ukeneye neza kurutaho, kandi ukarushaho kugira amagara akomeye cyane umuntu ataziriye.

Ibyokurya by'impeke, hamwe n'amatunda n'ububemba, n'imboga, birimo ibyokurya byose bikwiriye bituma amaraso aba meza. Ibyo bitunga umubiri rero ntibibasha kuboneka cyane mu nyama. Iyaba kurya inyama byarabaye ikintu cy'ingenzi ku magara no ku mbaraga,

inyama ziba zarashyizwe mu byokurya byahawe umuntu mbere na mbere.

Igihe abarya inyama baziretse, kenshi biyumvamo intege nkeya, bakabura imbaraga. Abenshi bogagiza ibyo, bahamya yuko inyama ari ibyokurya by'ingenzi; ariko impamvu ni uko ibyokurya by'ubwo bwoko bikangura imbaraga, kuko bihindishaamaraso umuriro kandi bigatera imitsi yumva kwikanga, bababura bakagira intege nke. Bamwe birabakomerera kureka kurya inyama nk'uko bikomerera umusinzi kureka umusa w'inzoga, ariko icyarushaho kubabera cyiza ni uguhindura. Igihe inyamaziretswe, mu kigwi cyazo hakwiriye kujya ibyokurya by'amoko y'impeke, ububemba, imboga, n'amatunda, bibasha gutunga umubiri kandi bikaryoha. Ibyo bikwiriye cyane cyane abanyantegenke, cyangwa abaremerewe n'imirimo idahagarikwa.16

Cyane cyane ahantu inyama zitari ibyokurya by' ingenzi, guteka neza bikwiriye kuba ikintu cy'ingenzi. Hakwiriye kubaho ibintu biringanijwe mu kigwi cy'inyama, kandi ibyo bijya mu kigwi cy'inyama bikwiriye kuringanizwa neza, kugira ngo inyama ze kwifuzwa.17

Nziranye n'ab'ingo baretse kurya inyama barahindura barya ibyokurya bya gikene. Ibyokurya byabo babitetse nabi cyane bigatuma igifu kibizinukwa, kandi abo bambwiye yuko ubugorozi bw'umuzemuke batashobokanye na bwo bambwiye yuko bagabanutse imbaraga z'umubiri. Ibyokurya bikwiriye kuringanizwa mu buryo bworoheje nyamara bwiza bituma umuntu abigirira irari.18

Uwiteka agira itorero ryasigaye inama yo kureka kurya inyama, kunywa icyayi n'ikawa, n'ibindi byokurya byonona umubiri ku bwo kurigirira neza. Hariho ibindi bintu byinshi bikwiriye amagara mazima kandi byiza tubasha gusimbuza ibyo.

Kurya inyama bizashiraho, mu bategereje kuza k'Umwami; inyama zizareka kuba mu mugabane w'ibyokurya byabo. Dukwiriye kujya dutekereza iherezo ry'ibyo, maze tugahirimbanira kubyitaho dukomeje.19

Imbaraga z'ubwenge n'iz'umutima n'iz'umubiri bigabanurwa no guhora urya inyama. Kurya inyama byonona umubiri, byijimisha

ubwenge, kandi bikagabanura ubwenge bwo kumenya ibyiza n'ibibi. Bene Data na bashiki bacu, turababwira tuti: Ubugingo bwanyu buzabona amahirwe menshi cyane, nimureka kurya inyama. 20

(I) CD 373; (2) MH 311 -313; (3)MH 313; (4) 2T 64; (5) CD 386-388; (6) MH 314,315, (7)MH 313, 314; (8) CD 392, 393; (9) 2T 96; (10) CD 393; (11) MH 315;(12) CD 389; (13) 2T 352; (14) CH 575; (15) % CD 383; (16) MH 316; (17) CD 384; (18) 2T 63; (19) CD 380, 381; (20) 2T 64.

IGICE CYA 42

GUKIRANUKA MU BY'UBUGOROZI BW'IBY'UMUZE MUKE

(UBUSOBANURO: Ubu butumwa bwibutsa iby'ingingo zikomeye z'iby'ubugorozi bw'iby'umuzemuke byanditswe na Madame E.G. White ari mu nama iheruka yagiyemo y'Inteko Nkuru Rusange ya Conference Generale yabaye mu mwaka wa 1909. - Abanditsi.)

Mbwiwe gushyira abantu bose ubutumwa bwerekeye ku by'ubugorozi bw'iby'umuzemuke, kuko benshi bamaze gusubira inyuma bakareka kumvira amategeko y'ubugorozi bw'iby'umuzemuke.

Umugambi Imana ifitiye abana ni uko bakura bakagera ku rugero rushyitse rw'abagabo n'abagore muri Kristo. Kugira ngo bakore ibyo, bakwiriye gukoresha neza imbaraga yose y'ubwenge, iy'umutima n'iy'umubiri. Ntibakwiriye gupfusha ubusa imbaraga yose y'ubwenge cyangwa iy'umubiri.

Ikibazo cy'uburyo bwo kugira amagara mazima ni cyo cya mbere. Nitwiga icyo kibazo twubaha Imana tuzasanga yuko kwiyoroshya mu byokurya ari byiza kuruta ibindi byose ku bw'amajyambere yacu y'umubiri n'ay'umwuka. Nimutyo twige iki kibazo twihanganye. Dukennye ubwenge no gusobanukirwa kugira ngo twigane icyo kibazo ubwenge. Amategeko Imana yahaye ibyaremwe ntakwiriye kurwanywa, ahubwo akwiriye kumvirwa.

Abamaze kwigishwa ibyerekeye ibibi bituruka ku kurya inyama, kunywa icyayi n'ikawa, no kurya ibyokurya byinshi bidatera kugira amagara mazima, kandi bakaba bagambirira gusezeranisha Imana isezerano ibitambo, ntibazakomeza kurarikira ibyokurya bazi ko atari byiza. Imana ishaka yuko irari ryezwa, kandi ko hakorwa ibyo kwiyanga byerekeye ku bintu bitari byiza. Uyu ni umurimo uzaba ukwiriye gukorwa ubwoko bwayo butarahagarara imbere yayo bukiranutse.

Ubwoko bwasigaye bw'Imana bukwiriye kuba ubwoko bwahindutse. Kwamamaza ubutumwa gukwiriye kuboneka mu biganiro no mu kwezwa kw'imitima. Dukwiriye kwiyumvamo imbaraga y'Umwuka w'Imana muri uyu murimo. Ubu ni ubutumwa butangaje bw'ukuri; ubwakiriye wese aba yiyumvishije agaciro kabwo, kandi bukwiriye kwamamarishwa ijwi rirenga. Dukwiriye kugira kwizera k'ukuri kugumaho, kugira ngo ubwo butumwa bukuze amajyambere bufite abaciro gakomeye kugeza ku iherezo ry'igihe.

Hariho bamwe bavuga ko ari abizera bemera imigabane imwe y'ibitabo by'Ubuhamya (Testimonies) ko ari ubutumwa bw'Imana, bagahakana imigabane icira iteka ibyo bishimira bakunze. Bene abo bantu baciye ukubiri no kwigirira neza ubwabo no kugirira neza itorero. Igikwiriye ni uko tugendera mu mucyo tugifite umucyo. Abavuga yuko bemera iby'ubugorozi bw'iby'umuzemuke, nyamara bakanyuranya n'ingeso zabyo mu migirire y'imibereho yabo ya buri munsi, bababaza imitima yabo ubwabo kandi bakagira imibereho mibi itekerezwa nabi ifubwenge bw'abizera n'abatizera.

Imbaraga Zituruka ku Kumvira

Inshingano ikomeye iri ku bazi iby'ukuri. kugira ngo imirimo yabo yose ihwane no kwizera kwabo, kandi ngo imibereho yabo itunganywe kandi yezwe, maze bitegurire gukora umurimo ukwiriye kurangizwa muri iyi minsi y'iherezo y'ubutumwa. Ntibafite igihe cyangwa imbaraga byo gukoresha mu byo kwimara ishwira. Aya magambo akwiriye kutugeraho ubu n'umwete mwinshi avuba ngo: "Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe, ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza, ituruka ku Mwami Imana." Ibyakozwe n'Intumwa 3:19. Hariho benshi muri twe batagira icyo bafite mu

by’umwuka, kandi bazazimira rwose, keretse nibahinduka burundu. Mbese mushobora kwishyira mu kaga?

Imana ishaka ko ubwoko bwayo bukuza amajyambere. Dukwiriye kwiga yuko irari ari igihindizo gikomeye kurusha ibindi byose kibuza ubwenge gukuza amajyambere kandi kikabuza umutima kwezwa. Nubwo tuvuga iby’ubugorozi bw’iby’umuzemuke, abenshi muri twe barya mu buryo budatunganye. Kwishimira irari ni byo ntandaro ikomeye cyane yo kugira intege nke z’umubiri n'iz'ubwenge kandi bikizimba cyane kuba urufatiro rw’intege nke no gukenyuka. Umuntu ushaka kugira kwera k’umwuka akwiriye guhora yibuka yuko muri Kristo hari imbaraga itegeka irari.

Iyaba hari inyungu twakuraga ku kurarikira inyama. sinakwiriwe mbahendahenda ntya; ariko nzi yuko ntayo dukuramo. Abari ahantu hashobora kuboneka ibyokurya by’imboga, ariko bagahitamo gukurikiza ibyo bishakiye, bakarya kandi bakanywa uko bashaka, bazakura buhoro buhoro basuzugura iby’Uwiteka yigishije byerekeye ukuri kuriho ubu kandi ntibazabasha kurabukwa ukuri; bazasarura rwose icyo babibye.

Nabwiwe yuko abigishwa bo mu mashuri yacu badakwiriye kugaburirwa inyama cyangwa ibyokurya bazi ko ari bibi. Nta kintu kibyutsa umubiri gikwiriye gushyirwa ku meza. Ndahendahenda abasaza n’abasore n’ibikwerere. Nimwange irari mugira ry’ibintu bibagirira nabi. Mukoreshereze Uwiteka kwitambaho ibitambo.

Hariho bamwe biyumvamo ko batabaho batariye inyama; ariko iyo baba barishyize mu ruhande rw’Uwiteka, bakagambirira kugendera mu nzira abayoboye bakomeje, baba barahawe imbaraga n’ubwenge nk’ibyo Danieli na bagenzi be bahawe. Bari kubona yuko Uwiteka yari kubaha ubwenge bwinshi. Abenshi baba baratangangajwe no kubona abantu benshi bakirizwa gukora umurimo w'Imana bakijijwe n’imirimo yo kwitanga. Ibyatanzwe ari bike biturutse ku mirimo y’ubwitange bizakora umurimo ukomeye wo gukomeza umurimo w’Imana kurusha ibyatanzwe ari byinshi bidaturutse mu kwiyanga.

Guhamagarirwa Gushikama

Abadvantisti b'umunsi wa karindwi bafite umurimo ukomeye cyane. Mu myaka isaga mirongo ine(mu 1864) Uwitekayaduhaye umucyo ukomeye w'iby'ubugorozi bw'iby'umuzemuke, ariko se tugendera muri uwo mucyo dute? Mbega ubwinshi bw'abanze kugira imibereho ifatanije n'inama z'Imana! Dukwiriye gukuza amajyambere ahwanye n'umucyo twakiriye. Ni inshingano yacu gusobanukirwa no kubaha gahunda z'ubugorozi bw'iby'umuzemuke. Ku byerekeye kwirinda dukwiriye kuba imbere y'abandi bantu bose; nyamara muri twe harimo abakristo bo mu i torero bigishijwe neza, ndetse n'abagabura b'ubutumwa, batumvira nk'uko bikwiriye umucyo Imana yabahaye werekeye kuri iyo ngingo. Barya uko bishakiye kandi bagakora uko bishakiye.

Abigisha n'abayobozi bo mu murimo wacu nibahaguruke bahagarare bashikamye kuri Bibiliya ku byerekeye ubugorozi bw'iby'umuzemuke, maze bahamirize abizera beruye ko turi mu minsi y'imperuka y'iyi si. Igitandukanya gikwiriye gushyirwa hagati y'abakorera Imana n'abikorera ubwabo. Neretswe yuko ibyo twigishijwe mu gihe cya mbere cy'ubutumwa ari ingenzi kandi bikwiriye kwitabwaho muri iki gihe nk'uko byitabwagaho kera. Hariho bamwe batigeze bakurikiza umucyo watanzwe w'ibyerekeye ibyokurya. Ubu ni cyo gihe.

Ibyigisho by'imibereho y'umuzemuke bifite ikintu gikomeye bisobanurira umuntu wese uri muri twe. Igihe ubutumwa bw'iby'umuzemuke, bwangeragaho, nari umunyantegenke, ndakomeye, ngahora ndabirana. Nasabaga Imana kumfasha, nuko inyigisha icyigisho gikomeye cy'ubugorozi bw'iby'umuzemuke. Yanyigishije yuko abakomeza amategeko yayo bakwiriye kugirana nayo isano yo kwera, kandi kubwo kwirinda mu byo kurya no mu byo kunywa bakwiriye kurinda umutima n'umubiri mu buryo butunganiye umurimo. Uwo mucyo wambereye umugisha ukomeye. Narahagurutse mba umugorozi w'iby'umuzemuke. nzi yuko Imana izampa imbaraga. Mfite amagara arushijeho kuba mazima muri iki gihe, nubwo ndi umukecuru, kuruta ayo nari mfite nkiri inkumi.

Bamwe bavuze yuko ntakurikije ingeso z'ubugorozi bw'iby'umuzemuke nk'uko mbivugisha ikaramu yanjye; ariko mbasha

kuvuga yuko nabaye umugorozi w'iby'umuzemuke ukiranuka. Abo mu muryango wanjye bazi yuko ibyo ari ukuri.

Mujye Mukorera Byose Guhimbaza Imana

Nta tegeko rihamye dutegeka ko rikurikizwa mu byokurya; ariko icyo tuvuga ni uko mu bihugu birimo amatunda, n’ibyokurya by’impeke, n’ububemba bwinshi, inyama atari ibyokurya bitunganye ku bwoko bw’Imana. Nigishijwe yuko inyama zitera kamere y’umuntu kuba nk’iy’inyamaswa, zambura abagabo n'abagore urukundo n’impuhwe bakwiriye kugirirana, kandi zigatera iruba ribi kuba ari ryo ritegeka imbaraga z’umuntu. Niba hari ubwo inyama zigeze kuba ibyokurya bitunga umubiri, noneho zirimo akaga. Ikimungu, ibibyimba, n'indwara zo mu bihaha, ziterwa cyane no kurya inyama.

Gukoresha inyama ntidukwiriye kukugira ikigeragezo cy’ubuyoboke, ariko dukwiriye kuzirikana icy’imibereho y’abarya inyama ikora ku bandi. Nkatwe intumwa z Imana mbese ntidukwiriye kubwira abantu tuti: “Namwe iyo murya, cyangwa munywa, cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana?” 1 Abakorinto 10:31. Mbese ntidukwiriye kugira ubuhamya bukomeye burwanya kugira irari ribi? Mbese abagabura b'ubutumwa, bamamaza ukuri gufite icyubahiro gikomeye bwahawe abapfa, bazerekanira icyitegererezo ku nkono zo mu Egiputa? Mbese abatunzwe n'icya cumi kiva mu nzu y’ububiko y’Imana bazemera babitewe no kwinezeza kuroga amaraso atanga ubugingo atemba mu mitsi yabwo? Mbese bazasuzugura umucyo n’imiburo Imana yabahaye? Amagara y’umubiri akwiriye kurebwa yuko ari ingenzi ku bwo gukurira mu buntu no kugira ingeso ziboneye. Niba igifu kitarinzwe neza, gutungana, n’ingeso nziza bizakomwa mu nkokora. Ubwonko n’imitsi yumva bigirira ibambe igifu. Gucumura mu kurya no mu kunywa bitera gucumura mu gutekereza no mu mirimo.

Twese ubu turiho turageragezwa kandi turasuzumwa.

Twabatirijwe muri Kristo, none niba dukora uwacu mugabane tubikoresheje kwitandukanya n’ikintu cyose kibasha kudukururira hasi no kudutera kuba uko tudakwiriye kuba, tuzahabwa imbaraga yo gukurira muri Kristo, umutwe wacu uhoraho, kandi tuzabona agakiza k'Imana.

Igihe turi abanyabwenge ku byerekeye imibereho y'umuzemuke nibwo tubasha gukangukira kureba ibibi bituruka ku byokurya bibi. Abamaze kubona amafuti yabo, bakagira ubutwari bwo guhindura ingeso zabo, bazabona yuko inzira yo kugorora igomba gushebeka no kwihangana kwinshi; ariko mu gihe bazaba bamaze kubigenzura, bazamenya yuko kurya ibyokurya bahoze bareba ko ntacyo bitwaye, buhoro buhoro ari byo byabateraga kumererwa nabi mu gifu no kurwara izindi ndwara.

Babyeyi b'abagabo n'abagore, mujye mubera maso gusenga. Mwitondere kurwanya kutirinda k'uburyo bwose mukomeje. Mujye mwigisha abana banyu ibyigisho nyakuri by'umuzemuke. Mubigishe ibyo bakwiriye kwirinda kugira ngo bagire umuzemuke. Umujinya w'Imana i wamaze kugera ku bana batumvira. Mbega ibibi bikomeye, mbega ibyaha, mbega imirimo mibi yo gukiranirwa, ngo biragaragara impande zose! Twebwe twese dukwiriye kwitonda bikomeye, tukarinda abana bacu kubana n'incuti mbi.

Nimwigishe Abantu

Hakwiriye kubaho umwete urushijeho gukomera wo kwigisha abantu iby'umuzemuke. Amashuri yo kwigisha guteka akwiriye guhangwa, kandi ibyigisho by'umwuga wo guteka ibyokurya bikwiriye amagaray'abantu bikigishwa mu nzu yose. Abakecuru n'inkumi bakwiriye kwigishwa uburyo bwo guteka bworoheje. Aho ukuri kwigishwa hose abantu bakwiriye kwigishwa kuringaniza ibyokurya mu buryo bworoheje kandi butuma biryoha. Bakwiriye kwerekwa yuko ibyokurya bitunga umubiri bishobora kuringanizwa badakoresheje inyama.

Mujye mwigisha abantu yuko ari byiza cyane kumenya uburyo bwo kwirinda kuruta kuvura indwara. Abavuzi bacu bakwiriye kuba abigisha b'abanyabwenge, bakaburira abantu bose bababuza kwinezeza kandi bakabereka yuko kureka ibintu Imana yabuzanije ari yo nzira rukumbi yo kubuza umubiri n'ubwenge kurimbuka. Ubwenge bwinshi n ubwitonzi bikwiriye gukoreshwa mu kuringaniza ibyokurya byo gusimbura bya bindi byari ibyokurya by'abiga kuba abagorozi b'iby'umuzemuke. Kwizera Imana, kugira umwete w'icyo ugambiriye, no kwemera gufashanya ni byo bishakwa. Ibyokurya bibuzemo

ibikwiriye byo gutunga umubiri bitera umurimo w'ubugorozi bw'amagara mazima kuvugwa nabi. Turi abantu bapfa, none dukwiriye kwitungisha ibyokurya bigaburira umubiri neza.

Kurenza Urugero Byonona Ubugorozi bw'Iby'Umuzemuke

Igihe abantu bamwe bacu bagambiriye kwigomwa ibyokurya bidakwiriye, birengagiza kwigaburira ibikwiriye bibasha gutunga umubiri. Abarenza urugero mu by'ubugorozi bw'iby'umuzemuke bari mu kaga ko gushyira ibyokurya bibishye ku masahani, bakabibishya cyane bituma biba bitanejeje. Ibyokurya bikwiriye kuringanizwa mu buryo butuma biryoha kandi bigirira umubiri akamaro. Ntibikwiriye kwamburwa ibyo umubiri ushaka. Nkoresha umunyu, kandi nabikoze kenshi, kuko umunyu mu kigwi cyo kugira icyo utwara, ari mwiza ku maraso. Imboga zikwiriye kuryoheshwa amata make cyangwa urukoko, cyangwa ikindi kintu kimeze nka byo. Ubwo hatanzwe imiburo yerekeye ku kaga k'indwara zandurirwa mu mavuta y'inka, n'ibibi bituruka ku gukoresha amagi ku bana, ntidukwiriye gutekereza ko ari ubugizi bwa nabi gukoresha amagi y'inkoko zirindwa neza kandi zikagaburirwa mu buryo bukwiriye. Mu magi harimo imbaraga zibasha kuba imiti yo gukingira ubumara bumwe na bumwe.

Bamwe bibujije kunywa amata, kurya amagi n'amavuta y'inka, bananirwa kugaburira umubiri ibyokurya bikwiriye, nuko ingaruka yabyo iba kugira intege nke no kunanirwa gukora. Uko ni ko ubugorozi bw'iby'umuzemuke bigira imvugo mbi. Umurimo twagerageje kubaka mu buryo bukomeye watewe imivurungano n'ibintu by'inzaduka Imana idashaka, maze imbaraga z'itorero ziraremara. Ariko Imana izadutabara iturinde ibyaturuka kuri iyo migambi ikabije. Ubutumwa bukwiriye gufatanirizahamweabantu bacumuye. Ni ugukoranirizaabakiren'abakene ku birenge bya Yesu.

Hariho igihe kizaza ubwo tuzaba dukwiriye kureka ibintu bimwe mu byo kurya dukoresha, nk'amata n'urukoko n'amagi; ariko ntidukwiriye kwizanira guhagarika umutima bitewe no kubikora igihe kitaragera, no gukabya mu gihe tugira ibyo twibuza. Mube muretse kugeza ubwo bizaba, kandi Uwiteka arategura inzira yabyo.

Abashaka kugira amajyambere mu byo kwamamaza ibyigisho by'ubugorozi bw'iby'umuzemuke bakwiriye kugira ijambo ry'Imana umuyobozi n'umujyanama wabo. Abigisha b'ibyigisho by'ubugorozi bw'iby'iby'umuzemuke nibakora ibyo ni ho bazabasha guhagarara bashikamye. Nimutyo twe kuzahemukira ubugorozi bw'iby'umuzemuke tubikoresheje kunanirwa gukoresha ibyokurya biryoshye mu cyimbo cy'ibyokurya byangiza twamaze kureka. Muramenye ntimuzahe urwaho irari ry'ibikangura umubiri. Mujye murya ibyokurya bisanzwe, byoroheje, bikwiriye umubiri, kandi mujye muhora mushimira Imana ihirwe ry'ubugorozi bw'iby'umuzemuke. Mujye mubaabanyakuri n'abakiranutsi mu bintu byose, amaherezo muzanesha bihimbaje.

Kuzirikana Uko Ahantu Hameze

Mu gihe turiho turwanya kugira inda nini no kutirinda, dukwiriye kumeya urugero ab'urugo barimo. Imana yaringanije ibikwiriye gutunga abantu batuye mu bihugu bitari bimwe byo mu isi. Abifuza kuba abakozi bafatanyije n'Imana bakwiriye kuzirikana bitonze mbere yo kurobanura ibyokurya bikwiriye kuribwa n'ibidakwiriye kuribwa. Dukwiriye kubana n'abantu. Iby'ubugorozi bw'iby'umuzemuke biramutse byigishijwe mu buryo bukabije ku bafite inkomyi zibabuza kubikurikiza, mu cyimbo cyo gukiza byakwangiza. Iyo mbwiriza ubutumwa mu bakene, nigishijwe kubabwira kurya ibyokurya bishobora gutunga umubiri. Ntabwo mbabwira nti, “Ntimukwiriye kurya amagi, no kunywa amata, no kurya urukoko. Ntimukwiriye gukoresha amavuta mu byokurva.” Ubutumwa bukwiriye kubwirizwa abakene, ariko igihe ntikiragera cyo gutegeka ibyokurya bikwiriye kuribwa.

Nibwo Imana Ibasha Kubaha Umugisha

Abagabura biyumvamo umudendezo wo kunezeza irari bari hasi cyane y'urugero. Imana ishaka yuko baba abagorozi b'iby'umuzemuke. Ishaka yuko bagira imibereho ihwanye n'umucyo watanzwe werekeye kuri iki kintu. Njya mbabara iyo mbonye abakwiriye kugira ishyaka ry'ibyigisho byacu by'umuzemuke, batarahinduka ngo bagire imibereho y'uburyo bukwiriye. Ndasaba Uwiteka ngo yumishe ubwenge bwabo yuko bihombya cyane. Iyaba ibintu byarabaye nk'uko byari bikwiriye kuba mu ngo zigize amatorero yacu, tuba twarakoze umurimo w'Uwiteka incuro ebyiri.

Kugira ngo Abadvantisti b'umunsi wa karindwi bezwe kandi bakomeze kuba abera. Bakwiriye kugira Umwuka Wera mu mitima yabo no mu ngo zabo. Uwiteka yampaye umucyo yuko Abisiraeli bo muri iki gihe nibicisha bugufi imbere yayo, kandi bakeza mu rusengero rw'umutima imyanda ihumanya yose, azumva amasengesho yabo basabira abarwayi, kandi azabaha umugisha mu gihe bavuza indwara imiti yabageneye. Igihe umuntu akora ibyo ashobora byose akarwanya indwara afite kwizera, agakoresha uburyo bworoheje bw'ubuvuzi Imana yaringanije, umwete we uzahabwa umugisha n'Imana.

Ubwoko bw'Imana nibugira ingeso mbi, bukikunda kandi bukanga kugororoka bwaramaze guhafowa umucyo mwinshi, buzababazwa n'ingaruka y'ibicumuro itabura kubaho. Nibagambirira kunezeza irari ribi ku buryo bwose, Imana ntizabakirisha igitangaza ingaruka yo kwinezeza kwabo. "Bazaryamana umubabaro." Yesaya 50:11.

Yoo! Mbega uburyo abenshi babura imigisha myinshi Imana ibabikiye y'amagara mazima n'impano z'umwuka! Hariho abantu benshi barwanira kunesha no kubona imigisha kugira ngo bakore ikintu gikomeye. Amaherezo yabyo ni ukwiyumvamo ko bakwiriye kurwana, basenga, barira kandi baniha. Abo bantu bashatse mu byanditswe basenga kugira ngo bamenye ibyo Imana ishaka, bagakora ibyo ishaka babikuye ku mutima, byinononsoye, batacyishakira kwinezeza, babona uburuhukiro. Kuniha kose, kurira no kurwana intambara, ntabwo byabahesha umugisha bashaka. Inarijye ikwiriye kuneshwa rwose. Bakwiriye gukora imirimo yiyerekana, ikomotse ku buntu bw'Imana bwinshi bwasezeraniwe abasaba bafite kwizera bose.

Yesu yaravuze ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose, ankurikire," Luka 9:23. Nimutyo dukurikize Umukiza mu kwiyoroshya kwe no kwiyanga. Nimutyo twerereze Umugabo w'i Kalvari mu magambo n'imibereho yera. Umukiza yegera cyane abitanga ku Mana. Niba harigeze kubaho igihe.twari dukennye ko Umwuka w'Imana akorera mu mitima yacu no mu bugingo bwacu, icyo gihe ni iki. Nimutyo tugundire iyi mbaraga y'Imana idutera imbaraga yo kugira imibereho yo kwera no kwitanga.1

(1) 9T 153-166.